



EQUIPPING CHURCH LEADERS
• EAST AFRICA •

ITORERO: IMITERERE YARYO, UMURIMO, N'INTEGO

Byanditswe
na

Jonathan M.Menn

B.A., University of Wisconsin-Madison, 1974
J.D., Cornell Law School, 1977
M.Div., Trinity Evangelical Divinity School, 2007

Equipping Church Leaders-East Africa
3701 N. Gillett St., Appleton, WI 54914
(920) 731-5523
jonathanmenn@yahoo.com
www.eclea.net

Gicurasi 2017; cyakosowe kandi gihindurwa Nyakanga 2017

Itorero niwo muryango wonyine Yesu Kristo yatangije. Rirenze kuba ari umuryango ni “umubiri wa Kristo”—mu kwigaragaza kwa Kristo ku isi. Nk’uko biri, itorero rifitemo umumaro munini cyane. Iki gitabo kivuga imiterere y’itorero, ibiriranga, gahunda, ubuyobozi, n’imiyoborere (imyifatirre y’itorero, umubatizo, n’ameza y’umwami). Kinasobanura kandi intumbero n’intege enye z’ibanze by’itorero: kuramya, guhindura abantu abigishwa, kohereza intumwa, n’ubumwe (umwuzuro). Ku mugereka hariho urutonde rwerekana ibikoreshwa mu kurema abigishwa n’amasomo y’ubuntu ari kumbuga nkoranyambaga.

IBIRIMO

I. <u>Itorero: Iriburiro</u>	3
A. <i>Itorero ryo ku isi yose, iryaho dutuye, n’itorero rigaragara ni iritagaragara</i>	3
B. <i>Uko Bibiliya ihwanisha, ikanasobanura, itorero</i>	4
C. <i>Ibitandukanya biranga itorero</i>	5
II. <u>Itorero: Imiterere yaryo. Gahunda. Ubuyobozi. n’Imyoborere</u>	6
A. <i>Gahunda y’itorero n’imiyoborere</i>	6
B. <i>Ubuyobozi bw’itorero</i>	9
C. <i>Imyitwarire y’itorero</i>	10
D. <i>Umubatizo n’ameza y’umwami</i>	12
III. <u>Itorero: Umurimo waryo n’intego—iriburiro</u>	17
A. <i>Itorero ririhok’ubw’ubuntu bw’Imana n’Icyubahiro cy’Imana</i>	17
B. <i>Ubuzima bwa Gikristo—bityo rero ubuzima bwitorero—ni ubuzima bwuzuye</i>	17
C. <i>Imana y’ubahishwa no kwizera kwacu kugaragarira mu bikorwa by’urukunda ku mana n’abandi bantu</i>	17
D. <i>Imirimo ine shingiro n’intego by’itorero</i>	18
IV. <u>KURAMYA</u>	19
A. <i>Mbere na mbere kuramya n’umwitwarire w’imbere kandi w’umwuka ukora k’ubuzima bwacu bwose kuruta kuba ikbikorwa by’inyuma k’umubiri</i>	19
B. <i>Hariuburyobwagutse bwokuramya Imana (kubahokubw’Imananokuyikoreramubuzima bwacubwose) n’uburyo butobwokuramya Imana (kuza hamwenk’umubiri umwekuramya Umwami)</i>	19
V. <u>GUHINDURA</u>	20
A. <i>Ibyanditswe shingiro</i>	21
B. <i>Ishingiro ryo guhindura abantu abigishwa: ubutumwa bwiza</i>	21
C. <i>Ibikoresho byo guhindura abantu abigishwa</i>	25
D. <i>Imitererere n’ibiranga umwigishwa ukuze</i>	29
VI. <u>Umwihariko ku mahugurwa meza yo guhindura abantu abigishwa</u>	32
A. <i>Amatsinda yo guhindura abantu abigishwa</i>	33
B. <i>Ibigaragaza itisinda ryiza ryo guhindura abantu abigishwa</i>	35
C. <i>Urugendo rwo kuba umwigishwa</i>	38
D. <i>Intambwe zo guhindura umuntu umwigishwa bigomba no kuba umuntu abiyigisha</i>	40
E. <i>Guhindura abantu kuba abigishwa: umwanzuro</i>	41
VII. <u>Umurimo mw’itorero</u>	41
A. <i>Igikorwa cy’itorero, cyane cyane abayobozi b’itorero, ni uguha ubushobozi no gufasha abantu bo mu itorero gukora imirimo yabo</i>	42
B. <i>Umurimo ureba abantu bose mw’itorero si abashumba gusa</i>	45
C. <i>Umurimo mu itorerero usaba gukorwa mu “bifatika” kimwe kandi no gukoramu buryo “bw’umwuka”</i>	46
VIII. <u>IVUGABUTUMWA</u>	49
A. <i>Iyanditswe ishingiro</i>	50
B. <i>Itorero rihamagarirwa guhindura abantu abigishwa kw’isi hose</i>	50
C. <i>Itorero ryahamagariwe kuba umuhamba wa Kristo riba intangarugero mu gukora imirimo myiza kw’isi</i>	51
IX. <u>Ibigaragaza umurimomwiza</u>	53
A. <i>Kugirango itorero rikore ubumisiyoneri rigomba guhindura imyumvire yaryo</i>	53
B. <i>Kugirango itorero rirusheho gukora ubumisiyoneri rigomba guhindura ibyo rifatiraho rireba “itorero rihagaze neza”</i>	56
C. <i>Kugirangobumisiyoneribugerweho, umutungow’itorerougombagushyirwamubijyanye n’umurimo</i>	

<i>w'ivugabutumwa mbere ya byose</i>	57
D. Ingero z'ivugabutumwa ry'abamisiyoneri	60
X. UBUMWE (UBWUZURE)	61
A. Ubumwe n'ubwuzure by'itorero bituruka ku miterere y'itorero.	62
B. Ubumwe n'ubwuzure by'itorero bituruka kubyo Kristo yakoze	63
C. Ubumwe n'ubwuzure by'itorero ni ingenzi ku buhamya bw'itorero mw'isi	63
D. Ubumwe n'ubwuzure bigombakugaragara munzegotose—ku muntu kugiti cye; numibanire mu itorero ryabo; no hagati y'amatorero atandukanye n'amadini	63
E. Ubumwe n'ubwuzure mw'itorero bigaragara mu buryo butandukanye	64
F. Ubumwe n'ubwuzure bizatanga umusaruro igihe itorero rikora igikwiye gukorwa	64
XI. Itorero: Umwanzuro	65
IBITABO BYIFASHIJWE	65
UMWANDITSI	73
UMUGEREKA 1—AMATEKA Y'IMYIGISHIRIZE: UBUMENYI KU ITORERO	73
UMUGEREKA 2—IBYAKWIFASHISHWA N' AMASOMO MU GUHINDURA ABIGISHWA	78

I. Itorero: Iriburiro

- “Itorero si inyubako. Itorero ni abantu. . . . *Ekklesia*, ijambo ry’Ikigiliki risonanura ‘itorero’ mu Isezzerano Rishya ntanarimwe ryerekeza ku nyubako cyangwa imyubakire. Ekklesia kwari uguteranira hamwe kw’abantu. . . . Ariko birenze ihuriro ry’abantu; ni umuryango mushya. . . . Iyo dukurikiye Kristo, duhinduka abayoboke b’itorero—rye kandi ukwiyemeza kwacu ku bw’ itorero ntigutandukanywa nuko twiyemeza tumwiyegurira [reba **Mat 16:15-18; 22:36-40; 25:31-46; Ibyak 20:28; 1 Kor 12:12-27; Gal 6:10; 1 Yoh 3:14; 4:19-20**].” (Colson 1992: 64-65)
- “Ubutumwa bwiza bwa Bibiliya burenze guhinduka k’umuntu wibikiye umwanya mu ijuru. Ni kiganiro kivuga Yesu Kristo nk’Umwami. . . . Ubutumwa buduhindurira imitima yacu, intekerezo, n’ubutunzi, ariko bunaduhindura ikindi kintu. Iyo duhindutse, tuba duhindutse kubwa Kristo, ndetse no kubw’itorero no kubw’umurimo. . . . Kudahindikira kubw’itorero no kubw’umurimo ni ukutakira ubutumwa bwiza.” (Dodson 2012: 108, 116)
- Ni kubw’ubuntu bw’Imana kubaho kw’ iteraniriro ry’abizera ryemererwa guterana kumugaragararo mu isi basangira ijambo ry’Imana n’imihango yabo. Si Abakristo bese bafite uwo mugisha. Abafunze, abarwayi, abigungiyeye ahantu hatandukanye, abavugaga ubutumwa bw’iza mu bice bishyamba baba bari bonyine. Baziko guteranira muruhame ko ari umugisha.” (Bonhoeffer 1954: 18)

A. Itorero ryo ku isi yose, iryaho dutuye, n’itorero rigaragara ni iritagaragara

Itorero ni iryo ku isi yose ndetse ni iry’aho dutuye. Ni “ abantu bese binyuze mu rupfu rwa bakijijwe bakiyunga n’imana kandi ndetse banakiriye ubuzima bushya. Ririmo abo bantu bese, haba mu ijuri cyangwa ku isi. Mu miterere yo kuba iryo ku isi hose, rinigaragariza mu matsinda yabizera agaragaza imimerere myiza nkiy’umubiri wa Kristo muri rusange.” (Erickson 1998: 1044)

1. Itorero nk’iryo ku isi yose. Ibyanditswe byinshi muri Bibiliya byerekana imiterere y’ itorero rya hose. Muri **Mat 16:18** Yesu yaravuze ati, “*Nzubaka itorero ryange kuri urwo rutare, kandi amarembo y’ikuzimu ntazarishobora.*” Kristo avugaga itorero nk’ “irye” mu buke, si mu bwinshi. Imiterere yo kuba hose kw’itorero ishimangirwa mubindi bika nko mu **Ef 1:22-23** (“*Kandi yamuhaye gutwara byose ibishyira muni y’ibirenge bye imuha itorero ngo abe umutwwe waryo usumba byose na ryo ribe umubiri we ushyitse kandi ushyikirwamo na byose*”); **Ef 3:10** (“*Kugirango muri iki gihe abatware n’abafite ubushobozi bwo mu ijururu muburyo bw’umwuka bamenyeshwe n’itorero ubwenge bw’Imana bw’uburyo bwinshi*”); **Ef 3:21** (“*Icyubahiro kibe icyayo mu itorero no muri Kristo Yesu kugeza iteka ryose ry’ibihe bidashira. Amen*”); **Ef 4:4** (“*Hari umubiri umwe*”); **Ef 5:23** (“*Kristo . . . ni umutwwe w’itorero*”); **Ef 5:25** (“*Kristo nawe yakunze itorero araryitangira*”); reba kandi **Kol 1:18, 24; Heb 12:22-23**.

2. Itorero ni iryo aho dutuye. Yesu avugaga kw’itorero ryaho dutuye arihuza n’imyifafire yaryo. Niba umuntu yakoreye undi icyaha ariko ntacire bugufi uwo yagikoreye ndetse nabahamya, uwo muntu “*abibwire itorero.*” Ahandi Bibiliya yerekana itorero nkiry’aho dutuye nu ukuvuga, itorero ryahantu hazwi, mu migi, ndetse no mu ngo. **Ibyak 9:31** havugaga “*itorero ryo muri Yuda yose na Galilaya na Samariya.*” **Ibyah 1:4** havugaga iby’ “*amatorero arindwi yo mw’Aziya*” (reba kandi **1 Kor 16:19; Gal 1:2** havugaga ku “*itorero Galatiya.*” **1 Kor 1:2** havugaga “*ib’itorero ry’Imana riri Korinto.*” **1 Tess 1:1** havugaga “*iby’itorero ry’Abatesalonike.*” **Rom 16:5; 1 Kor 16:19; Kol 4:15** na **Filimoni 2** hose havugaga iby’amatorero yahuriraga mu ngo.

3. Itorero ni iriboneka n’iritaboneka. Itorero rusange ni iritagaragara .Ibyo nibyo kuko abanyamuryango bitorero rusange “*banditswe mu ijuru*” (**Heb 12:23**); kandi “*Uwiteka azi abe*” (**2 Tim 2:19; Mat 7:21-23; Luka 13:25-27**). Wayne Grudem babivuze gutya: “Itorero ritagaragara ni itorero Imana ibona, naho itorero rigarara ni itorero Abakristo ku isi babona.” (Grudem 1994: 855, 856)

Ibi bisobanuye ko hagomba kubaho gutandukanya ibintu bibiri: abizera b’ukuri bagomba kuba abayoboke b’itorero ryaho dutuye rigaragara, kandi abayoboke b’itorero rigaragara bagomba kuba bakijijwe by’ukuri. Ikibabaje, ibi ibyanditswe byombi n’ubunararibonye bigaragaza ko iri tandukaniro buri gihe bitaba arukuri. Kubw’ibyo, Yesu yatwihanahanangirije ku ibirebana “*n’abahanuzi b’ibinyoma bambaye umwenda w’intama ariko imbere ari amasega aryana.*” (**Mat 7:15**; reba kandi **Ibyak 20:29-30** [“*Njyewe (Pawulo) nzi yuko nimara kuva aho, amasega aryana azabinjiramo ntababarire umukumbi. Kandi murimwe hazabonekamo abantu bavugira ibigoramye, kugirango bakururire abigishwa inyuma yabo.*”]). Yesu mawe yaciye umugani w’urukungu n’amasaka (**Mat 13:24-30, 36-43**) ku bwoko kurubanza rwa nyuma itorero rizatunganywa, umwami wenyine ariwe uzi imitima y’abantu (**1 Kor 1:10-13; 3:1-4; 5:1-7; 11:17-22; 1 Tim 1:3, 19-20; 4:1-3; 6:20-21; 2 Tim 2:16-18; Yuda 12-1-3; Ibyah**

2:14-15; 20-21; 3:3-4, 15-17) havuga ibice, amacakubiri, ubusambanyi, n’inyigisho zipfuye mu matorero atandukanye). Kubera ibi bihe, abayobozi b’itorero bagomba kwera “imbuto” z’ubuzima bwabo n’ubuzima bw’abantu mu itorero bayoboze (**Mat 7:16-20; 21:43; Luka 6:43-44; Yoh 15:4-5; Gal 5:22-23; 1 Tim 4:15-16**); Ibyanditswe “byihanangiriza” abantu bigomba kubwirizwa (**Mat 7:21-23; Mariko 4:1-29; 1 Kor 6:9-10; Gal 5:16-21; Ef 5:5; Heb 2:1-14; 13:4; Yak 4:4; Ibyah 21:8**); abayoboze bitorero bose bagomba gutozwa neza mu butumwa mwiza, no gushyira mu bikorwa ibyo ubutumwabwiza buvuga kuko tugomba kubaho ubuzima bwacu. Itorero rigomba gukora ibishoboka byose kugira nogo ryegereze abayoboze baryo ku kuba nka Kristo.

B. Uko Bibiliya ihwanisha, ikanasobanura, itorero

Isezerano Rishya ririmo byinshi byerekana ihwanisha ry’itorero:

- Ihwanisha rishingiye ku buhinzi: Umurima w’Imana (**1 Kor 3:9**) igiti cya elayo (**Rom 11:17-24**); Umuzabibu w’Imana (**Yoh 15:1-5**); umusaruro w’Imana (**Mat 13:1-30; Yoh 4:35; 1 Kor 3:6-8**).
- Ihwanisha rishingiye ku bworozi: Umukumbi w’Imana (**Luka 12:32; Yoh 10:15-16; 1 Pet 5:2-3**)
- Ihwanisha rishingiye kuri politiki: Umutambyi mukuru, ubwami (**1 Pet 2:5, 9; Ibyah 1:6; 5:10**) ubutunzi buhuriweho n’Abayisiraheri (**Ef 2:12, 19**) Isiraheri y’Imana (**Gal 6:16**)¹
- Ihwanisha rishingiye kubwubatsi: Inzu y’Imana, inyubako, urusengeru, ihema (**1 Kor 3:9, 16, 17; 2 Kor 5:1; 6:16; Ef 2:21-22; 2 Tes 2:4; Heb 3:3-6; 1 Pet 2:5; Ibyah 3:12; 7:15; 11:1, 19; 13:6**); inkingi n’igishyigikira ukuri (**1 Tim 3:15**).
- Ihwanisha rishingiye ku mibanire no n’umuryango: Umugeni cyangwa umugore wa Kristo (**2 Kor 11:2; Ef 5:22-32; Ibyah 21:2, 9**); Abahungu cyangwa abana b’Imana (**Rom 8:14, 16; 9:26; Gal 3:26; 1 Yoh 3:1-2**); Abantu b’Imana (**Rom 9:25; Tito 2:14; 1 Pet 2:9-10**) Inzu cyangwa umuryango w’Imana (**Mat 12:49-50; 2 Kor 6:18; Ef 2:19; 1 Tim 3:15; 5:1-2**)²
- Ihwanisha rishingiye ku umubiri: Umubiri wa Kristo (**Rom 12:4-5; 1 Kor 10:17; 12:12-27; Ef 1:22-23; 2:16; 3:6; 4:4, 12, 15-16; 5:23, 30; Kol 1:18, 24; 2:19; 3:15**).

Ihwanisha ry’itorero umugabane munini rishingira k’ubwubatsi, iby’amasano n’umuryango, niby’umubiri. Buri kimwe muri bihwanishwa cyashyiriweho byibanze impavu z’isanisha. Nkuko Kristo atagabanyijwe (**1 Kor 1:13**), niko umubiri ufatanijwe n’umutwe wawe, ingingo z’umubiri zikorera mu bumwe, umugore n’umugabo ni umwe ni “amabuye amazima” yose agerekeranijwe neza, kandi ni urusengeru rwera. Hashimangira urukundo rwacu rurenze uko rwavugwa no kwitanga n’ubumwe bwacu n’Imana na Kristo (**Guteg 6:5; Mat 22:37-38; Mariko 12:29-30; Luka 10:27-28**) n’umwe k’uwundi (**Lewi 19:18; Mat 19:19; 22:39; Mariko 12:31; Luka 10:27-28; Gal 5:14**). Igisubizo cyo kwibanda kuri iri sano ni uko duhinduka nka Yesu (**Rom 8:29**) kandi “*mube abera nkuko nanjye [Imana] ndi uwera*” (**Lewi 11:44-45; 19:2; 20:7, 26; 1 Pet 1:15-16**). Impamvu ni uko umutima w’isezerano ry’Imana n’abantu bayo wahoze ari uw’Imana yagize iti “*Nzaba Imana yabo nabo, bazaba abantu banjye*” (**Itang 17:8; Kuv 6:7; 29:45; Lewi 26:12; Yer 7:23; 11:4; 24:7; 30:22; 31:1, 33; 32:38; Ezek 11:19-20; 14:10-11; 36:28; 37:23, 27; Hos 2:23; Zek 8:8; 13:9; 2 Kor 6:16; Heb 8:10; Ibyah 21:3**)

Ibihwanishwa n’itorero byose bifite ishira mu bikorwa: “Kuba itorero rimeze nk’umuryango byagobye kutwongerera urukundo n’ubusabane umwe k’uwundi. Igitekerezo cy’uko itorero rimeze nk’umugeni wa Kristo bigomba gutuma duhirimbana gutungana gukomeye no kwera, n’urukundo ruhebuje rwa Kristo no kumugandukira. Ishusho y’itorero nk’ishamimi ry’umuzabibu ryagombye kudutera kuruhukira muriwe byuzuye. Igitekerezo cy’imbuto z’ubuhinzi cyagombye kudukangurira gukura mubuzima bwa Gikristo no kwakira kubwacu no kubwabandi ibitera gukura. Ishusho y’itorero nk’urusengeru rushya rw’Imana yakagombye kudukangurira kubaho kwitonda kugirango ukubaho kw’Imana kube muritwe iyo duteranye. Igitekerezo cy’uko itorero nk’ubutambyi cyagombye kudufasha kubona neza uko Imana yishimira ibitambo by’amashimwe n’ibikorwa byiza tuyikorera (Heb 13:15-16). Ihwanisha ry’itorero nk’umubiriwa Kristo ryagobye kongera

¹ Itorero nka Isiraheri nshya, y’ukuri, y’Umwuka ribonwa mu buryo bwinshi. Urugero, Isezerano Rishya rikura amahame akomeye, ibimenyetso, imvugo, ibimenyetso n’ubuhanuzi bwo mw’Isezerano byari bifitanye isano ribishyira ku itorero. Itorero rishya, ry’ukuri rya Isiraheri ry’umwuka rivugwa mu magambo arambuye muri Menn 2016: 49-59

² Dhati Lewis yagaragaje ko, “Muby’amagambo y’amashusho, n’ihwanisha ryakorehejwe mu kuvuga itorero kimwe kiri hejuru y’ibinti bisigaye byose: umuryango. Mubyukuri gifite isano yahafi kuburyo kitakwitwa igisanisha cyangwa igishushanya. Igishushanya kerekana uko itorero rijya kumerana cyangwa icyo bimeze kimwe ku—mucyo, umukumbi, umurima, inyubako—ariko umuryango ntabwo ari imvugo shusho n’imvugo y’ukuri y’icyo tuzi nk’itorero.” (Lewis 2015: n.p.; ibyo kandi byavugwa mukwerekanaitorero nk’abanab’Imanan’abantu b’Imana)

ugukenerana kwacu no kwemerana kwacu by'ubudasa bw'impano mu itorero.” (Grudem 1994: 859)

C. *Ibitandukanye biranga itorero*

Igika cya nyuma cy'indanga myizerere ya Nicene-Constantinople (AD325/381) kigira giti “Nemera itorero rimwe rusange rishingiye ku ntumwa”.³ Ibi bitanga ibiranga itorero ry'ukuri bine bitandukanye mukuba ari rusange n'itorero ryaho dutuye. Itorero ni: (1) rimwe; (2) ryera; (3) gaturika (bishatse kuvuga ko, ari rusange) na (4) rishingiye kuntumwa.

- **Ubumwe.** Ubumwe bwerekana imiterere yo kuba itorero ari rusange kutagaragara kwaryo (reba hejuru). Nyamara, nk'uko kuba umwe bikoresha kurwego rw'itorero ryaho dutuye rifatika nkuko byerekanwa mu **Ef 4:4-6**.⁴ *Hariho umubiri umwe n'umwuka umwe, nkuko mwahamagariwe ibyiringiro bimwe byo huhamagariwe kwanyu,*⁵ *hariho Umwami umwe no kwizera kumwe n'umubatizo umwe,*⁶ *hariho Imana imwe ariyo Data wa twese udusumba twese, uri hafi yacu twese kandi uturimo twese.* Ibi nibyo bintu Abakristo bose n'amatorero yose y'ukuri bahuriyeho. Ikibabaje nuko kurwego rw'itorero rifatika ryaho dutuye, ubumwe bwangijwe n'ibice hagati y'amatsinda manini y'amatorero (Itandukana Rikomeye ryo 1054 hagati y'amatorero ryo mu Burengerazuba ya Orutodogisi n'amatorero y'Abagaturika y'i Roma ndetse na reforme yo 1500 hagati y'Abaporotesitanti na Kiliziya Gaturika y'i Roma) ndetse no kwirema ibice hagati y'amadini ndetse biba no hagati mu amatorero shingiro.
- **Ubwere.** Ubwere buturuka kukuri k'uko ibyaha by'Abakristo bya hongewe n'urupfu rwa Yesu Kristo n'Umwuka Wera uba mu bizera. “*tugomba kuba abera, nk'uko [Imana] ari iyera.*” **Lewi 11:44-45; 19:2; 20:7, 26; 1 Pet 1:15-16**. Nubwo muri ubu buzima nta numwe wera utunganye, kandi hari urukungu mu masaka n'amasenga mu ntama no mu itorero ryaho dutuye.
- **Gaturika (kuba rusange).** Mu Isezerano Rishya, abantu b'Imana ntibagisanishwa n'ishyamba rimwe rya (Isirayeli) ariko ubu noneho “*bava muri buri bwoko n'ururimi n'abantu n'ishyamba*” (**Ibyah 5:9**; reba kandi **Ibyah 7:9**). Hari amatorero mumpande zose z'isi.
- **Ugushingira kuntumwa.** **Ef 2:20** havuga ko itorero ryari “*ryubatswe kurufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, Kristo yesu ubwe ari ibuye rikomeza imfuruka.*” **Ibyah 21:14** habivugaga kimwe “*inkike z'urwo rurambo [Yerusalemu nshya] zifite imfatiro cumi n'ebyiri z'anditseho amazina cumi n'abiri, y'intumwa z'uUmwana w'Intama.*” Amatorero amwe (byumwihariko Gatulika y'I roma, Orutodogisi y'Iburasirazuba, n'amatorero y'Abangirikani) bibanda *kugusimbura kw'intumwa*, ni ukuvugaga nka Petero n'izindi ntumwa z'umwimerere zashyizweho abagazisimbura, kandi ibyo biracyakurikizwa na nubwo.⁵ Andi matorero menshi (Abaporotesitanti n'abapentekote) bakurikije ibya Luther na Calvin mu kwibanda kugukomeza *ukuri kw'intumwa* nk'ibigaragaza itorero ry'ukuri bitanduka by'umwihariko kwigishwa kw'ijambo ry'Imana n'amasakaramentu atangwa neza. Kubw'ibyo, ukwatura kwa Augsburg rya 1530 (imvugo y'ukwizera kw'Abaluteriyani) yasobanuraga itorero “nk'irikomoka ku ntumwa” aho “ubutumwa bwiza bwigishwa mu buryo bw'ukuri n'amasakaramentu agatangwa mu buryo bw'ukuri” (Augsburg 1530: Art. 7). John Calvin muri *Institutes of the Christian Religion* yabivuze atya, “Aho tubona ijambo ry'Imana ry'ukuri ryigishwa ryonyine gusa kandi ry'umwami n'amasakaramentu atangwa nk'uko Kristo yabitegetse, aho, ntihagomba gushidikanywa ko, Itorero ry'Imana ririhwo” (Calvin 1960: 4.1.9).

Ibi bimenyetso bibiri bigaragaza itorero—kwigishwa kw'ijambo ry'Imana n'amasakaramentu atanzwe neza—nk'uko bigomba gukorwa ni ingenzi: “Muburyo budashidikanwaho niba ijambo ry'Imana ritabwirijwe, ahubwo hakigishwa inyigisho z'ibinyoma cyangwa inyigisho z'abantu, ubwo ntatorero ry'ukuri rihari. Mubihe bimwe na bimwe dushobora guhura n'ingorane zo gusobanura ukuntu inyigisho y'ikinyoma yakwihanganirwa imbere y'itorero iryo torero ryaba ritakiri itorero ry'ukuri, ariko hari ibintu bisobanutse byinshi byerekana ko itorero ari iry'ukuri rihari, ariko hari ibintu bisobanutse byinshi byerekana ko itorero ari iry'ukuri. . . . icyakabiri kigaragaza itorero ry'ukuri ni amasakaramentu atanzwe mu buryo bwemewe (umubatizo n'igaburo ryera) byari bitandukanye n'imyumvire ya Gaturika y'I Roma ivuga ko ubuntu bukiza bubonerwa mu masakaramentu niyo mpamvu amasakaramentu yari yaragizwe imirimo

³ Ijambo “Gatulika” risobanuye “kuba hose” rigomba gutandukanywa n'itorero gaturika ry'i Roma “Gatulika” ni ijambo rishobora kuba ryarakoreshejwe mu myaka 1000 y'amateka y'itorero mu kwerekana imyizerere ya Gikristo orutodogisi by'umwihariko nk'uko kwizera kwavuzwe mu iranga myizerere ya hose kandi rikagaragazwa mu nama mpuzamatorero.

⁴ Timothy George kuri ibi bintu 4 biranga itorero muri *Christianity Today* mu ngingo yahaye umutwe ugira uti “Icyo nifuzaga kubwira papa ku itorero” kiboneka ku mbuga nkoranyambuga (George 1998).

⁵ Michael Holmes yerekana ko abo bashumba n'ababanjirije bashobora kuboneka mu ruhererekane kugerako ntumwa nyirizina Michael Holmes yerekana ko abo bashumba n'ababanjirije bashobora kuboneka mu ruhererekane kugera ku ntumwa nyirizina

ikwiye’ gukorwa kugirango ubone agakiza. Ni muri ubwo buryo Gatolika y’i Roma yibandaga cyane ku kwishyura ngo ukizwe kurenza kwigisha kwizera nk’inzira y’agakiza. Ariko hari indi mpamvu yo gushyira amasakaramentu mu biranga itorero. Mugihe umuryango utangiye gukora umubatizo n’ameza y’umwami, ni umuryango urigukomeza kandi *uri kugerageza gukora nk’itorero* [mugihe ikinyuranyo, ari urugero, rw’imiryango ikora nk’itorero]. . . . Umubatizo n’ameza y’umwami bifasha itorero ‘kugenzura abanyamuryango’ b’itorero. Umubatizo ufasha kwakira abantu mu itorero, n’igaburo ryifashishwa mukumenya abayobohe bakomeje kwitabira no kuba abanyamuryango baryo.” (Grudem 1994: 865-66)

Bamwe mubazanye impinduka mu itorero bongeraho icya gatatu ku biranga itorero ry’ukuri ari kuba Ijambo ry’Imana ryigishwa by’ukuri n’amasakaramentu, hakiyongeraho, no gutoza itorero gukora neza. Ibi biboneka mu byavugiwe muri Scots (1560) n’ibyavugiwe mu Bubirigi (1561): “Icyambere, ukubwiriza ku ukuri ijambo ry’Imana by’ukuri, ari naryo Imana yatwihishuriyemo n’ibyanditswe by’abahanuzi n’intumwa zibivuga, icyakabiri, uburyo nyabwo bwo gutanga amasakaramentu ya Yesu Kristo agomba kuba iri hamwe n’Ijambo n’isezerano ry’Imana ryo kuyakomeza no kuyemeza mu mitima yacu; icyanyuma, amabwiriza y’imyifatire atanzwe mu buryo bunoze, nkuko ijambo ry’Imana ribivuga, aho ikitaricyo gihindurwa ikiricyo kigakomezwa (Scots 1560: Ingingo 18) ‘Ibiranga itorero, ry’ukuri rimenyerwaho, ni ibi: niba amahame nyayo y’ubutumwa bwiza abwirizwa muri ryo; niba rikomeza imigendekere nyayo y’amasakaramentu akomezwa nkuko yategetswe na Kristo, niba imyitwarire y’itorero ikoresheya muguhana icyaha; muri make niba ibintu byose bikorwa bishingiye ku ijambo ry’Imana nyayo, ibintu mbese bibusanyije bigakosorwa, na Yesu Kristo agafatwa nk’umutwe w’itorero wenyine gusa.” (Belgic1561: Ingingo 29)

II. Itorero: Imiterere yaryo, Gahunda, Ubuyobozi, n’Imyoborere

A. Gahunda y’itorero n’imyoborere

Igihe Bibiliya yandikwaga, itorero ryari rikiri mubuto bwaryo.⁶ Intumwa za mbere (cumi nebyiri) zari zikiriho. Ikindi kandi, inzandiko zo mu Isezerano Rishya rizwi nk’inzandiko “zandikwaga kubera impamvu runaka” inzandiko, bivuze ko zandikiwe amatorero runaka cyangwa abantu kugiti cyabo kubw’ikibazo kihariye cyagwa ingorane zabatunguye. Nubwo inyandiko zimwe zikora kuri gahunnda y’itorero n’imyoborere, Bibiliya ntiduha uburyo bukurikiranye bwumvikana bw’ubutegetswe na gahunda z’itorero. Hakiyongeraho ko, uko ibintu byari bitandukanye mu matorero y’Ubwami bw’Abaroma: mu duce tumwe harimo akarengane, ahandi kadahari; amatorero amwe yateraniraga mungu, ahandi yari manini; ayandi yari bice by’umugi, ayandi yari mubice by’icyaro; itorero rya mbere rinini muri Yerusalemu ryari irya Abayuda, andi matorero menshi mu bwami bwose yari Ayabanyamahanga. Byatumye mu mateka yose y’itorero hagiye habonekamo amoko atandukanye y’imyoborere na gahunda z’itorero, kandi no mu mico itandukanye amoko imyoborere yagiye ihinduka cyangwa iravugururwa uko ibihe byahaga ibindi.

Bibiliya ivuga kubyicarwo bibiri by’ingenzi cyangwagwa inzego z’ubuyobozi mu Isezerano Rishya. Ijambo ry’ikigiriki ry’urwego rwohejuru rw’ubuyobozi bwitorero ni *episkopos* risobanura “umugenzuzi” cyangwa “umushumba mukuru” na *presbuteros* risobanura “umukuru.” Ayo magambo abiri agaragara mu busobanuro bungana akoresheya asimburana (**Ibyak 20:17, 28; Tito 1:5,7**). Aba ni abantu muri rusange bashyiraho amabwiriza mumurimo ndetse bakiyegurira umurimo kwigisha Ijambo (guhugura, kwigisha, kubwiriza, ubujyanama, guhindura abantu abigishwa, n’ibindi).

“Hari urugero ruhoraho rw’abakuru b’itorero benshi nk’itsinda ry’ubuyobozi shingiro mu matorero yo mw’Isezerano Rishya” (Grudem 1994: 912). Aho itorero rivugwa hose mu gitabo cy’Ibyakozwe n’intumwa, naho Paulo n’abandi bafunguraga amatorero mashya, burigihe bashyiragaho abakuru bitorero benshi (reba **Ibyak 11:30; 14:23; 15:2-6, 22-23; 16:4; 20:17-18; 21:18; Tito 1:5**). Muri **1 Tim 5:17** na **Yakoko 5:14** “abakuru” nimu bwinshi. Bisa no muri **1 Tim 4:14** igihe Timoteyo yimikwaga abakuru (cyangwa, “ry’abakuru”) bamurambitseho ibiganza. Uyu niwo murongo wa Bibiliya k’ubuyobozi bw’itorero: abakuru benshi, atari ukuyoborwa n’umuntu umwe. Ubuyobozi bw’abakuru benshi bwerekana ukuri kwa bibliya ko Abakristo bose bafatwa nk’“Abatambyi” mu maso y’Imana (**1 Pet 2:5, 9; Ibyah 1:6**). Byerekana kandi ubwenge bwa Bibiliya “aho abajyanama bagwiriye haba ubutsinzi [cyangwa, ubwenge]” (**Imig 11:14; 26:4**) cyangwa “Uko icyuma gityaza ikindi niko umuntu akaza mugenziwe” (**Imig 27:17**).

Kugira abakuru benshi ni ingenzi. Buri wese afite impano zitandukanye n’ubushobozi-ariko n’integenge

⁶ Mu gihe abahanga benshi bemerako Bibiliya yuzuye hagatiya 95-96 nyuma ya Yesu (ni ukuvuga, mu myaka ya za 65 cyangwa irenga nyuma y’urupfu rwa Yesu’ John A. T. Robinson yashizeho ingingo ikomeye ivugako Isezerano Rishya ryuzuye mbere yo guseniyuka k’urusengeru muri 70, nyuma y’urupfu rwa Yesu. Byaba bisobanuye ko Isezerano Rishya ryuzuye imyaka 40 gusa cyangwa hasi yayo nyuma y’urupfu rwa Yesu (reba Robinson 1976).

nke zitandukanye, n'ibyo adashoboye. Rero, nta muntu n'umwe ushoboye kuyobora itorero wenyine. Abakuru benshi barafatanyaga mu buryo busanzwe, mu mwuka, no mubukungu. Ikindi kandi, iyo ubuyobozi bw'itorero bufitwe n'umuntu umwe gusa, iyo hari ikibaye kuri uwo muntu itorero rirasenyuka. Tugomba kwibuka ko itorero ritariho kubwacu, ahubwo ari kubwa Kristo. Itore ni umubiri we, si uwacu. Tugomba kumenya neza niba itorero riyoborwa neza n'abagabo n'abagore babifitiye-ubushobozi (**1 Tim 3:1-13**). Muri ubwo buryo niba hari ikibaye ku mushumba cyangwa undi muyobozi, itorero rizashobora gukomeza neza, kuko ry'ubatswe kurufatiro rw'agahunda nziza.

Ijambo “pastoro” rigaragara inshuro imwe gusa mu Isezerano Rishya. Ni ijamba ryahinduwe mu Kigiriki *poimēn* mu **Ef 4:11** havugaga ngo, “*Kandi aha bamwe kuba intumwa, abandi abahanuzi, n'abandi abavugabutumwa, n'abandi abashumba n'abigisha.*” Grudem avugako “ushobora gusobanura neza nk'umushumba-mwigisha (itsinda rimwe) kuruta kuvuga umushumba n'umwigisha (nka matsinda abiri) kubera imyubakire y'Ikigiriki” (Ibid.: 913) By'umwihariko, buri tsinda rivugwa muri uyu murongo ribanzirizwa na “bamwe kuba” ariko nta “bamwe kuba” ibanziriza “abaigisha” ahubwo abashumba n'abigisha bashyizwe hamwe nk'umurimo umwe. Byongeye, “abashumba na bigisha “ifite akajamba gasobanura imbere y'amazina abiri ahujwe na *kai* ('na') imyandikire y'Ikigiriki igaragaraza ko amagambo abiri abonwa n'umwanditse nka fatanye muburyo runaka” (Ibid.: 913n.13). Grudem asoza avugako ihuriro ryo nkwigisha aruko aba bashumba (pastors) bamwe (cyangwa wenda bese) muri abakuru b'itorero bakoraga umurimo wo kwigisha, nkakimwe mu byatumaga umuntu aba umukuru w'itorero nuko agomba kuba ‘ashoboye kwigisha’ (**1 Tim 3:2**) hakiyongeraho ko izina *poimēn* ubusanzwe risobanurwa nk'umwungeri,” ninshinga ya *poimēn* (*poimainō*) yakoreshejwe ku bakuru mu **Ibyak 20:28** (“*kuragira itorero ry'Imana*”) na **1 Pet 5:2** (“*kuragira umukumbi w'Imana*”). Ibi byose bigaragaza ko, mu Isezerano Rishya, umushumba (umushumba) angana n'umukuru w'itorero.”

Urwego rwa kabiri rw'ubuyobozi bw'itorero ruvugwa mu Isezerano Rishya ni abadiyakoni. Umurimo wabadiyakoni watangiriye mu **Ibyak 6:1-7**. Umumaro wibanze w'abadiyakoni niuwo gufasha, gukorera, no kwita kubigaragara nkenerwa byo mu iteraniro. Ijambo “umudiyakoni” riva ku Kigiliki *diakonos* bisobanura cyane cyane abakorera abandi, abungirije, abafasha (Danker 2000: 230-31).

Uko ibihe byagiye bihita, uburyo bw'ubuyobozi bw'itorero bwarahindutse cyangwa bwavugururwe. Muri 55-65 nyuma ya Yesu na ubwoko “butandukanye bw'imiryango mpuzamahaga (bw'inteko rusange, abakuru, n' abepisikopi) bwageragejwe ” (Holmes 1989: 5). Mu gihe cyo muri 60-80 nyuma ya Yesu habayeho impinduka “mu kwegereza abantu no gushyira kumurongo imyubakire y'itorero. Ibirari by'ibibigaragaza ntibyerekana neza igihe kiyoy mpinduka, ariko intambwe z'ibanze muri icyo kerekezo zigaragara muri icyo gihehe, by'umwihariko mu nzandiko za Ignatius [Umushumba mukuru wo muri Antiyokiya, wafuye 110 nyuma ya Yesu]. Mugihe amenshi mu matorero yashinzwe na Paulo yacungwaga mu buryo bubiri bugizwe n'abakuru/abagenzuzi ('abepesikopi') n'abadiyakoni, tubona mu matorero yashinzwe na Ignatius uburyo butatu bugizwe n'umwepesikopi umwe munsu ye hakoreraga abakuru n'abadiyakoni.” (Ibid.: 9) Uburyo butatu bw'ubuyobozi bw'itorero bwabayeho kandi bwakomeje kugenga ubuyobozi bw'itorero ni: (1) ubuyobozi bw'abepisikopi; (2) ubuyobozi bw'abakuru; na (3) ubuyobozi bw'inteko rusange:

1. Ubuyobozi bushingiye ku bepisikopi. Izina riva mu kigiriki *episkopos* (“umugenzuzi” cyangwa “umwepisikopi”). Ubu ni uburyo bw'ubuyobozi bw'itorero bukurikiranya inzego neza. Ubu buryo bw'ubutegetsi bufite inzego eshatu z'ubuyobozi: abagenzuzi bakuru, abakuri (harimo n'abashumba (pasiteri) n'abatambyi), n'abadiyakoni. Ugukurikiranya inzego nkuko biha agaciro amahame y'intumwa n'ubumwe kandi bikagabanya gucikamo ibice kuyoborera mu buryo bushingiye ku nteko rusange (ihuriro rusange) bishobora kuzana. Ubu buryo bw'ubuyobozi bwavutse mbere mumateka y'itorero; urugero, Ignatius yabaye umushumba mukuru muri Antiyokiya hose mu cyakabiri cy'ikinyeshaja cyambere. Ibyibi byibanze biboneka mu nama ya Yerusalemu mu **Ibyak 15**; Yakobo yayoboye iyo nama na nyumva ubuhumya, asubiza n'ibibazo nyuma ababwirako uko “umwanzuro we umeze” (**Ibyak 15:19**). Ibyo byerekana umwanya uri hejuru yu'abakuru b'itorero. Itorero Gatulika ry'iRoma ryabishyize kurwego rwohejuru, na papa ufite ububasha bwa nyuma kw'itorero Gaturika ry'iRoma ryose, agakurikirwa n'abakalidinali, abepisikopi, n'abatambyi.⁷

2. Ubuyobozi bushingiye kubakuru b'itorero. Izina riva mu Kigiliki *presbuteros* (“umukuru”) ubu buryo bw'ubuyobozi bufite inzego ebyiri z'ubuyobozi: Abakuru n'abadiyakoni. Abakuri bitwa “abayobora bakuru” cyangwa “abigisha bakuru” (abashumba) (reba **1 Tim 5:17**). Birumvikana, hazabaho ubuyobozi

⁷ Ubu buryo bw'ubuyobozi bwajwe gukorwa mbere. Bwari buzwi nka *1 Clement* yanditse ugereranyije muri 95 cyangwa 96 nyuma ya Yesu kuva ku bayobozi b'itorero ry'iRoma bijya mu matorero ry'iKorinto, byerekana ko “ubuyobozi busa nkaho bwahawe itsinda ry'abakuri cyangwa abepisikopi (byombi bigaragara bihuje inyito muri *1 Clement*; reba 44.1-6)” (Holmes 1989: 24).

bukuru bw’akarere, ni ukuvuga abavugizi bamatorero yo mu karere, atandukanye bagira ububasha ku matorero mukarere kihariye. Ubu buryo bw’ubuyobozi bushingiye kumurongo w’Isezerano Rishya (byavuzwe haruguru) wa bakuru benshi bayobora itorero bafashwa n’abadiyakoni. Ishingiro ko abakuru b’akarere bagira ububasha ku matorero mato yaho dutuye rishingiye ku nama yi Yerusalemu (**Ibyak 15**) aho itorero ryo muri antiyokiya ryohereje abavugizi abarihagarariye (Paulo, Barinaba, n’abandi) i Yerusalemu (**Ibyak 14:26-15:3**), kandi iyo nama yemeje uburyo bwokuyobora buhamye, atari gusa ibyubukorera bushake. Abaperesbuteriyani bafata yakobo nku “wambere umeze nkabo” mu namankuru, ni ukuvuga ko, yayoboye inama atangaza n’imyanzuro, ariko imyanzuro yari uhuriweho n’abagize Inama nkuru (**Ibyak 15:22, 25, 27, 28; 16:4**).

3. Ubuyobozi bushingiye ku nteko rusange. Abayoboke b’itorero batuye aho itorero ribarizwa batoranya umuyobozi wabo, bidasubirwaho umukuru umwe (umushumba) n’abadiyakoni benshi, cyangwase umushumba (bisa n’umukuru w’umwigisha” mu buyobozi buyoborwa n’abakuru), hano ho ni abadiyakoni benshi (bisa n’ubuyobozi bw’abakuru”mu butegetsi bw’abaperisebuteriyene) n’abadiyakoni benshi. Muri ubu buryo bw’ubutegetsi bw’itorero, itorero rito atari umwepisikopi w’akarere cyangwa umukuru w’akarere, nibwo buyobozi bukuru. Ubu bubasha bugirwa n’abanyamuryango bihuriro, nubwo amwe mu matorero ayobowe muri ubu buryo, ubu bubasha buhabwa umushumba cyangwa umukuru w’itorero. Ubu buryo bw’ubuyobozi bushingiye ku kuri kuko isezerano rishya ridakenera ubundi bubasha butari ubw’itorero no mu myitwarire y’ingenzi y’itorero (**Mat 18:15-17; 1 Kor 5:4-5; 2 Kor 2:6**). Nanone, mu **Ibyak 6** itorero ryitoranyiriza abayobozi (abadiyakoni) intumwa zari zabyemeje, ariko amahitamo yakozwe n’itorero, kandi ubutegetsi bw’abanyamatsinda busa naho aribwo bwiza kumahame “ubutabyi bw’abizera bose” (**1 Pet 2:5, 9; Ibyak 1:6**).

4. Umwe ashobora kubona itandukaniro hahati y’itorero ryambere muri Yerusalemu (ryari rigizwe cyane nabayuda baker a) n’amatorero yambere y’abanyamahanga:

a. *Itorero rya Yerusalemu.*

(1) Intumwa (cumi nebyiri). Intumwa z’iyemeje umurimo wo gusenga no kwigisha ijambo ry’Imana (**Ibyak 1:14;6:4**) bahisemo abasimbura intumwa (**Ibyak 1:21- 26**); bigisha, bahugura (**Ibyak 2:42; 4:31, 33; 5:19-21; 6:4; 8:25; 10:42**); bakora ibimenyetso, n’ibitangaza, no gukiza indwara (**Ibyak 2:43; 3:7; 5:15-16**); batumaza kandi bayobora inama rusange (**Ibyak 6:2**), bimika abadiyakoni (**Ibyak 6:6**) bohereza intumwa n’abashinga amatorero aho umirimo hirya no hino (**Ibyak 8:14; 11:22**); basengera kandi barambika ibiganza ku bizera bashya ngo bakire umwuka wera (**Ibyak 8:15-17**); amayerekwa atandukanye ava mu buyobozi (**Ibyak 11:1-18**).

(2) Abakuru. Abakuru n’intumwa bajyaga inama kuby’iyobokamana (**Ibyak 15:6**); bakiranwe (na Yakobo) inyandiko z’iby’Paulo yakoze mu banyamahanga (**Ibyak 21:18-19**); banditse ibyemezo by’imenyekanisha Mana hamwe n’intumwa (**Ibyak 15:20; 12:25**).

(3) Abadiyakoni. Abadiyakoni bashinzwe kugaburira bose muburyo bungana (**Ibyak 6:1, 3**); babwirije ubutumwa bw’iza (**Ibyak 8:5, 40**); bakoraga ibimenyetso, birukana abadayimoni, banakiza indwara (**Ibyak:6-7**).

(4) Abashinzwe umutungo. Abantu bagurishaga ibyabo bakabisangira na buriwese uko akennye (**Ibyak 2:44-45; 4:32-37; 5:1-4**); ibyavaga muby’ibyo bagurishije byajyaga mu kigega rusange kigenzurwa n’intumwa (**Ibyak 4:34- 35**).

(5) Ubuzima mu itorero. Buri wese yagiraga ikintu cyo gutinya (**Ibyak 2:43**); bari bahuje imitima (**Ibyak 2:46;4:32**); bari bishimye n’imitima itishama (**Ibyak 2:46**); buri muni bateraniraga murusengero (**Ibyak 2:44**) kandi bateraniraga mungo basenga (**Ibyak 12:12**).

b. *Amatorero y’abanyamahanga.*

(1) Intumwa (cumi nebyiri). Intumwa zandikiye amatorero (**Matayo, Yohana, 1-2 Petero, 1-3 Yohana, Ibyak**); bohereje abashinga amatorero aho ataragera (**Ibyak 11:22**); baribo buyobozi bwohejuru mu bijyanye n’ubumenyi mu by’Imana (**Ibyak 15:1-29; 16:4**).

(2) Abamisiyoneri (harimo na Pawulo).⁸ Abamisiyoneri bakwirakwirije ubutumwa hose

⁸ Nubwo Paulo yari intumwa (**Rom 1:1; 1 Kor 1:1; 9:1**), Isezerano rishya (na Paulo ubwe) babonye itandukaniro hagati y’intumwa Paulo na cumi na babiri (reba **Ibyak 6:2; 1 Kor 15:5, 8**) ibi bifite ihuriro nuko umurimo wa Paulo wibandaga

(**Ibyak 11:26; 13:4-5, 14, 21, 42-44; 16:13; 17:17, 19; 18:4**); bakiza abarwayi (**Ibyak 14:9- 10**); bigisha, bakomeza amatorero (**Ibyak 14:2 2; 18:11, 23-28; 20:2**); bashyiragaho abakuru mu matorero bashinze umurimo (**Ibyak 20:17**); bashyiraga amatorero inzandikoziturutse kuntumwa (**Ibyak 15:30; 16:4**); barifashaga ubwabo kubirebana n’amafaranga (**Ibyak 18:3**); bahuzaga abakuru iyo babasuraga (**Ibyak 20:17**); bandikiye amatorero inzandiko (Abaroma-Filemoni).

(3) Abakuru. Abakuru bahitagamo bakanohereza abajyana ubutumwa (**Ibyak 13:2-3**); bari bafite inshingano zo kwita kumatorero yabo (**1 Tim 3:5**); bashyiragaho ababwiriza butumwa (**1 Tim 4:14**).

(4) Abadiyakoni. Abadiyakoni bakoreraga mu itorero kandi bakorerwaga igeragezwa (**1 Tim 3:10**).

(5) Umutungo. Abantu bose bagumanaga ubutunzi bwabo (**Ibyak 11:29; 20:33-35; 2 Kor 8:1-15; Ef 4:28**); batangaga buri cyumweru bakurikije ibikenewe (**Ibyak 11:29; 1 Kor 16:1-2; 2 Kor 8:1-9:15**); akenshi bacumbikiraga abajyana butumwa bifashaga-ubwabo mu kujyana ubutumwa (**Ibyak 20:33-35**).

(6) Ubuzima mu itorero. Abantu bagumaga mu ngo zabo ariko bagaterana buri cyumweru (**Ibyak 20:7**); abantu bakiranaga ijamba umunezero kandi amatorero agakura (**Ibyak 11:21-26; 13:48-49; 14:21; 16:5; 17:10-12**); burigihe ntibabaga bahuje, bamwe bakoraga ibyubusambanyi, abandi ari akazuyazi (**Ibyak 15:36- 40; 1 Kor 1:11-13; 3:3-4; 5:1-5; 11:17-21; Gal 2:12-13; Ibyak 2:14, 20; 3:15-16**).

B. Ubuyobozi bw’itorero

Itorero ni umubiri umwe, si ihuriro ryabantu gusa. Umuryango wose uba mwiza, ukomera, ukagera ku ntego ukurikije ubuyobozi bwawo. Mu ntangiriro hakiri kare bicara hasi bakaganira ibyo umuyobozi agomba kuba yujuje ngo abe umuyobozi kubyo umuyobozi w’itorero, Paulo avuga ati, “*Umuntu nashaka kuba umw’episikopi, abayifuje umurimo mwiza [cyangwa, umurimo w’icyubahiro, ESV] wo kwifuza gukora*” (**1 Tim 3:1**). Kubw’ibyo “Paulo asobanura kuba umushumba mukuru muburyo bw’imikorere (umurimo ‘wicyubahiro’) atari izina cyangwa ibiro. Ntabwo ari gutera abantu ishyaka ryo gushaka icyubahiro ahubwo ni inshingano.” (Liefeld 1999:116) muri **1 Tim 3:2-7**, Paulo naho atanga urutonde rw’ibintu 15 muntu agomba kuba yujuje kugirango abe mu buyobozi bukuru bw’itorero, baba abashumba, abepesikopi, abashumba bakuru, cyangwa abakuru. Ibyo bisabwa kandi bikoreshwa kunzego z’ubuyobozi ku matorero menshi. Ibisabwa ni: kutabaho umugayo, umugabo w’umugore umwe, adakunda ibisindisha, wirinda, ugira gahunda mukubaho kwe, ukunda gucumbikira abashyitsi, ufite ubwenge bwo kwigisha, utari umunywi wa vino cyangwa umunyarukoni, ahubwo umugwa neza utarwana, utari umukunzi w’impiya, utegeka neza abo murugo rwe, kandi ushimwa neza nabo hanze, atari umwizera mushya. Ibisabwa kubakuru bisa nibisabwa kuba diyakoni (gereranya **1 Tim 3:2-7** iby’abakuru [reba kandi **Tito 1:5-9**] na **1 Tim 3:8-13** iby’abadiyakoni [**Ibyak 6:1-3**], hatarimo gusa kugira ubushobozi bwo kwigisha (nubwo benshi mu badiyakoni bambere bashoboraga kwigisha (**Ibyak 7:1-53** [Sitefano]; **Ibyak 8:4-13, 26-38** [Fil])).

Ibintu bibiri bigomba kwitabwaho. Icyambere, ubwo Paulo avuze muri ati **1 Tim 3:2** ko umushumba mukuru “*agomba kuba . . .*” ntabwo ari kuvungango kuba mubuyobozi umuntu agomba kuba yujuje kimwe cyangwa bitanu cyangwa se byinshi mubisabwa, ashyahe urutonde ahubwo, kuba umuyobozi mu itorero umuntu agomba kuba yujuje ibisabwa byose. Icyakabiri, ikigaragara kubisabwa nuko (uretse igishoboka cyo kugira ubushobozi bwo kwigisha no kutaba umwizera mushya) ibisabwa byose ninkiby’*Umukristo* wese agomba kuba afite—niyo mpamvu kurema abigishwa ari ingenzi kubizera bese. Ntagisabwa cy’umwihariko k’ubwoko bw’umuntu, amashuri yize, ubushobozi bw’ibintu atunze, cyagwa ibindi nk’ibi “bintu” by’inyuma. Ahubwo, ibisabwa byose bifatiye *kumyitwarire*. Ibisabwa byose 15 byose k’ubuyobozi bireba imyitwarire, mu buryo buziguze cyangwa mu buryo butaziguze. Mu buryo bushimishije, muri **1 Tim 1:9-10** Paulo yatanze urutonde rw’ingero 15 rw’abantu badakiranuka amategeko yashyirirweho. Hano Paulo ari kuvuga ko imyitwarire yacu nk’abayobozi igomba kuba *itandukanye cyane* n’abantu bagomba gutwarwa n’itegeko, kuko *ntitugitwarwa* n’itegeko ryakera. Ahubwo, tugomba kugira imyitwarire ya Kristo, kuko dutwarwa n’“itegeko rya Kristo.” Imyifatire igendana n’imyitwarire. Nk’uko imyitwarire igomba kuzuzwa ikinyuranyo cyo gukiranyirwa, kubw’iyo mpamvu imyifatire yacu ikwiye kuzuzwa ikinyuranyo cy’ibikorwa bivugwa muri **1 Tim 1:9-10**. Abantu bari

kubanyamahanga (**Ibyak 9:15; 13:46; Rom 11:13; Gal 1:16; 2:7**) aho Petero umuyobozi n’umuvugizi wa cuminababiri, mbwambere yari intumwa kuba Yuda (reba **Gal 12:7-8**).

mubuyobozi bw'itorero bari mu bahagarariye Kristo bagaragara cyane hagati yabizera n'abatizera aho batuye. Niyo mpamvu aritegeko kugira imyitwarire nkiya Kristo baka n'imiberaho by'ukuri ukababaho mubuzima bwabo.

Kuberako ubuyobozi bw'itorero bushingiye kumyitwarire kandi byerekeza kumikorere, atari uko umuntu aboneka, **1 Tim 5:22** haravuga hati, “*Ntukihutire kugira uwo urambikaho ibiganza kandi ntugafatanye n'ibyaha byabandi, ahubwo wirindire kuba intungane.*” Uyu murongo “ubuza kwitirira kwimika [biri] neza mubivugwa bya mbere muri iki gice. Kandi kurambikaho ibiganza muri uru rwandiko ahenshi bigaragara byerekeza ku kwimika (reba 4:14; 2 Tim 1:7).” (Earle 1978: 381) “*Gufatanya inshingano z'ibyaha byabandi*” bigaragara byerekeza ko kugirango wimike umuntu ugomba kwita kumyitwarire ye n'uko yujuje ibisabwa, naho bitabaye ibyo yaba asangiye ibyaha nabandi.⁹ Iyo amatorero ashya mu bikorwa ibi bisabwa muguhitamo abayobozi aho kugendera ku murongo w'isi, amatorero ashobora kuba abemeze cyangwa akora bitandukanye nuko ameze cyangwa akora uyu muni. Abateye imbere mukuzana abantu kuri Kristo no guhindurira abizera gusa na Kristo, kuko yari kuba ari ubwoko bwamatorero Imana ishaka kubona.

C. Imyitwarire y'itorero

Nkuko byavuzwe haruguru, bamwe mubazanye impinduka bongereyeho icya gatatu kubiranga itorero kukwigishwa kw'ijambo ry'Imana n'amasakaramentu atanzwe uko bigomba, aba ariyo myitwarire igenga itorero ishyizwe mubikorwa neza. Intego yaburi bwoko bw'amahame agenga imyitwarire y'itorero n'ukwihana no kugororwa kuwakoze ikosa no kwiyunga kuwakoze ikosa n'abandi bizera ndetse n'Imana, iyo izo ntego zitibutswe amahame agenga imyitwarire mu itorero yayobora ku ihohotera.

Ibibikurikira n'ingero za bibiliya z'amahame y'imyitwarire mu itorero:

1. Ingero za Bibiliya z'ibintu itorero rihamagarirwa birebana n'imyitwarire mu itorero. Isezerano Rishya ritanga ingero nyinshi z'ibikorwa byasabwe ko hitabazwa amahame agenga imyitwarire runaka mu itorero: kurema ibice, no kugusha abantu (**Rom 16:17; Tito 3:10**); amahano (**1 Kor 5:1-15**) abantu babaho ubuzima budafite umurongo n'imyitwari mibi n'abanze gukora (**2 Tes 3:6-12**); kutumvira ibyo Paulo yanditse (**2 Tes 3:14-15**); gutukana (**1 Tim 1:19-20**) no kwigisha inyigisho ziyobya (**2 Yohana 10-11**). Wayne Grudem yagenzuye amahame ari inyuma y'izi ngero z'ibyaha zasabwe kohitabazwa amahame agenga imyitwarire mu itorero: “Ihame risobanutse rigaragara ko riri gukora: ibyaha byose byavuzwe kandi bihanwa mu Isezerano Rishya ni byaha byari bizwi muri rubanda cyangwa bigaragara hanze, kandi byinshi muri byo byakomeje kuba mugihe runaka. Kuba ibyaha byari byamenyekanye muri rubanda bivuze ko umugayo wajyaga ku itorero, kristo yarasuzugurwaga, kandi byarashobokaga ko abandi bari gushishikarira gukurikira urugero rubi rw'ubuzima bwababariwe na rubanda.” (Grudem 1994: 896-97)

2. Umurongo w'amahame agenga imyitwarire: uko aringanzwa. Muri **Mat 18:15-17**, Yesu yavuze ingingo z'ihame rihuza amahame agenga imyitwarire: ¹⁵“*Mweneso nakugirira nabi, ugende umumenyeshe icyaha cye mwiherereye, nakumvira uzaba ubonye mwene so.*” ¹⁶Ariko natakumvira umuteze undi cyangwa babiri, NGO IJAMBO rihorerwe, ikiganza gihorerwe ikindi, ikirenge gihorerwe ikindi, ubushye buhorerwe ubundi, igikomere gihorerwe ikindi, igikomere gihorerwe ikindi”). Guhuza ikosa n'igihano biranga n'ubundi amatageko asanzwe agenga abantu bigomba gukurikizwa bidasubirwaho mu itorero.

Ibintu bituma abayobozi bitorero bagomba kugenderaho mukureba urwego rw'ihame rigenga imyitwarire ryakoreshwa ni: uburemere bw'ikosa n'igihe risubiwemo; niba icyaha cyakorewe mu ruhamwe kizwi n'arubanda cyagwa kitazwi; ukwihana kuwakoze ikosa: niba yatanze icyiru (nkakimwe mubigaragaza kwihana nyako); ingaruka icyaha cyagize kubandi banyetorero no kubo hanze, n'ibindi (reba, urugero, **1 Kor 5:6** [“*agasemburo gake gatubura irobe ryose*”]; **Gal 2:11-14** [Pawulo aracyaha Petero kugirango abandi badakurikiza urugero rwe rubi]; **1 Tim 5:20** [“*Abakora ibyaha ubahanire mumaso yabose, kugirabgo n'abandi bati nye*”]). Abayobozi bitorero nabo bagomba kwibuka ko hari ibibazo by'imyitwarire Abakristo batemera. Paulo rero ashishikariza kubabarira mu buryo bwagutse (reba **Rom 14:1-23**).

3. Ishyirwa mubikorwa ry'amahame agenga guhana bijyanye n'ikosa. Muri **Mat 18:15-17**, icyaha kimwe cyari hagati yabizera babiri bari abayoboze b'itorero, Yesu yavuze kukubanza kugikemura mu buryo bw'ibanga hagati yabo bombi (**Mat 18:15**); niba ibyo binaniranye uwakorewe icyaha, agomba

⁹ Igitabo cya ECLEA *1 Timoteyo: Gitondeka imirongo y'ingenzi, Ubusobanuro, Nigikoresha mumahugurwa* (<http://www.ecler.net/amasomo.htm#timoteyo>) kivuga mu buryo burambuye ibisabwa kugirango umuntu abe umuyobozi mu itorero. Ni igikoresha kiza itorero ryakoresha mukongerera ubushobozi abayoke baryo muri iki gice.

kongerera kugerageza ikigihe noneho akanyjama n’abahamya babiri cyangwa batatu (**Mat 18:16**); niba ibi nabyo byanze ikibazo kigomba gushyikirizwa itorero, ibi bishobora kuba bivuze ubuyobozi bw’itorero (**Mat 18:17**). Muri bimwe nabimwe kwihanangiriza cyangwa gucyaha bishobora kuba bihagije mu gukemura ikibazo rurana (**2 Tim 4:2; Tito 1:13; 2:15; 3:10; Yak 5:19-20**).

Uburyo bukomeye bwo guhana imyitwarire mu itorero n’ugutenga, ni ukuvuga, kwirukana, kwangira uwakoze icyaha utihanyye guterana ukana mushyirwa inyuma y’itorero. Hagomba kwibukwa ko gutengwa ari uburyo bwo *hejuru* bwo guhana imyitwarire mugihe ubundi bworoheje bwananiwe, icyaha gikomeye, muri rubanda, no kuba gishobora kuba gisubiwemo nuwagiteye, cyangwa afite ubushobozi bwo kuba yayobya abandi cyangwa arema ibice mu itorero mugihe kidakemuwe, kandi uwakoze icyaha atihanyye, kuba gutenga ari byo byanyuma mu guhana imyitwarire mu itorero kandi bikaba bigenewe ibibazo bikomeye biboneka ko gutenga mu Isezerano Rishya ari ugushyira mubikorwa ihame ry’itegeko ryo mu Isezerano rya Kera: “Abarewi 20:11 hasabako Abayisiraheri bica uwasambanyije umugore wa se. Intumwa Paulo, avuga ibisa nibi muri 1 Bakorinto 5:1-13 ategeka gukoresha gutenga atari mubuyo bufatika.” (Johnson 2007: 281) Muri **1 Tim 1:20** Paulo yita uburyo bwo guhana imyitwarire “gushyira mu maboko ya Satani uwahemutse.” Ahandi hantu hamwe havuga ubyo umuntu “*gushyirwa mu maboko [cyangwa ‘gushyirwa’] ya Satani*” ni **1 Kor 5:5**, aho umugabo yari yasambanyije umugore wase (ni ukuvuga, nk’ibyabaye mu **Lewi 20:11**) hombi **1 Tim 1:20** na **1 Kor 5:5** havuga kubibazo bikomeye mu itorero: imyizerere ipfuye yateje ibibazo mu itorero: inyigishio zibinyoma na kamere mbi “gutukana” (reba **1 Tim 1:3-4, 20; 4:1-7a; 6:3-5; 2 Tim 2:16-18**); n’ubusambanyi bukomeye, bwo kumugaragararira (**1 Kor 5:1**).

4. Impamvu ikomeye yaburi bwoko bw’amahame agenga imyizerere mu itorero. Muguhana imyitwarire abayobozi bagomba kwirinda icyaha gikwirakwira mu bandi. Niko, “nkuko imigendekere yamahame ahana imyitwarire yerekanywe na Yesu (Mat 18:15-20) n’intumwa ze (1 Kor 5:1-13; 1 Tim 5:20-25 nahandi) ni ibikoresho Imana ihamagarira abantu bayo b’Isezerano Rishya gukoresha mu kurinda ubutungane bwaryo” (Johnson 2007: 282). Ariko rero, intego nyamukuru ya buri bwoko bw’amahame agenga imyitwarire mu itorero, yaba no gutenga ni ukwihana no gusubira kumurongo kuwakosheje. Mu **1 Tim 1:20**, Paulo avuga ko impamvu yo “guha umuntu Satani” ari ukugirango uwakoze icyaha “*abiyigireho kudatuka Imana.*” Mu **1 Kor 5:5**, kumuha Satani byari “*byo kurimbuka kumubiri we, kugirango ubugingo bwe buzakizwe kumunsi w’umwami Yesu.*” Aho uwakoze icyaha yihana by’ukuri kandi agahinduka, Paulo yemerako itorero ringomba “*kumubabarira no kumuhumuriza, kugirango aticwa n’agahinda gasaze. Kubw’ibyo ndabingira kugirango mu mugaragarize urukundo rwanyu*” (**2 Kor 2:7-8**). Pawulo ashimangira iyimpamvu yo guhana imyitwarire mu itorero muba **Gal 6:1** aho avuga ati, “*Beneda, umuntu niyadukwaho n’icyaha, mwebwe ab’umwuka, mugaruze uwo muntu umwuka w’ubugwaneza; ariko umuntu wese yirindi, kugira ngo nawe adashukwa.*” Ni iby’itorero kwemezako kwihana ari ukukuri cyanwa atari ko (reba **2 Kor 7:10**). Kubwibyho, n’aho umuntu mu itorero yahawe satani abayobozi bagomba kuba hafi y’uwo muntu bakagerageza kumugarurira Umwami (reba **Gal 6:1**).

5. Imyitwarire y’abayobozi b’itorero. **1 Tim 5:19-21** havuga ku kibazo cyo gushyira ku murongo abakuru b’itorero. Ibyo Paulo avuga bigomba gukoreshwa kuri buri muntu wese uri mu mwanya w’ubuyobozi mu itorero, yaba ari umwepisikopi, umukuru, umushumba, umudiyakoni, cyangwa undi wese uri mubuyobozi. Kuba Pawulo avuga ku myitwarire y’abayobozi b’itorero bishoboka ko ari impamvu iri inyuma y’umurongo wa Bibiliya w’abakuru benshi bayobara itorero kuruta ko buri torero riyoborwa n’umuntu umwe: kuba ubuyobozi ari ubwa benshi bigomba kuba igisubizo cy’ubufatanye aho kuba buriwese akora ukwe.

Iki kibazo cy’imyitwarire y’abayobozi b’itorero cyazanye ihohotera ry’uburyo bubiri butandukanye: gukundwakazwa kwa bamwe cyangwa guhutaza abandi. “Kwica imyitwarire byagiye bizana umwuka utihanganirana, ari kutawitaho byazanye ibibazo birenze. Iyo habayeho gukora icyaha k’umukuru, imyitwarire yo kwirebaho ihabwa intebe.” (Guthrie 1990: 118-19) Abaterankunga bakemeye mw’itorero, abayoboze bahuje ubwoko n’umushumba, abo mu muryango w’umushumba, n’abantu b’inshuti zahafi akenshi bimikwa nk’abakuru nubwo baba batujuje ibisabwa muri **1 Tim 3:1-7**. Ikindi kandi, n’uko ibyaha byabo bakuru bititabwaho kubera ko batanga byinshi, abo mu muryango, cyangwa inshuti n’ibyo byaha byaba bitakwihanganirwa kubantu badatangabyinshi, abanyamuryango, cyangwa inshuti. Kubw’ibyo “ibyiciro bibiri by’Abakristo”—biraremwa abahabwajijambo n’abatagira ijambo—bibyara ingaruka zisenya itorero. Paulo ari kutwibutsa ko, nk’abayobozi b’itorero, ubunyamugayo bwacu n’imyifatireyacu biri kumurongo rumwe n’ibyemezo dufata. Tuzabazwa na Kristo ibyo dukora mu izina rye nk’abayobozi b’itorero rye. Kubw’ibyo, rero ikiza ni “*ugukomeza aya mahame nta*

vangura cyangwa kutagira icyo dukora mu mwuka wo gutonesha” (1 Tim 5:21) kugirango tuzabe dufite “umutima uboneye” (1 Tim 1:5) n’ “umutima uticira urubanza” (1 Tim 3:9) igihe duhagaze imbere ye (kuko duzabikora murubanza, n’ uko tubikora igihe cyose ubu).

6. Isabwa ry’ibimenyetso. Muri uku kuvuga imyitwarire y’abayobozi b’itorero muri **1 Tim 5:19-21**, Pawulo agira ati, *“Ntukemere ikirego k’umukuru hatariho abahamya babiri cyangwa batatu” (1 Tim 5:19).* Iryo ni hame rikora kuby’imyitwarire y’itorero ryose. Ni ihame ryuko ubuhamya bw’uwakoze nabi n’umushinja bugomba kuboneka mbereyuko ibihano by’imyitwarire bifatwa. Ihame Paulo yavuze rigaruka mu **Guteg 19:15** (reba kandi **Guteg 17:6**). Ihame ko icyaha kigomba kemezwa n’undi muhamya ryashyirweho kwirinda imanza za kibera. Ariko rero, iyo imvugo ari *“iy’ abahamya ba biri cyangwa batatu”* hakoreshwa gusa uburyo gusobanura, twita *kuri iyo* mvugo ntabwo ari ibiyirimo nk’amahame, hanyuma ikirenze iki hashora kutaba ubutabera no kubogama. Murujyano nyamateka n’urujyano nyamuco rwo mu **Guteg 19:15**, Isiraheli yari ishingiyeye kubuhinzi butari-kijyambere. Ninako byari biri mu gihe cya Paulo. Ibintu bifotora, telefone z’igendanwa, gufatamajwi n’ibindi by’ikorana buhanga bitari biriho. Ubu ibyo bintu byose biriho mumico yose. Kandi, ibyaha byinshi (nk’ibyaha by’ubusambanyi) birakorwa cyane kuko nta muhamya w’undi uhari. Kubw’iyompamvu, niba umuntu ashijwa ubusambanyi, byaba ariby’ amafuti kandi byafatwa nk’akarengane ku bayobozi b’itorero kwanga kwakira ikirego kuberako ntabahamya babiri cyangwa batatu babantu bemeza icyo gikorwa cyo gusambana cyaba. Muri iki gihe hashobora kwifashishwa ibimenyetso byizewe nk’ubutumwa bugufi bwashyiraye kuri telephone igendanwa, amafoto, uwabonye umukuru nuwo bakoranye icyo cyaha cyo gusambana ahantu cyangwa mubihe batakagombye kuba bari kumwe, n’ibindi. Ibyo bimenyetso byose biremewe mu rukiko rusanze bigomba guhabwa agaciro mugihe ikirego nk’icyo cyabonetse k’umukuru. Na Pawulo yavuze ihame ryo mu **Guteg 19:15** mu buryo “bwagutse” muba **2 Kor 13:1** aho yari ashishikajwe n’ibyaha n’ibibazo byo mu itorero ry’i Korinto. Yasubiyemo ihame ryo mu Isezerano Ryakera abihuje nuko *“ubu ni ubwagatatu nje iwanyu”* yarashatse kuvugako kubasura kwe n’inzandiko yandikiye itorero bigize *“abahamya babiri cyangwa batatu”* ko bayari bihagije ngo ahane abakora nabi mu itorero. Na Yesu yakoze ibisa nabyo muri **Yoh 8:17-18** aho yavuze ati ndetse *“kandi no mumategeko yanyu, handitswe ngo ibyo abantu babiri bahamya ni iby’ukuri. Ndihamya ubwanjye na data wantumye nawe arampamya.”* Iri hame ry’ibimenyetso no kubihuza bishyirwahanwe kugirango *“dukomeze aya mahame, kugira[ngo] tutavangura abantu duca urwa kibera ntakintu dukorera kurema ibice” (1 Tim 5:21).* Niba itorere rigomba kuguma ritunganye kandi ryera, si abizera gusa bagomba gutungana no kwera mu myifatire yabo, ahubwo n’abayobozi bagomba gutungana no kwera mu buryo basohozwa amahame agenga imyitwarire mu itorero; nta kubogama cyangwa kurenganya mu buryo *bayobora itorero*: bakora ibyo bashizwe mu kwiyoroshya no mu *“guca bugufi n’ubugwaneza, no kwemera intege nke zacu n’ubwoba bw’uko dushobora kugwa muri icyo cyaha”* (Grudem 1994: 899-900; reba **Mat 7:3-5; Luka 6:42**); abashingira kubumenyetso gusa mugufata ibyemezo byabo bafite intego yo kurinda izina ryiza ry’itorero, barinda gukwirakwira kw’icayaha, no kuzana kwihana no gusubira ku murongo kuwakoze nabi.

D. Umubatizo n’ameza y’umwami

- “Kristo yategetse abizera gukora imihango ibiri: umubatizo, uba rimwe umuntu akizera ukamwinjiza mu itorero (Mat 28:19; Gal 3:27), n’ameza y’Umwami, umuhango uhoraho wo kwibuka (1 Kor 11:23-26). ibi byitwa ‘amasakaramento’ mu itorero ryo mu burengerazuba, ‘amayobera’ mu itorero rya Orutodogisi ryo muburasira zuba, cyangwa ‘umuhango.’ Ibyanditswe ntibifite izina ryihariye ryiyo mihango ibiri ijyanye niyo mu isezerano rya kera, uwo ni, ugukebwa kw’abagabo nk’umuhango wokwakirwa (Itang 17:9-14, 23-27) n’umunsi wa Pasika wa buri mwaka nk’umuhango wo kwibuka (Kuv 12:1-27). Inyigisho za Bibiliya, nyamara, zibishira mu kiciro yose hamwe zibishyira hamwe nk’ibimenyetso n’ibihamya by’isezerano ryo guhuzwa n’Imana.

‘Isakaramento’ riva kw’ijambo ryi Kilatini risobanura icyera. Kwiga imihango ya Gikristo ubwabyo bituyobora k’ubusobanuro bw’isakaramento nk’igikorwa cy’umuhango watanze na Kristo ufatwa nk’ikimenyetso kitwereka ubuntu bw’Imana muri Kristo Yesu n’umugisha w’isezerano rye. Ibyo byererekana kandi igahamiriza abizera iyo migisha, mu kwakira ayo masakaramento basubiza ubwo buntu bw’Imana bakanatura kwizera kwabo kubudahemuka kuri yo. . . . Ryari ikosa ry’itorero ryo mu kinyejana cya 15 gushyiraho andi amasakaramento atanu (gukomezwa, penetetsiya, kushyingirwa, kwimikwa, no gusigwa mavuta kw’abarwayi). Iyi mihango itanu ntabwo ari ikimenyetso cy’isezerano ry’ubusabane n’Imana. Ntiyategetswe na Kristo, nta ‘n’ikimenyetso kigaragara cyangwa umuhango byashyirweho

n’Imana’ (*Ingingo ya Mirongo Itatu n’icyenda, XXV*).

Amasakaramento ni uburyo twakiramo ubuntu, kuko Imana iyakoresha mu gukomeza ukwizera n’ikizere mu masezerano yayo no kuzamura ibikorwa byo kwizera byo kwakira impano nziza z’umumaro. Gukomera kw’isakaramento ntikuvya ku kwizera cyangwa ukuri umukozi w’Imana uyikora, ahubwo kuva mu kwizerwa kw’Imana, yo yatanze ibimenyetso, ikaba inejewe no kubikoresha. . . . Nkuko kubwiriza ijamba bituma ryumvikana, niko isakaramento rituma riboneka.” (“Sacraments” 2005: 1411)

- “Isakaramento si ikintu muri kamere cyaremewe kuba ikimenyetso cy’ubuntu (urugero, umukororombya). Isakaramento ni ikimenyetso *kigira uruhare* mu buntu *bukiza*. Ntabwo rigaragaza gusa kubaho n’umurimo w’Imana, ahubwo n’ishyirwa mu bikorwa ry’agakiza ku banyabyaha. . . . Ibi bimenyetso by’innyuma bigaragaza ubusabane bugaragara; bishushanya itorero rya Kristo nk’ubuturo n’abanyamuryango. Umubatizo usaba gufata icyemezo ku kwinjira mu muryango. Igaburo, ikimenyetso cy’ubusabane buhoraho, kerekana kwigizwayo kw’abavuye ku Mwami.” (Clowney 1995: 271, 272)

1. Umubatizo. Umubatizo ni umuhango winjiza umuntu w’itorero. Ufite ibyo ushushanya ku nzego nyinshi:

- Umubatizo ugaragaza icyo umuntu yabaye cyo n’ubumwe na Kristo (**Rom 6:3-5; Gal 3:27**);
- Umubatizo ni umuhango wo kwitwa izina aho uwabatijwe abatizwa mu izina ry’ubutatu bwera (**Mat 28:19**), ni ukuvuga ko “izina bafite ni bitwa abana b’Imana (Yes 43:6b- 7)” (Clowney 1995: 278)
- Umubatizo ushushanya kwihana no kubabarirwa ibyaha, ikoresheya ry’amazi risobanura ubwere no guhinduka mushya (**Ezek 36:25; Ibyak 22:16; Kol 2:11-13; 1 Pet 3:21**)¹⁰
- Umubatizo ushushanya umubatizo w’Umwuka Wera, ibiyumviro bye n’umurimo uhindura (**Mat 3:11; Yoh 1:33; Ibyak 2:3, 8; 10:47; 11:16-18; 1 Kor 12:13; Tito 3:5**);
- Umubatizo wereka icyo umuntu aricyo kw’itorero, winjiza umuntu mu itorero, ushushanya ubumwe bafitanye umwe kuwundi (**Ibyak 2:41-42; 1 Kor 12:13**);
- Umubatizo hari nicyo ugaragaza ku miterere y’itorero: “Umubatizo muri ubu buryo ubonwa nk’umuhango wo kwinjira icyo kigaragaza imimerere y’itorero ko ariy’umuryango aho ubwoko, ubukungu, no gutandukana kw’ibitsina bikurwaho (1 Kor 12:12-13; Gal. 3:27-29)” (Leithart 2012: n.p.).

N’ubwo aba Kristo benshi n’amatorero bemeranya nibyavuzwe haruguro icyo umubatizo usobanura, mu mateka n’uyu muni hagiye habaho impaka niba abana (umubatizo w’abana) cyangwa abizera bakuru gusa (umubatizo w’abizera cyangwa umubatizo w’abazi icyo bakora) bagomba kubatizwa n’ibijyanye n’uburyo bw’umubatizo (kuminjagira, gusuka, cyangwa kwibiza).

a. *Umubatizo w’abana uwugereranije n’umubatizo w’abizera.*

- Umubatizo w’abana. Abemera kubatiza abana bajya impaka bashingiye ku kugereranya gukomeza ko gukebwa ko mw’Isezerano rya Kera n’umubatizo w’Isezerano Rishya (**Kol 2:11-12**) n’umubatizo w’“urugo rwose” uwo bavuga, konabana barimo (**Ibyak 10:46-48; 16:15, 33; 1 Kor 1:16**) (reba Clowney 1995: 280-84; Strawbridge 1998; Strawbridge, ed.

¹⁰ **Rom 10:9** haravugango “Ni watumaze ahanwako Yesu ari umwami, ukizeza umutima ko Imanayamuzuye mubapfuye, uzakizwa.” **1 Pet 3:21** hakavugaga ngo; “Na n’ubu amazi ni yo—akibakiza namwe muburyo bw’igishushanyo, kubatizwa icyakora si uko ukuraho ico k’umubiri, ahubwo ni isezerano ku mana ry’umutima uticira urubanza.” John Piper avugaga ku gakiza agahuje no kwitura kwizera no kubatizwa muri iyi mirongo muri ubu buryo: “Uko iminwa inyeganyega mu mwuka [**Rom 9:10**] niko n’umubiri unyeganyega mu mazi [**1 Pet 3:21**] bikiza muburyo gusa bw’uko bugaragaza igikorwa kimwe cyo gutsindishirizwa, aricyo, kwizera (**Rom 3:28**). Umubatizo nukwerekana inyuma ko wizeye Imana mu mutima.” (Piper 2013: 158)

Bikwiye kumvikana ko umuco wa Gatulika yi Roma w’umubatizo ni uko umubatizo ubwawo ari igikoreshe gitanaga ubuntu bukiza (“umubatizo uhindura umuntu mushya”) ariko Bibiliya igaragaza neza ko dukizwa n’ubuntu bw’Imana kubwo kwizera gusa, si ugukora ibikorwa bigaragara nk’umubatizo (urugero, **Rom 3:28; 4:1-5; Ef 2:8-9; Tito 3:5-7**). Ibi byahuje n’amagambo ya Yesu abwira igisambo k’umusaraba, “Ni kuri ndakubwira ko, uyu muni turi bubane muri paladizo” [**Luka 23:43**]; igisambo cyakijijwe kitabatijwe). Andreas Kostenberger yabivuze mumagambo make, “Muburyo bwa tewologiya, *amazi y’umubatizo abanziriza kuba mushya mu umwuka* nkumurimo w’ibanze w’Imana kubw’umwuka Wera. Ibi biva mu itangazo rya Yohani Batisita ko Mesiya azabatiza abantu mu Mwuka. Kubw’ibyo kwihana ibyaha no kwizera muri Kristo, bifatanyije no guhinduka by’imbere, ni ko ibyo gusumba iyindi k’umubatizo w’amazi byumvikana kandi bikurikirane. Ibi kandi, bigarura, umubatizo w’amazi aho wagombye kuba. Nta bwishingizi mu butumwa bwiza bw’umubatizo uhindura umuntu w’imbere.” (Kostenberger 2006-2015: n.p.; reba kandi Hunt 1995, White 2005-2006, na Johnson 2016 ku birebana no guhindurwa bashya n’umubatizo) Umubatizo n’ingenzi kuko ari ikimenyetso cy’innyuma kandi kigaragara cy’ibyo Imana ikora mu guhindura umuntu wacu w’imbere no kuducungura; si igikorwa kigaragara cyangwa gikomeye kugirangotube bashyankandi dukizwe cyangwa bisabacyangwa byemeza Imana kutugira bashya no kudukiza.

2003; “Paedobaptism” 2013 [inyigisho nyinshi zishyikira umubatizo w’abana]).

- Umubatizo w’abizera. Abemera gusa umubatizo w’abizera bashimangira ko mw’Isezzerano Rishya abizera gusa aribo babatijwe (ko n’umubatizo wabo“ mu nzu imwe bose” batavugako n’abana babatijwe) bafatanya umubatizo no kwihana n’imyizerere atari kugira ubushobozi bwo kwihana no kwizera gusa umwana akuze (urugero, **Mariko 16:16; Ibyak 2:38; 10:47; 16:14-15; 16:31-33; Kol 2:12**). Berekana itandukanira risobanutse hagati yabantu b’Imana b’Isezzerano rya Kera (byari kubwo *kuvuka kugaragara* kandi bigenewe Abayisilaheri gusa) n’abantu b’Isezzerano Rishya (ryo kubwo *kwizera* kandi ririmo ababantu bo mu moko yose, indimi, amahanga yose n’abantu (**Rom 4:16; 9:7-8; Gal 3:7, 9, 25-29; Ibyah 5:9; 7:9**) (reba Piper 2013: 154-62; Welty 1996; Schreiner na Wright 2006; “Umubatizo” n.d. [ingingo nyinshu zivuga ku mubatizo w’abizera]).

b. *Uburyo bwo kubatiza*. Amatorero atandukanye yagiye akoresha uburyo butandukanye bwo kubatiza, waba umubatizo uwo kuminjagira, gusuka, cyangwa kwibiza. Buri muco ukoresha ibyanditswe mu gushyigikira aho uhagaze kubirebana n’umubatizo.

- Kwibiza. Abimakaza kwibiza bwa mbere bareba kubusobanuro bw’amagambo y’Ikigiliki “kubatiza” mu Isezzerano Rishya (*baptizō*): “Uburyo bwa Yohana na Yesu bw’umubatizo bwari ubwo kwibiza. Ibi bigaragazwa n’ubusobanuro bw’ijambo *baptizō* “kwibiza” (urugero, Yos 3:15 LXX; Ruth 2:14 LXX *baptizō*, ‘kubatiza,’ ni uburyo bwihuse bukoresha cyane. Bwerekana kandi na the LXX usage of *baptizō* with reference to immersion (reba 2 Abami 5:14).” (Kostenberger 2006-2015: n.p.) Icyakabiri, kwibiza (umubiri wibira mu mazi hanyuma ukavamo) guhuzwa kwiza ko gupfa guhambwa no kuzuka bya kristo (**Rom 6:3-5; Kol 2:12**). Icyagatatu, ibyanditswe by’inshi byo mu Isezzerano Rishya bivuga kwibizwa (**Mat 3:16** [“*Yesu amaze kubatizwa uwo mwanya ava mumazi*”]; **Yoh 3:23** [“*Ariko Yohana we yabatirizaga muri Ayinoni bugufi bw’Isalimu kuko aho hari mazi menshi*”]; **Ibyak 8:36-39** [kugirango abatize inkone y’Umwetiyopiya “yagiye hasi mumazi” nyuma yo kubatizwa “*ava mumazi*”]). Itorero rya mbere ryabitse *Urwandiko rwa Barinaba* (c.70-131) n’*Umushumba wa Hermas* (c.95-154) zivuga umubatizo muburyo busa nubw’ “twamanutse mu mazi” kandi “tuvamo” (*Urwandiko rwa Barinaba* 1989:11.11) kandi “twamanutse mu mazi” (*Umushumba wa Hermas* 1989: 31).

- Kuminjagirwa cyangwa gusukwaho. Abemera kuminjagirwa cyangwa gusukwaho bajya impaka ko “nyamara ko kubatizwa n’ibijyanye nabyo akenshi byerekeza ku kwibiza cyangwa kuvika ariko aya magambo anakoresha ku kozwa cyangwa kwezwa. Nuko nta mwanzuro kuburyo bwo kubatiza bushobora kwemezwa neza bishingiye ko ayo magambo yakoreshejwe.” (Pipa 2003: 115) Bakomeza kujya impaka bavugako uburyo bwibanze bwo kuvuga ku guhinduka mushya ari ukubivuga nko kwezwa cyangwa kozwa n’amazi (**Ezek 36:25; Yoh 3:5; Tito 3:5-6**): “Heb 9:13, 19 higishako kozwa kwari ukuminjagirwa [reba **Pet 1:2** (“*kuminjagirwa n’amarasoye*”)]. . . . Mbere mumurongo wa 10 umwanditsi yerekezaga kumigenzo yo kwezwa akoreshe ijambo risobanura ‘kozwa.’ Ijambo ryo gukoresha ni izina *baptismos*. Ihuriro hagati ‘y’umubatizo wo mumurongo wa 10 n’umugenzo wo kuminjagirwa mu mirongo ya 13 na 19 risa nirigaragara neza.(Ibid:124) Byongeye, **Tito 3:5-6** havuga ko guhinduka bashya kwacu byabaye kubw’Umwuka “*wasutse*.” Kuva umubatizo rero umenyekanisha ikimenyetso cy’ubumwe bwacu na Kristo, binyuze mu murimo w’Umwuka Wera “uburyo [bwo kubatiza] bwagombye kwerekana bwa bundi bw’umuhango wo kwezwa (kuminjagirwa) cyangwa guhindurwa bashya n’Umwuka Wera (gusukwaho) (Ibid.:126). Bimwe mubihamya byibi, wenda aho kwibizwa bidashoka; biboneka mugitabo cy’amabwiriza y’itorero ryambere *Didache* (c.70-110), kivuga ko umubatizo ukorwa “mumazi atemba. Iyo udafite amazi atemba, ubatiriza muyandi mazi, kandi niba udashobora kubatiriza mumazi akonje, wabikorera mumazi yakazuyazi, niba nta kidendezi, usuka k’ugahanga inshuro eshatu.” (*Didache* 1989: 7.1- 3)

c. *Igiterekerezo cya nyuma k’umumaro w’umubatizo*. Amatorero menshi ashaka kubatiza umuntu hanyuma agahita babyibagirwa. Ariko, mu gitabo cy’**Abaroma 6** Pawulo yasabye Abaroma kwiyambura ibyaha byabo bakabaho ubu zima bwo gukiranuka *bushingiye k’umubatizo wabo*. Nkuko byavuzwe haruguru, umubatizo ni ikimenyetso gikomeye cy’ubuzima bwacu bwa Gikristo. Byategetswe na Kristo nk’umwe mumuhango ibiri yategetse (**Mat 28:19**). Rero, uko ibihe bihaye ibindi abayobozi b’itorero bahamagara abantu kwibuka umubatizo wabo nicyo

usobanura, ko bafite ikintu kigaragara kibasanisha na Kristo n'itorero nicyo bisobanuye kubuzima bwabo. Amatorero amwe agira amateraniryo ya buri mwaka aho abayobokeye basubiramo indahiro zabo, cyangwa, z'umubatizo kandi bagasezerana gusengera abanyamubatizo bashya. icyo gikorwa gifasha guhuza abanyetorero n'abayobokeye gutekereza k'ubuzima bwabo muri Kristo.

2. **Ameza y'Umwami.** Ameza y'Umwami (mu matorero amwe namwe ryitwa Okalisitiya mu matorero amwe¹¹) ni umuhango uhora usubirwamo mu itorero. Nk'umubatizo igaburo ryera rigaragaza icyo abantu babaye cyo muri Kristo kandi rikagira icyo rivuga ano kumiterere y'itorero: "Iyo dusangira umugati umwe, itorero riba rigaragariza rubanda umuhango ugaragaza ko ari umubiri umwe wa Kristo, abayobokeye baryo bakoreramye hamwe mugufashirizwa hamwe. Uwo muhango wabayeho umurongo wo gupimiraho urugero rw'ubwiza bw'ubuzima bwacu twese hamwe." (Leithart 2012: n.p.)

a. **Ameza y'Umwami n'urupfu rwa Yesu.** Yesu yategetse iby'igaburo ryera mu gusangira bwanyuma n'abigishwa" (ifunguro rya Pasika) (**Mat 26:26-29; Mariko 14:22-25; Luka 22:14-20; 1 Kor 11:23-26**). Mugusangira, Yesu yagereranyije umugati n'umubiri we wendaga gutanyagurwa, igikombe (vino) n'amaraso ye yendaga kumeneka, kandi avugako tugomba kubikora "ngo tumwibuke" (**Luka 22:19; 1 Kor 11:24-25**). Mu **1 Kor 11:26** Pawulo avugako, "Uko muzajya murya uwo mutsima mukanywera kuri iki gikombe, muzaba mwerekanye urupfu rw'umwami Yesu kugezaho azazira." Amagambo ya Yesu ategereye Ameza y'Umwami n'aho ahurira ni bya Pasika (wo kwibuka marayika murimbuza "kunyurwaho" k'ubisiraheli harimo n'igitambo cy'umwana w'intama; reba **1 Kor 5:7** ("Pasika yacu yatambwe ni Kristo")) byereka na ibi bikurikira k'urupfu rwa Yesu:

- **Icyo urupfu rwe rushingiyeho.** John Stott avugako, "Umugati ntiwari uhagarariye umubiriwe muzima, ubwo yari ari kumwe nabo ku meza, ahubwo umubiri we nkuko wendaga 'gutangwa' kubwabo m'urupfu. Nuko na vino ntiyari ihagarariye amaraso yatemberaga mu mitsiye ubwo yavuganaga nabo, ahubwo amaraso yenda ga kumeneka kubwabo mu rupfu. . . . Urupfu rwe nirwo yashakaga ko ruzibukwa kurenza ibindi. Niho biva kandi utuje, ko nta bukristo nta musaraba. Niba umusaraba atari ryo zingiro ry'idini yacu, ibyacu si idini ya Yesu." (Stott 1986: 68)
- **Intego y'urupfu rwe.** Ugendeye kuri **Mat 26:28; Luka 22:20; na 1 Kor 11:25** igikombe cya shushanyaga gusa amaraso ya Kristo ariko ku Isezerano Rishya, Isezerano Rishya niryo ryonyine Imana yasezeranyije kubabarira ibyaha byacu (**Yer 31:34; Mat 26:28**). Urupfu rwa Yesu, "igitambo cy'ubumana cyatanze mu Isezerano Rishya n'amasezerano yaryo y'imbabazi rizahindurwa. Agiye kupfa kugirango agarure abantu be mu isezerano rishya ry'ubusabane n'Imana." (Stott 1986: 70)
- **Ugushyamba kugira urupfu rwe urwawe.** Kurya umugati no kunywa kugikombe nugushyamba Yesu Kristo muritwe (**Yoh 6:53-58**). "Nk'uko bitari bihagije ko umugati umanyagurwa no gusukwa kwa vino, ahubwo bakagomba kurya ba kananywa, ubwo ntibyari bihagije gupfa kwe. Ariko bagombaga kwakira inyungu z'urupfu rwe buri muntu kugiti cye. Kurya no kunywa byari, kandi biracyari, igikorwa cy'umugati cyo kwakira Kristo nk'umucunguzi watwitangiyeho no kugaburirwa nawe mumitima yacu kubwo kwizera." (Stott 1986:70)

b. **Imyumvire itandukanye y'ihuriro rya Kristo n'ibigize Ameza y'Umwami.** Nko k'umubatizo, imico itandukanye y'itorero yumva bitandukanye kuboneka kwa Kristo muguhuza ibigize (umugati n'igikombe).¹² Hari, ibitekerezwa bine, by'ingenzi:

¹¹ Ijambo Okarisitiya risobanura "gushimira." Holmes yabivuze atya, "Ijambo *eucharistia*, muri rusange mu Isezerano Rishya rikoresheye mu buryo bwo "gushimira cyangwa gutanga ishimwe (cf., urugero. Ibyak 24:3; Fil. 4:6; 1 Tes 3:9), ryaje guhindukajjambo ry'ibanze rikoresheye mugutanga ishimwe, byitwa Ameza y'umwami (cf. Ign. *Smyrn.* 6.2; Justin Martyr, *1 Apology* 65)" (Holmes 1989: 153-54n.29).

¹² Amasengesho azwi amaze igihe kurusha andi ya okarisitiya yashyizwe muri *Didache* (c. 70-110) gutya:

"9. Noneho kubyerekeye Ukaristiya, shimira ku buryo bukurikira: icya mbere, ku gikombe: Turagushimira Data, kubera umuzabibu wera wa Dawidi umugaragu wawe, watumenyesheje binyuze kuri Yesu, umugaragu wawe; icyubahiro kibe icye iteka ryose.

Naho kubyerekeye umutsima umanyuwe: Turagushimira Data, kubuzima nubumenyi watumenyesheje binyuze kuri Yesu, umugaragu wawe; icyubahiro kibe icye iteka ryose. Nkuko uyu mugati umanyuwe wasakaye ku misozi hanyuma ukegeranyirizwa hamwe uhinduka umwe, niko itorero ryawe riteranira hamwe kuva ku mpera z'isi mu bwami bwawe; erega icyawe nicyubahiro n'imbaraga binyuze kuri Yesu Kristo ubuziraherezo.

- Guhindurwa. Aho Gaturika y’i Roma ihagaze ni uko ubwo Yesu yavugaga ati, “*Uyu ni umubiri wanjye*” (**Mat 26:26; Mariko 14:22; Luka 22:19; 1 Kor 11:24**), icyo yarafite mukiganza cyo “kiracyafite ibigize umugati byose”: ‘ibiwugize’ ntibyahindutse. Nyamara . . . Ukuri *guciyeho umurongo* (‘ikigize’) umugati cyahindutse umubiri we. Mu yandi magambo, cyari umubiriwe, mugihe ibiwugize ubirebye muburyo busanzwe cyangwa ubushakashatsi byari iby’umugati neza nka mbere.” (“Transubstantiation” 2017: Roman Catholic Church) Nkuko bimeze uyu mnsi, iyo umutabyi wabisigiye ari gutanga igaburo, ibigize umugati na vino bivugwako bihindurwa mo umubiri nyawo n’amaraso bya Kristo n’ubwo ibiwukoze (nuko ugaragara inyuma) biguma uko biri.
- Isakaramento ry’ubumwe (kwibumbira hamwe). Abayobotse Luteri bizera ko umubiri n’amaraso bya Kristo byukuri uko biri byerekanwa mu buryo bw’umugati wejeje na vino, bivugako uriye akananywa ibi byombi aba ariye umubiri n’amaraso bya Kristo ubwe mu isakaramento rya okalisitiya baba abizera cyangwa abatizera. Imyizerere yaba Luteri yo kuboneka k’ukuri bizwi nanone nk’isakaramento ry’ubumwe (Eucharist in Lutheranism” 2017: Beliefs)
- Kugaragara muburyo bw’umwuka. Amatorero yazanywe n’impinduka (abaperesibiteriyani nandi akomoka kuri John Calvin) yigisha ko “umubiri wa Kristo n’amaraso biri mu isakaramento, ariko ko uko kubaho kuvugwa muburyo bw’umwuka kuruta uko umubiri we ufatika uribwa. Afite kugaragazwa n’umwuka we mugihe umuntu akananywa mu kwizera. Kubw’ibyo, ku Ameza y’Umwami abizera babona, bihimbaza, akanahamya ko Kristo agaragara kandi ariho: kuko, ari “ugusabana” nawe by’ukuri. Imyigishirize ivuguruwe yo yo kuboneka nyako mukuntu byitwa kuboneka kwamayobera cyangwa ukubone kwanyako muburyo bw’umwuka.” (“Ameza y’Umwami muri tewolojiya ivuguruwe” 2017: Iriburiro) Uyu ni umwihariko w’ Abangirikani n’aba Metodisite.
- Imyumvire yo kwibuka. “Imyizerere yo kwibuka ifitwe n’amatorero y’abaporotesitanti bemeza ko ibigize umugati na vino (cyangwa umutobe) muri okarisitiya (akenshi byerekeza ku Meza y’Umwami mu kumwibuka) ari ibishushanya ibimenyetso gusa by’umubiri n’amaraso bya Yesu, umunsi mukuru washyiriwe gusa cyagwa byibanze nk’umuhango wo kwibuka. Ijambo riva muri Luka 22:19: ‘Ibi mujye mubikora kugirango munyibuke’ kandi abaritanga basobanurira abakira Ameza y’Umwami ko intego nyamukuru yaryo ari *ukwibuka* Yesu n’igitambo cye k’umusaraba.” (“Memorialism” 2016: n.p.) Mu magambo Kristo yakoresheje ategereye uyumuhango ntiyari kuvuga ko wari mumugati muburyo bufatika na vino cyangwa ko umugati n’amaraso ye byahindutse mo umubiri we, kandi yarari mumubiriwe imbere y’abigishwa be, kandi mbere yuko asubira mu ijuru no gusuka Umwuka Wera kumunsi wa pantekote Kristo ntiyateje urujijo (yabereye hose icyarimwe igihe kimwe); ahubwo amagambo ye yamenyeshaga kubura kwe kadi agahamagarira abigishwabe kwibuka urupfurwe kandi bagategereza kugaruka kwe (ibyiringiro) aha niho Ababatista benshi, Amatorero y’ivugabutumwa n’Abapentekote bahagaze.

c. Ibitekerezo bya nyuma ku Meza y’Umwami: Ukwakira Ameza y’Umwami kwacu bisobanuye ko: (1) *Twibuka* urupfu rwa Kristo (**Luka 22:19; 1 Kor 11:24-25**) (2) *Dutangaza* urupfu rwa Kristo (**1 Kor 11:26**); (3) *Duhimbaza* Kristo, kubana nawe, no kubaho kwe muri twe; (4) *Twitegura* kugaruka kwe n’ibirori bya nyuma mu bwiza bwe (**Mat 26:29; Mariko 14:25; Luka 22:16, 18; 1 Kor 11:26; Ibyah 19:7-9**); no (5) *Kwishimira tunagaraza* imibanire yacu

Ariko ntihakagire umuntu urya cyangwa ngo anywe Ukaristiya yawe keretse ababatijwe mu izina rya Nyagasani, kuko Uwitaka na we yabivuze kuri ibi: 'Ntutange ibyera ngo ubihe imbwa.'

10. Kandi umaze kurya, shimira gutya: Turagushimira, Data wera, kubwizina ryawe ryera watumye tugutura mumitima yacu, no kubumenyi, kwizera no kudapfa wabimenyesheje; binyuze kuri Yesu umugaragu wawe; icyubahiro kibe icyiteka ryose.

Wowe, Mwigisha ushoborabyose, waremye ibintu byose kubwizina ryawe, kandi uha abantu ibiryo n’ibinyobwa kugirango bishimire, kugirango bagushimire; ariko kuri twe waduhaye ubuntu ibiryo n’ibinyobwa byo mu mwuka, n’ubuzima bw’iteka binyuze ku mugaragu wawe. . . .”abyishimire kugirango bagushimire: ariko kuritwe kubw’ubuntu bwawe wahaye ifunguro n’ikinyobwa cy’umwuka n’ubugingo buhora binyuze mu umugaragu wawe. . . .” (*Didache* 1989: 9.1-10.3) Kuri bike, ibi bigaragazako imyizerere y’ihinduka ry’ukaristiya bivugwa na gatulika y’i Roma ari igitekerezo cya vuba.

n’ubumwe bwacu n’andi bizera (**Luka 22:17; 1 Kor 10:16-17**).

Amatorero atandukanye akora umuhango w’ameza y’umwami bitandukanye (bamwe buri cyumweru, abandi buri kwezi, abandi ibindi bihe bitandukanye). Hatitawe kugihe Ameza y’Umwami yakirirwa, bitewe n’umumaro rishushanya, Paulo atubwira ko tugomba “kwiyinira” kugirango twakire igaburo “muburyo bukwiye” atari “ukurya no kunyera kwishyira ho urubanza” (**1 Kor 11:27-29**). Kwiyinira nk’uku kurimo kwibaza ibi bibazo (1) Ndi umwizera? (2) Hari icyaha ntihanne mubuzima bwanjye? (3) Mbanye neza n’abandi bizera ndetse n’abandi muri rusanjye? Iyo duhaye agaciro igaburo ryera, rishobora kutubera uburyo bw’ubuntu bwo kuduhu ndetse no kutwegereza Imanaza.¹³

III. Itorero: Umurimo waryo n’itego—iriburiro

A. *Itorero ririhok’ubw’ubuntu bw’Imana n’Icyubahiro cy’Imana*

1. Imana yaducunguriye muri Kristo inashyiraho itorero k’ubw’ubuntu bwayo gusa (**Mat 16:18; Yoh 1:14-17; Rom 3:21-24; 5:14-21; 8:29-30; 11:5-6, 36; 1 Kor 15:10; Ef 1:5-6, 18-23; 2:8-10; 3:1-7; Kol 1:13-23; 2 Tes 2:16-17; 1 Tim 1:12-15; 2 Tim 1:8-11; Tito 2:11; 3:5-7; Heb 2:9**).
2. Umumaro ukomeye w’itorero ni ukubahisha Imana (**Yes 43:7; 44:23; 46:13; Mat 5:16; Yoh 5:44; 12:27-28; 14:13; 17:22-24; Rom 11:36; 15:7-9; 16:27; 1 Kor 6:19-20; 10:31; Ef 1:3-14; 3:21; Fil 1:9-11; 4:20; 1 Tim 1:17; 2 Tim 4:18; 1 Pet 2:12; 4:11; 2 Pet 3:18; Yuda 25; Ibyah 1:6**).

B. *Ubuzima bwa Gikristo—bityo rero ubuzima bwitorero—ni ubuzima bwuzuye*

Yesu yaravuze ati: “*umujura ntazanwa n’ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura; naje ngo zibone ubugingo kandi bwinshi*” (Yoh 10:10). Yesu arimo aratumwibira ko hari inzira imwe yo kwakira ubugingo buhoraho . . . inkomoko imwe y’ubwenge bw’Imana, ikigeza kimwe cy’ifunguro ryuzuye ry’umwuka, ishinngiro rimwe ry’uburizi bw’umwuka—Yesu wenyine” (Carson 1991: 385). Ubugingo buhoraho Yesu atanga “ntibwubutse, nkigihe cyo kuzuza (ni ‘ubuzima buhoraho’) ahubwo ubuzima ni uburenze imitekerezereze, bwiza bwo kubamo” (Ibid.). Mu yandi magambo, ubugingo butangira nonaha tukiri muri ubu buzima. ubugingo buhoraho si ubuzima butarangira gusa ahubwo ni *ubundi* buzima butandukanye, Ni ubuzima nk’ubwa Yesu ubwe. Ubuzima bwa Yesu ntibwagarukiraga gusa kubyo abantu bamwe batekereza nkiby’umwuka gusa (gusenga no gusoma Bibiliya gusa, n’ibindi). Ahubwo Yesu yerekanye ubwo buzima bw’ukuri, ubwo buzima bwinshi atanga , ni ubwera kandi bugera kubice byose by’ubuzima. Nkuko umwanditsi umwe yabyanditsi ati “Yesu yakomeje kugenda ashya mu bikorwa ubuzima bwinshi imbere ya buri wese muburyo bwuzuye. Uburyo bwe bwo kubaho kwasimbuye kwikorera ubwe bimirwa no kwita kubyabandi bakeneye. Yesu yahamije ko ububuryo bwo kubaho buca inzira kubuzima bwinshi.” (McNeal 2009: 31) Nyuma yo koza abigishwabe ibirenge, Yesu yagize ati, “*Nabahaye urugero kugirango mukore nk’uko nakoze*” (**Yoh 10:15**). Urugero rw’ubuzima bwuzuye bukora kubantu bose bamukurikiye.

Kuba itorero mu mwuzuro ari “umubiri wa Kristo” (**Rom 12:5; 1 Kor 12:12-27; Ef 3:6; 5:23; Kol 1:18, 24**), urugero rwa Yesu rw’ubuzima bwuzuye rukora no kw’itorero ryose. Jonathan Dodson yavuze ko “iyo duhindukiriye *Yesu*, tuba duhindukiriye mu *itorero rye* Iyo dutekereje k’ubutumwa bwiza, dutekereza mbere kuguhindukira kw’umuntu ku giti cye. Bitandukanye, Bibiliya bidasubirwaho yerekana guhinduka ko ari ibyarusange. . . . Iyo twakiriye Yesu Kristo nk’Umwami n’umutwe (Kolo 2:6), duhita duhuzwa n’umubiri wa Kol. 1:18; 2:2). . . . Nk’abantu—bashingiye kuri Yesu ni abantu bakurura abandi—babashishikariza, kubabarira, ubwiyunge, imirimo, kurema amatsinda gahunda ihuza imico yose indimi zose kugirango bareme undi muntu (Kol. 2:15). . . . Iyo dukoze nk’itorero kuri buri umwe kuwundi, dusakaza ubwami bw’ubuntu no gucungura kwa Yesu mu isi. Igihe ubutware bubohora bugeze muri iyisi, itorero rirakura rikagera kugihagararo cya Kristo.” (Dodson 2012: 109-110, emph. in orig.)

C. *Imana y’ubahishwa no kwizera kwacu kugaragarira mu bikorwa by’urukunda ku mana n’abandi bantu*

1. Kwizera ni umwifato wubahisha Imana cyane kuko ukurikije ubusobanuro, kwizera gushyira kure kwirebaho ahubwo hakimakazwa kureba kumana. “*Utizera ntashobora kunezeza Imana*” (**Heb 11:6**). “*Igikorwa kidakoranywe kwizera ni icyaha*” (**Rom 14:23**). Kwizera ni ukwemera kuzuye no kwiringira Imana mu bice by’ubuzima bwacu bwose (**Heb 11**). Kwizera no kwiringira Imana ni ukubona ubusobanuro bwacu, itego, no kunyurwa muri yo, si mu bintu byo mu isi (reba **Fil 4:10-13; Heb 13:5-**

¹³ Incamake y’amateka y’imitererey’ n’amaskaramentu itorero byongeweho **NK’UMUGEREK 1—AMATEKA Y’IMYIZERERE: UBUMENYI KU ITORERO.**

14). Nkuko John piper abivuga, “Imana yubahirwa muritwe cyane iyo tunyuzwe cyane muri yo” (Piper 2003: 288).

2. Ukwizera nyakuri buri gihe kwigaragariza mukumvira Imana (Mat 7:13-27; Yoh 14:21- 24; 15:1-11; Yak 1:22-2:26), kandi kwizera nyakuri no kumvira Imana nyako byigaragariza murukundo rw’Imana n’abantu. Impamvu ibi ari ukuri nuko urukundo ruva ku mana kuko Imana ari urukundo (1 Yoh 4:7-8, 16) kandi tugomba kuba nkayo (Rom 8:29; 1 Kor 15:49; 2 Kor 3:18). Muby’kuri, “*Turayikunda kuko ariyo yabanje kudukunda*” (1 Yoh 4:19; Ef 5:2). Nihagira umuntu ukubaza ati: ni gute kuba Imana igukunda bivamo gukunda abandi? igisubizo ni: kuvuka bushya kuzana iryo huriro. Kuvuka bushya n’igikorwa cy’Umwuka Wera ahuza imitima yacu yikunda ipfuye, n’umutima uriho w’urukundo w’Imana, kugira ngo ubuzima bwayo buhinduke ubuzima bwacu, n’urukundo rwayo rube urukundo rwacu.” (Piper 2009: 157) Kubw’ibyo, urukundo ruba ikimenyetso cyibanze kigaragaza ko koko umuntu yavutse ubwakabiri. Uko urukundo ari ishingiro ry’imibanire yaba Kristo, ku itorero, no kubukristo ubwabwo, biri muri uburyo bukurikira:

- Yesu yavuze ku amategeko abiri; “*Ukunde uwiteka Imana yawe n’umutima wawe wose, n’ubugungu bwawe bwose, n’ubwenge bwawe bwose,*” kandi “*ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda*” ni urufatiro wa Bibiliya yose (Math 22:36-40; Mariko 12:28-34; Luka 10:25-28).
- Intumwa Yohana yavuze ko “*udakunda atazi Imana*” (1 Yoh 4:8) “*Kandi niba umuntu avuga ko akunada Imana akanga mwene se ni umubeshyi: kuko udakunda mwene se yabonye adashobora gukunda Imana atabonye*” (1 Yoh 4:20). Uko, niko uko “*twubahiriza itegeko ryaya kabiri*” (ni ukuvuga ko, uko dukunda abantu) bigaragaza bikanagerageza niba koko “*twubahiriza itegeko ryambere*” (ni ukuvuga, gukunda Imana).
- Urukundo rufatanye no kubabarirwa ibyaha byacu (Luka 7:36-50; 1 Pet 4:8).
- “Intego” y’inyigisho za Gikristo ni “*urukundo ruva mumutima uboneye utanicira urubanza no kwizera nyako*” (1 Tim 1:5).
- Amategeko yose asohorera muri iyi mvugo “*ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda*” (Rom 13:8-10; Gal 5:14).
- Mw’ijoro mbere yuko apfa, itegeko rishya Yesu yahaye abigishwa be ryari “*mukundane, nkuko nabakunze*” (Yoh 13:34; 15:17).
- Gukundana “ni ikimenyetso kimwe Yesu yatanze ko “*abantu bose bazamenyeraho ko muri abigishwa be nyakuri*” (Yoh 13:35).
- “*Urukundo niyo nzira nyayo*” (1 Kor 12:31) ruruta cyane kwizera n’ibyiringiro (1 Kor 13:13) Niba umuntu adafite urukundo “*ntacyo aba aricyo*” nubwo yagira kwizera gushobora kwimura imisozi (1 Kor 13:1-2). Niba umuntu adafite urukundo, ntacyo yunguka nubwo yatanga ibye byose atunze ngo bifashe abakene kandi agatanga n’umubiriwe ngo atwikwe (1 Kor 13:3).
- Urukundo rushyira abandi imbere rugomba kwerekanwa hejuru y’ibindi byose (1 Pet 4:8).
- Urukundo ni urwa mbere mu “*mbuto z’Umwuka*” ziri muri Gal 5:22-23 kandi ruvuga muri make “*imbuto z’Umwuka*” (ku buryo bugaragara, “*imbuto z’Umwuka*” ni ubucye, ntabwo ari ubwinshinshi).
- Urukundo ni “*umurunga mwiza w’ubumwe*” rugomaba kwerekanwa hejuru yibindi bintu byose (Kol 3:14)
- Ibyanditswe byita urukundo “*itegeko ry’ubwami*” (Yak 2:8).
- Uburebure bw’urukundo ni ukwitanga: “*Ntawe ufite urukundo ruruta urw’umuntu upfira inshuti ze*” (Yoh 15:13)
- Itegeko ry’Imana risaba ibikorwa “*Mu bintu byose, rero, ufate abantu nkuko ushaka ko bagufata, kuko ibi aribyo mategeko n’ibyanuwe*” (Mat 7:12; Luka 6:31).
- Intumwa zakomeje kwizera ku ibanze ry’urukundo no guhugurira abizera no kwerekana urukundo umwe kuwundi umunsi kuwundi (1 Kor 8:1; 16:14; 2 Kor 2:8; 8:24; Gal 5:6, 13; Ef 3:17-19; 4:2, 15; 5:2, 25, 28; Fil 2:1-2; Kol 2:2; 3:14; 1 Tes 3:12; 4:9; Filemoni 9; Heb 10:24; 1 Pet 2:17; 4:8; 2 Pet 1:7; 1 Yoh 4:7-11; 2 Yohana 5).

Gutekereza k’umigambi n’itego by’itorero mubyurukundo bidusaba (1) gutekereza itorero muburyo bw’umubano; no (2) kutita gusa kubyo itorero rikora ariko ntashidikanya wita ku buryo ribikoramo.

D. Imirimo ine shingiro n’itego by’itorero

Imirimo ine ikurikira n’itego by’itorero byateguriwe guhuza kandi ifite itego yo kwerekana ukwizera kwacu no kuzamura icyubahiro cy’Imana:

1. Kuramya Imana. Kuramya Imana *bisubiza* ubuntu n’urukundo kuri yo. Kuranya mu buryo bwibanze si igikorwa ahubwo ni umwifato wo mubuzima bwawe bwose ndetse n’ibikorwa.
2. Guhindura abizera abigishwa. Guhindura abizera abigishwa *bisaba* ubuntu n’urukundo rw’umubiri wa Kristo. Guhindura abantu abigishwa habamo guteza imbere imiterere y’ubuzima bwose bw’abizera, “mu mwuka” ndetse n’ahandi.
3. Kujyana ubutumwa kw’abizera. Ubutumwa (umurimo, kujya hanze) *byagura* ubuntu n’urukundo rw’Imana mubataro bizera.
4. Ubumwe (kwibumbira hamwe). Ubumwe no kwibumbira hamwe *byererekana* itorerero ko ari rizima kandi ari umuyoboro w’ubuntu bw’Imana n’urukundo. Kwerekana ubumwe no kwibumbira hamwe ni ikimenyetso cy’ingenzi ko itorero riramya neza Imana, ryigisha abanyamuryango baryo, kandi riyegurira umurimo wo kujyana ubutumwa mu isi.

IV. KURAMYA

Intego n’umurimo by’itorero bibonekera mu kuramya Imana. **Zab 29:2** haduhamagarira kuramya: “*Mwaturire uwiteka ko izana rye rifite icyubahiro; musenjye Uwiteka mwambaye ibyera*” (reba kandi **Zab 96:7-9**).

A. *Mbere na mbere kuramya ni imwitwarire y’imbere kandi y’umwuka ikora k’ubuzima bwacu bwose kuruta kuba ibikorwa by’inyuma k’umubiri*

“Ibi by’ingenzi, byibanze, by’ingirakamaro, bisobanura umutima wo kuramya ni *ukunyurwa n’Imana muri Kristo*. Ibi bihesha agaciro kuba akwiriye, uko umuhesha agaciro ni ko kuramya. . . . Kuramya bwa mbere si igikorwa cy’inyuma, no guha agaciro imiterere y’Imana n’inzira z’Imana muri Kristo. Ni uguhesha agaciro Kristo, no no kunyurwa nicyo Imana iri cyo cyose kuri twe muri Kristo. Iyo ibi bintu bibura ntakuramya kuba guhari, hatitawe kuburyo bwose wigaragaza.” (Piper 2010: 250-51, *emph. in orig.*)

1. Kuramya bishingiye ku Mana—na Kristo. Kuramya ni *ukwerekana* kwacu icyo Imana iri cyo, ibyo yakoze, ibyo iri gukora, nibyo izakora. Ishingiro ryo kuramya ni ukunyurwa n’Imana muri Kristo (reba **Zab 32:11; 37:4; 42:1; 100:2; Fil 1:20-21; 4:4, 10-13; Kol 3:4**).
 - a. *Kuramya Imana mu ijuru byibanda kucyo Imana iricyo* (icyubahiro cyayo, imiterere yayo, itangaje) nicyo Imana yakoreye muri Kristo, iri gukora, nicyo izakora (iremwa, agakiza, ubuyobozi bwayo, n’ubucamanza bwayo buzaza)—reba **Yes 6:1-8; Ibyah 4-5; 7:9-17; 11:15-19; 15; 19:1-6**.
 - b. *Ibi bintu bimwe*—Imiterere y’Imana n’ibikorwa, byayo byibandwaho mukuramya murizaburi zikomeye zo kuramya (reba **Zaburi 8; 19; 24; 29; 33; 46-48; 63; 65-68; 76; 84; 87; 92; 93; 96-100; 103; 104; 111; 113; 115; 117; 135; 145-150**).
 - c. Kuramya bizahoraho iteka ryose kuberako Imana ihoraho iteka ryose.
2. Kuramya byubahisha Imana kandi bifasha mu kudahindura mw’ishusho ya Kristo.
 - a. *Imana yivuzeho imiterere yo hejuru cyane kandi myiza cyane*—kwera, ubwiza, urukundo, ukuri, ubwenjye-ubutabera, imbabazi, ubuntu, kwizerwa, n’ibindi.
 - b. *Abantu baha agaciro icyo bahimbaza*. “Iyo duhimbaje Imana kubwo kutabera, tuba dushimiye ubutabera. Iyo tuyihimbarije ubugwaneza, tuba twishimiye ubugwaneza. Mu kuramya Imana kubw’ibyo byiza byayo, tubiha agaciro kandi tukabyizanira ubwacu mu buzima bwacu.” (Doriani 2001: 92)

B. *Hariuburyobwagutse bwokuramya Imana (ni ukuvuga, kubahokubw’Imananokuyikoreramubuzima bwacubwose) n’uburyobwagutse bwokuramya Imana (kuzahamwenz’umubiri umwe kuramya Umwami)*

Ibi byombi biragendana—*tuba turamiriza Umwami ubusa iyo kuramya kwacu muburyo buto bidaherekejwe nubwagutse* (reba **1 Sam 15:22-23; Zab 51:14-17; Yes 1:11-17; 29:13-16; Yer 6:16-20; 7:21-26; Ezek 16:48-50; Hos 6:6; Mika 6:6-8; Mat 12:1-8; 15:5-9; 23:23; Mariko 12:28-33; Luka 6:6-10; Rom 12:1; Kor 3:23-24; Yak 1:27**).

1. Kuramya bifata kubice byose by’ubuzima nicyo turicyo.
 - a. *Kuramya kukuri kubaho igihe cyose mu buzima bwacu, si ku byumweru gusa*. Umuco wo kuramya ugomba gukora kuburyo tubona abantu n’ibindi bice byose by’ubuzima bwacu (reba **Yoh 4:21-24; Rom 1:9-10; 12:1; Fil 3:3**). Rick Warren avuga ko, “Akenshi tugorwa no gukorera Imana ‘ibintu bikomeye’. Muby’ukuri, Imana inezezwa nuko tuyikorera ibintu bito bivuye mu rukundo no kumvira. Bishobora kutabonwa n’abandi, ariko Imana irabibona kandi

ikabifata nk'ibikorwa byo kuramya. Amahirwe akomeye ashobora kuza rimwe mubuzima, ariko amahirwe mato buri muni aba atuzengurutse. No mu bikorwa byoroheje byo kuvuga ukuri, kugira ubuntu, kutera abandi umwete, bitera Imana ibitwenge. Imana iha agaciro ibikorwa byoriheje bivuye mu kubaha Imana kuruta amashyamba yacu, amashimwe cyangwa amaturo. Bibiliya itubwira ko, “*Uwiteka yishimira ibitambo kuruta umwumviye? Erega kumvira kuruta ibitambo*’ **1 Sam 15:22]**” (Warren 2002: 96, emph. in orig.) Uyu muco upfundikiriwe mu **1 Kor 10:31** havuga ko, “*Namwe nimurya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose mujye mukorera byose guhimbaza Imana.*” (reba kandi **Ef 5:18-20; 6:7; Kol 3:17, 23**). John Piper yabibumbiye muri aya magambo, “Isezerano Rishya rikoresha izo nteruro zikomereye zose zo kuramya [**1 Kor 10:31; Kol 3:17**] ntaho rivuga kumateraniryo yo kuramya. Rivuga ubuzima. . . . Muby’kuri amagambo y’ingenzi ni ‘buri gihe’ na ‘kubwa burikintu cyose’—‘muhore mushima kandi kubwaburi kintu cyose [**Ef 5:20**] ibi byakabaye ibyo twakagombye kuba dukora mu materaniryo yo kuramya, ariko si wo mutwaro wa Paulo kutubwira ibyo. Umutwaro we ni ukuduhamagarira kuramya kukuri kwimbere kandi kutavanana no kuramya gufata kubice byose by’ubuzima bwacu.” (Piper 2010: 245)

b. *Kuramya kukuri gukora kuko miterere yacu yose (ubwenge n’umutima, n’amaranga mutima n’umwuka n’ubushake)*. Kuramya kukuri ni ukuramya Imana “*mu mwuka no mu kuri*” (**Yoh 21-24**).

(1) “Umwuka” werekanako kuramya kugomba gukora ku mitima yacu, amaranaga mutima, n’umwuka wacu, nkuko dufashwa tukaninjizwa mu kuramya n’Umwuka Wera (reba **Mat 15:8-9; 1 Kor 14:25**).

(2) “Ukuri” kwerekana ko kuramya kugomaba gushingira k’ubutumwa bwiza n’Ijambo (Bibiliya) kuko Imana yashyize hejuru Ijambo ryayokandi yatwihishuriye mu Ijambo ryabaye umuntu (Yesu) no mu Ijambo ryayo ryanditwese (Bibiliya) ariko kuri ibyo muri (**Zaburi 119; 138:2; Yoh 1:1-14; 14:6; 17:17; Ef 1:13; 1 Tim 2:15; 3:16-17; Heb 1:1-2; Yak 1:18**).

2. Kuramya kwereka Imana ukuyiha kwacu mu buryo bwose yashyizeho. Kubw’ibyo, turamya Imana mu:

a. *Kuririmba* (**Zab 47:67; 95:1-7; 96:1-10; 98:1-6; Mariko 14:26; 1 Kor 14:26; Ef 5:18-19; Kol 3:16; Ibyah 5:8-10**).

b. *Kuyihimbaza* (**Zab 111:1-10; 112:1; 135:1-4; 144:1-150:6; Luka 24:52-53; Ibyak 2:46-47; Rom 15:7-13; Heb 2:11-12; 13:15; 1 Pet 4:11; Ibyah 4:8-11; 5:11-14; 7:9-14; 19:4-6**).

c. *Kwatura no kwihana icyaha*. Gushyira Imana hejuru bigomba kutuyobora ku kumenya ububi bwacu. Ibi bigomba kutuyobora ku kwihana ku kuri no kutwemeza ko idufite imbabazi (**Zab 34:18; 51:16-17; Yes 6:3-7; Luka 5:8; 2 Kor 7:9-11; Yak 5:16; 1 Yoh 1:5-9; Ibyah 5:2-5**).

d. *Igaburo ry’umwami* (**1 Kor 10:16-17; 11:23-26**).

e. *Gusoma, kubwiriza no kwigisha ijambo rye* (**Ibyak 2:42; 5:42; 1 Kor 14:19; 2 Kor 4:5; 1 Tim 4:6, 11, 13, 16; 6:2b; 2 Tim 2:2; 3:16-17; 4:1-4; Tito 2:1**).

f. *Amashyamba* (**Ibyak 1:14; 2:42; 1 Timoteyo 2**).

g. *Gutanga* (**1 Kor 16:1-2; 2 Kor 8-9**).

h. *Gutanga ibigitambo bizima* (**Yoh 10:27; 15:8; Rom 12:1; Ef 2:8-10; 4:11-5:21; Kol 1:9-10; 2:6-7; 3:23-24**).

V. GUHINDURA

- Ijambo ry’ikigiriki ry’ “umwigishwa” ni “*mathētēs*.” “*Mathētēs* mu Isezerano Rishya risobanura ikirenze umunyeshuri cyangwa umwigishwa. Ni uwakira amabwiriza ahabwa akayagira itegeko rye ry’imyitwarire.” (Zodhiates 1993: *mathētēs*, 936)

- “Ububanza bwa Yesu bw’umwigishwa burimo ibice bitatu ikijyanye n’imitekerereze myiza, ikijyanye n’imibanire, n’umugambiriye. Ibi bice bitatu bigaragara mukuvuga ukuri k’ubutumwa bwiza (ikijyanye n’imitekerereze myiza) mu mibanire yacu yaburimuni y’urukundo (ikijyanye n’imibanire) n’umugambiriye w’ubuntu kubatiza abantu mu izana rya Data watswese n’iry’Umwana n’iry’Umwuka Wera (ikijyanye n’umugambiriye). *Umwigishwa wa Yesu ubwo ni umuntu wiga ubutumwa bwiza, ugaragaza ubutumwa bwiza mu mibanire ye, kandi uvuga ubutumwa bwiza*. Muri make, abigishwa bashingiye k’ubutumwa bwiza.” (Dodson 2012: 37-38, emph. in orig.)

- “Umwigishwa ni umuntu: ukurikira Yesu (umutwe) umwigishwa aba yarihayeho Yesu nk’umumukiza n’umwami w’ubuzima bwe. . . . Uwahinduwe na Yesu (umutima) Yesu yavuzeko tuzamenyera igiti kumbuto zacyo (Matayo 7:17-20). Ntiyavuze imbuto nziza cyane yevuze, ahubwo imbuto zikura. Igihe tumara dukurikiye Yesu, aduhintura imbere—ahindura aba turibo. Dufata icyemezo ku ntego ya Yesu yo gukura abantu mu byaha byabo (ibiganza) Yesu yaducunguye kubw’itego. . . . Umurimo w’Imana ubu ni umurimo wacu, kandi tumenya ko igice cy’amateka yacu kitureba. Amaboko yacu nayo gukora umurimo we. . . . Ni akazi n’umwihariko wa buri Mukristo kuba umwigishwa wa Yesu, kandi n’inshingano za buri torero guhindura abantu abigishwa.” (Putnam 2010: 32- 33, 35)
- “Guhindura abigishwa ni umubano w’ubushake aho tubana n’abandi bigishwa kugirango duterane umwete, twungurane cyangwa duhugurane mu rukundo ngo dukurire muri Kristo. Ibi birimo no kongerera ubushobozi abigishwa kugira ngo bigishe n’abandi.” (Ogden 2007: 4n.5)
- “Itorero ryawe rizaba ryiza gusa bitewe n’abigishwa baryo. Abacuranzi bashyushye, ikibwiriza cy’imbaraga, gahunda nziza n’ibikoresho byo gufasha ubuhanzi ntibizatuma itorero ryawe rikomera niba abigishwa ari abantu b’indeberezi batariyemeje mu murimo ukomeye wo guhindura abandi abigishwa. Ariko niba abigishwa mu itorero ryawe riyemeza kandi rifite imbaraga mu murimo, ubwo itorero ryawe ni irinyembaraga kandi rifite ubuzima. . . . Twakoze ibintu dusubira inyuma igihe kirekire . Tugomba guhindura gahunda. Dutekereza ko kugira igisubizo cyo kugira abigishwa beza ari ukugira itorero ryiza mu gihe mu kuri kugira itorero ryiza ari uguhindura abigishwa beza.” (Cole 2011: n.p.)
- “Ubuyobozi bw’itorero buzima, kuramya kuyobora kw’ivugabutumwa, naryo riyobora guhindura abantu abigishwa. . . . Ivugabutumwa rigomba gukorwa burigihe n’uburyo buzabona abizera bashya mu itorero, aho umurimo wo guhindura abigishwa ushobora gukorerwa. . . . Uretse niba ivugabutumwa rizana abizera bashya mu mubiri wa Kristo ugaragara, ubundi byaba arinko gufasha umwana kuvuka hanyuma ukamusiga hanze mumbeho wenyine. . . . Amagambo y’injyenzi: *Intego y’ukuri yivugabutumwa mubijyanye n’itego nyamukuru ni uguhindura abantu abigishwa.*” (Colson 1992: 343-45, emph. in orig.)

A. *Ibyanditswe shingiro*

Umurimo n’itego by’itorero biboneka mu guha ubushobozi abera ngo bakore umurimo-muyandi magambo, kubyara abigishwa. Igice kibanze cyerekana iyi ntumbero nyamukuru y’itorero iri mu **Ef 4:11-16**:¹¹ “*Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n’abandi kuba abahanuzi, n’abandi kuba ababwiriza butumwabwiza n’abandi kuba abungeri n’abigisha,*¹² *kugirango abera batunganirizwe rwose umurimo wo kugabura iby’Imana kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze kurugero rushyitse rw’igihagararo cya Kristo,*¹³ *kugirango tudakomeza kuba abana duteraganwa n’umuraba tujynwa hirya no hino n’imiyaga yose y’imyigishirize, n’uburiganza bw’abantu n’ubwenge bubi, n’uburyo bwishi bwo kuyobya, ahubwo tuvuge ukuri turi murukundo dukurire muriwe muri byose uwo niwe mutwe ariwo Kristo.*¹⁴ *Kuri uwo niho umubiri wose uteranywa nuko ingingo zose zigirirana nuko igice cyose kigakora umurimo wacyo cyagenewe. Muri Kristo*¹⁵ *uwo niwe umubiri ukura gukuraho kwawo kugirango ukurizwe mu rukundo* (reba kandi **Rom 8:29; Kol 1:28-29; 1 Tes 3:11-13; 2 Tim 2:2; 1 Yoh 2:3-6**).

Mu bika byanditswe byinshi, Yesu yahamagaye abantu ngo bamukurikire nk’abigishwa be kandi akavuga uko umwigishwa aba ameze (reba **Mat 4:18-22; 5:3-16; 10:24-25; 12:46-50; Mariko 3:31-35; Luka 6:40; 8:19-21; 9:23-24, 57-62; 14:25-33; Yoh 8:31-32; 13:34-35; 15:1-8, 18-20**).

B. *Ishingiro ryohindura abantu abigishwa: ubutumwa bwiza*

Imana irera, inyakuri, irakiranuka kandi ni nziza (**Itang 18:25; Kuv 34:6-7; Lewi 1:44; Yob 34:10-12; Zab 5:4; 136:1; 145:17; Hab 1:13; Rom 1:18; Yak 1:13**). Nubwo umuntu wambere (Adamu na Eva) baremwe badafite icyaha, bahisemo gukurikira Satani kandi basuzugura Imana nuko baba abanyabyaha (**Itang 3:1-19**). Byatumye buri muntu wese kuva Adamu na Eva avukira mugihe cyanduye cyo kubabwamo n’icyaha, iki cyaha kiba imbere ni “itegeko” cyangwa imbaraga ikorera cyane muri buri muntu wese (**Rom 7:5, 8-11, 14-24; Gal 5:17; Heb 3:12-13**). Gituma ibyaha biba ibisanzwe uko abantu bakomeza kubaho (**Itang 8:21; Zab 51:5; 143:1-2; Yer 17:9; Mariko 7:20-23; Rom 3:9- 18, 23; 5:12-14; 7:14-24**). Bibiliya itubwira neza icyo ibi bibyara: “*ibihembo by’ibyaha ni urupfu*” (**Rom 6:23**; reba kandi **Itang 2:17; Ezek 18:4, 20; Rom 5:12**). Kuko Imana ari iyera, ntiyakwihanganira icyaha (**Hab 1:13; Rom 1:18**). Imana ni intabera: “Kubera ko kwera kwayo na kamere yayo yo gukiranuka Imana ntiyahumiriza ku myitwarire y’ubuyobe bw’abantu nk’aho natocyo bitwaye. . . . Niba Imana igomba kuba inyakuri kuri kamere yayo yo gukiranuka, ibikorwa byose bibi bigomba guhanwa.” (Alexander 2008: 130, 131)

Iyo abantu bose babanye neza n’Imana kandi bakishimira ubugingo buhoraho, ibyaha byabo bigomba

guhanagurwa. Ibi biteza ikibazo gikomeye. Kuko Imana ari iyera mu ngezo no gukiranuka uwo niwo murongo idufataho (**Mat 5:48**). Ikibazo cy’ umuntu n’uko tudashobora kugere kurugero rw’Imana rwo kwera no gukiranuka kubwacu. Umwambere “iyo umuntu akoze icyaha ntibiba bizongere gushoboka ko aba umuzira nenge” (Sproul 2002: 94). icyakabiri, n’ibikorwa byacu byiza bishobora kuba icyaha, mubyukuri iyo turi gukora ibikorwa byiza kugirango dukire igihano cy’Imana no kurimbuka, ibyo byonyine bituma ibikorwa byacu byiza bititwa byiza kuko icyabiduteye ari ugucika kurimbuka mu gukora “ibikorwa byiza” ubusobanuro bw’ibyo bikorwa byiza ni ukwirebaho no kwishingiraho, icyi nacyo ni icyaha; icyagatatu, nta mubare w’ibikorwa byiza byahindura kamere y’icyaha n’imitekerereze mibi y’umutima, niyo mpamvu ibikorwa byiza bidashobora guhindura abantu babi babanyabyaha kuba abakiranutsi, badakora icyaha: kubwabo baguma kuba abanyabyaha nubwo Imana idukunda kandi itifuza ko hari numwe warimbuka (**Ezek 18:23; 33:11; 2 Pet 3:9; 1 Yoh 4:8**).

None ubutumwa bwiza n’iki? Ijambo “ubutumwa” biva kw’ijambo ry’ikigiliki (*euaggelion*) risobanura “inkuru nziza” (Danker 2000: *euaggelion*, 402; Green and McKnight 1992: 282). Ijambo ry’ikigiriki (ev-angelion) ritandukanya ubutumwa bwa gikristo nizayandi madini. ‘ev-angel’ ryari ijambo rishya ry’ibyabaye bikomeye mu mateka, nko gutsinda intambara cyangwa kuzamurwa k’umwami mushya, wahinduye imibereho y’abamwumva kandi agasaba abamukurikira igisubizo, rero ubutumwa bwiza ni igishya Imana yakoze ngo ituronke. Ntabwo ari inama zicyo twakora ngo tubone Imana.” (Keller n.d.: 1) Ubutumwa bwiza n’inkuru nziza yicyo Imana yadukoreye tutari kuzigera twikorera. Imana yahindutse umuntu muri Yesu Kristo. Yesu yabayeho ubuzima twakagombye kubaho nk’abantu; yumviye Imana Data byukuri muri byose; “yageragejwe muri byose, nkatwe ariko ntiyakora icyaha” (**Heb 4:15**). Ibyo bimugira ukwiye kutuvugira, kwikorera ibyaha byacu, no kwishyura ikiguzi twari kwishyura ariko tutashoboye (**Rom 8:1-4; 2 Kor 5:21; Gal 3:13; Kol 2:13-14; 1 Tim 2:5-6; 1 Pet 2:24**). Yesu Kristo kandi icyarimwe, yari n’Imana “Imana ntiyashyize umubabaro k’uwundi muntu, ahubwo k’umusaraba yagotomeye umubabaro wose kurenganywa ni’bibi by’isi muri we. . . . Iyi n’Imana yabayeho umuntu ikanatanga amaraso y’ubuzima bwayo kugirango yubahirize ubutabera n’imbabazi z’urukundo kugirango arimbure ikibi cyose itaturimbuye Kuki Yesu yagombaga gupfa kugira ngo atubabarire? Hari umwenda wagombaga kwishyurwa—Imana ubwayo yara ryishyuye. Hari igihano cyagombaga gutangwa—Imana ubwayo yakishyizeho. . . . Kumusaraba ntacyabuze mu butabera n’imbabazi ahubwo byose byabonekeye rimwe, urupfu rwa Yesu rwari ngombwa kuko Imana yari kubaha ubutabera kandi igakomeza kudukunda.” (Keller 2008: 192-93, 197)

Yesu kuzuka mu bapfuye no kuzamurwa agusubira akuri Data byahaye agaciro uwo Yesu ariwe n’uko Imana yakiriye igitambo cya Kristo cyo k’umusaraba ku bwacu. Bituma, uwo Yesu ariwe nicyo yakoze aribyo mutima w’ubutumwa bwiza. Bituma bisubirwamo kenshi mu Isezzerano Rishya, urugero, **1 Kor 15:1-5**: “*Benedata ndabemenyeshya ubutumwa bwiza, nabwirije, ubwo mwakiriye mukabukomeramo, kandi mugakizwa nabwo niba mubukomeza nkuko babubabwiye, keretse mwaba mwarizereye ubusa, muziko nabanje kubaha ibyo nanjye nahawe kumenya yuko kristo yapfiriye ibyaha byacu nk’uko byaqri byaranditswe na none akabonekera kefa maze akabonekera abo cumi nababiri*” (raba kandi **Yoh 20:30-31; Ibyak 10:36-43; 16:30-31; Rom 1:1-4, 16-17; 3:23-28; 10:8-13; 1 Kor 2:2; 1 Pet 3:18**). Agakiza katanzwe n’Imana kubantu nk’impano y’ubuntu, kakirwa n’abantu biciye mu kwizera Kristo gusa. Nkuko **Ef 2:8-9** havuga, “*Mwakijijwe k’ubw’ubuntu kubwo kwizera, ntibyavuye kurimwe ahubwo n’impano y’Imana, ntibyavuye no kumirimo kugirango hatagira umuntu wirata*.” Gukizwa bivuze kwihana ibyaha byacu, tukemera ibyo Yesu yadukoreye mu kwizera, kandi ugahindukirira Kristo nk’umwami w’ubuzima bwacu. **Mat 11:28; Mariko 1:14-15; Yoh 1:12; 3:16; 17:3; Ibyak 26:20; 1 Yoh 1:8-9**). Muri Kristo, turi imbohore k’urubanza n’igihano by’icyaha nkaho twishyuye ubwacu ikiguzi cyuzuye cy’ibyaha byacu (**Rom 6:3-7; Gal 2:20**). Mu byukuri iyo duhindukiriye Kristo mu kwizera, ntabwo yishyiraho ibyaha byacu gusa ngo yishyure nikiguzi twagombaga kwishyura ubwacu, ahubwo anaduha gukiranuka kwe kugirango tubashe guhagarara imbere y’Imana (**Yes 53:5-6, 10-11; Rom 10:4; 2 Kor 5:21; Heb 2:17-18; 1 Pet 2:4; 3:18**).

Iyo twizeye ubutumwa bwiza tugahindukirira Kristo nk’umwami wacu, bugera kubice by’ubuzima bwacu byose: (1) Abahujwe na Kristo bose kubwo kwizera bafite ubwishingizi bw’agakiza kabo. Agakiza kabaye gashingira no kugace gato k’umuhati wacu, ntitwakwigeraga tugira ikizere ko “twakoze ibihagije” ngo tube dukwiriye agakiza. Ariko kuko Imana muri Kristo yadukoreye ibyo tutari kuzigera twikorera, Abakristo bashobora kandi bafite ubwishingizi ko bakijijwe kandi ko bazaguma uko kugeza iteka ryose (**Yoh 3:36; 6:37, 47; 11:25; 1 Yoh 5:11-12**). (2) Gukizwa no kuba umwe na Kristo bihindura irangamimerere y’amategeko y’Abakristo. “Umusaraba wakuyeho imbaraga z’icyaha, uhosha umujinya w’Imana, woza ikimwari n’icyasha cy’icyaha, wunga abizera n’Imana kandi utanga itsinzi k’urupfu rw’umwuka rw’iteka” (Demarest 1997: 196). (3) Gukizwa no kuba umwe na Kristo bihindura Abakristo mo imbere. Iyo umuntu aje kuri Kristo, yakira umutima mushya (**Ezek 36:26; 2 Kor 3:3**), gutekereza kwa Kristo (**1 Kor 2:16**), n’umwuka wa Kristo (**Ezek**

36:26; Yoh 14:17). (4) Gukizwa no kuba umwe na Kristo biha Abakristo ubusabane n'ubushuti n'Imana biciye muri Kristo. Abakristo bashobora “kwegera intebe y'ubuntu badatinya” (**Heb 4:16**; reba na **Heb7:19**) kuko kristo ari “mu” bizera (**Yoh 14:20; 17:23; Rom 8:10; Gal 2:20; Ef 3:17; Kol 1:27; 1 Yoh 3:24; Ibyah 3:20**) n'abizera bari “muri Kristo” (**Rom 8:1; 12:5; 16: 6, 7, 9-10; 1 Kor 1:2, 30; 4:10, 15; 15:18, 22; 2 Kor 1:21; 5:17; 12:2; Gal 1:22; 3:28; 6:15; Ef 1:3; 2:6, 10; Fil 1:1; Kol 1:2; 1 Tes 2:14; 4:16; 1 Tim 3:13; 2 Tim 3:12; Filemoni 23; 1 Pet 5:14**). (5) Gukizwa no kuba umwe na Kristo biha Abakristo impamvu nshya n'uburyo bwo kubaho. Kuko Kristo aba ari muri twe kandi dufite umutima mushya, imitekerereze mishya, n'Umwuka mushya. Indangagaciro ze n'ibyo aha agaciro biba indanga gaciro zacu bikaba n'ibyangaciro kuri twe. Aba akorera muritwe anadukoresha ngo aduhindure nkawe (**Rom 8:29; Fil 2:12-13**). (6) Gukizwa no kuba umwe na Kristo birema ikiremwa muntu gishya (**Yoh 3:3; Rom 6:4; 2 Kor 5:17; Gal 6:15**); abizera binjizwa mumuryango w'Imana nk'abana b'Imana (**Yoh 1:12; Rom 8:14-17, 23; 9:4; Gal 3:26; 4:5-7; Ef 1:5; 2:19; 1 Yoh 3:1**) kandi bakagirana umubano ukomeye hagati yabo nk'abavandimwe (**Mat 12:50; Ibyak 1:16; 6:3; 11:29; 12:17; 16:40; 18:18; 21:7, 17; Rom 14:10; 1 Tim 5:1-2**). (7) Umunsi umwe, Kristo azagaruka ahindure iyisi yose nibyaremwe byose (**Rom 8:18-23; 2 Pet 3:3-13; Ibyah 21:1-11**). iki nicyo, shingiro, ni ubutumwa.

Imyumvire yimbitse no kwishimira ubutumwa bwiza nuko bushyirwa mubikorwa bishingira ku guhindura abantu abigishwa. “Ubutumwa bwiza ni ubwo guhindura abantu abigishwa, si abanyabyaha gusa, bukiza kandi bugahindura abantu m'ubusabane, si abantu babibonye ngo babugumane bonyine. . . . Guhindura ni ukwiringira Yesu, kwizera ubutumwa bwiza bwe, n'ubwo ibi byakumvikana byoroheje, ikibazo nuko twese turi kurwana no kwiringira Yesu no kwizera ubutumwa bwiza uko bisa. . . . [Inshingano nyamukuru] yibanda kukubwira ubutumwa bwiza abataraba abigishwa no kwigisha abamaze kuba abigishwa, Yesu yashyize ubutumwa bwiza imbere, buyobora ku guhindura abantu abigishwa no kubakuza. Ntiyahamagariye abantu kubwiriza bwambere, ngo kurema abigishwa bibe ibyakabiri. Ivugabutumwa no kurema abigishwa byombi byemerwa n'ubutumwa bwiza. . . . Yesu yavuze ubutumwa bwiza nk'ubwo kubantu banshi ubwo yigishije abigishwa be, ntiyigeze aha abigishwa ubutumwa bw'umwihariko, ubutumwa bwiza guteranya ho ibindi birenze. Ubutumwa bwiza n'ubwabiza nabatarize kuko ntawo minuje m'ubumwa bwiza. Yesu yigishije ubutumwa bwiza bw'ubwami kubanyabyaha n'abera. Kubera iki? Kubera ko ubuntu bwe aricyo gisubizo cyicyaha cyacu cyarusanjye, Abakristo n'Abatarabakristo, bombi bakeneye imbaraga z'ubutumwa bwiza bubabarira, bwunga busubiza agaciro kumenya no kwishimira Imana, atari rimwe mubuzima bwose.” (Dodson 2012: 17, 19, 36, 38)

Abayobozi b'atorero menshi bafite imyumvire yo hasi y'ubutumwa bwiza: Batekereza ko ari “ABC” ibyibanze by'Ubukristo gusa, ko ari ibyivugabutumwa gusa n'abanyabyaha, kandi ibyo bifite bike mu mwizerere umuntu agomba “kuba afite kugirango akizwe.” Abo bayobozi b'atorero bishyngikiriza kumategeko n'amabwiriza yashyizwe ho n'abantu, impuguro zo ku gatuti, n'iterabwoba ryo gutenga abayoboze babo mugushyira k'umurongo imyitwarire yabo yinyuma. Ubu buryo bugragaza ko baba abayobozi cyangwa abayoke b'itorero baturamva ubutumwa bwiza nagake. Mu by'ukuri, “Ubutumwa bwiza [ni] igice cy'ubwami bw'Imana kirera kandi gikora k'ubuzima bwose. Ubutumwa bwiza burimo ibintu byinshi bitandukanye abantu bakenera kandi icyo ubutumwa bwiza busaba, kandi icyo busaba, muri byo kiratangaje.” (Ibid.: 37)¹⁴

Ubutumwa bwiza bukora ku muntu wacu w'imbere kugira ngo tubashe kubaho ubuzima bwo kwizera Yesu Kristo nk'Umwami n'umukiza w'ubugingo bwacu. Darrow Miler avuga iby'intambara yo mu bwenge n'itorero “hagati y'abashobora kwitanga mu ivugabutumwa cyangwa se mu gukora ibikorwa byo gufasha. Impande zombi ni nziza kimwe n'uko zishobora kuba mbi. Guhinduka ntacyo byaba bivuze keretse uko guhinduka gufite imizi, mubice byose bigize ubuzima, nk'uko ikinyabwoya gihinduka ikinyugunyugu. Ntabwo

¹⁴ Mu gitabo cyitwa *The Cost of Discipleship*, Bonhoeffer mu buryo bwamenyekanye cyane yavuguruye icyitwa “Ubuntu buhendutse” abitandukanya ni icyitwa “Ubuntu buhenze”; ‘ubuntu buhendutse ni ukwigisha imbabazi udasabye abantu kwihana, kubatizwa utabanye kwigisha imigenzereze y'itorero, ubusabane budasaba kwatura, guhanagurwaho icyaha utakihanye. Ubuntu buhendutse ni Ubuntu butarimo guhindura abantu abigishwa, Ubuntu butarimo umusaraba, Ubuntu butarimo Yesu Kristo, uriho udutuyemo. . . . Ubuntu buhenze ni ubutumwa bwiza bugomba *gushakwa* bugashakishwa, impano igomba *gusabwa*, urugi umuntu agomba *gukomangaho*. Ubwo buntu *burahenze* kuko buduhamagarira *gukurikira muri bwo*, n'ubuntu kuko budusaba gukurikira Yesu Kristo. Burahenze kuko bwatwaye ubuzima bw'umuntu, n'ubuntu kubera bwahaye umuntu ubuzima bw'ukuri. Burahenze kuko bucira urubanza icyaha, n'ubuntu kuko butshintshiriza umunyabyaha. Hejuru ya byose *burahenze* kuko byicishije umwana w'Imana. . . .kandi ikintu cyahenze Imana cyane ntabwo cyaba ikintu gihendutse kuri twe. Hejuru ya byose, ni ubuntu kuko Imana itigeze ikebuku muhungu wayo ikunda cyane ahubwo yaramutanze ngo aducungure. . . . Ubuntu bufite agaciro buduhamagarira gukurikira Yesu, bwaje nkijambo ry'imbabazi kubashenjaguriritse mu mwuka ndetse n'imitima ibabaye. Ni ubuntu buhenze kuko busaba umuntu guca bugufi ukikorera umusaraba wa Kristo no kumukurikira; ni ubuntu kuko buvuga buti: ‘Umusaraba uroroheje n'umutwaro wanjye ntumemereye.’” (Bonhoeffer 1963: 47-48)

ari guhinduka mubyukuri bitewe n'iyobokamana rishingiye ku marangamutima. Ahubwo ni uguhindurirwa icyerekezo gishya cy'ubuzima bw'umuntu. . . . Uku guhinduka gutangirira imbere mu muntu, mu rwego rw'imyemerere n'indangagaciro, bigatunguka inyuma byomatanye n'imyitwarire ndetse n'ingaruka zayo. Ubutumwa bwiza burenze cyane ivugabutumwa. Abakristo benshi bemeye itegeko rya Gikristo rifunguye ridashyitse ryo guhindura abantu bo mumahanga yose abigishwa; ariko ubutumwa bwiza n'igisubuzo cyuzuye kubyo umuntu akeneye byose. (Miller 1998: 73) Uku guhinduka guterwa n'ubutumwa bwiza kuba kwimbitse:

- Kukizwa no kuba umwe na Kristo biha umu Kristo ubushuti, n'ubusabane bwihariye n'Imana binyuze muri Kristo. iyo umuntu aje kuri kristo ahinduka icyaremwe gishya (**2 Kor 5:17**). Isoko yo kuyoborwa n'imbaraga zo kubaho mugukiranuka ntibiva bwa mbere kubigaragara inyuma (bijyaje n'amategeko n'iamihango) inkomoko yo kuyoborwa n'imbaraga ni Yesu ubwe, ubu kandi akabeshaho abantu be. Nkuko **Gal 2:20** habivuga, “*Nabambanywe na Kristo, ariko ndiho nyamara sinjye uriho, ahubwo ni Kristo uriho murinjye, ibyo nkora byose nkiriho mumubiri, mbikorehwa no kwizera Umwana w'Imana, wankunze akanyitangira.*” Yesu yaduhaye umutima mushya (**Ezek 36:26; 2 Kor 3:3**), imitekerereze (**1 Kor 2:16**), n'Umwuka (**Ezek 36:26; Yoh 14:17**). Agashyira mubikorwa ijamborye muritwe no kuritwe (**Yoh 6:63; 68; 8:31-32; 14:26; 16:13-15; 2 Yohana 9**). Kubw'uburyo twahawe abizera muri Kristo, abantu ba Kristo bareshejwe bidasubirwaho kandi bahora bera kandi bahindurwa imbere kuko “*batoranyirijwe kera gushushanywa n'ishusho ya [Yesu Kristo]*” (**Rom 8:29**).
- Ubutumwa bwiza buhindura imyitwarire yacu. Umusaraba utuvana mu mbaraga z'icyaha; nitukiri imbata zacyo (**Yoh 8:34; Rom 6:16**) ubu ahubwo twahujwe na Kristo (**Ef 6:6**). Ibi biha Abakristo intego nshya n'uburyo bwo kubaho. “Idini rikoresha ihame 'ndumvira—ubwo rero nemewe n'Imana.' Ariko ihame ubutumwa bwiza bukoresha ni 'nemewe n'Imana kubwibyho Kristo yakoze—none ndumvira.’” (Keller 2008: 179-80) Nkuko byavuzwe haruguru, igihe umuntu yakiriye Kristo akinjira mu busabane bwagakiza, bijyanye n'intego umuntu *kugiti cye* yakira isoko (umutima mushya, imitekererezemishya, n'Umwuka mushya) ishoboza abizera kuba ubuzima bwiza, bwubaha –Imana. Umuntu kugiti cye, “urugero rwa Kristo rwo kubabazwa ku bwacu bivamo imbaraga zihindura imimerere, impamvu, n'imyitwarire” (Demarest 1997:196). Ibi bisa no gukundana n'undi muntu: “Ururukundo rwawe rugutera umwete wo kwemerwa n'umukunzi. . . . [Iyo ushyingiranwe n'umukunzi] Uravuga uti, 'Byiza! Ubu ndimo! Ubu noneho nakora uko nshatse? Birumvikana sibyo. Ntuna tegereza ko ikigutera kwita kubantu kigutegeka kugira icyo ubakorera. Utekereza mbere ikintu cyose kibanezeza kandi kibashimisha. Ntihaba hakiriho itegeko, ahubwo imyitwarire yawe yahinduwe cyane no gutekereza n'umutima by'umuntu ukunda.” (Keller 2008: 183) Niyo mpamvu **Rom 6:1-2** havuga hati; “*Nuko tuvuye iki? Tugumye gukora ibyaha ngo ubuntu busage? Ntibikabeho! Mbese twebwe abapfuye ku byaha, twakomeza kuramira muri byo duta?*” Ibi bidutera, guhora turi maso k'ubwiza n'icyubahiro bya Kristo no kunyurwa n'ubuntu bwe, bivamo kumvira kristo” (Dodson 2012: 74).

Hanyuma, Guhindura abantu abigishwa ni igikorwa cyo gutuma abigishwa bizera by'ukuri ubutumwa bwiza kugira ngo bw'injire mu mitima yabo, imitekerereze, ubushake, n'ibice byose by'ubuzima. Muby'ukuri nk'uko Timothy Keller abivuga, “ibibazo byose by'umuntu kugiticye cyangwa byarusange, bituruka mu gutsindwa gukoresha ubutumwa bwiza mu buryo bwimbitse, gutsindwa kugendera k'umurongo umwe n'ukuri k'ubutumwa bwiza” (Gal.2:14). Ibibazo byose by'itorero no kutagera ku ntego kwaryo biva mukudatuma ubutumwa bwiza buvugwa muburyo bwimbitse. Iyo ubutumwa bwiza buvuzwe kandi bugakorehwa mu buryo bwuzuye mu rusengeru urwo arirwo rwose. Urwo rusengeru ruzatangira kugaragara nk'urwihariye. Abantu bazatangira kwibona muri rwo babyumva kandi mu buntu n'ubworoherane.” (Keller 2000: 9) Bibiliya igaragaza akenshi iki gikorwa cyo kwizera no gukora nkuko ubutumwa bwiza bumeze nko “kurwana”, cyangwa “ukora”, cyangwa g“utwarana” (**Kol 1:29; 4:12; 1 Tim 1:18; 4:10; 6:12; 2 Tim 4:7**). Turwanira gukomeza ishusho y'ubwiza bw'Imana burabagirana mu maso ya Yesu Kristo. Uku kwizera ntukurwanira gutungana rwose, ahubwo kurwanira imyizerere. Turwanira kwizera ko Yesu ari uwagaciro, ahagije, kuruta ikindi kintu cyose isi itanga. Uku ni ukwizera mu butumwabwiza—itungazo rikomeye ko Yesu yanesheje icyaha, urupfu n'ikibi biciye murupfu rwe, no kuzuka kandi ko ari kugira ibintu byose bishya, natwe ubwacu. Iyo twizeye ubutumwa bwiza, tugera aho twishimira amasezerano y'ubuntu bw'Imana, amahoro, n'umunezero. Iyo tutizeye ubutumwa bwiza, tujya kure yibi bintu byose. Akenshi, tujya kure ya yesu, ukwiriye umuhati wose, umwete, n'imyemerere yose (Dodson 2012: 60). Iyi niyo mpamvu ubutumwa bwiza aribwo shingiro ryo guhindura abantu abigishwa.¹⁵

¹⁵ Ikimenyetso kimwe kigaragaza kwizera ubutumwa bwiza ni umubatizo. Andreas Köstenberger yita umubatizo “igice k'ingenzi cyo guhindura abigishwa bya Gikristo.” (Köstenberger 2006: 33). Avuga ko “mu ntego nyamukuru” (**Mat 28:18-20**), guhindura abantu abigishwa bigizwe “no kubatiza abizera bashya no kubigisha ibyo Yesu yategetse (reba kandi Yoh 4:1). Itorero ryumvira rizashyira k'umutima amategeko ya Kristo wazutse kugirango bagendere mu mugambi no kubwiriza,

C. *Ibikoresho byo guhindura abantu abigishwa*

Kwizera ubutumwa bwiza no kumva icyo bukora bigera mu buzima bwose bw'umwigishwa. Niyo mpamvu Petro (na Barinaba) yahagaritse gusangira n'abanyamahanga, Pawulo “*Ntiyemeranyijwe nawe yeruye*” (Gal 2:11) ashingiye ko “*ko abatari munzira igororotse ihura n'ukuri k'ubutumwabwiza*” (Gal 2:14). Kuba uko Bibiliya ibibona birimo ubuzima bwose, itorerero rigomba kungura abayoboke baryo mubuzima bwose (Colson 1992: 287). Ibi bisobanuye ko guhindura abantu abigishwa no kugorora imyitwarire bigomba gukorwa bishingiye k'ubutumwabwiza— n'ishyirwamubikorwa ry'ubutumwabwiza kubice by'ingenzi by'ubuzima— nk'ishingiro rya byose (Carter, Suh, and David 2014; Vanderstelt n.d.). Ibi bikurikira ni ibice by'ingenzi by'imyizerere n'ubuzima biva m'ubutumwa bwiza. Ibi bice nibyo itorerero rigomba gushyirira k'umurongo mwiza abayoboke baryo:

1. Itoero rigomba kungura abayoboke baryo kumenya imyizerere yabo, impamvu bayizera, no gusobanurira abandi kwizera kwabo. Bibiliya yigisha ko Yesu ari Imana yuzuye akaba n'umuntu wuzuye, Imana yaje ku isi nk'umuntu. Ubukristo bwonyine nibwo bubona bukita kukugwa kw'ikiremwa muntu, ububi nbw'icyaha, kwera no gukiranuka kw'Imana kudahuza kw'Imana n'icyaha biri hamwe, ukuri ku'ko ikiremwa muntu cyose cyagize kandi gikwiye kucirwa urubanza k'ubwibyaha byacyo, no kudashobora kw'abantu n'imabaraga zabo mu kwikiza. Niyo mpamvu kuba yesu yari umuntu wuzuye akaba n'Imana yuzuye ibitari ingenzi gusa ahubwo ari ngombwa cyane kugakiza. Gleason Archer abivuga gutya, “Imana nk'Imana ntiyari kutubabarira ibyaha byacu keretse ibyaha byacu byishyuriwe naho ubundi yari kuba umushinja, umurinzi wo kuticwa kw'itegeko ryoyoye rya. Mu kuba nk'Umuntu gusa ni ho Imana muri Kristo yashoboraga gukora impongano ikwiriye ihaza y'ibayaha by'ikiremwa muntu; kuko umuntu gusa, ikiremwa muntu nyakuri, yashoboraga guhagararira inyoko muntu. Ariko nanone umucunguzi wacu yagombaga kuba Imana, kuko Imana yonyine ariyo yashoboraga gukora igitambo gifite indanga gaciriro zidashira, cyo gusimbura igihano cyo kurimbuka kw'iteka icyaha cyacu cyasabaga, nk'uko gukiranuka k'ubutabera bw'Imana kubivuga. (Archer 1982: 323; reba kandi Jadeed 1996-2015: 4). Icyo Yesu yari ari gukora k'umusaraba kwari ukwakira urubanza, kwishyura ikiguzi, no kwishyiraho igihano gikwiriye icyaha cy'ikiremwa muntu. Kristo yaje kudukorera ibyo tutari kwikorera—kubaho ubuzima twakagombye kubaho no kwishyura ikiguzi cy'ibyaha byacu cyo twagombagakwishyura ariko tutari gushobora; kandi iyo twizeye ibyo tukanamwakira mu buzima bwacu k'umucunguzi n'umwami, aza muri twe muburyo bw'umwuka kugirango abereho muri twe aduhindura aherye imbere n'inyumakugirango tugende dusa nawe. Ubwo nibwo butumwa bwiza.¹⁶

Ukuri kuko Yesu ari uwo yavuzeko ariwe (Imana yaje ku isi) kandi kuba igitambo cye k'umusaraba cyarakiriwe na Data byerekanywe ubwo Yesu yakoraga icyo umuntu upfa atashoboraga gukora, azuka mubapfuye, asubira mu ijuru, nigitabo cya ELEA cy'Ubukristo n'Ubusilamu: *Iby'ibanze mu Imenyekanisha Mana* (<http://www.elea.net/courses.html#islam>) bivuga kandi bigatanga ibihamya by'ubumana bwa Kristo, kubambwa kwe no kuzuka, icyo Kristo yasohoreje ku musaraba impamvu urupfu rwa Kristorwari ngombwa, Bibiliya n'iby'amateka byo kubaho kwa Kristo, kubambwa no kuzuka, ibyo Yesu yakoze k'umusaraba kamere y'Imana, ubutatu, no kwizerwa kwa Bibiliya. Igitabo cya ECLEA *Imenyekanisha Mana rishingiye kuri Bibiliya* (<http://www.elea.net/courses.html#theology>) gishyiraho imirongo y'ibanze y'amateka ya bibiliya, cyerekana uko Isezerano Rishya ruzuzanya

rishaka abizera bashya bakabatiza umubatizo'amabwiriza no gukura kw'Abakristo, ku rwego rwa buri muntu, abashyize kwizera kwabo muri Yesu Kristo kandi bihannye ibyaha byabo bagomba kubatizwa nk'igice cyo kugirwa abagishwa kwabo, nubwo hashobora kuba amabwiriza atangwa mbere y'umubatizo, ntambogamizi igomba gushyirwa imbere y'umuntu wahindutse neza yamubuza kubatizwa. (Ibid.)

¹⁶ Iki cyerekana ihuriro hagati ko guhindura abantu abigishwa, ivugabutumwa, no guhinduka, icyegeranyo cya Setzer na putman, “imyaka myinshi ishize, twatangiyeye kubona ibintu bitangaje mumatorero yacu mashya bikurura umubare munini wabantu bataragerwaho/nabatari mu matorero. Bisa naho uko umuntu atinda gushyira kwizera kwe k'umugaragarariko niko amahirwe yo gusubira inyuma yiyongera, ku rundi ruhande iyo umuntu aje agahita agaragaza kwizera Kristo kwe vuba bisa naho bahita babura vuba, vuba aha babaza umumisiyoneri wari ugarutse avuye muri Malaysia uburyo bwe akoresha mu ivuga butumwa. Yavuze ibi abikuye mumuco yari avuyemo, iyo umuntu yizeraga yahitaga inshinga imizi mu byanditswe, agakora mubaturanyi kandi akagira umurimo akora mu itorerero. Guhindura abantu abigishwa muri ubu buryo bitangira mbere yo guhinduka no guhinduka bikaba igice cyo Guhindura abantu abigishwa. (Setzer and Putman 2006: 104) iri hishurirwa ryemezwa n'itsinda ry'abizera bari Abasilamu bo muburasirasuba bwo hagati bibandaga guhindura abigishwa kuruta kuhinduka. . . . Tugomba gushyira guhindura abantu abigishwa imbere, tukiringira ko umuntu azaza kukuri nyako nyuma yo kwigishwa ukuri.” (Daniel 2010: 40) Amatorero agoma kwita ku gushyira abantu bese mu matsinda yo guhindura abantu abigishwa batagendeye ku biyemeje umuhamagaro wo kwizera.

n'Isezera rya Kera, kandi kigakora kukibazo cyo gushobora byose kw'Imana, n'inshingano za muntu, no kubaho kw'icyaha n'ikibi. Igitabo cya ECLEA *1 Timoteye: Imbata; Ubusobanuro; Igitabiocy'Iriburiro cy'Inyigisho* (<http://www.eclea.net/courses.html#timothy>) kivuga ku gice cy'ingenzi cyo kwizera kwacu ; gukizwa kubw'ubuntu kubwo kwizera Yesu Kristo; umumaro w'amasengesho; ibyo kuzuzwa ngo umuntu abe umuyobozi mu itorero; no gushingirwaho kwa Yesu. Igitabo nanone gikora kubikorwa by'ingenzi; inyigisho z'ukuri niz'ibinyoma; uburyo bw'umwuka bwo gushyira k'umurongo ubuzima bw'umuntu; guhana no kugira inama abantu; inshingano z'itorero kubakene no ku bashonji; ikibazo kirimo abakuru b'itorero; n'ubutumwa bwiza n'imari. "Igitabo cy'Iriburiro cy'Inyigisho" (igika cya nyuma cy'igitabo cya ECLEA, *1 Timoteyo*) ni uruhererekane rw'ibibazo kuri buri gika cya 1 Timoteyo, byashyiriwe ho kuganirwa mu matsinda, gufasha Abakristo muri rusange n'abayobozi b'itorero by'umwihariko kugenzura ubuzima bwabo bw'umwuka nuko amatorero yabo ahagaze. Ibi bitabo n'ibikoresho byiza byo gukoreshwa n'itorero mu kungura abayoboze baryo muri ikigice. Hanyuma, umwigishwa mwiza ni ukenera kwigishwa uko yasobanura impamvu zo kwizera (*kwicuza*), atari ukumenya by'inyigisho za Gikristo gusa.

2. Itorero rigomba kwigisha abayoboze baryo gushyira mubikorwa kwizera kwabo no kubaho ubuzima bw'intanga rugero mu isi. Bibiliya ibwira isubiramo abizera kubaho ubuzima nk'ubwo yesu yabayeho, *gusohozwa agakiza*" (**Fil 2:12**) ibi bikora mubice by'ubuzima bwose, Paulo avugaga ati: "*Namwe iyo murya cyangwa munywa, cyangwa mukora, ikindi kintu icyari cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana*" (**1 Kor 10:31**). Yakobo yongeraho ko "*kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye*" (**Yak 2:26**) Imyitwarire yacu igomba kuba intangarugero no kubahisha Imana, "*Kugirango mutabaho umugayo cyangwa uburyarya mube abana b'Imana batagira inenge, hagati yab'iki gihe kigoramye cy'ubugoryi abo mubonekeramo nk'amatabaza mu isi*" (**Fil 2:15**); "*Kuko Ubuntu buzanzira abantu bose agakiza bwabonetse, butwigisha kureka kutubaha Imana n'irari ry'iby'isi, bukatwigisha kujya twirinda dukiranuka, twubaha Imana mugihe cya none*" (**Tito 2:11-12**). Yesu yashimangiye umumaro wo kubaho kwizera muri rubanda: "*Abe ariko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugirango babone imirimo yanyu myiza kugirango babone imirimo yanyu myiza bahereko bahimbaze So wo mu ijuru*" (**Mat 5:16**) Paulo nawe yagaragaje ko kwizera kwacu kugomba kumira ubuzima bwacu kugirango. "*kujya mbere kwawe kugaragarire bese*" (**1 Tim 4:15**). Guhinduka byimbitse biringaniza imitekerereze n'imyitwarire kugirango abizera "*bashushanywe n'ishusho ya [Kristo]*" (**Rom 8:29**) ni igikorwa gikomeza cy'ubuzima. Niyo mpamvu abizera bakuze bagomba kwigisha no kwerekana ubuzima bwa Gikristo kubizera batarakura.

Walter Henrichsen yatanze igitekerezo ati, "ikiyongera kugukoresha urugero rw'amapine rugufasha guhugura abigishwa bawe [reba hasi, igika **V. D. Imiterere n'ibiranga umwigishwa ukuze**], ushobora gushyirwa kubw'ibice by'imitere, nko gutungana k'ubuzima, kwizera urukundo, n'ubunyamugayo. Ariko nubwo bimeze bityo tugomba guhora twiyibutsa ko ishyirwa mubikorwa ry'itegeho y'amahugurwa rigomba gukorwa bijyanye nibyo umuntu akeneye. (1) Niki akeneye? (2) Nigute yakibona? (3) Nigute nzamanyako agifite?" (Henrichsen 1988: 103)

3. Itorero rigomba kwigisha abayoboze baryo gukemura ikibazo cy'icyaha mu buzima bwabo. Abahindura abigishwa n'abigishwa bagomba kugendera mu kuri ku kibazo cy'icyaha mubuzima bwabo. Ikibazo cy'icyaha ni umutima w'ubutumwa bwiza (ibyaha byacu nibyo byatumye Kristo aza ku isi akadupfira, Urugero, **Mat 1:21; 9:13; 26:28; Luka 5:32; Yoh 1:29; 8:24; Ibyak 2:38; 10:43; Rom 6:23; 8:3; 1 Kor 15:3; 2 Kor 5:21; Gal 1:4; Kol 1:14; Heb 1:3; 2:17; 10:12; 1 Pet 2:24; 3:18; 1 Yoh 2:2; 3:5; 4:10; Ibyah 1:5**). Kubasha gutsinda icyaha n'igice k'ingenzi cyane kubuzima bwacu (urugero, **Mat 6:12; 18:15-35; Luka 11:4; 15:7; 17:3; Yoh 5:14; 8:11, 34; Rom 2:12; 3:9, 23; 6:1-2, 11-22; 7:14-24; Ef 4:26; 1 Tim 5:20; 10:26; 12:4; Yak 2:9; 4:8, 17; 5:16; 1 Yoh 1:8-10; 3:6-9**). Iyi nimwe mu mpamvu abagize itsinda ryo guhindura abigishwa bagomba kwemeranya ku mahame shingiro yo kwizerana k'ukuri ukuri kw'ijambo ry'Imana mubandi, n'ihinduka ry'ubuzima rusanjye byavuzwe hepfo. Ibi bishobora gukomera cyane mu mico nko muri Afrika y'uburasirasuba aho abayobozi bitorero, by'umwihariko abagabo, batatojwe gukorera mu mucyo cyangwa kwemera amakosa yabo n'ibyaha hagati yabo. Byongeye, ikibazo cyo kurwana n'icyaha mubuzima bwacu nimpamvu imwe ituma byaba byiza ko abagabo bahura n'abandi bagabo abagore nabandi bagore kugirango hagaragazwe neza ibibazo byaburi kiciro n'ibyaha birimo.

N'ubwo hari inzitizi zishingiye ku umuco, ubwoba, no kutizerana, kuba abigishwa tugomba gukurikiza Bibiliya aho itubwira iti; "*mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane kugirango mukire*" (**Yak 5:16**). Dietrich Bonhoeffer yavuze impamvu ibi aringombwa: "Mu kwatura umuntu ashya ku kuri kwe. Kuki akenshi bitworohera kwaturira Imana ibyaha byacu kuruta bene data? . . .

Tugomba kwibaza niba tutaribeshye ku kwaturira Imana ibyaha byacu niba tutarabyiyaturiyeye ubwacu tukanibwirako bikuweho. Kandi bikaba wenda tutita kukumvira kwacu Gikristo tukaboneka nkaho ko tubayeho ku kwibabarira ubwacu atiri mu mbabazi z'ukuri? . . . Ninde waduhimiriza ko mu kwatura n'imababazi z'ibyaha byacu, ko tutari gukorarana natwe ubwacu ahubwo ari Imana? Imana iduhimiriza ibyo icyeye muri benedata. Mwene data aca uruziga rwo kwibeshya. Umuntu waturira mugenzi we ibyaha aba azi neza ko atakirikumwe nawe ubwe wenyine; abonera kubaho kw'Imana mukuhabo k'undi muntu. . . . Nk'uko gufungukira kwaturira mwene data ibyaha byanjye bimpamiriza ko ntishutse, kubw'iyoy mpamvu, kandi, kumenyeneza ko nababariwe mbihimirizwa byuzuye gusa iyo bivuzwe na mwene data mu izina ry'Imana. Bihuye nuko kwaturira bene data twabihawe n'Imana kugirango biduhamirize imbabazi z'ubumana. (Bonhoeffer 1954: 115-17)

Kunesha icyaha mu buzima bwacu bisaba ko tubanza kumenya ibyaha biri mubuzima bwacu. “Kumenya icyaha cyacu bisaba ko tumenyerana n'ibitugerageza runaka, ahantu dukunda gukorera icyaha. Ibi bishuko n'ibyaha bishobora kuba ibiboneka cyangwa ibitaboneka, nk'umujinya cyangwa kutikunda.” (Dodson 2012: 122) Birumvikana, tugomba gutekereza no gusengera ibi, no kugenzura ibintu n'ahantu akenshi bituma dukora ibyaha. Tugomba no gutekereza *impamvu* dukora icyaha runaka twakoze. “Ntawe ukora icyaha atabishatse. Twese dukora icyaha kuko imitima yacu haricyo ishaka. Iyo tutitaye k'umpamvu yihishe inyuma y'icyaha cyacu, tuzatwana nacyo tugica hejuru, tugorora imyitwarire, aho kugorora imitima. Imana ntishaka gusa imyitwarire myiza igoroye; ishaka kumvira kurimo urukundo!” (Ibid.: 124) Kuko Imana yatanze umubiri wa Kristo kudufasha, kutuzamura, kutwubaka, no kudutera umwete mu kunesha ibyaha bishobora kugaragara bifitanye isano no kwizerwa n'inshingano. icyo nicyo amatsinda mato yo guhindura abigishwa yashyirweho kuba. Rero dushobora kubaza abagize itsinda ryo guhindura abigishwa kuvuga ibyaha babona mubuzima bwawe. Akenshi cyane ntibidukundira kubona intege nke zacu. Abo turi kumwe bashobora kudufatira indorerwamo y'ijambo ry'Imana kugirango twirebe neza.” (Ibid.: 123)

Urugamba rwacu n'icyaha turufashwa no gusobanukirwa ubutumwa bwiza. Nyamara, by'umwihariko n'ubwo turi mu ntambara aho “*kamere irarikira ibyo umwuka yanga, kandi umwuka yifuza ibyo kamere yanga*” (Gal 5:17; reba kandi Rom 7:14-23), kugubwa neza kwacu gushingiye kukuri k'uko k'umusaraba, yanesheje igihano, imbaraga, no kubaho kw'icyaha. “Nti tuzigera duhanwa igihano cy'icyaha kuko Yesu yagihaniwe kubwacu mu mujinya we amira urupfu. Imbaraga z'icyaha zarangiye kuko Yesu yaduhaye ubuzima bushya. Kubaho kw'icyaha kuzakurwaho by'iteka ubwo tuzapfa cyangwa twunzwe na Kristo agarutse.” (Ibid.: 126) Ni dusobanukirwa ubutumwa bwiza, tuzasobanukirwa ko Yesu yatubohoye imbaraga z'icyaha, rero, ntutuzasubira mu murongo wacu wakera w'icyaha, tuzasobanukirwa nanone ko Imana yatwemera, atari nk'uko turi ku bwacu ahubwo nk'uko turi muri Kristo, rero dufite impamvu yose yo kurwanisha icyo twabaye cyo gishya, tumenya ko dufite kamere nshya, yera kandi abantu bera ntibakora icyaha (1 Yoh 3:6, 9; 5:18), aho icyaha kitihanwe kitugira abadakwiriye mu mbwami kuko kigaragaza kwizera kwacu nk'umurimo wo kumunwa (Gal 5:19-21; Ef 5:5; Heb 3:7-13; 6:4-6; 10:26-27; 1 Yoh 3:6, 10). Turwana n'icyaha cyacu kubera ko dukunda Yesu cyane, kubera abo turibo muri Kristo, kubera ibyo yamaze gukora muri twe no kudukorera, ibyo ari gukora muri twe no kuri twe, nibyo azakora muri twe no kuri twe. Ari “*guhindura byose bishya*” (Ibyah 21:5; 2 Kor 5:17), natwe, iyo twize ibi by'ukuri-tukanafasha, tukazamura-tukanatera abandi bagize itsinda ryo guhindura abigishwa umwete wo kwizera ibi—tuzabona itsinzi ikomeye k'ucyaha m'ubuzima bwacu. Tuzabona itsinzi kubera ko tutarwana twenyine ahubwo dushobora kwiringira Umwami wacu ngo akorere muri twe (Yoh 14:16-17, 26; Rom 8:13-14; Fil 2:12-13). Ni gikorwa kirekire cy'ubuzima ariko Imana yamaze gutanga itsinzi.

Uburyo bw'ingenzi bwo kumva icyaha n'imyitwarire yacu iyo abandi batukoreye icyaha bakanatubabaza. Ibyo bibaho kenshi niyo mpamvu imbabazi n'ubwiyunje ari ngombwa cyane. Kudashobora kubabarira abandi bishobora guteza kwinangira k'umutima bikongera n'ibindi bibazo. Iki ni ikibazo abantu bese bahura nacyo. Igitabo cya ECLEA cy'*Imbabazi n'Ubwiyunje* (<http://www.ecler.net/courses.html#forgive>) cyerekana ibyanditswe by'ingenzi imbabazi n'umbwiyunge bishingiraho. Kandi kikavuga icyo imbabazi n'ubwiyunge aribyo nicyo atari cyo. Gushyira mu bikorwa uburyo bwo kubabarira no kwiyunga nabyo birimo. Ni igikoresho cyiza ku itorero mu kungura abayoboze baryo muri ikigice.

4. Itorero rigomba gufasha abanyamuryango baryo kubaka ingo nziza no kugira imiryango myiza.

Urugo ni ishingiro ry'umuryango. Igihe ingo n'imibanire hagati y'abana n'ababyeyi bitameze neza, umuryango (sosiyete) urasenyuka. Igitabo cya ECLEA *Urushako no Kurera Abana bishingiye kuri Bibiliya* (<http://www.ecler.net/courses.html#marpar>) ni igitabo gishingiye kuri Bibiliya na Kristo

cyerekana uko Imana ihishura umuryango no kurera abana, inzengo zabyo, intego, inshingano n'umumaro wacu mu mibanire, kuganira, imibonano mpuzabitsina, kurera, umuryango, kuringaniza urubyaro, no gutandukana kw'abashakanye. Ni igikoresho cyiza kw'itorero mu gufasha abanyamuryango baryo.

5. Itorero rigomba gufasha abayobokeye baryo kuzuza imihamagaro yabo muburyo bwiza bwubahisha Imana. “Mu gihe cy'impinduka, gufasha abizera kumenya imihamagaro yabo byafatwaga nk'intambwe ya mbere yoguhindura abigishwa. Kuba umurimo wacu ari uguha Imana icyubahiro, itorero rigomba kwigisha imyumvire yo hejuru y'umurimo, n'imyitwarire y'Abakristo yo kugira ubwenge, guhanga udushya no gukora ibintu neza, itorero niritigisha umurimo w'ubuzima bwiza ninde uzabikora? Itorero ni ahantu hasanzwe hogutanga inama kubw'umuhamagaro.” (Colson 1992: 292-93) Paulo yabonye ukuntu umurimo mwiza ari ingenzi n'umuhamya wa Yesu ubwo yandikaga ati, “*abagaragu b'imbata bajye batekereza ko bashobuye bakwiye kubahwa rwose, kugirango izina ry'Imana n'inyigisho zacu bidatukwa. Kandi abafite bashobuye bizera bekubasuzuguzwa nuko ari bene data ahubwo barusheho kubakorera kuko abagirirwa uwo mumaro ari abizera n'abakundwa.ujye wigisha ibyo kandi ubibahugure.*” (1 Tim 6:1-2)

6. Itorero rigomba gufasha abanyamuryango baryo gufata neza imibiri yabo, ibidukikije, igihe, n'imitekerereze. Imibiri yacu n'insengeru z'Umwuka Wera (1 Kor 6:19-20; Yoh 14:16-17; 1 Kor 3:16-17; 2 Kor 6:16). Isi n'iy'Imana (ni ukuvuga, ididukikije) n'ibiyirimo byose (Yak 12:7-10; Zab 24:1; 50:10-12; 104:1-30; Yes 66:1-2a; Mat 5:34-35; Ibyak 7:49-50). “Igihe n'ubuzima, ntikigaruka kandi ntigihinduka. Gutakaza igihe cyawe nugutakaza ubuzima bwawe, ariko kugenga igihe cyawe ni ukugenga ubuzima bwawe no kubukoresha neza.” (Lakein 1989: 1) Uko dukorana n'ibi bitangirira kuko dutekereza; niyo mpamvu Bibiliya itubwira “*guhinduka tugize imitima mishya*” (Rom 12:2). Igitabo cya ECLEA *Ubusonga Bushingiye kuri Bibiliya* (<http://www.eclea.net/courses.html#stewardship>) kirimo birambuye cyinavuga ku gufata neza umubiri w'umuntu, ibidukikije, imitekerereze, nigikoresho kiza kw'itorero mugufasha abayobokeye baryo kuri ibi.

7. Itorero rigomba kufasha abanyamuryango baryo kugukoresha neza imari yabo. Amafaranga ni igikoresho cy'umwuka. Uko twitwara n'uko duha agaciro ibyodutunze bifatika, byerekana neza imyitwarire yacu n'uko duha agaciro Imana (Yak 2:14-18; 1 Yoh 3:17). Iyo tutagenzuye ubutunzi bwacu nti tuba tugenze ubuzima bwacu. Igitabo cya ECLEA *Ubusonga bushingiye kuri Bibiliya* (<http://www.eclea.net/courses.html#stewardship>) kirimo ibirambuye kugukoresha neza amafaranga n'ibyo dutunze, n'ibitekerezo byo gukora gahunda yo gukoresha no gucunga umutungo w'umuntu. N'igikoresho cyiza ku itorero mugufasha abayobokeye baryo muri ikintu.

8. Itorero rigomba gufasha abanyamuryango baryo gutwara inkuru nziza no kugera kubantu bafite ibibazo byihariye bigaragara ndetse n'ibyo mu mwuka. “Abizera bese bahamagariwe kuba abahamya, mu mvugo no mu ngiro. Kubw'ibyo, itorero rigomba guhugura abantu baryo kumenya impano yabo y'ivugabutumwa no kuyikoresha neza aho bakorera.” (Colson 1992: 294) Ibikorwa byacu n'amagambo yacu bigamba kujyana. Yesu yashimangiye ihuriro ryo kwizera kwacu ubwo yavugaga ko uko dufata “*umuto muri aba*” ko ari ko kuri k'uko dufata Yesu ubwe (Mat 25:31-46). Buri mudugudu na buri baturage bari hamwe haba abantu bahawe akato n'abandi: abantu bo mu bundi bwoko, abarwayi ba SIDA, impfubyi, indaya, impfungwa, abasinzi, ababaswe n'ibiyobya bwenge, abatagira aho kuba, abaryamana bahuje ibitsina, abakene, abarwayi, abagiye gupfa. Ibikorwa byacu by'urukundo kuba dakunzwe biduha uburyo bwo kubabwira Yesu (“*Turayikunda kuko ariyo yabanje kudukunda,*” 1 Yoh 4:19) kandi bihesha amagambo yacu kwizerwa.

Ibyo kongeraho, nuko buri shuri ry'icyumweru, itsinda rito, itsinda ryo guhindura abantu abigishwa, n'ibindi biba mu itorero (harimo abacuranzi n'itsinda ry'abaramyi) bagomba kugira uburyo bakorera abantu bo hanze y'itorero. “Gukorera abandi ni intambwe yambere, si ukwerekana nyuma ubunyamwuka. Twese tuzi ko dukura cyane iyo dufasha abandi gukorera abandi. Umurimo naho benshi muri twe twiyigaho byinshi ubwacu no kuza kureba Imana ikora mu isi. . . . Gutegereza abantu kuba “biteguye gukora” bivuze kubababuzwa gukora kuko benshi muritwe twigira mugukora no kwerekerwa kuruta guhugurwa mbere yo guhambwa icyo gukora. Yesu yahaye abigishwa be icyo gukora mbere yuko ‘bitegura gukora.’ yari aziko uburyo bwihuse bwo kubungura ari kubashyira mu murimo nyawo. Nyuma akababaza ibyo bahuye nabyo kugirango babyigireho.” (McNeal 2009: 105-06) Iyo abantu bari gukora umurimo mubantu cyangwa undi murimo bagomba kubazwa kenshi uko byagenze. “Mubyo babazwa hashobara kuzamo ‘Niki wize? Kubantu? Ku Mana? Kuri wowe ubwawe? Wabonye akarengane wagize ukakabera ikibazo? Niki wungukiye mubyo wahuye nabyo uzakoresha mubuzima bwawe burimbere bwose? Nigute ubuzima bwawe buzagaragaza itandukaniro bitewe nibyo wahuye nabyo?’ Igikorwa cyo

kubaza cyizagira n'inyungu z'umwuka zo gufasha abantu kubona imikorere y'Imana mumpande zose z'ubuzima bwabo bwa buri muni. Ibi ni umusingi mu gufasha abantu biri mu ntego no mumugambi.” (Ibid.: 103) Umumaro w'itorero mugufasha abanyamuryango baryo muri iki gice ni uwinjyenzi cyane. Umumaro w'imibanire no kwerekana urukundo bivugwa muburyo burambuye mugika cyo “kurinda umubano” mu gitabo cya ECLEA *Ubusonga Bushingiye kuri Bibiliya* (<http://www.eclea.net/courses.html#stewardship>).

D. Imiterere n'ibiranga umwigishwa ukuze

Abigishwa bose bagomba kuba “*abagabo bo kwizerwa [Gr. = anthrōpois (ni ukuvuga, abantu b'ibitsina byombi)] bazashobora kwigisha nabo*” (2 Tim 2:2) inzira y'ukuri yo guhindura abigishwa itangira iyo umuntu avutse ubwa kabiri” (MacDonald 1975: 4). Ariko rero Yesu ntabwo ari gushaka abagabo n'abagore bamuha imigoroba isagutse—cyangwa impera z'icumweru zabo—cyangwa imyaka batagikora. Ahubwo ari gushaka abantu bazamuhaha umwanya wambere mubuzima bwabo.” (Ibid.: 5) Bibiliya iduha ibintu byinshi biranga umwigishwa w'ukuri:

1. Gukunda Yesu Kristo bihebuje ndetse kunarenza ziriya nkoramutima zacu. “*Umuntu weseuza ahondi nti yanjye se nanyina n'umugorewe n'abana be ndetse n'ubugingo bwe, uwo ntashobora kuba umwigishwa wanjye*” (Luka 14:26; reba kandi Mat 19:29; Mariko 10:29-30; Luka 18:29-30). Imvugo ya Yesu y'umuntu “kwanga” umuryango we muri Luka 14:26 ntisobanuye ko umwigishwa agomba gusuzugura umuryango we cyangwa kuwufata k'abanzi be.¹⁷ Ahubwo, iyi mvugo ifite ubusobanuro bwo mu nshoberamahanga bugereranya mu Giheburayo igira iti “ugereranyije urukundo unkunda, uko wiyumvamo undi muntu wese, harimo nabahafi kuri wowe, bigomba kuba nkaho ubanga –ngomba kuba uw'ingenzi n'uwibanze kuri wowe. Gukunda Yesu cyane biva mu kwibona neza nk'uko turi aribyo, abantu babaswe bafite icyaha mundanga gaciro zabo, badashobora guhinduka, uko twagerageza kose kandi bamenye ko Yesu ariwe muti wenyine. Henrichsen yabibonye atya, “Ubukristo ni idini yo gutabarirwamo” yaremewe abafite inyota. Ni iyabantu bifite icyo bashakaga gucukumbura kurenza icyo bavana mu buzima bwabo. . . . Umusingi umwe mu bisambwa mu guhindura abantu w'ubigishwa w'ukuri ni inyota yaka mu ndiba y'umutima.” (Henrichsen 1988: 36-37)

2. Kwiyangira gukurikira Kristo. “*Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire. Kuko ushaka kurenjyera ubugingo bwe azabubura, ariko utita k'ubugingo bwe kubwanjye niwe uzabukiza.*” (Luka 9:23-24; reba kandi Mat 10:38-39; 16:24-25) Imvugo ya Yesu yo “kwikorera umusaraba” yerekana neza ko n'ubuzima bw'umwigishwa ubwe ari ubwa kabiri kubwa Yesu no no kumvira Yesu. Jonathan Dodson avugako, “Mu bwami bw'Abaroma byari ibisanzwe ko ubakatiwe bikorera imisaraba yabo yo kubambwaho. Kwikorera umusaraba byerekanaga guca bugufi k'umunyabyaha kugihugu, guca bugufi imbere y'ubutegetsi bwa leta. . . . Ku mwigishwa kwikorera umusaraba we ntabwo ari igikorwa cyo kwiyanga ahubwo byingenzi cyane ni ukugandukira Yesu k'ubutware bukuyobora, nk'umwami wawe. Ni ukuvuga hoyu k'ubutware bwawe, gukurikiza ibyawe na yego kubutware bwa Yesu-hoya kubushake bwawe na yego k'ubushake bwe. (Dodson 2012: 160n.17) George Ladd yongeraho ko, “Ubwo Yesu yigishaga ko umuntu kugirango abe umwigishwa we agomba kwiyanga akikorera umusaraba we (Mat. 10:38; 16:24), ntiyavugaga ko kwiyanga no kwikorera imitwaro iremereye; yavugaga ubushake bwo kubabarizwa ibyo wizera kugeza k'urupfu. Umusaraba ntakindi uricyo uretse igikoresho cy'urupfu. Buri mwigishwa wa Yesu agenewe kuba yarenganywa kugeza kugupfa.” (Ladd 1972: 104) N'ubwo Abakristo benshi batazarenganyirizwa kwizera kwabo bifatika kugeza no kugupfa, bagoma kwemera no kwitegura bakarenganywa (urugero, Mat 5:10-12; 10:22; Mariko 10:30; Luka 6:22; Yoh 15:18-19; 2 Kor 4:8-12; Fil 1:28-30; 2 Tim 2:3; 3:12; 1 Pet 4:12-16; 1 Yoh 3:13).

Mubuzima bwe bwose ku isi Kristo yakoze gusa ibyo Se yashakaga ko akora (Yoh 5:19, 30; 6:38; 8:28; 12:49; 14:10). Bihura nibyo Yesu yavuze ati, “*Ni munkunda, muzitondera amategekoyanjye*” (Yoh 14:15; reba kandi Mat 12:50; 28:19-20; Mariko 3:35; Luka 17:10; Yoh 14:21, 23-24; 15:10, 14; 1 Yoh 5:3; 2 Yohana 6). “Gukurikira” Yesu bivuze ko tugomba kuba twiteguye kuyoborwa n'Umwuka Wera gutekereza nk'uko Kristo yatekerezeza, gutekereza nk'uko yatekerezeza, no gukora nk'uko yakoraga, ubwo buzima burangwa “*n'imbutu z'umwuka*” (“*urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihanagana, kugira neza, ingeso nziza, gukiranuka, kugwa neza no kwirinda*”) (Gal 5:22-23). Indanga

¹⁷ Ibuka ko tugomba “gukunda bagenzi bacu nk'uko twikunda” (Mat 19:19; 22:39; Mariko 12:31) ndetse tugakunda “n'abanzi bacu” (Mat 5:44-47) izi mvugo zerekana gukomora k'urukundo rwacu kuri Kristo: tugomba gukunda buri wese, ariko tugakunda Kristo kurutaho, wagereranya nuko tumukunda nuko dukunda undi wese nkaho ari urwango.

gaciro za Kristo n'ibyo aha agaciro bigomba kuba indanga gaciro zacu nibyo duha agaciro kuruta ibindi. Intego z'umwigishwa w'ukuri mubuzima zigomaba gusa nizo Imana yashyize muri Bibiliya, arizo, “gushaka ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo” (**Mat 6:33**). Kubaho ububuzima nk'ubu nicyo kerekanako turi gugendana n'ijwi ry'Umwuka w'Imana. Kuko ibi biba ukuri mu buzima bwacu, nkuko tuguma muri yo (**Yoh 15:4-7**) “*tuzashushanywa n'ishusho ya Kristo Yesu*” (**Rom 8:29**) kandi *tuzera imbuto nyinshi, ni byo bizerekana ko muri abigishwa banjye*” (**Yoh 15:8**).

3. Gusigira ibyo dutunze byose kugirango dukurikire Kristo. “*Nuko rero namwe, umuntu wese murimwe udasiga ibyo afite byose, ntashobora kuba umwigishwa wanjye*” (**Luka 14:33**; reba kandi **Mat 19:16-26, 29; Mariko 10:17-25, 29-30; Luka 18:18-27, 29-30; Ibyak 2:44-45; 4:32, 34-35; 2 Tim 2:4**). Kuba tugomba gukunda Kristo kuruta abantu bacu bahafi no kuruta ubuzima bwacu, bikururwa no gukunda Kristo kuruta ibintu byose twagira. Nubwo gukunda Kristo kuruta abo dukunda no kuruta ubuzima bwacu bishobora kugaragara nkibirikure cyane yo gukunda Kristo kuruta ibyo dutunze bifatika. Yesu azi umutima w'umuntu (**Yoh 2:24-25**) niyo mpamvu yavuze ati “*aho ubutunzi bwawe buri niho numutima wawe uzaba*” (**Mat 6:21; Luka 12:34**). Mumucyo w'iki imyaka irenga 150 ishize J.B. Wakeley yabonye ko “guhinduka kwisubiramo si uguhinduka rwose” (Wakeley 1858: 152). Kubw'ibyo, **Luka 14:33** “birashoboka ko iyi imvugo yakoresheje itamenyerewe mu magambo ya Yesu yarekeye guhindura abigishwa, ariko ishobora kugaragara neza ko ari umurongo utazwi muri Bibiliya. . . . Niki byasobanuraga gusiga byose? Bisobanuye kureka ibyo umuntu atunze bitari ingenzi cyane kandi bidashobora gukoreshwa mu kwamamaza ubutumwa bwiza. Umuntu usize byose ntahinduka utagira icyo yinjiza; arakora cyane kugirango abone ibikenewe n'umuryango we nawe ubwe. Ariko kuko icyifuzo cy'ubuzima bwe ari ukwihutisha ibya Kristo, ashora ibintu byose mu bikenewe mu murimo w'Umwami ahazaza akaharekera Imana.” (MacDonald 1975: 9) Niyo mpamvu Yesu yashimangiye umumaro wo kumenya neza ikiguzi cyo kuba umwigishwa mbere yuko umuntu yiyemeza (reba **Luka 14:28**). Ubusobanuro bw'Umwuka bw'uko twitwara k'ubutunzi n'ibyo dutunze ntibishobora kutavugwaho. Pawulo yabivuze muri uburyo, “*Hariho benshi bagenda ukundi abo nababwiye kenshi, nanone ndabababwira ndira yuko ari abanzi b'umusaraba wa Kristo, amaherezo yabo ni ukurimbuka, Imana yabo ni inda birata ibiteye isoni byabo bahoza imutima ku by'isi*” (**Fil 3:18-19; Yak 4:4; 1 Yoh 2:15**). Mu yandi magambo, abahoza “*umutima kubintu by'isi*” ni “*abanzi b'umusaraba wa Kristo,*” kandi “*iherezo ryabo ni kurimbuka ni ukwabo.*”

4. Gukunda aba Kristo bose. “*Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube ariko namwe mukundana. Ibyo nibyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana.*” (**Yoh 13:34-35; Yoh 15:12, 17; 1 Yoh 2:9-10; 3:14**) Charles Colson avugako “igihe dukurikiye Kristo, duhinduka ingingo z'itorero rye—kandi kwiyemeza kwacu kw'itorero ntigutandukana no kwiyemeza kwacu kuri Kristo [**Mat 16:15-18; 22:36-40; 25:31-46; Ibyak 20:28; 1 Kor 12:12-27; Gal 6:10; 1 Yoh 3:14; 4:19-20**]” (Colson 1992: 64-65). Impamvu y'ibi nuko abizera bose bajiyeye mu muryango w'Imana (**Rom 8:15, 23; 9:4; Gal 4:5; Ef 1:5; 2:19**). Ubwo rero itorero n'umuryango (**Gal 6:10; 1 Tim 3:15; 5:1-2; Heb 3:6; 1 Pet 4:17**). Dhati Lewis yabivuze atya, “itorero *sink* umuryango; *ni* umuryango. . . . Ibi bishobora kuboneka mu kuri kuko *umwigishwa*, nkuko mu gice cya mbere cy'isezerano rishya, ryabuze nyuma y'igitabo cy'ibyakozwe n'intumwa. Ryasimbuwe na *mwenedata* ahasigaye muri Bibiliya.” (Lewis 2015: n.p.)

Imiryango ikunda kandi ikitanaho. Nyamara, amatorero menshi *ntakora* nk'imiryango, ivangura moko, gutandukanya abakire n'abakene, no gusumbanya abantu bishingiye kubintu bitandukanye biranga muri rusanjye amatorero y'aho dutuye. Ikibazo ntikigarukira mu matorero ya dutuye. icyaricyo cyose ikibazo cy'amacakubiri gikomeza kuba kibi hagati y'amadini. Ibi bikomeza kuba imbogamizi kw'itorero muguhimiriza isi. Ubumwe bwacu cyangwa kutaba umwe bihita bigira ingaruka kukuba isi yakwizera ko Yesu ari Mesiya w'Imana (raba **Yoh 17:21, 23**) niba amatorero adatangiyeye gufata abayobokeye bayo, n'andi matorero, nk'ingingo z'ikundana zihuje umuryango, ibwo rero isi izakomeza gukoba itorero bibaza bati: “Kuki tugomba kuba Abakristo, kandi mwebwe Abakristo mudakundana?”

5. Umutima w'umugaragu. “*Muzi y'uko abami babanyamahanga babatwaza igitugu nabakomeye babo bahawe kubategeka ariko murimwe siko biri, ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe ajye aba umugaragu wanyu, kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe, ajye aba imbata wanyu, nk'uko umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba inshungu yabenshi.*” (**Mat 20:25-28**; reba kandi **Mariko 10:42-45**) “*Kandi ntimuzitwe abakuru, kuko umukuru wanyu ari umwe, ari Kristo. Ahubwo uruta abandi muri mwe ajye aba umugaragu wanyu.*” (**Mat 23:10-11**; reba kandi **Mariko 9:35-37**) “*Munyita shobuja n'umwigisha, ibyo mubivuga neza kuko ari ko ndi koko. Nuko rero ubwo mbogeye ibirenge kandi ndi shobuja n'umwigisha, niko namwe mukwiriye*

kubyozanya.” (Yoh 13:13-15)

Yesu yavuze ko amategeko abiri—ukundishe Imana umutima wawe wose, n’ubugingo bwawe, n’ubwenjye bwawe, ukunde na mugenzi wawe nk’uko wikunda (Mat 22:36-40; Mariko 12:28-34; Luka 10:25-28)—ari yo rufatiro rwa Bibiliya yose. Imana ntibeshywa n’amagambo yacu. Niyompamvu yaduhaye igipimo cyuko twebye n’undi wese, n’Imana ubwayo ishobora kubona niba dukora by’ukuri, dukunda Imana n’umutima wacu wose, ubugingo, n’ubwenge. Igipimo ni iki: uko dukora itegeko rya kabiri” (ni ukuvuga ngo, uko dukunda abantu) ni igihama cy’uko dukora by’ukuri itegeko rya mbere” (Gukunda Imana) n’igihe Yesu yacyahaga Petero amubaza inshuro eshatu amubaza ati “urankunda?” Yesu ntiyakiriye byoroshye igisubizo cya Petero, “Yego mwami urabiziko ngukunda” ahubwo Yesu yabwiye Petero ati: “ragira intama zanjye” (Yoh 21:15-17). icyo Yesu yabwiraga Petero ni iki: “Niba unkunda by’ukuri, uzabyerekanisha gufata neza intama zanjye.”

Intego nyamukuru yatumye Iman itanga impano z’umwuka nyinshi zitandukanye n’abayobozi “kugirango abera batunganirizwe rwose umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umubiri wa kristo” (Ef 4:12). Abafite umutima w’umugaragu bibandaga kubandi, atari ubwabo, uku niko guca bugufi k’ukuri: tutitekereza nkabo hanze ahubwo twitekerazaho gake. . . . Iki nicyo bivuze ‘kubura ubugingo bwawe’-kwiye bagirirwa gukorera abandi, iyo tutakita kubyo dukeneye, tubona ibikenewe ahaturuzengurutse.” (Warren 2002: 265) Iki bigaragaza neza, mu migani myinshi ya Yesu yerekeye ubwami bw’ijuru yerekana ko urubanza rwa nyuma ruzashingira kubyo dukora cyane cyane uko dukorera abandi n’uko dufata abandi murirubu buziama (Mat 18:23-35; 21:28-32; 21:33-44; 24:45-51; 25:1-13; 25:14-30; Mariko 12:1-12; Luka 12:42-48; 16:1-9; 19:12-27; 20:9-18). Impamvu yiki nuko icyo dukora, uko tubaho, uko dukorera ‘uko twita kubandi bantu bihishura icyo dutekereza kuri Yesu muby’ukuri “Umwami azabasubiza ati ndababwira ukuri y’uko ubwo mwabikorera umwe muri bene data aba boroheje bari hanyuma yabandi arinjye mwabikoreye” (Mat 25:40), kandi “azabazubiza ati ndababwira ukuri yuko ubwo mutabikoreye umwe muri benedata ababorroheje bari hanyuma yabandi nanjye mutabikoreye” (Mat 25:45). “Ntakintu cyari kubyekana neza kuruta uko ibikorwa Imana yemera biva mubusabane bwiza n’Imana. Ni icyo umuntu akora atari gushaka kwiyerekana cyerekana imiterere ye.” (Travis 1982: 191)

Uyu mwifato w’umutima w’umugaragu n’imibereho y’umwigishwa ukuze, ukorera abandi adasha kwemerwa, ugenda ukuza umuntu mu gukunda Yesu, kandi akabona icyo aricyo muri Yesu. Umwigishwa uziko kuko umuntu wese yaremwe mu ishusho y’Imana (Itang 1:26-27; 5:1-3; 9:6; Ef 4:24; Kol 3:10; Yak 3:9), ukodufata ishusho y’Imana bigaragaza uko tuyitekeraza. Nk’uko Yesu ahinduka uwo kwibandaho, dutangira gutekereza nk’uko yatekerazaga no gukora nk’uko Yesu yakoraga. Rero “nkuko Umwana w’umuntu ataje gukorera ahubwo gukorera abandi” (Mat 20:28) niko—natwe tuzaba kandi Imana izibuka kandi yubahe umwigishwa wayo ukurera abandi n’umutima ukunze kandi ushaka (Zab 100:2; Yoh 12:26; Heb 6:10). Henrichsen asoza agira ati, “Umwigishwa ni umuntu uhorana n’abantu bakennye. Nk’umwigishwa wa Yesu uhora uha abantu ibyo bakennye nk’uko Yesu yabigenzaga?” (Henrichsen 1988: 32, emph. in orig.)

Urugero rworoshye ariko rwo mu muco rw’ibi nuko cyane cyane abagabo bagomba gufasha abagore babo mu mirimo igaragara, kuko Ef 5:25 havuga ko “abagabo bagomba gukunda abagore babo nk’imibiriri yabo.” Mu mico myinshi, abagore bategerezwaho gukorera umuryango imirimo myinshi ifatika (urugero, gutashya, kuvoma, gukubura, guteka, no kwita ku guheka abana benshi). Iki kinaniza kandi kikaremerera umubiri w’umugore. Niba abagabo by’ukuri, “bakunda abagore babo nk’imibiriri yabo,” ntibakagombye gutuma bagore bakora imirimo yose ikomeye. Ahubwo bakagomye kwikorera imirimo imwe ubwabo, bizafasha kurinda umubiriri w’umugore, umurimo uzarangira vuba, kandi bizaremera umugore n’umugabo igihe cyo kuba hamwe batari gukora bitume bakura mu mibanire yabo.

6. Kuguma mw’ijambo ry’Imana. “Nimuguma mu ijambo ryanjye nibwo muzaba abigishwa banjye nyakuri” (Yoh 8:31; reba na Yoh 14:26; 2 Yohana 9). Ijambo ry’Imana ni ukuri (Yoh 17:17). Amagambo y’Imana “ni ubuzima ku bayabonye” (Imig 4:22). Ni “umunezero n’ibyishimo by’umutima wanjye” (Yer 15:16). Ijambo rye ni itabaza ry’ibirenge byange ni umucyo umuikira inzira zanjye (Zab 119:105). Imana yashyize Ijambo ryoye n’izina ryayo hejuri y’ibintu byose (Zab 138:2). “Ibyanditswe byera byose byahumetswe n’Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya no kumuhanira gukiranuka, kugirango umuntu w’Imana aye ashyitse, afitse ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose” (2 Tim 3:16-17). Ubwo Kristo ari ubuzima bwacu (Kol 3:4) tugomba kuguma muriwe n’amagambo ye akaguma muri twe (Yoh 15:7) kugumamo bivuze kurinda. Ibi byerekanywe na Yesu ubwe wari uzi ibyanditswe “imbere n’inyuma n’imbere” Yesu

yasubiyemo nibura imirongo 60 mubyanditswe (urugero mu isezerano ryakera) kandi yatanze ingero zikubye kabiri uwo mubare (Moyise 2010: 3-4). Nigihe yarimo apfa Yesu yavuze ibyo mu byanditswe (**Mat 27:46; Mariko 15:36**, asubiramo **Zab 22:1; Luka 23:46**, asubiramo **Zab 31:5**). Niba ibyo byari ukuri kuri Yesu, byagombye kuba ukuri bingana iki k'ubuzima bwacu. Tugomba rero kuba twibaza: tuti twumva Bibiliya isobanurwa neza mu itorero? Dufite gahunda ihoraho yo gusoma bibiliya? Duhora twiga ibyanditswe? Dufata ibyanditswe mumutwe? Dutekereza kubyo twasomye? Kwifuzza bibiliya kwacu ni kwinshi kuburyo kutahazwa? Ibimenyetso bibumbira hamwe umwifato wacu n'uburyo twabana na Bibiliya bibigereranya n'intoki eshanu z'ikiganza. Tukumva kumva ijambo rimbwirizwa (**Ibyak 10:17** agahera); soma ijambo (Ibyah1:3, mukubita rukoko); iga ijambo (**Ibyak 17:11**, musumba zose); fata ijambo ry'Imana mu mutwe(zaburi119:9,11,mukuru wa meme); utekereze ku ijambo (**Zab 1:2-3**, igikumwe) (Navigators 2004: "Ijambo Ikiganza").

Kugumama mu ijambo ry'Imana bivuga ibirenze gukomeza kumva, gusoma, kwiga, gufata mumutwe, no gutekereza kubyanditswe kuguma mw'ijambo bivuze kubaho mu ijambo imbere n'inyuma mubuzima bwacu. Muyandi magambo Bibiliya igomba kudutyaza –imitima yacu, ubwenge, n'ibikorwa-kandi ikaba umurongo nnyenderwaho mu kugena ikiza n'ikibi n'icyo dushobora gukora cyangwa kudakora. Henrichsen avuga ko, "*Umwigishwa ni umuntu mubuzima bwe bwose ugena ikiza mu buzima bwe abikuye muri Bibiliya kandi agakomeza kubibaho aho ashingiye kuri icyo kuruta kwemerera ibimubaho kuhindura imyitwarire ye*" (Henrichsen 1988: 32, emph. in orig.). Yesu yavuze ko, "*Nuko umuntu wese wumva ayo magambo Yanjye akayakomeza azaba nk'umunyabwenge wubatse inzuye kurutare, imvura iragwa, imivu iratamba, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinze k'urutare kandi umuntu wese wumva ayo magambo yanjye ntayakomeze azaba ari nk'umupfapfa wubatse inzuye k'umusenyi imvura iragwa imivu iratamba, umuyaga urahuha byose byikubita kuri iyo nzu iragwa kandi kugwa kwayo kwabayeye kunini.*" (**Mat 7:24-27; Luka 6:47-49**) Yakobo yabivuze muri ubu buryo, "*Ariko rero mujye mukora iby'iryo jambo, Atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka. . . . Ariko uwitegereza mumategeko atunganye rwose atera umudendezo, agakomeza kugira umwete wayo, atari uwumva gusa akibagirwa ahubwo ar uyumvira, niwe uzahabwa umugisha mubyo akora.*" (**Yak 1:22, 25**; reba kandi **Rom 2:13**)

Abogezabutumwa bagaragaza ko ubugingo bwuzuye, burimo imbaraga za Kristo busa n'ipine, muri ubu buryo:



Izingiro—ni Kristo ry'ikintu cyose, bivuga ko buri wese agomba kubaha ubwami n'ubutware bwe. Izingiro ni Kristo bigomba kuba hejuru y'ibice byose by'ubuzima bwacu (ibitekerezo, amagambo, nibikorwa). Ikiganiro mu buryo bujyana hejuru (Ijambo n' isengesho) bigaragaza uko tubana n'Imana. Ikiganiro mu buryo butambitse (Guhama no ubusabane) bigaragaza uko tubana nabandi (Navigators 2006: "The Wheel").

VI. Umwihariko ku mahugurwa meza yo guhindura abantu abigishwa

"Nta muntu uhindura abantu abigishwa by'impanuka. Kuba umwigishwa ni igikorwa umuntu ahitamo abishaka. . . . Mu Kigiriki umwigishwa ni *mathetes*. Iyo risonanuwe uko ryanditse, risobanura *uwiga*. Ibyanditwe bisa n'ibigera kukintu hano, ikintu cyo kwerekeza ubuzima bwacu ku kuba *abigishwa ba Yesu ubuzima bwose*. . . . Birasa naho hari uburyo butatu butandukanye twigamo ariko twiga neza iyo ubwo buryo buhurizwa hamwe:

- (1) Mu cyumba cy'ishuri/umwarimu atanga inyigisho
- (2) Kwiyigisha
- (3) Kwisanisha

Kwigira mw'ishuri ni igihe amakuru inyigisho, n'ingero zitanze n'umwarimu aziha umunyeshuri mu buryo

busanzwe bumenyereye bwo kwigisha. Kwigira ku muntu ni igihe umuntu yiga yiyigishijwe arebeye ku bumenyi undi afite. Kwisanisha ni igihe umuntu ari ahantu runaka, mu mucu runaka akinjira mu mibereho ya buri muntu wiga akurikije ibyo areba cyangwa yumva n'ubunararibonye ahakura.” (Breen 2011: 20-21, emph. in orig.)

Kwiga ukuri, inyigisho, n'amakuru agendeye kuri Kristo n'ibigendanye na Kristo ni *ngombwa* bidasubirwaho, ariko ibyo *ntibihagije* kugirango umuntu abe umwigishwa mwiza. “Iyo twumva umwigishwa wa Bibiliya ufite ubuhanga mu kwigisha no kuvuga turafashwa tukongerwamo imbaraga. Dushobora no kumwigiraho byinshi ariko tugomba kwibuka ko kuba umwigishwa bisaba kuba warahindutse ku rwego rwo hejuru. Usomye muri **Mat 4:19** Yesu yaravuze ngo azaduhindura abarobyi b'abantu; bivuzeko azaduhindura mu buryo budasanzwe, tukagira impinduka mu mutima no mu mibereho. Abantu benshi ntabwo bakunda kwiga ibyo bumva, bituma bananirwa no gutuza ngo bumve, byumwihariko muri iki gihe hatabwo umwanya wo kwiga igihe kinini. Abahanga mu gutuza abigishwa ntabwo birengagiza uburyo busanzwe bwo kwiga ariko bamenya ko bufiteaho bugarukira.” (Putnam 2010: 48)

Kubwa Yesu, *imibanire* yari urufunguzo ku guhindura abamukurikira. “Yesu yagaragaje umumaro w'imibanire mu nyigisho yahaga abigishwa be. Yavugaga ku kuri igihe bari bagiye kurya ndetse bagiye no kuryama. Yesu yari kumwe n'abigishwa be kubera uko kubana nabo byari uburyo yashoboraga kubaha ibyo bakeneye byose. Yashyize ubuzima bwe bwose muri cumi na babiri. Yahisemo kubana n'abigishwabe kuko yasobanukiye ko umuntu yiga neza iyo aba mu kintu kuruta kukibwirwa.” (Ibid.: 48-49) Umusaruro wavuye mu gihe yamaze abana nabo, inyigisho yabahaye, urugero rwiza yatanga, abigishwa be barahindutse basa nkawe, “*bahindura isi*” (**Ibyak 17:6**). Nkuko cumi na babiri, abigishwa beza babaho iyo bashyira mu bikorwa ibyo bize kandi babaho ubuzima bujyanye no kwizera kwabo. Breen yabivuze muri ubu buryo: “Wakwizera ko umuganga udafite ubunararibonye akubaga umutima agendeye kuburyo yize mw'ishuri gusa? *Ikibabaje uko niko twubatswe uburyo abantu baba abigishwa!*” (Ibid.: 26, emph. in orig.)

Kugirango uhindure abantu abigishwa bigire umusaruro, ubuyobozi bw'itorero bugomba kureba umumaro wo guhindura bantu abigishwa kandi bugomba gushyigikira no kujya mu gikorwa cyo guhindura abantu abigishwa. Nk'ihuriro ryo guhindura abantu abigishwa, Churches Alive yabivuze gutya, “Umusaruro mwiza muri murimo wawe wo guhindura abantu abigishwa ugendana mu buryo budashidakanwaho n'ubuyobozi bw'umurimo ndetse n'uburyo abigishwa bawiyumvamo. Igihe guhinduka umwigishwa bibonwa nkiyindi gahunda y'urusengeru, ntabwo intego izagerwaho. Igihe bibonwa nk'impamvu itorerer ririho intego izagerwaho, hamwe no gutegurwa neza, gukura, kwaguka no guhindura itorerer. Kugirango itorerer rishobore gukora umurimo wo guhindura abantu abigishwa bisaba ko riva muri gahunda zijyanye no gukomeza idini rikajya muri gahunda yo kuba ihuriro ryo guhindura abantu abigishwa. Iyi ni impinduka idasanzwe. Ntabwo ari kimwe nko guhinduka byo kuva mu rusengeru rwo mw'Isezzerano rya Cyera hibandwa ku byashize n'imbaraga z'abantu bacye kugera mw'itorero ry'ikinyejana cya mbere aho byari ibisanzwe ko imbaraga z'umwuka wera zabonekaga kuwizera wese.” (Churches Alive 1996:1.8) Ibi bisobanura ko abayobozi b'itorero bakeneye gushyiraho umuhati mu gutera umwete, gushyigikira (mu bikoresho, amasengesho nubundi buryo), gukomeza gukorana nabayoboze umurimo wo guhindura abantu abigishwa,¹⁸ kandi bagakomeza kugaragaza umumaro wo guhinduka umwigishwa imbere y'abanyetorerer.

A. Amatsinda yo guhindura abantu abigishwa

Kuba umwigishwa bishobora gukorwa mu buryo butandukanye; umwe kuri umwe; itsinda rito kuva ku bantu 2-4, itsinda rinini kuva ku bantu 6-12¹⁹; cyangwa mu matsina manini nk'ishuri. Nyamara, “Yesu mu kwigisha abantu kuba abigishwa yakoresheje uburyo bwo kumwigiraho ubuzima ariko ntibyashobokaga ko bose babasha kumugeraho mu buryo bumwe. Yahisemo itsinda ry'abantu 12, ariko muri iryo tsinda Petero, Yakobo na Yohana nibo yiyegereje cyane kuburyo babanaga by'umwihariko. Hejuru ya cumi na babiri hari na

¹⁸ Ubuyobozi bw'itorero bugomba gukora ibikorwa bimwe nk'ibyabayoboze umurimo wo guhindura abantu abigishwa nkuko nabo bayobozi babikora iyo bahuye (reba n.23, munsu).

¹⁹ Mugihe itorereroryawerihisemogukoraitsindarifiteabantubarenze3-4,by'umwiharikoigiheharimo abagabo n'abagore wagombye gutekereza kugira abayobozi umugabo n'umugore bafatanyije: “Ubunararibonye butwereka ko gukoresha abantu babiri bubatse urugo nk'abayobozi b'itsinda bitanga umusaruro. Bifite umumaro wo kwerekana amateka y'umwuzuro yo mu gitabo cy'itangiriro cyo kimwe n'urugero rwo mw'Isezzerano Rishya rwo kohereza abigishwa babiri babiri. Umugabo cyangwa umugore batubatse urugo nabo bashobora kuyobora. Intego ni uguhitamo abayobozi beza bashoboka. Kugira bayobozi babiri bitanga kugira amaso abiri arebera itsinda. Iyo umwe arikuvuga undi aba ari kureba. Iyo umwe ayoboze ikiganiro, undi ashobora kumufasha ko kitajya hanze y'intego gifite cyangwa igihe cyahawe. Babiri bagirana inama, kandi umwe abera undi inyunganizi. Kandi bashobora no gushyigikirana bakoresheje gusenga.” (Churches Alive 1996: 4.3)

mirongwirindwi, nyuma ijana na makumyabiri, nyuma hakaza abandi benshi cyane. . . . Dushyiraho gusa, buryo, bworoheje tugomba gutumira abantu bacye kuba abigishwa bihereye ku mibanire dufitanye nabo. Niba Yesu yarabwiye abantu 12 ntabwo twakwibwira ko dushobora kubwira abarenze abo yabwiye.” (Breen 2011: 38) Ibi byerekana ko itorero ryo mu gihugu ryo hasi ku mudugudu rigomba kugira inzego zitandukanye zishinzwe imirimo itandukanye. Urugero, itorero rimwe ryabonye ko abakristo bakuze mu mwuka no mw’ijambo ry’Imana mu buryo budasanzwe nyuma “y’amatsinda shingiro y’abigishwa” agizwe n’abantu 3-4 atangirijwe. Nkuko Yesu yari afite itsinda shingiro ry’abantu 3 (Petero, Yakobo na Yohana), itisinda ngenderwaho rigomba kuba rigizwe n’abantu 3 cg baterenze 4 bahuje igitsina bafite intego yo kuzamura imibanire yabo n’Imana no hagati yabo. Itsinda shingiro ni uburyo bibiliya ikoresha itegura guhindura ubuzima, yubaka umwigishwa mu mibanire ye n’umuryango abamo, mw’itorero aho nta muntu uba wenyine, ngo arwane intambara wenyine cg akure wenyine. Ibi byitwa ishingiro rya 3 ryo kugira abantu abigishwa (Abantu benshi + Abinangiyeye + Bacyeya) cyangwa mu cyingereza (C3= Crowd + Cell + Core). Iri shingiro rya 3 ntabwo ari ikintu gishya. Minisiteri ya Kristo yari abantu benshi, 12, na 3 (Abantu benshi + Abaringaniye + Bacyeya).” (Core Discipleship n.d.: “Core 3 Strand”) Gusa itsinda rimwe ry’urusengeru ryagira umubare utandukanye nuwo kubera impamvu zitandukanye nkuko iri (Mosaic 2016: 7-12) ribyerekanaga:

Uburyo	Ingano	Ikigenderewe	Kwigira kuri Yesu	Inararibinye ry’itorero	Umusaruro utegerejwe
Abantu rusange	100	Ivugabutumwa, ukuri, kuramya.	Yesu n’imbaga y’abantu	Guterana, ibikorwa byo guhurira hamwe	Guhishurirwa, guhimbaza, gukora itsinda
Imibereho y’abantu	20-70	kuragira, kubongerera ubushobozi, gukangura abandi.	Yesu na 70	Ibikorwa, itsinda ry’imirimo, amashuri yo kubongerera ubushobozi	Kwaguka, Intumbero, impinduka
Umuntu ku giti	12-18	Gushyigikirana, imbogamizi, gushyira mu bikorwa.	Yesu na 12	Kubwiriza abantu, Amatsinda y’Abagabo/Abagore, yo gufashanya	Kwitanga, umurimo abantu
Gukorera mu mucyo	2-5	Intege nke, gusobanura ibyo ushinze, gukora.	Yesu na 3	Ubucuti bwimbitse, Urushako, Guhindura amahanga yose abigishwa	umushyikirano, guhinduka, gukora
Ijuru	Kuba hamwe n’Imana	Ukubana n’umuremyi wawe n’umucunguzi	Yesu na Data	Urugendo rw’umuntu kugiti cye	Umubano wihariye, uwo uri we

Inyigo zirenze imwe zagaragaje ko uburyo bwiza bwo guhindura abantu abigishwa nuko uwigisha nawe aba umwigishwa no kuba mw’itsinda rya 2-3 (abigishwa).²⁰

1. Bibiliya ikomeza kwerekana umumaro wa “babiri cyangwa batatu.” Bibiliya yerekana kuba bakurikirana aribo bari bakomeye mw’itsinda rya 2-3: umuryango (**Umubw 4:9-12**); kubazwa inshingano (**1 Tim 5-19**); ubuyobozi mu by’umutungo (**2 Kor 8:16-24**); ubwizerane (**Mat 18:15-17**); kwiyoroshya (**Mat 18:20**); kuganira (**1 Kor 14:26-33**); ubuyobozi (**2 Kor 13:1**); ubuyobozi (**1 Kor 14:29**); ubutumwa (**Luka 10:1; Ibyak 13:2-3**) (reba Cole 2011).

2. Ibyiza by’itsinda rito (3-4 igiteranyo cy’abantu) harimo ibi bikurikira:

- “Haba kuvaho kw’igitutu kidasanzwe bigana ku gufatanya n’uwigisha. “Iyo uwa gatatu cyagwa uwa kane ajemo, uwigisha ntabwo aba ariwe uba witaweho bese baba bari kimwe mw’itsinda.”
- “Haba guhinduka biva ku busumbane mu nzego bigana mu mibanire yo gusabana. Itsinda rya batatu cyagwa bane ririma guhuza no kuzuzanya. Uwitaweho si uwigisha nkuko byabaga kuri Kristo babaga berekejeho ubuzima bwabo bwose.”
- “Haba guhinduka mu kuvugana bigasimburwa no nikiganiro gishyushye buri wese yishimiye. Inshuro ya mbere nabaye mw’itsinda rya gatatu, inshuro nyinshi nagendaga nibwira, “niki cyatumye

²⁰ Nkuko tuzakubibona muri icyi gice ca **B. Ibigaragaza amatsinda mezayoguhindura abantu abigishwa** na **D. Itambwe yuguhindura umuntu umwigishwa abigombakuba nokubakumuntu ubiyigisha**. Imibanire irihagati y’uwigisha n’uwigishwa ntabwo ari ubusumbane ahubwo n’ugusangira inshingano no kuzibazwa aho uwigishwa agombakugenda akura mu gufata inshingano zo kuyoboraitisinda.

ikiganiro gishyuha kandi kiryoshye?” Byagaragara ko Umwuka Wera ahari. Imbaraga n’umuriro byarabonekaga. Uko nagiyeye nsobanukirwa uko amatsinda abaho, nasanze umwe kuri umwe atari itisinda. Iyo wongeyeho uwa gatatu nibwo uba utangiye gukora itsinda (Tekereza ubutatu).”

- “Habaho kwiyongera ubwenge buzanywe n’abantu benshi. Igitabo cy’Imigani kivuga ko ubwenge uzanywa n’abajyanama benshi (Imig 15:22). Akenshi abantu bagaragara ko bakiri bato cyangwa badakuzwe mu kwizera ubwenge bwishyamba, cyangwa bagashyusha itsinda cyangwa bakabaza ibibazo byiza.”
- “Hari impinduka iva mu kongera ikajya mu kwikuba. Ku bwanjye nta byishimo bibaho biruta kubona Umukristo abyaza umuntu ubutumwa bwiza. Ibyo bivuzwe hejuru byose biriteranya bikabyara imbaraga. Mu myaka makumyabiri ngenzura nabonye hari urugero rwa 75% rw’abantu bakizwa biturutse ku bantu batatu cg bane babaye abigishwa.”
- “Mu ncamake, ikinyabumwe gito cyane gishyigikira ubwikube kuko bigabanya urugero rw’ururerekane bikongera urugero rw’icyiciro—ubutoza. Mu gutanga integanyanyigisho zo guhindura abantu abigishwa iteguriwe umubano w’abigishwa, urema, urema, imiterere izana umusaruro, hafi buri mwizera mushya uri gukura yabasha gusoma. Ubuyobozi muri aya matsinda ashobora gusimbura kare kuva ubunini bwayo buzana gahunda itariyo ariko integanyanyigisho izana inama zogukurikiza impinduka zitarizo Ubuyobozi bushobora gusimbura hakiri kare nkuko inyandiko ngenderwaho y’abigishwa ibyerekanaga.” (Ogden 2007: 4-5)

3. Itsinda rito (3-4 igiteranyo cy’abantu) ni uburyo bwiza busumba ubwo kwigisha umuntu umwe kuri umwe kubera impamvu zikurikira:

- Igihe hakoreshwa uburyo bw’umwe kuri umwe mu guhindura umwigishwa uwigisha aba afite inshingano nyinshi zigendanye n’umwuka kuwo yigisha.
- Imibanire y’umuntu umwe kuri umwe ishyiraho intera ituma umwe agendera ku wundi.
- Umwe kuri umwe bigabanya kungurana ibitekerezon’ibiganiro.
- Umwe kuri umwe ntabwo muri rusange bibyara umusaruro (Ogden 2007: 3).

4. Itsinda rito (3-4) ruruta itsinda rinini kubera ko uko itsinda riba rinini niko ibi bintu uko ari bitatu bizana impinduka bigabanyirizwa agaciro:

- *Ukuri*—“Kwiga bigaragazwa n’ubushobozi bwo kuzuzura ukuri, aho bigenda bikomera kubikora uko amajwi agenda aba menshi mu kukuvugaho. Kandi bigenda birushaho gukomera kugena umuvuduko wo kwiga wa buri muntu, uko itsinda rigenda riba rinini.”
- *Imibanire irimo umucyo*—“Kuwifungura ni ikintu k’ingenzi kiganisha ku guhinduka, kandi kwirekura bigenda bikomera uko itsinda rigenda ryiyongera. Niba tutabohoka kuvuga ingorane zacu, umwuka ntabwo azakoresha abagize itsinda mu kuyobora itsinda aho rigomba kugera.”
- *Kuzuzurana*—“Uko itsinda riba rinini, niko byoroha kuryihishamo. Kwigenzura bisaba ubushobozi bwo kureba niba ibyifujwe gukorwa byakozwe, cyangwa ibyagambiriwe kubahirizwa byaragumishijweho. Umubare munini w’itsinda ubangamira kwinjira mu buzima bw’umuntu.” (Ogden 1998: 11)

B. *Ibigaragaza itisinda ryiza ryo guhindura abantu abigishwa*

Hari ibintu byinshi bigaragaza itsinda ryiza ry’abigishwa:

1. Imibanire n’abigishwa igaragazwa no kwiyumvanamo, aho gahunda zibanda ku bumenyi. “Gahunda ikorwa hatekerezwa ko niba umuntu afite ubumenyi buhagije bizatuma habaho impinduka. Mu yandi magambo, inyigisho nzima zizatnga imibereho ikwiraye. Kwigisha abantu imirongo y’ibyanditswe n’amahame ya Bibiliya bihindura abantu mu myitwarire, indangagaciro n’umutima ushaka Imana.” (Ogden 2007: 6) Kumva Bibiliya n’amahame yayo ni ngombwa kandi ni ingenzi; nyamara, ibyo byonyine ntibihagije guhindura umuntu umwigishwa umwigishwa mwiza. Guhindura umuntu umwigishwa bisaba umubano. Yesu ntabwo yasobanuriye abigishwa Bibiliya gusa ahubwo yari afitanye nabo umubano w’umwihariko akabaho ubuzima bujyanye nukuri kw’ijambo abigisha. Robert Coleman yabigaragaje muri ubu buryo: “Kubwiriza imbaga y’abantu nubwo ari ngombwa ntabwo bihagije mu murimo wo gutegura abayobozi b’ivugabutumwa. Nta nubwo amasengesho ya hatu na hatu, guterana no kwigira mw’ishuri by’Abakristu byaba bihagije. Kubaka abagabo nyabagabo ntabwo byoroshye, bisaba guhora ubwitayeho cyane nkuko umubyeyi yita ku bana be. Urugero rwa Yesu rutwigisha ko ibyo byemera gusa iyo umuntu agendeye mu kuri imbere yabo ayobora.” (Coleman 1964: 47)

Umwanzuro w’ingenzi w’ibi ni uko wowe (umwigisha) ukeneye guha abantu bo mu itsinda ryawe

ryo guhindura abantu abigishwa “uburyo bwo kugera ku buzima bwawe kuruta abandi bantu babona cyangwa kuruta uko ushobora kuba umenyereye guha abantu uyobora ubu. . . . Bivuze ko uba ubahamagaye mu byo watangiye gukora. Ubatumira bo n’imiryango yabo mugasangira ku meza iwawe n’umuryango wawe. Dushobora kwibagirwa ko ‘icyo atari igihe cyo guhindura abantu abigishwa’ ariko ntabwo bisobanura ko tutari kwigisha abantu icyo gukurikira Yesu ari cyo. Iyo uhamagaye abantu kuza mu rugo iwawe bitegereza mu buryo bwihuse uko urera abana bawe, uko ubanye n’uwo mwashakanye, uko upanga ubuzima bwawe. Uba ubinjije mu buzima bwawe. Kugirango umuntu yinjire mu buzima bwawe, ugomba kumuha umwanya kurigahunda zawe za buri muni. *Niyo mapamvu ari ingenzi kugira ubuzima bukwiriye kwigirwaho!*” (Breen 2011: 40, emph. in orig.) Muri macye, “Guhindura abantu abigishwa bisaba ikirenze kubabwira kwizera kwacu tukabasangiza ubuzima bwacu, ibyadukomereye mu buzima, gutsindwa kwacu n’ibyo twishimira twagezeho, uko intege nke zacu n’imbaraga zacu.” (Dodson 2012: 15)

2. Umubano w’abigisha nabiga kuba abigishwa uba ugamiye gukura kwa buri muntu ku giti cye, mu gihe gahunda zindi zitegurwa zibanda ku mategeko yo kugenderaho. “Umubano w’abigisha nabiga kuba abigishwa ugomba guhabwa igihe gitandukanye kuko ntabwo abantu basobanukirwa cyangwa bamenya ku muvuduko umwe. Ntabwo ari ugushyira imbaraga mu kwigisha integanyanyigisho ahubwo kwegera buri muntu uri kwiga ugamiye ko akura kandi asobanukirwa.” (Ogden 2007: 7) Abigisha beza bagomba kugenzura no kumenya aho abagize itsinda ryabo bigisha bageze mu rugendo rwabo rw’umwuka. Jim Putnam avuga ko, nubwo Abakristo bese bareshya *banafite agaciro kamwe*, Abakristo bese ntabwo bagira *umumaro* ku rwegorumwe mu mugambi w’Umwami. Itandukaniro ryabo riri mu rwego rwo gukura kwabo mu mwuka. (Putnam 2010: 42) Putnam agaragaza intambwe 5 zo gukura mu mwuka k’umwigishwa (Putnam 2010: 41-42, reba kandi Followers 2010: “Real Life” hari imbonerahamwe ivuga muri macye kamere, kwizera, imyitwarire, imyifato, ibikenewe mu mwuka, n’inwandiko yerekana intambwe zo gukura mu mwuka):

- Intambwe ya 1: Gupfa mu mwuka. Umuntu aba ataravuka ubwa kabiri. Abo bantu baba batizera, nubwo baba bavugaga nk’Abakristu cyangwa bajya gusenga, ariko kutizera kwabo kugenda kugaragara mu mibereho yabo, kwizera bafite, nibyo bakora.
- Intambwe ya 2: Uruhinja mu mwuka. Ukimara kuba Umukristo atangira nk’uruhinja mu mwuka. Bashobora kuba bafite ishyamba cyane mu kwizera kwabo ariko hari byishi baba batazi. Ukijijwe vuba wese aba ari uruhinja mu mwuka niyo yaba yari amaze igihe kinini aya gusenga mbere yo kuvuka ubwa kabiri. Abantu nkabo bashobora kuba bazi byinshi ku mahame ya Gikristu, ariko ayo mahame ntabwo yigeze yinjira mu buzima bwabo kuburyo yahindura imibereho yabo.
- Intambwe ya 3: Ubwana bwo mu Mwuka. Nk’uko umwana akura mu Mu buryo bw’uwuka, bahinduka abana bamaze kuva mubuhinje barangwa no gusobanukirwa ururimi rw’ibanze rwo kwizera. Bashobora kwirebaho akenshi bashobora gukora ikintu kiza yenda ngo babone ikintu runaka bashakira cyangwa bamagane ikintu badashakira ko kibageraho.
- Intambwe ya 4: Gukura mu mwuka twagereranya n’ubusore kuba utangiye gukura. Gukura mu mwuka uva mubwana winjira mu bugimbi. Bakura vuba kandi bashobora gukora bafite intego ariko ntibashobora kubara abigishwa bashobora guhindura abandi abigishwa.
- Intambwe ya 5: Ababyeyi bo mu Mwuka. Iyi niyo ntambwe yanyuma y’imikurire yo mu Mwuka. Ikinyuranyo kiri kubakuzwe mu Mwuka badashobora guhindura abandi abigishwa, ababyeyi bo mu Mwuka ubuzima bwabo babweguriye umurimo wa Yesu mu bubyo bihitiyemo biyemeza guhindura abandi abigishwa bashya.²¹

Kuko intambwe yo guhindura abigishwa yagenewe gufasha ku kugera ku gukura mu Mwuka, umurimo umwe w’umuyobozi ushinze guhindura abigishwa ni ukugenzura no gupima intambwe abigishwa

²¹ Hammond na Cronshaw berekana intambwe zimwe zo gukura mu buryo nk’ubu (itangiriro ryo kwemezwa /kuba umwana mu Mwuka): (1) *Gukura utabyitayeho*. Abantu kuri uru rwego ndetse nti baba bitondera ikibazo bahura nacyo; baba bari gukora ariko batabizi. Ubuyobozi bukeneye kubutsa ikibazo hanyuma bugatangira intambwe nkiyo kwiga. (2) *Guhatana kuri mu bushake bwe*. Abigishwa bitondera ikibazo ariko kandi banitondera n’ibifitanye isano ariko kandi bahinduka abantu bitondera isano ifitanye isano n’ubushobozi bwabo bucyeye bagahangana nabyo muburyo budasubirwaho. Ugushyira mibikorwa “ukutiga” uburyo bwakera ni ngombwa kugirango ukomeze ujya mbere. (3) *Ubushobozi bw’imitekerereze*. Abantu ubu basobanukiwe n’urugero rushya rw’ingirakamaro ariko bakeneye kwibanda ku gukura neza; ntabwo ari “kamereya kabiri” kuri bo. (4) *Kubura ubushobozi bw’imitekerereze*. Kuri iki kiciro abantu bize kandi binjiza urugero rushya rubabera kamere ya kabiri kuri bo. Ubu bashoboye kwiyigisha bonyine no kubera abandi urugero. (Hammond and Cronshaw 2014: 7-8)

bagezeho mu gukura mu Mwuka kw'abagize itsinda. Iki ntigikwiye kuba igitekerezo gikomeye: abarimu basubiramo bakareba intambwe bakanapima uko abanyeshuli babo; abakoresha bagenzura abakozi uko bagera kuntego; ababyeyi baritegereza bakaba bagira icyo bavuga ku bana. Umuyobozi wo guhindura abantu abigishwa guteza imbere “urutonde rw'ibintu bifasha gukura mu Mwuka” kugirango ashobore gukora igishushanyo kerekana iterambere ryo gukura mu Mwuka kubanyamuryango b'itsinda ry'abigishwa. Icyo gitabo gikwiye kuba gishingiye ku gupima no kubona igibisubizo by'ibyo twavuze haruguru mu kiciro cya V.C. *Ibikoresho byo guhindura abantu abigishwa* na D. *Imiterere n'ibiranga umwigishwa ukuze kimwe* n'ibindi bipimo ubumenyi mu itumanaho n'ubuhanga bw'umuntu ku giti cye (gushobora kwigisha, impuhwe, ubushobozi bwo gukorana n'abandi, n'ibindi, biriya byashyizwe ahabona mugihe k'intambwe zo guhindura abigishwa). Iki gitabo kizerekana ahari imbaraga no gutera imbere kugirango bishobore gutera umwete; kandi kizanerekana ahakenewe kongerwamo imbaraga.

3. Imibanire yo guhindura abantu abigishwa bisaba byuzuye, gusangira inshingano kw'abagize itsinda, mugihe gahunda ishira umwe cyangwa bake bakora mu mwananyama benshi. “Gahunda nyinshi zubakiye ku muntu umwe cyangwa kubantu bake bakora umurimo ubavunnye wo gutegura abandi basigaye zije kwakira ibyo bateguye mu murimo wabo bakaza nk'indeberezi. . . Mugufatanyaga guhindura abigishwa abafatanyabikorwa basangira inshingano mu buryo bungana mu gutegura, ukishurirwa, na gahunda yo guhinduka-k'ubuzima. Iki ntabwo ari ukuba umuntu wibera umwarimu, mugihe abandi ari abanyeshuri bita ku mununtu w'umunyabwenge ubarusha ibitekerezo. Ntagushidikanya urwego rwo gukura muri Kirisito ruzahinduka, ariko ikibanze cyatekerezwaho ni mu gutanga no gukomeza kubana n'abandi, uwitwa umwarimu nundi witwa umunyeshuri umubano ushobora guhinduka mu gihe icyo aricyo cyose.” (Ogden 2007: 6)

“Impinza mu mwuka ntizisobanukirwa amabwiriza y'uburyo ibintu bikorwa. Ntibamenya ko intambura yo mu mwuka ibategereje, ko baifite umwanzu mushya ushaka kubica no kubangiza (Yohana 10:10; 1 Petero 5:8).” (Putnam 2010: 53) Kubw'ibyo, abigishwa, by'umwihariko abizera bashya bakenera umushumba, umuntu w'icyitegererezo wo kwigiraho, umwigisha w'intumwa wo gusigasira, umuyobozi, umwarimu, umwerekera, nuwo kubakurikirana. icyarimwe, *abaigishwa baratewagurwa bategurirwa kuyobora amatsinda yabo no guhindura abandi abigishwa*. Niyo mpamvu, hakiri kare bagomba guhabwa inshingano yo gutegura no kuyoboza ibiganiro hakoreshejwe ibikoresho byagenewe itsinda.²² Putnam yerekana icyo nzira mu buryo bukurikira: “Abantu bakomeye mu guhindura abantu abigishwa bazacisha ababakurikiye mu byiciro. Bitangira baberekeraga undi akareba, bagakomeza bagakorera hamwe noneho bagahindura abigishwa bagakora umwigisha akareba. Noneho nyuma, abigishwa batangira bagasubiramo uwo mwitwazo bonyine nundi muntu umwarimu abareba.” (Ibid.: 59)

4. Umubano w'abigisha n'abigishwa wibanda ku kugenzura ubuzima buhinduka, mu gihe integanyanyigisho yita ku kugenzura ibyateguye. “Gukura uhinduka ugasa na Kristo niyo ntego nyamukuru. Ikigenderwaho mu kugenzura gahunda kirebwaho ni ugipima, imyitwarire igaragara nko gufata ku mutwe ibyanditswe, gusoma ibisabwa buri cyumweru no gushyira mu bikorwa indangamimerere y'abumvira umwuka. Mu mubano w'abigisha n'abigishwa inshingano zibanda ku kwiga, kwitegereza no kubaha ibyo Yesu yavuze byose (Mat. 28:19). Nk'urugero, hari itandukaniro rinini hagati yo kumenya ko Yesu yatwigishije gukunda abanzi bacu, no kuba tubasha kubakunda. Umubano w'abigisha n'abigishwa ushingiyeye ku kwinjiza imibereho ya Kristo muri byose dukora” (Ogden 2007: 7)

5. Hatitawe uko amatsinda angina, buri mubano w'abigisha n'abigishwa ushingiyeye kw'ipfundo ry'amahame. Nubwo guhindura abantu abigishwa byoroha ku matsinda mato, “amatsinda ntabwo agira abantu abigishwa; abigisha nibwo bahindura abantu abigishwa” (Cole 2011: n.p.). Ibirenze ibyo, abigishwa bhindurwa n'umubano ntabwo ari za gahunda” (Ogden 2007: 5). Kugirango intego igerweho, abagize itsinda ry'abigishwa bose bagomba kwemeranya ku mahame ngenderwaho atatu:

- Kwizerana bisesuye hagati yabo. “Kwiyumvanamo, imibanire irimo inshingano nabandi bizera ni urufatiro mu gukura uba umwigishwa. . . . *Uko dufite ubushake bwo guhishurira abandi ibice by'ubuzima bwacu bikeneye guhindurwa n'Imana nibyo byerekana aho tugeze duhamagara Umwuka Wera ngo atugire bashya.* Ubushake tugira bwo kubana nabandi twiyumvanamo ni ikimenyetso cy'ukuri ko dushyira Imana n'ubushake bwo guhamagara umwami ngo akore umurimo we muri twe.” (Ogden 2007: 8, emph. in orig) icyizere ntabwo kiza gutyo ahubwo kirakorerwa kigakura uko igihe kigenda gishira. Itsinda rito ryoroshya kwiyongera kw'icyizere kubera hataba

²² Iki ki cyaganiriweho birambuye mu gice kiri hasi mugice VI.D. *Intabwo zo guhindura umuntu umwigishwa bigomba no kuba umuntu abiyigisha.*

hari umwanya wo kwihisha. **Yak 5:16** havugako, “*Mwaturirane ibyaha, kandi musebgerane kugirango mukizwe.*” Gushyira ibiducira urubanza ahagaragara imbere y’abagize umubiri wa Kristo byonyine bishobora kutubohora. Iyo ikintu cyemerewe imbere y’abandi, gitangira gutakaza imbaraga mu muntu. Ibyaha bikunda umwijima, ariko imbaraga zabyo zigabanuka mu mucyo.” (Ibid.)

- **Ukuri kw’ijambo ry’Imana mu bantu.** “Ni ikintu cy’ingenzi muri iyi minsi ko umwigishwa aba afite amahirwe yo kwiga ibyingenzi mu nyigisho za Gikristu mu buryo bukurikirana. Turi kuba mu gihe umuntu usanzwe aba afite urufatiro rw’ibanze mu kwizera kwe kwa Gikristu.” (Ogden 2007: 9) Umwe mu bagize itsinda rito yigeze kuvuga ngo, “Igihe twigaga kwizera muburyo bukurikirana namenye ko uko imyumvire yanjye yari ijyanye n’amategeko ya Mose. Navuga ko nari nifitemo akajagari hari ibintu byinshi bibura muri nyewe. Byari bimeze nk’amabati asakaye nabi kandi afite imyenge. Ubu buryo bwamfashije gufunga iyo myenge, ubu mbasha kureba ne za mu buryo bwagutse ukuntu kwizera kwa Gikristu gufite akamaro.” (Ibid.: 9-10)

- **Inshingano zo gusangira ubuzima.** “Umubano hagati y’abantu bari gukorera urugendo rwo kuba abigishwa ni amasezerano. Isezerano ni iki? Isezerano ni ubwumvikane bwanditse hagati y’ibice bibiri cyangwa birenga byerekana neza ibyitezwe n’ibiyemejwe mu mibanire. Tubishyize muri icyi gisobanuro, abemeranyijwe isezerano bahana ububasha bwo kubaza undi ibyo bemeranyijwe.” (Ogden 2007: 10) Kugenzurana “bituma hagerwaho ibyifuzwa mu kuba umwigishwa wa Kristo” kubera ko “umwigishwa aba ari muni y’ububasha” (Ibid.).

“Inshingano yo kwigenzura ntabwo ari ikintu yakora cyangwa akakireka mu rugendo rwo kuba umwigishwa. Nta muntu utegetswe gukurira mw’itsinda, ariko abagana amatsinda nuko baba bazi neza ko bakeneye umuntu wo kubafasha kugira imyitwarire myiza mu rugendo rwabo rw’umwuka. Iyo basabye kuza mubo ushinze mukemeranwa ko abo uyobora, bafite uburenganzira bwo kwiringira ubuyobozi bw’Imana. . . . Mu gihe umwe mu bagize itsinda abuze cyangwa ananiwe gukurikirana inyigisho za Bibiliya, uba ugomba guhura nuwo muntu ukamufasha kubona igisubizo ku kibazo afite. . . . Uko ikibazo kizitabwaho vuba, niko bizoroha kukibonera umuti. Abandi bagize itsinda bazamenya ko hari undi utari kuza cyangwa utari kwitabira, mu gihe bititaweho bizagira ingaruka ku bagize itsinda bese. Kutitanga byangiza ubumwe bw’itsinda n’urugendo rwo guhinduka intumwa. . . . Igikorwa rusange ni uburyo bw’ingenzi bwo kwigisha intumwa kuba abayobozi. . . . Gukorera hamwe ni ikintu dukora kubw’abantu ntabwo aricyo dukorera abantu. Mu buryo bworoshye kumva, igikorwa gikorewe hamwe n’igikorwa gikozwe nawe kugirango ufashe mwene so cyangwa mushiki wawe gukora ibyo yari yariyemeje gukora.” (Churches Alive 1996: 4.6-7) Kugenzurana bishobora gukorwa hifashishijwe urutonde rw’abitabiriye, n’imbonerahamwe igaragaza ibyakozwe umuyobozi yuzuzaga ngo rukoreshe igihe bahuye nk’abayobozi cyangwa abayobozi b’urusengeru.²³

C. Urugendo rwo kuba umwigishwa

Abayobozi b’amatsinda yo guhindura abantu bagomba guhura buri cyumweru kugirango bagumane gahunda ihamye. Amatsinda ahura kugirango abayagize baterane umwete kandi bashikame mw’ivugabutumwa. Ibyo bituma guhura kwabo bitaba gusa guhana ubuhamya, kuganira ibibazo cyangwa kuvuga amashimwe bagize kuva aho baherukaniye. Nubwo ibyo bigomba kubaho, nyamara kugirango muterane umwete mw’ivugabutumwa guhura bigomba kuba bifite integanyanyigisho yateguwe abagize itsinda bigaho. Integanyanyigisho ishobora kuba igizwe no kwiga ibitabo bya Bibiliya cyangwa ibindi bitabo by’umumaro byagenewe abashaka kuba abigishwa. Hano hari ibyo wareberaho:

1. **Gukoresha Bibiliya.** “Buri mwigishwa akeneye guhindura uburyo abonamo isi akabisimbuza uko igaragara mu maso y’Imana. Tugomba kuyibona uko Bibiliya iyibona. Bibiliya ihishura Imana

²³ Churches alive baravugaga bati, “Kubera ko abantu bakunda kwiha intego ntagutekereza imirimo yose isabwa kugirango bayigereho, icyegeranyo kirakenewe . . . cyemeza ko hari ugutera imbere werekeza kuri iyo ntego yemeranyijwe ho. Gahunda yo gukora icyegeranyo ntigomba, kuba igoranye kumva. Gusa kumenya ko hagomba gutangwa icyeranyo bituma bamenya ko bagomba gukora ibisabwa kugirango bagere kubyo bemeranyijweho.” (Churches Alive 1996: 5.3)

Amatsinda yo kwigisha *abayobozi* bakwiye guhura mugihe runaka ngo baganire kubintu bazakoreshe, batanga n’icyegeranjy k’ibyo bakoze no kugenzura ko bateye imbere mu itsinda ryabo, umwe yita kuwundi, kuganira kuri gahunda, kubaza ibibazo, guhana ibitekerezo, guhangana n’ibibazo bakunda guhura nabyo, gusengerana no guterana umwete, bakwiye guhana ibitekerezo by’umurimo warushaho gutera imbere, guhuza ibikorwa, no gutozanya kugirango inyigisho mu itorero zigire imbaraga mu buryo bushoboka bwose.

yashyiriweho kutuboneza (kutweza) (reba Yohana 17:17). Ijambo rye ni ibiriyo by’umwuka bidufasha kubaho ubuzima bw’umwuka (reba Matayo 4:4). Imurika inzira tunyuramo (Zaburi 119:105), tubika ijambo ry’Imana mu mitima yacu kugirango tutayicumuraho (Zaburi 119:11). Kandi ni inkota yo mu mwuka turwanisha Satani (Abefeso 6:17).” (Putnam 2010: 52)

Iyo abagize itsinda (abayobozi cyangwa abigisha) batigeze basoma igitabo cyangwa biga ubusobanuro bwa Bibiliya, byaba byiza babikoze kugirango basobanukirwe Bibiliya mu buryo yanditse kandi bagire imyumvire ya Bibiliya ishingiye kuri Kristo. Ibitabo bya ECLEA *Bisobanura Bibiliya* (<http://www.ecllea.net/courses.html#interpretation>), *Ibibwiriza Bicukumbuye* (<http://www.ecllea.net/courses.html#preaching>), ibyo byose bijyanye no gusoma Bibiliya no kuyisobanukirwa mu buryo nyabwo. Ibitabo bya ECLEA bya *Tewolojiya Bibiliya* (<http://www.ecllea.net/courses.html#theology>), bishyira imbere inkuru z’ibanze za Bibiliya bikerekana uko Isezerano rya Rishya ryuzuzanya n’Isezerano rya Kera. Ibyo bitabo ni byiza ku matsinda y’abashaka kuba abigishwa.

Iyo Bibiliya ariyo iri gukoreshwa mu kwiga, “buri muntu agomba gusoma igice cyiri kwigwaho cyo mu gitabo cya Bibiliya buri cyumweru. Uko usoma ugasaba Umwuka Wera ngo akubwire icyo ashako ko wiga. Umwuka wera shobora kukubwira kwihana ibyaha, kwishimira isezerano, kwisuzuma cyangwa gushima Imana ibyiza byayo. Buri cyumweru, mwahura, uba ugomba gusangiza abandi icyo Umwuka yakwigishije muri iryo Jambo wasomye”. (Dodson 2012: 137) Buri wese mw’itsinda agomba gusangiza abandi icyo yakuye mu gusoma iryo jambo kugirango mwese mwumve neza icyo iryo jambo risobanuye muri icyo gice. Abagize itsinda bagomba kwibaza iki kibazo, “Ivugabutumwa rivuga iki kuri iri iki gice?” Uko buri wese avuga bagomba kugaragaza ingorane zabo namashimwe mu kiganiro. Mu kiganiro buri wese agomba kugerageza kwerekana uko Satani amurwanya n’ishyaka ry’ivugabutumwa afite. . . . N’ugusangira ubuzima ntabwo ari ugusangira ibiyumviro. Mu kurangiza, sangria nabandi amazina y’abantu wifuzaga kuganiriza ijambo. Musengere hamwe nk’itisinda musabe Imana kubafasha kwizera amasezerano yayo no guha abatizera muziranye agakiza”. (Ibid.: 138)

David Garrison yerekana ukuntu Inkubiri yo Gushinga Amatorero muri Bangalore mu Buhinde, bakoze ingengabihe ya buri cyumweru yo kwiga Bibiliya bagendeye ku mahame y’ibibazo ane ya Pawulo yo guhindura abantu abigishwa [guhera kuri **2 Tim 3:16-17**]:

- 1) Ni iki Imana itwigisha (ni izihe nyigisho cyangwa indagagaciro Imana itwigisha mu gice twasomye)?
- 2) Niki Imana itubuza (nibiki bizira cyangwa by’ubuyobe Imana irwanya mu gice twasomye)?
- 3) Niki Imana iri gukosora (niki kiri mu buzima bwanjye Imana ikeneye gukosora nkurikije icyo ijambo ry’Imana nasomye cyangwa numvise)?
- 4) Ndi kwiga mu buryo bw’ukuri (niki Imana yakoze mu buzima bwanjye muri icyi cyumweru nkurikije ibyo nasomye mu byanditswe)?

Rimwe na rimwe twakwifashisha ibintu nk’ ‘Ibibazo Byiza:’

- 1) Niki gikwiriye?—*inyigisho*
- 2) Niki kidakwiriye?—*ikibujijwe*
- 3) Ni gute nakora igikwiriye?—*gukosora*
- 4) Ni gute naguma mu kuri?—*kwiga mu iby’ukuri gukiranuka*

Kubaza ibibazo bikwiriye ku byanditswe byera hagati ya bene so na bashiki bawe muri Kristo mwiyumvanamo ni inzira yo hukura mu mwuka usa na Kristo. Ibyiza bya gahunda yo guhindura abantu abigishwa nuguha umuntu ibimukwiriye kugirango akore imirimo myiza.” (Garrison 2010: n.p)

2. Inkuru za Bibiliya. Amatsinda mato ya Jim Putnam muri Real Life Ministries akoresha Bibiliya nk’imfashanyagisho yo guhindura abantu abigishwa, ariko babikora mu buryo bushimishije bwo “Kubara inkuru za Bibiliya.” Abayobozi b’itsinda biga agace kose ka Bibiliya cyangwa bagaha umwe mu bagize itsinda umukoro wo kukiga kuburyo aza akavuga nk’inkuru atari gusoma, bitavuze ko ari ukuvuga ijambo kw’ijambo ariko kuburyo inkuru igumana umwimerere. “Mu gihe hari ubara inkuru abagize itsinda basoma Bibiliya kugirango barebe niba ntakibura mubyo ari kuvuga. Mu gihe inkuru irangiye, umuyobozi aragenda akerekana ibyo uwavuze inkuru atavuze, ubundi akabwira umwe mu bagize itsinda kuyisubiramo avuga byose nawe adasoma. Kuko utamenya uwo baza gusaba gusubiramo inkuru buri wese atega amatwi kugirango igihe abisabwe adatungurwa”. (Putnam 2010: 158) Nyuma yuko ibi bikozwe, umuyobozi abaza ibibazo bigamije kugaragaza icyo inkuru yigishaga:

- Ni ikihe kintu gishya wize mu nkuru utari uzi mbere?
- Niki wize kubyekeye Imana?

- Niki wize kubyerekeye abantu?
- Ninde muntu umeze nkawe cyane mu nkuru?
- Niki wumva azarekeka ukuye mu kiganiro?
- Niki uzakoresha kubyo umenye?

Putnam yanzura avuga ko kuganira mu buryo bw'inkuru Bibiliya ari bifasha abantu kumenya Bibiliya kuko: (1) Bifasha abantu kumenya Bibiliya (ntabwo-bigoye kandi inkuru iguma mu mutwe); (2) Bifasha kubona abayobozi (abantu benshi batekereza ko badashoboye kwigisha Biiliya kubera ko nta tewolojiya bize, ariko buri wese azi uko babara inkuru); (3) Ni uburyo bwiza bwo kwiga (kuberako ababwirwa batega amatwi bakagira icyo babivugaho kandi baguma kwibuka ibyavuzwe); (4) Biha abantu imbaraga zo gukorera Imana (inkuru ishobora gukoreshwa mu buryo bunyuranye); (5) Bifasha abantu gushyira ku urungo abana babo, bifite agaciro ku muryango); (6) Bifasha abayobozi kureba ko abo bayoboze ari abanyamwuka (inkuru ituma abantu bajya kure mu kujya impaka bigatuma umenya aho abagize itsinda bageze mu rugendo rwabo rw'umwuka); (7) Bituma abagizeze itsinda batarambirwa (igihe kirihuta iyo hakoreshejwe kubara inkuru); (8) Bituma abantu barushaho kumenyana (ibivugwa mu nkuru n'ibibazo bibazwa bituma abantu bamenyana). (Ibid.: 159-62) Ubu buryo bwo kubara inkuru za Bibiliya burushaho kuba bwiza ku bitabo byanditse ku buryo bw'inkuru cyane cyane ibitabo byo mw'Isezzerano rya Kera, ibitabo by' Ubutumwa n'igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa.

3. Inkomoko y'imfashanyigisho n'amasomo byo guhindura abantu abigishwa. Hari ibitabo byinshi bivuga ku guhindura abigishwa n'ibindi biboneka kuri murandasi, biboneka buri gihe, hari ibishobora kuboneka ku buntu cyangwa hari nibigurwa. Hari n'amasomo y'ubuntu atangwa kuri murandasi aba afite, inyigisho n'ibibazo byo kuganiraho byakoreshwa mu matsinda mato y'abigishwa. Mu mpera za kino gitabo mwareba, **UMUGEREKA 2—IBYAKWIFASHISHWA N' AMASOMO MU GUHINDURA ABIGISHWA** yo guhindura abandi abigishwa urusengeru rushobora gukoresha mu kongera ingufu mu nyigisho zihabwa abari muri nyigisho zo kuba abigishwa.

Ni iby'ingenzi gukoresha izo mfashanyigisho, by'umwihariko iyo hari ingingo runaka muri kwigaho (urugero: aho ivugabutumwa rihurira no kugenzura amafaranga, kurera abana, imbabazi no kwiyunga). ECLEA ifite ibitabo bivuga ku ngingo zose byaboneka ku buntu kuri ECLEA website (<http://www.eclea.net/courses.html>). Iyo ukoresha izo mfashanyigisho, biba byiza kuzisimburanya na Bibiliya n'ibindi bitabo bivuga ku guhindura bantu intumwa kugirango Bibiliya ibe aricyo gitabo nyamukuru cyo kugenderwaho.

D. Urugendo rwo guhindura abantu abigishwa rusaba kwiheraho

Hari uburyo butatu kuba umwigishwa bikorwa: (1) mu rusengeru aho ubarizwa; (2) hagati y'insengeru zegeranye; no (3) gushinga amatorero.

1. Guhindura abantu abigishwa aho usengeru. “Amahugurwa yo [guhindura abantu abigishwa] ntabwo aba agamije gutanga ubumenyi gusa. Ahubwo afasha abantu kumenya uko guhindura abantu abigishwa kuburyo nabo babishyira mu bikorwa. Hamwe no gutekereza ibi, iyo amahirwe abonetse uwabayemwigishwa ahita atangira guhindura undi.” (Henrichsen 1988: 104) Urugero, Mike Breen avuga ko nyuma y'igihe cyemeranyijweho (akenshi amezi atandatu-na cumi nabiri) abigishwa batangira amatsinda yabo no kwigisha abandi (Breen 2011: 39). Ni nabyo Jonathan Dodson (asaba amatsinda y'abigishwa ya babiri na batatu) avuga ko, iyo itsinda rikuze kurenza abantu batatu ni byiza ko abagize itsinda bashya baribamo igihe gito kugirango bagire igitekerezo cy'uko itsinda rikora ubundi nyuma bakajya gukora iryabo tsinda. Ibi bituma habaho kwiyumvanamo no kubaka icyizere iyo itsinda rigitangira, kandi ariko habaho no kwibaruka abandi.” (Dodson 2012: 136) Muri macye, “Kuba umwigishwa bisobanura *guhindura* abantu abigishwa” (Ibid: 15).

Kwiheraho mu kubaka abigishwa ni igikorwa gifite byibura ibintu by'umumaro bitatu ku bigishwa:

- Bikomeza imyumvire bwite y'umwigishwa. “Iyo umwigishwa atangiye kubwira undi ukuri Kwa Gikristu, abazwa ibibazo byimbitse. Ibisubizo atanga bimufasha kurushaho kwinjiza ukuri mu mutima we no gufasha undi.” (Henrichsen 1988: 105)
- Bitanga ahantu ho gucurirwa mu gukura mu mwuka. “Iyo umuntu ari gufasha undi mu gukura mu mwuka abona igihe cyo kureba niba ibyo akora byakorera no ku bandi” (Henrichsen 1988: 105).
- Bituma abigishwa boroherwa mu kwiga no kubigisha. Iyo umwigishwa azi ko bidatinze azaba nawe ari kwigisha abandi, nigihe ari kwigisha abandi azaba akiri umwigishwa, imfashanyigisho nuburyo bikorwa ntibikomeza kugaragara nk'ishuri cyangwa ibintu ibidafatika;

bihunduka ukuri “ibigaragara”. Umwigishwa amenya ko agomba kumva no gusobanukirwa ibyo yigishwa no “kubigira” ibye kuko aba azi neza ko mu gihe gito azaba nawe arimo kubyigisha abandi.

2. Gufatanya kw’amatorero. Kimwe mu bintu byubaka abigishwa byirengagizwa nugufasha *andi matorero n’amadini kuba ihuriro rihindura abantu abigishwa*. “Amatorero yikorana agira ubunararibonye bwihuta bakoresha budapfa kuboneka ahandi. Ibyanditswe ntaho bigaragaza itandukanirwo ry’amadini cyangwa akarere ku birebana no guhindura abantu abishwa mu mahanga yose. Amatorero yaho ukorera ndetse namadini mudahuje ashobora kuba ari amatorero Imana ishaka ko ugeraho. Mu kubara umusaruro wibiva mu mbaraga zatanzwe, birashimishije gufasha irindi torero kuba ahantu ho guhindura abigishwa kuruta gushaka kwigarurira no kuzana abantu benshi mw’itorero ryawe”. (Churches Alive 1996: 1.13)

3. Gushinga amatorero. Kugirango uhindure benshi abigishwa, dukeneye kugira Abakristo benshi n’amatorero ahagaze neza. Timothy Keller yavuze ko, “Imbaraga mu gukomeza gushinga amatorero ari uburyo bwonyine nshingirwaho bwo (1) kongera umubare w’abagize umubiri wa Krsitu no (2) gukomeza kuvugurura amatorero asanzwe mu mujyi. Nta kindi kitari icyo, si ibiterane, si gahunda zo gusanga abantu aho baba, si ugushinga za minisiteri, si ukugira itorero ry’igitangaza rinini, si ibiganiro nandi madini, cyangwa kuvugurura imikorere y’amadini bizagira uburyo buhoraho bwagira impinduka yihuta yo gushing idini. Iyi ni imvugo ikangura, ariko ku bantu batigeze bakora inyigo na gato, ntabwo ari ibintu byitabwaho.” (Keller 2002: 1) Ibindi iyi nyandiko isesengura impamvu ziyi nyandiko.

Imama, muby’ukuri, iri gukuza mu buryo bwihuse Inkubiri yo Gushinga Amatorero kw’isi hose. Ihuriro rigamije gushinga amatorero ni amatorero y’abantu ba kavukire riri kwihutisha ishingwa ry’amatorero mu matsinda y’abantu cyangwa igice cy’abantu” (Garrison 1999: 7). David Garrison yagaragaje anasesengura aya mahuriro mu gatabo ke mu 1991 (Garrison 1999; reba kandi Garrison n.d. [2-urupapuro incamake]) yongeraga kugaragaza ibyavuye mu bushakashatsi bwe mu gitabo muri 2004 (Garrison 2004). Muri iyo nkubiri yo gushinga amatorero, guhindura abantu abigishwa biganisha ku buzima kurusha kuba ishuri” (Garrison 2010: n.p.). Ishingiro ryo guhindura abantu abigishwa hakoreshejwe gushinga amadini rikoresha uburyo bwo kwiga Bibiliya buri wese abifitemo umwanya n’amatsinda yo guhimbaza, kwiyemeza kumvira ijamba nk’ingamba imwe yo gutsinda, gukoresha abayobozi badahembwa nabandi batari abapasiteri bagahurira mu matsinda cyangwa mu nsengero” (Garrison 1999: 36).

Hari uburyo bwinshi bwo gushing amatorero iruhande rw’ihuriro ryo gushinga amadini (reba, urugero, Stetzer 2015; Discipleship Ministries 2017). Birenze ingabano ziki gitabo kuvuga ibyerekeye gushing amadini mu buryo bwimbitse. Ariko kuri internet hari ibyagufasha kumenya aho wakura uko bashing amadini, twavugaga: Church Planting Movements 2015; Rapidly Advancing Disciples 2011; Rapidly Advancing Disciples 2016; e3 partners Ministry 2011; Cheney, Putnam, and Sanders 2003; Shank 2014; Exponential.org 2017; T4Tonline.org 2017.

E. Guhindura abantu kuba abigishwa: umwanzuro

“Guhindura umuntu kuba umwigishwa bifata igihe.” Ntabwo bishobora gukorwa binyuze mu gutanga amasomo n’amahugurwa mw’itorero, nta nubwo byakorwa no gusoma ibitabo. Ntabwo bishobora kwihutishwa. ... Abigishwa barahindurwa, ariko ntibahindurirwa mu kivunge. Buri wese ahindurwa akaremwa ku giti cye n’Umwuka Wera w’Imana. Igihe bisaba kijyana n’imyumvire kandi igihe ntikingana ku bantu, biterwa cyane naho umuntu ari iyo atangiye kwinjira mu rugendo rwo kuba umwigishwa. Gusa ikintu kimwe nticyakwirengagizwa nuko bifata igihe. Yesu yatangiranye abantu 12 bizera Imana imwe, abagabo batinya Imana baturuka mu miryango myiza. Yitangira kubigisha igihe cyose no kubakuzza. Yari azi kwigisha ariko byamufashe imyaka 3. Ntabwo wakwizera ko uzabikora muni yicyo gihe.” (Henrichsen 1988: 107; reba kandi Coleman 1964: 48) Mu by’ukuri gukura mu gikorwa cyo kuba umwigishwa ni urugendo rw’ubuzima. Kuberako amatsinda yo kuba umwigishwa ashingiye ku kugirirana icyizere, ubucuti, no kugenzuran aashobora kumara igihe kinini.

VII. Umurimo mw’itorero

Itorero ntabwo ari iryacu; ni irya Kristo. Itorero ni umubiri we, si wacu. Tugomba kumenya ko torero riyobowe neza n’abantu babishoboye (**1 Tim 3:1-13**). Iyo bimeze gutyo iyo hari ikintu kibaye kuri Musumba cyangwa undi muyobozi, itorero rishobora gukomeza gukora neza, kuko ryubatse kuri gahunda y’urufatiro rukomeye. Uburyo bwiza bwo gukora kw’itorero, n’umurimo imbere mw’itorero no kuzamura abayobozi

bashya, bujyana no guhindura abantu abigishwa: “Niba guhindurira abantu kuba abigishwa ari akazi k’itorero, kandi akaba ari kazi keza iyo bikoze, itorero ribona icyo rikeneye cyose. Iyo duhinduye abantu bacu abigishwa, abayobozi baraboneka kandi bashoboye.” (Putnam 2010: 23)

A. Igikorwa cy’itorero, cyane cyane abayobozi b’itorero, ni uguha ubushobozi no gufasha abantu bo mu itorero gukora imirimo yabo

Ikigaragaza umuyobozi mwiza kiboneka mubo mu bamukurikira: Baracyiga? Bari gukora? Bari kugaragaza ubushobozi bwabo bwo? Ese bashobora gucyemura amakimbirane buzuye ubugwaneza n’ubuntu? Bagaragaza ko bakuze mu mwuka nk’abigishwa ba Kristu? Bagaragaza imbuto z’umwuka (**Gal 5:22-23**)? Ese bashobora kwigisha abandi no kuzamura abayobozi bashya?

Kuba ubuyobozi bw’itorero bukora kandi bukita ku nshingano z’abayobozi, kumenya ko atari umwanya we, kiboneka mu **Ef 4:11**, haravugaga, “Yahaye bamwe kuba intumwa, abandi kuba abahanuzi, abandi abavugabutumwa, abandi kuba abashumba n’abigisha.” Buri imwe muri izo mpano yerakana umurimo izakoreshwamo. Hari intera hagati yizo nshingano nindi myanya isanzwe y’ubuyobozi y’abakuru, abagenzuzi, abepisikopi, abashumba, n’abadiyakoni ariko ntabwo isa.²⁴ Kubw’ ibyo, abashumba tugendeye kubusobanuro mu gihe ari abigisha²⁵ nabandi bakuru bese n’abagenzuzi bagomba kuba bashoboye kwigisha (**1 Tim 3:2**), kandi abafite impano yo kwigisha bese siko bafite impano yo kuba abashumba. Birenze ibyo, si ngombwa ko abo bese bari mu myanya y’ubuyobozi y’itorero (abakuru, abagenzuzi, abepisikopi, abashumba n’abadiyakoni) bagira impano yo kuba intumwa, abahanuzi cyangwa abavugabutumwa. Imirimo igaragara mu **Ef 4:11** itondetse gutya:

- **Intumwa.** “Intumwa ivuga umuntu wahawe ubutumwa akoherezwa afite ububasha ku ntego yashyizweho. Ni izina ry’ikigereki riva kw’ijambo *apostellō* (“kohereza”) igisobanuro cy’ingenzi cy’intumwa kigaragara mu mvugo nka “ambasaderi” cyangwa “ujyana ubutumwa.” Isezzerano Rishya ryerekana ubwoko bubiri bw’intumwa: (A) Intumwa shingiro; (B) n’intumwa zahawe inshingano. Intumwa shingiro ni intumwa zabanaga na Yesu abahamya b’izuka rye bahamagariwe kuba intumwa n’abahamya ba Yesu (**Mat 10:1-5; Mariko 6:7, 30; Luka 6:13; Yoh 15:27; Ibyak 1:21-22**). Bashoboraga gukora ibimenyetso n’ibitangaza (**Mat 10:1-8; Mariko 6:7; Ibyak 2:43; 2 Kor 12:12**). Intumwa shingiro zari abayobozi b’itorero rya mbere n’umusingi w’itorero ubwaryo (**Ef 2:19-20**). Abo bafite ububasha bwo kuba intumwa shingiro ntibongeye kubaho kuva intumwa za mbere zipfuye (inzu igira umusingi umwe). Intumwa zahawe inshingano ni abagabo n’abagore baturumwe n’itorero kugenda bakigisha ubutumwa bwiza, bagashinga amatorero mashya bakubaka insengero (**Ibyak 13:1-3; 14:14; Rom 16:7; 1 Kor 9:5-6; 12:28; 1 Kor 1:1; 2:6**). Ubwo bwoko bw’intumwa bwose buhurira ku muntu umwe nka Pawulo (**Ibyak 9:1-16; 13:1-3; 1 Kor 9:1; 15:6-10; Gal 1:11-17; 1 Tim 2:7**). Intumwa zahawe inshingano zigira ububasha zahawe n’amatorero. Itorero ni umubiri wa Kristo kw’isi (**1 Kor 12:27; Ef 1:22-23; 4:15-16; Kol 1:18**). Itorero ni urusengero rw’umwuka wera (**1 Kor 3:16-17**). Kristo yashinze itorero arisigira ububasha (**Mat 16:18-19**). Niyo mpamvu Yesu akorera mw’itorero rye, ariko atagengwa naryo. Ashyiraho inyuma, itorero rikabagirira ikizere kandi rikabagenzura, ngo babe abubahwa mu maso y’itorero n’amaso y’isi.

Itorero rigomba gusuzuma abantu biyita intumwa kugirango barebe ko ari intumwa z’ukuri cg ibinyoma. (**1 Yoh 4:1-6; 2 Kor 11:3-4, 13; Ibyak 2:2**). Abantu muri iyi minsi bakunda kwiyita intumwa. Ibi bitandukanye nuko Isezzerano Rishya ryerekana uko intumwa zajyagaho (mw’Iserano Rishya intumwa ntabwo zabyiyitaga). Abenshi muri abo biyita intumwa bavugaga ko bakora ibitangaza. Nyamara, gukora ibitangaza si ikimenyetso cya ngombwa ngo ube warahamagawe n’Imana (**Mat 7:15-23; 2 Tim 3:1-9** [reba **Kuva 7:10-12, 20-22; 8:6-7, 16-19**]). Muri Afirika, haboneka abahanuzi benshi n’intumwa bemerewe kwitwaga gutyo kugirango habeho uburinganire hagati y’abirabura n’abazungu mw’ivugabutumwa (**Gal 3:28; Kol 3:11**). Ryashyizeho n’amahame atandukanya kwizera kwa Gikristu n’abakoloni.” (Ouedraogo 2006: 1434) Ikibabaje nuko, “abahanuzi n’intumwa nyinshi bo muri afrika ntibafata Bibiliya nk’umusingi wo kwizera n’imyitwarire yabo. . . . Babifata (ibyo bavugaga ko babwiwe n’Imana) nk’ibiyongera kuri Bibliya. Ariko bibiliya ihanura kwirinda kugira icyo wongera kw’ijambo niyo cyaba agito (**Ibyahishuwe 22:18-19**). . . . Abahanuzi n’intumwa nyinshi bishora mu guhimba umuntu. . . . Hari nabavugaga ko basimbuye Kristo cyangwa se ari undi Kristo. Ibyo bituma batangira kuramywa. Birababaje kuko abenshi muri abo bigarurira

²⁴ Ibintu byerekeye ubuyobozi bw’itorero byavuzweho mu gikacya **II.B. Ubuyobozi bw’itorero**, ibyo abayobozi bagombakubabujije byavuzweho mu gikacya **II.C. Imyitwarire y’itorero**.

²⁵ Ibiganirimpakabya Recall Grudem kuri iyi ngingo biri mu gikacya **II.B. Ubuyobozi bw’itorero**, aho avugako “umurongo usobanurwa neza nka pasiteri-umwigisha (itsindarimwe) aho kuba pasiteri n’umwigisha (bivuze amatsinda abiri) kubera uko inyandiko z’abagirikira zandikwa” (Grudem 1994: 913).

imitekerereze y'ababakurikiye. Isezerano rishya ribuzza abantu gukurikira bene abo (Mat 24:11; Yuda 4-16)." Intumwa zigomba kugaragazwa n'ibyo zigisha (**Ibyak 17:11; 1 Tim 6:3-5**) nuburyo zibaho (**Mat 20:25-28; Mariko 10:42-45; Luka 22:24-27; Yoh 13:12-17; Ibyak 18:3; 1 Kor 9:11-18; 2 Kor 11:7; 12:13**).

• **Abahanuzi.** Hariraho gusa hagati y'abahanuzi n'intumwa, ni ukuvuga, abahanuzi b'ibanze (**Ef 2:20**), kandi hari icyo Grudem yita abahanuzi bo mu materaniro (Grudem 1994: 1055; reba **Ibyak 21:9; Rom 12:6; 1 Kor 11:5; 12:28-29; 14:29-33, 37-38; 1 Tes 5:19-21; 1 Tim 4:14**). Nubwo habayeho impaka ku bahanuzi n'ubuhanuzi bwo muri iyi minsi (reba Grudem 1994: 1049; Hodge 1993: 388-89; Kell 2006: 11-13), "ubuhanuzi bwo muri bibiliya buba bufite ishingiro kandi bufite intego" (Kell 2006: 46). Intego y'ubuhanuzi igaragara muri **1 Kor 14:3** havuga ko "*uhanura abwira abantu ibyo kubungura, kubahugura, no kubahumuriza*" (reba kandi **Ibyak 15:32**) havuga ko Yuda na Silasi, bari abahanuzi, "*bakomezaga [bhuguraga] bagakomeza bene data*" no mu **1 Kor 14:31** [*mwese mushobora guhanurirana umwe, kugirango bose bige bose bahugurwe*]). Birashoboka ko ubusobanuro bwiza bw'umuhanuzi n'ubuhanuzi bw'iki gihe bwatanze na Charles Hodge: Impamo Pawulo avugaga hano, si ubushobozi bwo kuvuga ibizaba ahubwo ubwo kugira ihishurirwa ryako kanya, bituma urihawe abivugaga nkaho ari akanwa k'Imana, nk'ubutumwabw'umwihariko ahawe, byaba bugamije kwigisha, guhugura, cyangwa gukomeza. (Hodge 1993: 389-90; reba kandi Kell 2006: 53 [abahanuzi ni intumwa zakira ukuri kuvuye ku Mana kubari kumva]); Grudem 1994: 1057-58 ["ubuhanuzi buza igihe ihishurirwa rivuye ku Mana rivuzwe mu magambo bwite y'umuhanuzi. . . Keretse umuntu yakiriye ihishurirwa riturutse ku Mana, icyo gihe nta buhanuzi buhari"]).

Ahari kugirango uce tege abantu kwiyita abahanuzi kugirango uharanire icungwa ry'abantu ridakwiriye (cyangwa gutwara amafaranga yabo), isezerano rishya riburira abantu ku "bahanuzi b'ibinyoma" (**Mat 7:15; 24:11; Mariko 13:22; Luka 6:26; Ibyak 13:6; 2 Pet 2:1; 1 Yoh 2:18; 4:1; Ibyak 2:20**). Bibiliya yerekana ko "ihishurirwa ryazaga mu buryo budahoraho kandi mu gihe gito" (Hodge 1993: 389) ikavugaga ko umuhanuzi n'ubutumwa bwe bw'ubuhanuzi bwigwagaho n'iteraniro (**1 Kor 14:29-33; 1 Tes 5:20-21; 1 Yoh 4:1**).

1. *Ubuhanuzi bugomba kwigwaho:* "Igihe umuhanuzi ahagaze hagati y'Imana n'abantu, hagomba kuba kuzuzura ibivugwa. Kuvuga ko umuntu uri kuvuga 'amagambo ava ku Mana' atagomba kwigwaho bitandukanye nibyo ibyanditswe bivugaga ku kintu cyo kuzuzurwa. . . Ukuri ko hari abahanuzi b'ibinyoma n'ubutumwa butari bwo bikeneye kwigwaho ku bantu bavugaga ko bafite 'amagabo ava ku Mana' (1 Tes 5:20-21, 1 Kor 14:29). Iyo imana itavuganye n'umuntu koko, tugomba kubasha kubitandukanya tugatera intambwe yo kurwanira ukuri no gukosora ikosa." (Kell 2006: 9, 23) "Isesengura rigamije kwibanda ku buhanuzi, nubwo kubwigaho byagira ingaruka ku muhanuzi nandi mahirwe yo kongera kuvugwa iyerekwa mw'iteraniro. Isesengura rigomba kuba iry'iteraniro ryose ariko riyobowe nabakuru b'itorero nabandi bahanuzi cyangwa intumwa niba zihari." (Ibid. 31-32)

2. *Ishingiro ryo kwiga ku buhanuzi:* Bidasubirwaho ishingiro ryo kwiga ku muhanuzi ni bibiliya, kubera ko umuhanuzi w'ukuri ntabwo ajya avuguruzwa ibyo Imana yavuze mw'ijambo ryayo. Niyo mpamvu ari ingenzi ku bayobozi kumenya Bibiliya neza ndetse n'abantu mw'itorero kuba barahindutse abigishwa. Ugendeye kuri ibyo, "Ubuhanuzi buvugaga ibitandukanye na Bibiliya ntibugomba kwemerwa. . . Igihe umuntu cyangwa itsinda rivugaga ko rihanura rikavugaga ibintu bigabanura icyubahiriro cy'Imana Data, Yesu Kristo cyangwa Umwuka Wera; baba babaye abahanuzi b'ibinyoma. . . Niba kandi ibihanuwe bitandukanye gato n'ibyanditswe, ibihanuwe ntibigomba kwemerwa. [**Ibyak 17:10-11; 1 Kor 14:37-38; 1 Yoh 4:6**]. . . Iyo ubuhanuzi budafite icyo bwungura ku kubaka, guhugura no guhumuriza (Ibyak 15:32, 1 Kor 14:3), ntibugomba kwemerwa. . . Niba umuntu ahanuye ibintu bigomba kubaho maze ntikibeho ubwo buhanuzi bugomba gufatwa nkaho bwari ibinyoma." (Kell 2006: 41, 43, 45, 46) Mu gihe Bibiliya ari ishingiro ryo kuzuzura ubuhanuzi cyangwa iyerekwa, tugomba gusobanukirwa ko bibiliya itinjira byimbitse mu bintu byose abantu bavugaga ko bafiteye ihishurirwa" (Ibid.: 47). Muri icyo gihe, "igihe, gusenga n'inama z'abanyabwenge nibyo bigenderwaho mu kuzuzura ibyahanuwe. Kugirango umuntu yemere ubuhanuzi agomba kubanza gufata umwanya wo gusenga nyuma agasangiza abandi uko ubwo buhanuzi, byanashoboka akabigeza ku bayobozi b'itorero bashobora gutanga ubusobanuro burimo ubunararibonye bushingiye kuri bibiliya. Iyo ubuhanuzi bwerekeye igihe kizaza, itorero rigomba gutegereza rikareba niba biba cyangwa bitaba." (Ibid.: 48)

Bibiliya ihishura imiterere, indagagaciro, ibyihutirwa, ibigenderewe, n'ubuzima bw'ukuri bwa gikristu (nubw'abahanuzi) bagomba kugira. *Abadidaki* (c. 70-110) berekana umumaro wo kwerekana igisunika umuntu n'imibereho ye kugirango asobanukirwe niba ari umuhanuzi w'ukuri cyangwa

ibinyoma cyangwa intumwa. Baravuga ngo “Ubu ibirebana n’intumwa n’abahanuzi, nukubitwara mu buryo bukurikira ukurikije amabwiriza y’ivugabutumwa. Reka intumwa yose iza iwawe yakirwa neza nkaho ari umwami. Ariko ntagomba kuhaguma igihe kirenze umunsi umwe, keretse bikenewe yahaguma undi muni. Ariko nahaguma iminsi itatu, ni umuhanuzi w’ibinyoma. Igihe agiye nta kintu na kimwe agomba kujyana cyeretse umugati kugeza igihe aboneye ahandi arara. Ariko nasaba amafaranga ni umuhanuzi w’ibinyoma.

Kandi, ntukagerageze umuhanuzi uvuga mu ndimi, kuko icyaha cyose kizababarirwa ariko iki cyo ntukizababarirwa. Ariko kandi si buri wese uvuga mu ndimi uba ari umuhanuzi cyeretse iyo agaragaza kubaha inzira z’Imana. Ni kubw’iyi myitwarire umuhanuzi w’ukuri nutariwe bazamenyekanira. Ibirenze kuri ibyo, umuhanuzi wese waste ibiryo mu mwuka ntabwo azabiryaho, iyo abikoze aba ari umuhanuzi w’ibinyoma. Iyo umuhanuzi yigisha ukuri ariko ntashyire mu bikorwa ibyo yigisha ni umuhanuzi w’ibinyoma. Ariko umuhanuzi ugaragara ko aruwukuri ukora ikintu mu buryo bugaragara nko kwiyerekana (mu gihe atigisha abandi gukora ibyo akora) ntugomba kumucira urubanza, n’Imana igomba kuruca. Hirya yibyo, abahanuzi ba cyera nabobakoraga gutyo. Ariko niba umuntu agomba kuvuga ari mu mwuka ngo “mpa amafaranga”, cyangwa ikindi kintu, ntukwiye kumwumva. Ariko niba akubwiye ngo tanga uhe abandi bari mu kibazo ntiha gire umucira urubanza.” (*Abadidaki* 1989: 11.3-12)

Inyandiko ya cyera ya gikristu *The Shepherd of Hermas* (c. 95-154) yibanda ku myitwarire y’umuntu na kamere ye mu kugenzura niba ari umuhanuzi w’ibinyoma cyangwa atari we: “Emeza ko umuntu ufite umwuka w’Imana ugendeye ku mibereho ye. Ubundi umuntu ufite umwuka w’Imana aba yitonze acisha macye, anatekereza ko ari umukene kurusha abandi kandi ntaha igisubizo umuntu umubajije ibyo amwerekwaho. Nta nubwo avuga kubwe (umwuka wera ntavuga kuko umuntu ashaka guhanura) avuga iyo Imana ibishaka. . . . Tega amatwi, aravuga ku mwuka w’isi udafite agaciro udafite imbaraga ukocamye. Igihe umuntu yibwira ko afite umwuka wera akaba agomba umwanya w’icyubahiro, ako kanya aba ahindutse injiji idafite isoni upfa kuvuga witaye, ku bimushishikaza nukugira ibintu by’igiciro byo kwishimisha, akajya yacyira amafaranga kubera ubuhanuzi bwe ubundi atahabwa amafaranga ntahanure. Ese umwuka wera yahabwa amafaranga agakomeza guhanura? Ntibishoboka ku muhanuzi w’Imana, umwuka wubwo buhanuzi ni uw’isi.” (*Shepherd of Hermas* 43.7-8, .11-12)

3. *Uko abahanuzi b’ibinyoma bakwiye gufatwa*: Umuntu kuvuga ko Imana ivuze itavuze ni ikibazo gikomeye (**Yer 14:14-16; Ezek 22:28; 1 Yoh 4:1-3**). Kwemera ko ubuhanuzi bugoranye butambuka ntibwigweho cyangwa ngo buvugweho, ukemera ko abantu biyita abahanuzi igihe batubahisha Imana n’ijambo ryayo, bishobora kujijisha abantu bikabayobya (**Ibyak 20:29-30; 1 Kor 11:3; 1 Tim 1:4; 4:1-2; 6:20-21**). Niba ikiswe ubuhanuzi gikocamye, uwitwa umuhanuzi akwiye gusangwa n’itorero agahugurwa; intego n’ugusana no gushimangira ukuri kw’ibyanditswe mw’itorero (**Mat 18:15-20; Gal 6:1**) iyo umuntu yemeye kwihana akiga, nka Apolo wigishigira neza ariko bituzuye yemera gukosorwa n’amabwiriza ya Prisila na Akila., Imana iba ishobora gukoresha uwo muntu mu gihe kizaza. (**Ibyak 18:24-28**). Ariko iyo umuntu atemeye kwihana agakomeza gutangaza ibintu bifupye mw’izina ry’Imana agomba kuzanwa imbere y’iteraniriro ahahezwa mu materaniriro nk’umuhanuzi w’ibinyoma (Mat. 18:17; 2 Kor. 11:4, 2 Yoh. 9-11). Intego yuwo mwanzuro ukakaye ntabwo ari ukurema umwuka w’ubwoba mu bakorera Imana ahubwo itorero rituje ritekanye aho abantu batinya kwiyitirira Imana (**1 Kor 5:1-5, 13; 1 Tim 5:20**).” (Kell 2006: 51; reba kandi **Gal 1:8** [“*Nubwo twabwewe cyanwa malayika uvuye mw’ijuru yakwigisha ibitandukanye nibyo twakwigishije, akwiye kuvumwa!*”])

- **Umuvugabutumwa**. Umuvugabutumwa ni umuntu wamamaza ubutumwa bwiza, by’umwihariko aho butigeze bumenywa. Ivugabutumwa—rimenyakanisha ubutumwa bwiza— rivuze byinshi birenze gutangaza uwo Yesu ariwe, ko yapfuye kubw’ibyaha byacu akazuka mu bapfuye kandi ko abantu bagomba kwihana no kumuhindukirira nk’umwami n’umukiza. Ubutumwa bwiza bugomba kugera mu bice byose by’ubuzima. Nicyo cyatumye inama y’ivugabutumwa kw’isi yabereye Lausane yasobanuye ivugabutumwa muri aya magambo: Kuvuga ubutumwa ni ukwamamaza inkuru nziza ko Kristo yapfiriye ibyaha byacu kandi yazutse mu bapfuye nkuko ibyanditswe bivugaga, n’umwami utanga imbabazi z’ibyaha ubohora abarushye ku bizera bose bakihana. Kubaho kwacu abakristu ni ngombwa mw’ivugabutumwa cyo kimwe n’ikiganiriro gifite intego yo kumva ugamiye gusobanukirwa. Ariko ivugabutumwa ubwaryo ni ugutangaza amateka ya Kristo ari muri bibiliya nk’umwami n’umukiza rigamiye kwemeza abantu kuza kuri we no kwiyunga n’Imana. Mu gutanga ubutumire bwo kuza kuri Yesu ntidufite uburenganzira bwo guhisha ikiguzi cyo guhinduka umwigishwa wa Yesu. Yesu aracyahamagara abamukurikira bese kwiyanga, bakikorera umusaraba wabo.

Umusaruro w'ivugabutumwa harimo no kubaha Kristo, kwinjira mw'itorero rye no kumukorera mw'isi.” (“Lausanne” 1974: n.p.) Abantu benshi biyita abavugabutumwa “ntibagaragara cyane mw'isi” “ntibaganira” cyangwa ngo basobanukirwe ibihishwe mu kiguzi “cyo guhindura abandi abigishwa, nta nubwo bahamagarira abantu “kwiyanga , no kwikorera umusaraba wabo, guhinduka abandi bantu bashya. Iryo vugabutumwa ritandukanye na Kristo ubwe kuko we ashimangira “kubara ikiguzi” no kwitanga- ubwawe kubwe (**Mat 10:37-39; 16:24- 25; Mariko 8:34-35; Luka 9:23-24; 14:26-33**).

• Umushumba-umwigisha. Umushumba-umwigisha byavuzweho mu gika **II.B. Uko itorero ryubatswe n'ubuyobozi**. Umushumba afite inshingano nyinshi. Agomba kubwiriza, kwigisha no kujya mu buyobozi bw'itorero, kubatiza, gucyaha, guhugura, gusura abarwayi, kwihanganisha ababaye, gushyingira no gushyingura, no gukora indi mirimo. Uku guhamagarwa kw'uburyo butandukanye kugaragara mw'ijambo “umushumba” (*poimēn*) rikoresheya mu **Ef 4:11**. Poimen ubusanzwe rikoresheya nk'ijambo “umushumba”. Yesu niwe mushumba. Yaravuze ati, “*Ndi umushumba w'ukuri; umushumba mwiza atanga ubugingo bwe kubw'intama. . . . Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, ndazizi nazo ziranzi*” (**Yoh 10:11, 27**) Nka Yesu, umushumba agomba “kumenya” abantu be—agomba kubaha umwanya; ni umugaragu wabo, arabitangira ntabwo ahinduka umwami wabo (reba **Mat 20:25-28; Mariko 10:42-45; Yoh 13:5-15**).

Kuba ubuyobozi bw'itorero bugomba gukora no kwita ku nshingano z'abayobozi atari ukureba gusa umwanya afite, **Ef 4:12**, ahavuga ko icyatumye Yesu aha abantu impano n'imyanya y'ubuyobozi ari kugirango *babifashishe abera mu murimo wo kubaka umubiri wa Kristo*. Mu yandi magambo, intumwa, abahanuzi, abavugabutumwa, abashumba-abigisha bagomba kuba hafi y'abagize itorero bakabigisha kandi bakabafasha kugirango nabo bashobore kuba intumwa, abahanuzi, abavugabutumwa, abashumba n'abigisha. ibi bishatse kwerekano ko mu gihe Umwuka Wera atanga impano kuri “*buri wese ku giti cyo nkuko abishaka*” (**1 Kor 12:11**), kuko bose si intumwa, bose si abahanuzi, bose si abigisha, etc. (**1 Kor 12:29**), Impano n'ubutware bw'intumwa, abahanuzi, abavugabutumwa, abashumba n'abigisha bishobora kwigishwa no kwigwa kandi bikwiye kwifuzwa (**1 Kor 12:31; 14:1**). “*Gufasha abera birimo*” bigizwe n'ibintu byinshi:

1. Kumenya impano bafite, ubuhanga, ubushobozi bw'abagize itorero no kubafasha gukoresha izo mpano, ubuhanga n'ubushobozi bafite (**Rom 12:6-8; 1 Kor 12:7-31; 14:12; 1 Pet 4:10-11**).
2. Kwigisha, gutanga amabwiriza, guhugura, gukomeza abacitse tege no kuburira itorero ku bireba iby'ibanze by'inyigisho za gikristu no mu buzima—muri macye, ni uguhindura abagize itorero abigishwa bakuze (reba igice cya **V. Guhindura abantu abigishwa** na **VI.B. Ibigaragaza itisindaryiza ryo guhindura abantu abigishwa**, hejuru; reba kandi **Ibyak 2:42; 5:42; 1 Kor 14:19; 2 Kor 1:34; 4:5; 10:8; 1 Tes 4:1; 5:12-14; 1 Tim 4:1-6, 11, 13, 16; 6:2b; 2 Tim 2:2; 3:16-17; 4:1-4; Tito 2:1**).
 - a. Mu rwego rwo kwigisha neza, umushumba agomba kugendera kuri bibiliya mubyo avuga, mu guhugura, kwigisha nahandi hose biga bibiliya bibaye ngombwa ko yunganira.
 - b. Kubera ibyo byose bisaba amafaranga, itorero rigomba gutanga ibikenewe ribikuye mu ngengo y'imari yaryo.
 - c. Kubera amatorero menshi mu byaro ashobora kutabona amafaranga acyenewe kuri ibyo, inzego zo hejuru z'itorero zigomba kubashyikiriza ishuli rya tewolojiya abashumba bazajya bakoresha.
3. Kumenya no kuzamura abayobozi bashya mw'itorero (**Kuva 18:17-26; Guteg 34:9; 2 Abami 2:1-15; Yoh 17:18; Ibyak 1:15-25; 6:1-7; 14:23; 2 Kor 8:16-22; 1 Tim 3:1- 13; Tito 1:5**). Ibi bisaba ko abayobozi bariho bamenya abo bayoboye bakamarana nabo igihe babigisha baberekerako uko ubuyobozi bwa Kristo bukorwa.
4. Gucyaha abacamo abantu ibice, abigisha ubuyobe, cyangwa abakora ibizira (**Mat 18:15-17; Rom 16:17-20; 1 Kor 5:1-8, 12-13; 1 Tim 1:3; 2 Tim 2:14-18**). Abagize inama y'ubuyobozi bw'itorero n'itorero bagomba kugira uruhare mu gushyira ku murongo abo (**2 Kor 2:6**). Gucyaha bikorwa mu nyungu z'uwakosheje (**1 Kor 5:5; 1 Tim 1:20**) no ku nyungu z'itorero ubwaryo. Iyo itorero rigiye muri gahunda yo gucyaha umuntu, abantu bumva bafite uruhare mw'itorero batangirakubaha cyane inshingano za gikristu bakarushaho kwegera itorero.
5. Kugarura mu bandi uwari yacyashywe, igihe yihanywe yahindutse (**2 Kor 2:5-11; 7:8-12; Gal 6:1**).

B. Umurimo ureba abantubose mw'itorero si abashumba gusa

1. Amatorero menshi ayobowe mu buryo butuma umushumba ariwe ushinze buri kintu cyose, niwe uyoboye byose, niwe ufata imyanzuro ku gikorwa. Abantu ni bantibindeba—baraza gusa “bakaramya” ku cyumweru. Ubwo buryo bw'imikorere si ubwa Bibiliya kubera ko:
 - a. Nubwo mw'isezerano rya cyera hari uburyo bw'abatambiyi butandukanye, mw'isezerano

rishya abizera bose bafatwa “nk’abatambyi” (1 Pet 2:9; Ibyah 1:6).

b. Abizera bose bahawe impano z’umwuka zigomba gukoreshwa mu nyungu z’itorero (Rom 12:6-8; 1 Kor 7:7; 12:7-11, 28; 14:12; Ef 4:7-8; 1 Pet 4:10-11).

c. Nubwo hari ukoroshya ibintu mw’isezerano rishya ku buyobozi bw’itorero, kandi buri wese atarahamagariwe kuyobora, ubuyobozi bw’itorero buba buri ku bakuru cyangwa abayobozi b’itorero atari umuntu umwe (Ibyak 11:30; 14:23; 15:2-6, 22-23, 28; 16:4; 20:17-18; 21:18; Fil 1:1; 1 Tim 5:17; Tito 1:5; Yak 5:14; 1 Pet 5:1).²⁶

2. Igisobanuro cy’ibanze “kw’ivugabutumwa” ni “ugukora”

a. *Ijambo rya Kigereki rivuga umurimo mw’Isezerano Rishya ni diakonia bivuga “gukora”* (reba Ibyak 1:17, 25; 6:4; 12:25; 20:24; 21:19; Rom 11:13; 12:7; 1 Kor 16:15; 2 Kor 4:1; 6:3; 8:4; 9:1; Ef 4:12; Kol 4:17; 1 Tim 1:12; 2 Tim 4:5, 11).

b. *Ijambo rya Kigereki rivuga “abakozi” mw’Isezerano Rishya ni diakonos bivuga “umukozi”* (Mat 23:11; Mariko 9:35; 10:43; Yoh 12:26; Rom 16:1; 1 Kor 3:5; 2 Kor 3:6; 6:4; Ef 3:7; 6:21; Kor 1:7, 23, 25; 4:7; 1 Tes 3:2; 1 Tim 4:6), na *doulos* bisobanura “umucakara” (reba Mat 24:45, 46, 48, 50; 25:14, 19, 21, 23, 26, 30; Mariko 10:44; Luka 17:10; Yoh 13:16; 15:20; Ibyak. 2:18; 4:29; Rom 1:1; 2 Kor 4:5; Gal 1:10; Ef 6:6; Fil 1:12; Tim 2:24; Tito 1:1; Yak 1:1; 1 Pet 2:16; 2 Pet 1:1; Yuda 1:1; Ibyah 1:1).

c. *Akamaro kayo magambo ku bayobozi mw’itorero ni inkubwe kabiri:*

(1) Isezerano Rishya ryirinda guha abayobozi b’itorero inyito zibaha imbaraga, icyubahiro n’ibyitirirwa imirimo y’ubutambyi.

(2) Kristo yavuze ko abayobozi b’itorero, harimo n’intumwa zaryo bagomba gukorera itorero (Mat 18:1-4; 20:25-28; 23:8-12; Mariko 9:33-35; Luka 9:46-48; 22:24-27).

d. Gukoresha ayo magambo birushaho kwerekana ko ubwo abizera bose ari abagaragu cyangwa imbata za Kristo, abizera bose ni “abakozi” bafite “umurimo” mu bwami.

C. *Umurimo mu itorero usaba gukorwa mu “bifatika” kimwe kandi no gukorwa mu buryo “bw’ umwuka”*

“Gukorera Imana bitandukanye n’ibyo dukora ibyo dutekereza. Igihe kinin twita ku ‘kwikorera ubwacu’ kuruta gukorera Imana. Dukunda kuvuga ngo ‘ndi’ gushaka itorero rijyanye nibyo nshaka ‘ndashaka’ rikampesha umugisha, aho kuvuga ngo ndashaka aho nkorerana *nkahabera umugisha*.’ Twifuzako abandi badufasha aho kwifuzaga gufasha abandi. Ariko uko dukura muri Kristo, ibyo twibandaho bigomba kugenda byibanda ku kubaho ubuzima bwo gufasha. Umuntu umaze gukura mu mwuka areka kubaza ngo ‘Ninde uzabasha guhaza kwifuzaga kwanjye?’ agatangira kubaza ‘Nibiki nshobora gucyemura?’ Ujya ubaza icyo kibazo?’ (Warren 2002: 213)

1. Yesu n’intumwa, bese mubyo bigishaga no mubyo bakoraga bibandaga ku kamaro ko kwita ku by’umubiri no ku by’umwuka, no ku mibereho myiza y’abizera.

a. *Itegeko rishya rya Yesu ni “Mukundane, nkuko nabakunze,” ryahawe abigishwa (Yoh 13:34). Urukundo bazagaragaza hagati yabo cyari ikimenyetso abantu Yesu yababwiye ko “abantu bazabamenyeraho” (Yoh 13:35).*

b. Imvugo ya Yakobo ngo “*ukwizera kudafite imirimo kuba gupfuye*” (Yak 2:26) byashakaga kuvuga ngo “*mwene so cyangwa mushiki wawe [udafite] umwenda ukeneye ibiryo*” (Yak 2:15).

c. *Pawulo yahamagariye itorero kwitanga kugirango bafashe abizera bari mu bibazo (2 Abakorinto 8-9). Itorero rya mbere ryagaragaje kwita ku mibereho myiza y’abizera (Ibyak 2:44-45; 4:32-37). By’ukuri, itorero rya mbere ryatangiyeye imirimo y’ubudiyakoni mu ntego yo kwita mu buryo bunozwe abafite ibibazo (Ibyak 6:1-6; reba 1 Tim 3:8-13).*

d. *Kwita ku mibereho y’Abakristo bigira inyungu nyinshi mu buzima bw’umwuka Ibyak 4:33-35 haravugaga hati, “³³ Kandi intumwa zagira imbaraga nyinshi zo guhamya kuzuka kwa Yesu nuko rero ubuntu bw’Imana bukaba kuri bo. ³⁴ Nta mukene wababagamo, kuko abari bafite amasambu cyangwa amazu babiguraga bakazana ibiguzi by’ibyo baguze ³⁵ bakabishyira intumwa, nazo zikabigabanya abantu, umuntu wese agahabwa icyo akennye.”* Intumwa zabashaga kubwiriza n’*“imbaraga nyinshi”* n’ *“ubuntu bwinshi bwari kuri bo bese”* kuko nta mukene wari hagati muri bo kubwo (cyangwa kuko) *“hatabagaho umukene muri bo.”* Niyo mpamvu ntamukene wabaga mu bizera kubwo (cyangwa kuko) abari bafite imitungo bayigurishaga, bakazana ibiguzi byabyo *“bakabigabanya abantu bakurikije uko bakennye.”* Uko, niko abizera

²⁶ Ibi byavuzweho mu kiciro II.B. *Ubuyobozi bw’itorero*.

bitaga ku bakene hagati yabo. Ibi byatumaga nutizera abibona ko Abakristo bafite imibereho— itandukanye niyabo ko bafite ubuzima bwiza. Iyo Abakristo n’itorero bakoreye hamwe bikora ikinyuranyo kigaragarira buri wese. icyo gikorwa cyo kugurisha imitungo yabo bagafasha abakene byashimangiraga ubutumwa intumwa zigishaga, niyo mpamvu ubuhamya bw’intumwa bwari bufite imbaraga. Ibyo natwe byaba mu matorero yacu turamutse dukoze nkuko intumwa zakoraga.

2. “Impano z’umwuka” zirimo impano zijyanye no kwita ku by’ubuzima. Impano “z’umwuka” zirimo: umurimo no kwita ku bandi (**Rom 12:7**); gutanga (**Rom 12:8**); kwerekana impuhwe (**Rom 12:8**); gukiza indwara (**1 Kor 12:9, 28**); gufasha (**1 Kor 12:28**). Ibi byerekana ko Imana yitaye ku bice byose by’ubuzima bwacu. kubw’ibyo, natwe tugomba kwita ku buzima bwose bwa bene data. Ni ngombwa kwibuka ko “kuva ubuhanga n’ubushobozi bwose karemano umuntu afite bukomoka ku Mana, bufite akamaro ‘mu mwuka’ nk’impano z’umwuka. Itandukanirwo gusa nuko bimwe umuntu abihabwa akivuka. (Warren 2002: 242)

3. Ibigaragaza umurimo w’Imana mu buryo bw’“ibifatika” mw’itorero. Abantu mw’itorero bafite ibibazo ariko mw’itorero abantu bafite n’ibisubizo. Itorero ni ahantu ha mbere abantu bagomba gutekereza igihe hari icyo bakennye cyangwa bashobora kugira icyo bafasha. Kwita ku bakene, abarwayi, abarwayi bo mu mutwe n’abashyizwe mu kato ni ingenzi. “Gushyira ku ruhande abanyanteye nke n’abaciye bugufi, n’abandi bagaragara ko nta kintu kinini bashoboye, mu muryango wa kristu ninko kwigizayo Kristu ubwe; Kristu anyura ku mukene agakomanga. Niyo mpamvu tugomba kwitonda kuri iyi ngingo.” (Bonhoeffer 1954: 38) Uyu murimo wo gufasha ugarukwaho cyane na Kristo n’intumwa kandi waragaye cyane mw’itorero rya mbere. (**Mat 25:31-46; Ibyak 2:44-45; 4:32-35; 11:27-30; Rom 12:16; 15:26-27; 1 Kor 16:1-2; 2 Kor 8:1-9:15; Gal 6:10; Yak 1:27; 2:14-17**). Abo kwitabwaho harimo abadafite ibikoresho by’ibanze ariko kandi nabandi bafite ibibazo by’umwuka, imibanire mibi nibindi. Bimwe muri ibyo nibi:

- Gufasha abafite ibibazo by’amafaranga ukabaha ubushobozi bwo kwibeshaho:

(A) Abatifashije bafashijwe kwifasha nibyo byiza kuruta gusaba bagahabwa. Itorero rishobora kubafasha kwifasha. Hakorwa ibikurikira mu kubigeraho: (1) Gutanga inguzanyo nto ku bakene. Bisaba ko uyihabwa aba afite umushinga wemewe yakora, bizasaba kandi gukurikirana. Ikibazo kibaho nuko inguzanyo itishyurwa. (2) Gutanga akazi ku bacyene. Bisaba kumenya umuntu mubo musengana ushobora gutanga akazi cyangwa ukeneye umufasha mu rugo. Nurusengero rushobora gukoresha abantu mu masuku nindi mirimo y’urusengero. Igitekerezo cyo gufasha abapfakazi ni ikindi kintu. (3) Gutanga ubufasha butari amafaranga. Itorero rishobora kuba ububiko nkuko byahozeho mu nsengero mu bihe bya mbere (**Mal 3:10**) bw’imyenda, ibiryo bitangirika, nibindi bikoresho. Itorero ryagombye kumenya umuntu mw’itorero ushobora gutanga ibiryo, imyenda cyangwa ikindi kintu ku bacyene. Itorero rimwe ryo muri Uganda PAG rifite abapfakazi 43, aho kubaha amafaranga ryabahaye ihene 43. Nyuma y’imyaka 2 ihene zari zimaze kuba 281. Abapfakazi bashoboye kwitunga, babonaga amata, bashoboraga kugurisha ihene bakabona amafaranga. Bamwe baguze inka kuko babikuye mu gucuruza no kugurisha ihene. Kubwibyo, abo bapfakazi barushijeho kwegera itorero cyane benshi muri bahindutse abanyamasengesho kandi bagira icyo bitura itorero. Protais Nshogoza wo mu Rwanda ni urundi rugero: “Njyewe n’umuryango wanjye twavuye i Kigali muri 2008 tujya Gicumbi duhamagawe n’Imana. Abantu ba mbere twahuye bari abagore babana na n’ubwandu butera SIDA. Bari barihebye nta kirengera. Natangiye gusengana nabo mbigisha ijamba ry’Imana; rizana ibyiringiro mu buzima bwabo. Nyuma mbona ko ubukene ari ikibazo gikomeye mu buzima bwabo kibabura kugira icyo bimarira. Nabahaye ibibwana by’ingurube icumi muri bo, nyuma y’amezi 6 byatanze ibibwana 80. Buri mugore yashoboye guha 1/4 cy’ibibwana kuri mugenzi we. Nyuma y’imyaka 8, abagore 150 bashoboye kugerwaho n’uwo mugisha bashobora kwitunga n’abana babo, basana amazu yabo, bishyura minerivali y’abana kandi bakajya bishyurira igihe ubwisungane bwo kwivuka (Mutuel de sante). Ubu ndashaka kuzana ingurube zororoka cyane kugirango ziyongere vuba. Ibi bizaba aritambwe nziza mu guhindura abigishwa abagore n’abapfakazi bafite ibibazo muri aka gace”.

(B) Itorero rigomba kumenya aho ryakira ibyo kurifasha aho rihereye. Ntabwo urusengero rwashobora guha abantu bose ibyo bakennye. Ariko rushobora gukorana cyangwa gufatany n’imiryango ifasha ibyo urusengero rudashoboye gukora. (1) Aho urusengero rwakura ubufasha ni: muri za ONG; Abakristu n’indi miryango ifasha. (2) Amadini atandukanye afite ibikorwa by’ubugwaneza. Itorero rya Anglicani rifite “Ihuriro ry’Abagore”. PAG muri Uganda ifite “PAG

Ubunyamabanga bw'Igenamigambi n'Iterambere.” (3) Amadini akorera mu gace kamwe agomba gufatanya kugirango yite ku bacyene bagatuyemo. Gukora ibyo byongera ubumwe ari nayo ntego y'umurimo itorerero rifite.

- Gufasha abashomeri kukabona—akazi akazi kabagirira umumaro hanze y'itorero ndetse no mw'itorero. “Gukora ni umuhamagaro w'Imana mu buzima bw'umuntu. Ni inzira Umukristo anyuramo akorera Imana n'ubwami bwayo. Ni uburyo—bwo kubaho mu buzima bw'umuntu butuma umuntu—ashobora kugira umumaro (Luka 19:13) kubwa Yesu Kristo.” (Miller 2002: 9) Bibiliya ibuzza Abakristu gufata ibyo batakoreye (**Ef 4:28; 2 Tes 3:10**). “Mu muryango wa Gikristu buri wese ni ingenzi mu runana, kuko iryo ipfundo naho ryaba rito rikomeye ubumwe ntibwangirika. Itorero ribona ko abantu badakora nta kibazo kirimo rizasenyuka kubera bo. Bizaba byiza igihe buri wese ahawe umurimo wo gukora kuburyo nawe mu gihe yihebye azumva atari imburamukoro idafite icyo imaze.” (Bonhoeffer 1954: 94) Niba abantu bamwe bacyeneye akazi, abandi banyamuryango b'itorero bafite akazi bakaba bakeneye abakozi. Abayobozi b'itorero bakeneye kumenya abantu babo kandi bagashyiraho uburyo bwo guhuza abafite ibyifuzo byabo n'abagomba ku bisubiza.

- Gusengerana no kwingingirana. “Imibanire ya Gikristu harimo no gufatanya gusenga buri umwe asengera undi, cyagwa ntibashobore kubana. Nta muntu ushobora gucira urubanza cyangwa kwanga umuntu asengera nubwo yagutera ibibazo byinshi. Ishusho ye yazaga nk'umunyamahanga ntashobora kwihanganira, byahindukiye mu gusenga agira isura ya mwene data Kristo yapfiriye, umunyabyaha wababariwe. Amasengesho ni ahantu kwiyuhagirira Abakristu n'imibanire yabo bagomba kwinjira buri muni. Gushyamirana bishobora kubaho na bene data mu gihe cyo gusenga ariko uko gushyamirana biganisha ku ntego nziza.” (Bonhoeffer 1954: 86; reba **Yak 5:16**) Henry Blackaby na Claude King nabo baravuze ngo, “Amenshi mu matorero yacu ntabwo yize gusengerana hamwe. Ikintu gikomeye nzi kidakoreshwa ni ugusenga kw'abantu b'Imana. Yesu yabivuzeho ngo “Inzu yanjye ni inzu yo gusengeramo” (Luka 19:46). Gufasha itorerero ryawe guhinduka itorerero risenga ni ikintu uzabonera umusaruro, kandi buri torero rikomeye kuba itorerero risenga!” (Blackaby na King 1994: 308-09)

- Kubabarirana. **Ef 4:32** na **Kol 3:13** hose hadusaba kubabarirana. Yesu we yarushijeho kubivuga ati: “*Nimubabarirana ibyaha byanyu na So wo mw'ijuru azababarira ibyaha byanyu. Ariko nimutababarirana na So wo mw'ijuru ntazababarira ibyaha byanyu.*” (**Mat 6:9-15**; reba kandi **Mat 18:21-35; Mariko 11:25-26**) kutababarira biha satani urwaho rwo gukorera muri twe no kuturwanya twebwe ubwacu ndetse n'itorero (**2 Kor 2:10-11**). Imababazi ziba muri kamere y'Imana na Kristo biri no mu ntego yabo (**Kuva 34:6-7; Mat 9:2-8; Mariko 2:3-12; Luka 5:17- 26; 7:48-50**). Niyo mpamvu niba tugomba gusa na Kristo, kubabarira kwacu ni ikimenyetso cyo kwezwaga kwacu. Ni ikimenyetso ko Umwuka Wera akorera muri twe ngo aduhindure adutunganye mw'ishuho ye. Niyo mpamvu Yesu yahuje urukundo n'imbabazi (**Luka 7:36-50**) n'amasengesho (**Mariko 11:23- 26**). Igitabo bya ECLEA ku Mbabazi n'Ubwiyunge (*Imbabazi & Ubwiyunge*) (<http://www.eclea.net/courses.html#forgive>) bivuga ku mbabazi no kwiyunga mu buryo burambuye, harimo n'uburyo bunonosoye bwo kubabarira no kwiyunga. Ni ibitabo byakoreshwa n'itorero mu gufasha Abakristu babo.

- Guhumuriza, kwifatanya no kwikorera imitwaro. “*Mwikoreranire imitwaro muraba mwujije itegeko rya Kristo*” (**Gal 6:2**; reba kandi **Kol 3:13**). “Itegeko rya Kristo ni ukwikorera, kwikorera bisobanura kwihangana, gukomeza. Mwene so ni umutwaro kuko ari Umkristo. . . . Ni igihe gusa ari umutwaro kuwitwa mwene so kandi atari uwicyitiriro ngo agucacarike. Umutwaro w'umutu wari uremereye Imana kugirango yihanganire kwikorera umusaraba. Ni ukuri Imana yikoreye umutwaro w'umuntu mu mbiri wa Yesu Kristo. Ariko yawikoreye nk'uko umubyeyi yikorera umutwaro w'umwana we, nk'uko umwungeri aheka kubitugu intama yari yazimiye ikaboneka. . . . Ni itegeko rya Kristo ryasohoreye ku musaraba. Abakristo nabo bagomba kugendera muri iri tegeko, ni ubutumwa twaherewe ku musaraba bwo gusangira imibabaro. Niba aho uri bidakorwa ntabwo ari mu muryango wa Gikristo kandi hari udashaka kwikorera uwo mutwaro aba ahakanye itegeko ry'Imana.” (Bonhoeffer 1954: 100-101)

- Kumara umwanya muri kumwe, gusabana, no guhindura itorerero umuryango nyakuri urimo urukundo. **Ibyak 2:42, 46-47** herekana itorerero rya mbere gutya “*bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga, bagasangira ibyabo no kumanyagura umutsima no gusenga...Kandi iminsi bakomezaga kujya mu rusengeru n'umutima uhuye bakamanyagura umutsima bakarya bishimye*

bafite imitima itishama, bahimbaza Imana bashimwa n'abantu bose kandi uko bucyeye umwami Imana akabongerera abakizwa.” Ef 5:19-21 herekana ikimenyetso cyo kuzura umwuka ngo “*mubwirane zaburi, n'indirimo n'ibihimbano by'Umwuka muririmba mucurangira Imana mu mitima yanyu, mujye mushima Imana Data wa twese ku bw'ibintu byose, mubyishimira mw'izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, kandi mugandukirane kubwo kubaha Kristo”*

Isezerano rishya risubiramo rigahugurira abizera gukundana (**Yoh 13:34-35; Rom 13:8; 1 Tes 3:12; 4:9; 1 Pet 3:8; 4:8; 1 Yoh 3:11, 23; 4:7, 11-12; 2 Yohana 5**), muterane umwete (**1 Tes 4:18; 5:11; Heb 3:13; 10:24-25**), guterana umwete, kwigishanya no gutesha (**Rom 15:14; Col 3:16**), gufashanya (**Yoh 13:14-15; Gal 5:13; 1 Pet 4:10**), kwihangana, koroharana no kwemerana (**Rom 15:7; Ef 4:2**), kugwaneza, kugira impuhwe, gucumbikira abashyitsi no kwita ku bababaye (**1 Kor 12:25; Ef 4:32; 1 Pet 4:9**), kubana mu mahoro n'ubwumvikane (**Mariko 9:50; Rom 12:16; 1 Pet 3:8**), no kubahana buri wese agashyira imbere mugenzi we (**Rom 12:10; Fil 2:3**). Muri macye, abizera bagomba kwitangirana mu kivandimwe (**Rom 12:10**). Isezerano rishya ryerekana torero nk'umuryango (**Mariko 10:29-30; Rom 8:14-17; 2 Kor 6:18; Ef 1:5; 2:19; Gal 3:26-4:7; 1 Tim 3:15; 5:1-2**). Isezerano rishya rigaragaza itorero nk'umuryango (**Mariko 10:29-30; Rom 8:14-17; 2 Kor 6:18; Ef 1:5; 2:19; Gal 3:26-4:7; 1 Tim 3:15; 5:1-2**). Ibyo byose ni ibigaragaza ikimenyetso cy'umuryango mwiza. Itorero rikeneye kwereka isi ko ari umuryango mwiza ukora neza. Uyu ni umurimo, ubuzimabwo mu mwuka, niko itorero ryagombye kumera.

VIII. IVUGABUTUMWA

- “Ninde wakwizera Imana izahindura ibintu bishya ‘nyuma’ niba ntabwo bugaragara ko icyo gikorwa kizaba uwo muntu yiringiye ko uwo uzaza yatangiye guhindura ibintu bishya ariko *ubu*—niba mu by'ukuri bitaragaragara ibyo byiringiro byo mubihe byanyuma bishobora *ubu* guhindura isomo ry'amateka rigahinduka ryiza? . . . Bigomba kugaragara neza mu buzima bwa Gikristu ko Imana[mu by'ukuri] yo ubwayo yigaragaza nkifite ububasha bwo kuzana ejo heza hashyashya.” (Schillebeeckx 1968: 183- 84)
- “Umusaraba wa Kristo ntabwo usobanura gusa agakiza k'abantu, unamagana akarengane mu mibereho, politiki n'ubukungu n'inzeho z'ubuyobozi. Kuvugururwa no kwihana kw'abantu BIGOMBA kuganisha abantu ku kugarura umuco no kwiyubaka kwa sosiyete.” (Miller 2001: 22)
- “Muburyo butandukanye, itorero rivuga ko isi yahindurwa kubera ko umuntu yahindutse. Abatekereza cyane filozofiya nshya, bavuga ko ari umuntu wavuguruwe ufite imfunguzo za sosiyete nshya” (Rees 1964: 9)
- “Kubw'iyi mpamvu [Kristo] yaje, ngo azane amahoro ku banzi b'Imana. Umukristu, nawe, suwo kuguma mu buzima bwo kwiheza.” (Bonhoeffer 1954: 17) “Itorero ni itorero iyo ribayeho kubw'abandi. . . . Itorero rigomba gusangira ibibazo bisanzwe by'ubuzima, nta gutwaza abantu igitugu ahubwo rikabafasha rikabakorera. Rigomba kumenyesha abantu bahamagawe icyo bivuze kuba muri Kristo, no kubaho kubw'abandi.” (Bonhoeffer 1971: 382-83)
- “Abantu b'itorero batekereza uko bakwinjiza abantu mw'itorero; abantu b'ubwami batekereza uko bakwinjiza itorero mw'isi. Abantu b'itorero bahangayikishwa nuko isi yahindurwa itorero; abantu b'ubwami bashaka uko itorero ryahindurwa isi.” (Snyder 1996: 11)
- “Uburyo bwo gutera imbere amatorero yakoresha mu kongera gufata umwanya mu bantu nukubafasha no kwitanga. . . . Intumbero y'itorero n'abantu b'Imana bafatanyaye nayo mu ntumbero yayo yo gucungura abari mw'isi. . . . Umurimo wacu si ukugira ‘amadini’ meza ahubwo nukuba abantu b'Imana mu buryo nta makemwa mw'isi. . . . Tugomba kugaragaza itandukanirwo mu cyizere dutanga, mu buntu twagiriwe, kandi tukabikorana urukundo n'ubwitange mubyo tugirira abandi. . . . Kuvuga ko itorero rishobora kugera ku ntego zaryo ukwaryo nubwo isi yaba itari gutera imbere bigaragaza kutareba mu cyerecyezo cy'Imana kandi bitera kwibaza niba abo bantu batekereza gutyo bafatwa nk'abantu b'Imana”. (McNeal 2009: 6, 24, 37, emph. in orig.)
- “Kuramya . . . ni imbaraga z'umurimo. Ni intego y'umurimo kubera ko ikirebwa ari ukuzana amahanga mu bwiza bw'Imana. . . . Iyo gukurikirana icyubahiro cy'Imana ataribwo bishyizwe imbere mu gukurikirana ineza y'umuntu no mu byihutirwa by'itorero, umuntu ntabwo azafashwa neza ndetse n'Imana ntabwo izubahwa mu buryo bwuzuye. . . . Iyo umurimo wo kuramya wakijwe n'abazi agaciro k'ukuri kw'Imana, urumuri rw'umurimo ruzamurika mu bantu bari mu mwijima kw'isi. . . . Ahantu inyota y'Imana ari nkeya, ishyamba ry'umurimo naryo riba ari ricye.” (Piper 2010: 35-36)
- Umuhamagarwo w'agakiza n'umuhamagarwo wo gukorana n'Imana kuko yungabazimiriye mw'isi nayo

ubwayo binyuze muri Kristo. . . . Iyo ufite umubano uririmo urukundo rwinshi n’Imana izakwereka ibyo irimo gukora. Umurimo wawe nk’umugaragu nugukurikira urugero rwa Yesu: Kora ibyo Data arimo gukora—*reba aho Imana iri gukora nawe ujyeyo!*” (Blackaby and King 1994: 58, 84, emph. in orig.)

A. *Ibyanditswe ishingiro*

Intumbero n’itegeho z’itorero zigaragara mu bikorwa ribigeza ku bari hanze y’itorero. Umuhamagaro ukomeye w’itorero uri muri **Mat 28:18-20**:¹⁸ *Yesu aza aho bari abavugisha, ababwira ngo, “nahawe ububasha bwose mw’ijuru no mw’isi.*¹⁹ *Mugende mu mahanga yose muhindure abantu abigishwa banjye, mubabatize mw’izina rya Data iry’Umwana niry’Umwuka Wera,*²⁰ *mubigishye kwitondera ibyo nababwiye; nanjye ndi kumwe namwe kugera ku mpera y’ ibihe.”*²⁷

Indi mirongo ya Bibiliya isa nkiyi igaragaza umumaro wo guhamya Kristo: **Mat 9:35-38; Mariko 16:15; Yoh 17:18-21; Acts 1:8; 5:27-32; 10:34-43; Rom 10:14-17; 15:18-21; 1 Kor 1:21-25; 2 Kor 4:4-13; 2 Tim 4:1-2; 1 Yoh 1:1-3.** Igitabo cy’Ibyakozwe n’intumwa ingero z’abizera bahamya imbere y’abandi mu buryo bwose. Nkuko kuba intumwa bigaragaza ibifatika mu bikorwa ndetse no mumwuka, itegeho y’itorero n’ukugera ku bantu mu buzima bwabo (**Mat 5:13-16; 22:36-40; 25:31-46; Yoh 13:4-15, 34-35; 20:21; Gal 6:10; Ef 2:10; 1 Tim 6:17-18; Yak 1:27; 2:14-26; 1 Yoh 4:20-21**).

B. *Itorero rihamagarirwa guhindura abantu abigishwa kw’isi hose*

Umurimo no guhindura abantu abigishwa birahura cyane. Nk’intumwa zahinduwe abagishwa, Uko abantu bagirwa abigishwa, ibyo bahamagarirwa bizagenda biboneka bazagenda bagira umwete wo kwifatanya n’abandi cyangwa gutangiza umurimo mu bundi buryo, haba mw’itorero imbere cyangwa hanze yaryo. Kubwibyoye, “umurimo wawe wo guhindura abantu abigishwa uzagerageza gutanga ubufasha mu by’umwuka.” Buri wese ukijijwe yahawe impano imwe cyangwa zirenze zo gukoresha mu kubaka umurimo no gufasha abandi. Izo ni imbaraga z’agaciro, impano Imana yatanze zo kwishimirwa.” (Churches Alive 1996: 6.2)²⁸ Mike Breen puts yabishyize muri aya magambo: “Ntabwo dufite ikibazo cyo ‘mu umurimo’ cyangwa ubuyobozi mu matorero y’iburengerazuba. Dufite ikibazo cyo guhindura abantu abigishwa beza. Iyo uzi ukuntu bahindura abantu abigishwa uzagera ku bantu batazi Yesu kuberako aribyo abigishwa bakora. Uwo niwo wari umugambi wa Yesu. Iyo wigishije abantu kuba abigishwa, abo bantu bakora umurimo hakiri kare no mu minsi ikurikiye baguma gutyazwa n’umwuka, hakavuka itorero ry’ejo hazaza. Buri mwigisha arigisha, ntushobora kuba umwigishwa niba udashaka gushyira imbaraga mu guhindura abantu abigishwa. Uwo niwo umuhamagaro ukomeye wo gukora.” (Breen 2011: 12, 39) Umusaruro uvamo nuguhinduka: “Ibikorwa byo gufasha no gusana tugomba gukora ni umugisha ku bandi n’ishusho yo gusa n’Imana iri gukora. Ariko cyane imiryango, abaturanyi, ubucuruzi, imijyi cyangwa ibihugu birubakwa kuko Yesu aba yabakijije akabasana. Intego y’abigishwa ba Yesu nuguhindura abantu abigishwa nabo bazahindura abandi abigishwa. Mu gukora gutyo, abantu n’ibintu bizasanwa. Ariko hano hari ikintu k’ingenzi cy’ukuri kw’isi-isi iri kurushaho kuzura... Yesu!” (Kalinowski na McBee 2013: 17)

1. Ubukrusitu ni iyobokamana ryo “kugenda no kwamamazwa”. Abizera bose bahamagarirwa kuba abahamya ba Kristo.

a. *Inshingano yo guhamya ntabwo irangirira ku bafite umurimo mu itorero cyangwa impano zidasanzwe zo kubwiriza.* Nicyo gituma mu **Ef 4:11-16**, abo Imana yahamagariye kuba “ababwirizabutumwa”, bagomba gukoresha impano zabo n’umuhamagaro wabo mu “gufasha abera” kugirango nabo babashe kuba abahamya beza kurushaho.

b. *Itorero ryahawe inshingano yo kohereza abantu kwamamaza ubutumwa bwiza no guhindura abantu abigishwa (Rom 10:14-15).* Niyo mpamvu amafaranga akwiye kuba mu ngengo y’imari y’itorero kugirango itorero ribashe kugera ku bantu.

²⁷ Robert Coleman agaragaza “Ijambo ‘kugenda’, ‘kubatiza’, ‘kwigisha’; ni amahame agendana n’ijambo ‘guhindura abantu abigishwa’. Ibi bisobanura ko umurimo munini ntabwo ari ukujya ku mpera z’isi kwigisha ubutumwa bwiza (Mariko 16:15), cyangwa kwigisha abantu bahindutse mw’izina ry’Imana, si no kubigisha Iby’ibanze bya Kristo, ahubwo ‘nukubahindura abigishwa’ – kubagira abantu bameze nkabo bifitemo umurimo wa Kristo bitari ukumwakira gusa, ahubwo bafasha abandi kumukurikira. Igihe abigishwa bahinduwe nibwo umurimo w’ivugabutumwa ushobora kugera ku ntego zawo gusa. . . . Ikintu cy’umumaro mu gukomeza uyu umurimo ni ukwizerwa kandi hamwe nabyo abahindutse batowza kuba abayobozi atari kuba abakurikira gusa”. (Coleman 1964: 108-10)

²⁸ Churches Alive yongeyeho uyu muburo ujyanye n’impano z’umwuka: “Kumenya impano birafasha cyane, ariko hagomba kurebwa ubushobozi bw’Umwuka Wera bwo gufasha abigishwa nizindi impano no kureka impano zitari gukoreshwa” (Churches Alive 1996: 6.2).

2. Itorero ryahamagariwe guhindura abantu “abigishwa” ntabwo ari “ukubahindura gusa abanyedini” (Mat 28:18-20).

- a. *Umwigishwa ni umunyeshuri, wimenyereza, umuntu wahisemo kuba ari kumwe n’umwigisha we cyagwa mwarimu (Yesu), kugirango abe nk’umwigisha cyangwa mwarimu we. Umwigisha agira kamere nkiy’umwigisha we, agakora nkibyo akora (reba Willard 1997: 282-310).*
- b. *Ukuri ko duhindura abantu abigishwa, atari uguhindura gusa, byerekana “Inshingano Ikomeye” irenze kubwiriza ubutumwa gusa. Guhinduka ni itangiriro ryo kuba umwigishwa mu buzima bw’umuntu. Kuba umwigishwa ni uguhinduka muri byose mubuzima. Kuba umwigishwa birimo kwezwa atari ugutsindishirizwa gusa. Rero Inshingano Ikomeye igomba gukorwa igomba kugera mu buzima bw’abantu.*

3. Umurimo wa Kristo wo guhindura “abantu abigishwa” urimo “kubigisha” kwitondera ibyo yabategetse byose. Hari ibintu bibiri bigomba gukorwa n’itorero:

- a. *Abayobozi b’itorero bagomba kuba abigisha beza, kandi bagomba ubwabo kuba ikitegererezo, mw’ivugabutumwa. Abagize itorero bagomba kuba basobanukiwe neza icyo kuba Umukristo aricyo, ishingiro ry’amahame yo kwizera nuko Abakristo bagomba kubaho. Niyo mpamvu kimwe mu bigomba kuranga umuyobozi w’itorero ari “gushobora kwigisha” (1 Tim 3:2; 2 Tim 2:24). Mu buryo butandukanye bwo kwigisha no “kwemeza, kamere y’umuntu ni ingirakamaro” (Cooper 1932: 9). Na none, kandi, kuba umwigishwa ni uguhinduka, muri byose mu buzima.*
- b. *Itorero rigomba gushyiraho “uburyo busobanutse” bwo guhindura abizera bashya— abigishwa, kubakomeza mu kwizera no kurushaho gusobanukirwa ibyo bizeye. Aho kugirango bakomeze kwishimira kubatiza abizera bashya babatijwe baza gusenga ku cyumweru, hagombye kuba ishuri ryo guhindura abantu abigishwa kugirango abizera bashya bahindurwe abigisha. Gushyira abantu mu matsinda mato ahura mu buryo buhoraho agasenga, akiga Bibiliya agahimbaza Imana ni uburyo bwiza bwo gukuza Abakristu mu kwizera no kwitangira abandi n’itorero.*

4. Kimwe mu kuzuzwa “inshingano ikomeye” itorero rigomba gukora nugushinga andi matorero mashya ahandi. Itorero ntabwo ari uruhando mpuzamahanga rw’abizera gusa ahubwo harimon’itorero ryo hafi imbere mu gihugu. Uko bigaragara mu gitabo cy’Ibyakozwe n’intumwa nuko abizera babwirizaga ubutumwa ahantu hatandukanye; bahinduraga abizera bashya abigishwa, kubakomeza mu kwizera, no gushinga amatorero mashya (reba **Ibyak 14:21-23**).

C. Itorero ryahamagariwe kuba umuhamya wa Kristo riba intangarugero mu gukora imirimo myiza kw’isi

1. Ibyo dukora bigaragara cyane kurusha ibyo tuvuga kandi byerekana ukuri ku kwizera kawacu. Muri **Mat 5:13-16** Yesu yavuze ko tugomba kuba urugero rwiza rw’urukundo rwe ku isi: *“¹³Muri umunyu w’isi; ariko umunyu nukayuka, ni gute washobora kongera kuba umunyu? Nta mumaro uba ugifite cyeretse kujugunywa hanze ugakandagirwa. ¹⁴ Muri urumuri rw’isi. Umusozi uri ahirengeye ntushobora kwihisha; ¹⁵ nta nubwo umuntu yacana urumuri ngo arutwikirize agatebo, ariko ku gitereko cyarwo rutanga urumuri munzu hose. ¹⁶ Mureke umucyo wanyu umurike imbere y’abantu kugirango babone imirimo yanyu myiza bahereko bahimbaze So wo mw’ijuru.”*

Kuberako umuntu wese yaremwe mw’ishusho y’Imana (**Itang 1:26-27; 5:1-3; 9:6; Ef 4:24; Kol 3:10; Yak 3:9**), uko dufata ishusho y’Imana byerekana uko tuyitekerereza. Mu bundi buryo bivuze ngo: “Ibikorwa byemeza uwo uriwe.” Niyo mpamvu, intumwa Yohana yahakanye ko “umuntu w’umwuka ashobora gutandukanywa n’ibyo akora. Yohana ashimangira ko umuntu w’umwuka agomba kwemerwa uherye kubyo akora, bitabye ibyo umuntu w’umwuka ntahari. Ibyo nibyo dusanga muri 1 Yohana 3:7: ‘Bana bato ntimwishuke. *Ukiranuka niwe mukiranutsi, nkuko nawe ari ukuri.*’

Umushukanyi azabawira ngo: ushobora kuba umukiranutsi kandi udakora ibyo gukiranuka. Yohana Yaravuze: umuntu w’umukiranutsi nukora ibyo gukiranuka gusa. Ibikorwa byemeza uwo uriwe.” (Piper 2009: 146-47) Ibi biboneka inshuro nyinshi muri Bibiliya:

- Uko dukora ibyo Imana ivuga ni ingenzi kurusha ibikorwa by’imiha ngo by’idini (**1 Sam 15:22-23; Zab 51:14-17; Yes 29:13-16; Yer 6:16-20; 7:21-23; Hos 6:6; Rom 12:1; Kol 3:23-24; Tito 1:16; 1 Yoh 5:3; 2 Yohana 6; Ibyah 19:7-8**).
- Gukora ibyo Yesu asaba ni ikimenyetso cyuko tumukunda byukuri (**Yoh 14:15, 21, 23; 15:9-10**);
- Ikimenyesto cya mbere cyo kwizera kwacu no kubaha Imana *nukuntu dufata abantu* (**Imig**

14:31; 19:17; 21:3; Mika 6:6-8; Mat 25:34-40; Mariko 12:28-34; Yoh 13:34-35; Yak 1:27; 2:18-26; 1 Pet 3:7; 1 Yoh 2:10; 14, 18-19, 23; 4:7, 11-12, 21).

• Mu buryo bumwe, ikimenyetso cya mbere cyerekana ko tutizera kandi tutubaha Imana *nukuntu* dufata abantu (**Imig 14:31; Yes 1:10-17; Ezek 16:48-50; Mat 12:1-8; 15:3 9; 23:23; 25:41-46; Yak 2:14-17; 1 Yoh 2:9; 3:10, 15, 17; 4:8, 20).**

2. Urugero rwa Yesu rw’ “umunyu” n’ “urumuri” muri Mat 5:13-16 yerekana ko itorero rigomba kujya mu buzima bwose, atari ukugarukira mu “kubwiriza no guhimbaza” ku cyumweru.

a. *Umunyu ufatwa nk’untu kirinda ibintu kwangirika.* Itorero rigomba kuba umurinzi ukumira kwangirika ko mu mwuka no mu myitwarire. Umunyu kandi utanga icyanga; itorero rigomba gutanga uburyohe bw’ubugingo w’iteka nokumvisha abantu ubwiza bw’ijuru mw’isi igoye. Kubw’izo mpamvu ebyiri, “Abakristo bagomba ‘gushyirwa’ mu mucu ahantu [nkuko, mugihe cya Yesu, umunyu washyirwaga mu nyama kugirango uzirinde kandi uzimaze iminsi zitangiritse], binjira mu buzima bwose bakarinda kandi bakaryoshya umuryango babamo. (Ariko hari ibintu bibiri byo kwitondera: inshuro nyinshi Abakristu baba bahuze bubaka inzego zitaboneka—bubaka ahantu ho kwihereza nahantu ho gusengera—kuburyo turi mu kibazo cyo guhinduka inking z’umunyu. Ikigenderewe si ukwereka isi uko dufite ibigo bikomeye, inzego zikomeye; ahubwo isi igomba kumva ko duhari mu bitekerezo byayo. Ubwa kabiri, tugomba kwitonda kugirango tudatakaza uburyohe bwacu. Kudakayuka ni ingenzi ku munyu kugirango ugumane ubwiza bwawo [Mariko 9:50].)” (Colson 1992: 366)

b. *Ukuri kugomba kugaragara.* Itorero rigomba kubaho no gukora kuburyo abantu babona ubuzima bushya bw’urukundo, imbabazi, amahoro, ubutabera n’ukuri Kirsto azana. Urumuri rushyushya abantu; rukuraho umwijima; ruzana umucyo; rutuma abantu babona inzira; rutuma abantu badashaka gukora ikibi cyangwa ibiteye isoni kwihisha; ruzana ibyishimo. Itorero rigomba gukora muri ubwo buryo abantu bose babibona neza. Ikintu k’ibanze cyerekeye urumuri nuko kumurika kwaryo gushobora kugaragara mu mwijima. Biragoye kubona umucyo w’urumuri ahantu habona ariko ucanye umwambi umwe ijisho ryose rizahita riwubona mu mwijima.

3. Mu byanditswe hagaragara ihuriro hagati y’ibyo tuvuga, uko dukora, nibyo twizera. Iri huriro riboneka neza mu **Ef 2:8-10; Ef 2:8-9**, herekana ko agakiza kacu atari ingaruka z’imirimo myiza twakoze ahubwo n’ubuntu gusa buca mu kwizera; nyamara, **Ef 2:10** havuga ko, nubwo agakiza kacu atari ingaruka z’imirimo twakoze ni ingaruka z’umurimo w’Imana, impamvu cyangwa intego y’agakiza nugukizwa ngo dukore imirimo myiza: “*Kuko turi abo yaremye ituremye imurimo myiza yaremye muri Kristo Yesu kugirango dukore imirimo myiza, iyo Imana yaduteguriye mbere hose kugirango tuyigenderemo.*” Mu yandi magambo Imana yakoze umurimo wose, yatugize umurimo wayo, nkumurimo w’agakiza muri twe, yaduteguriye imirimo myiza yo gukora kandi idushoboza kuyikora. Niyo mpamvu ntawatandukanya kwizera n’imirimo, imyizerere n’ibikorwa. Intumbero ni ugusohora hanze ikimenyetso cy’imbere cyo kwizera kwacu ko mu mwuka.

a. *Yesu yitaye ku buzima busanzwe bw’abantu nkuko yitaga ku buzima bw’umwuka bwabo.*

Niyo mpamvu, yagaburiraga abashonje agakiza abarwayi. Muri macye, yari Yesu mu murimo yerekanaga ububasha bwe mu mwuka (**Mat 8:5-13; 9:1-8; 11:2-6; Mariko 2:1-12; Luka 5:17-26; 7:1-10, 18-23**). Kuko “*twaremwe mw’ishusho ya [Kristo]*” (**Rom 8:29**), tuzakora kurushaho ibyo yakoze, tugire imitekerereze nkiye nibikorwa nkibyo yakoze.

b. *Itorero rigomba kwerekana urukundo rwa Kristo, impuhwe ze kubakene, gufasha abakene n’abafite ibibazo, n’ibindi, niba ryifuza kuzuza inshingano no kugera ku bantu rigomba kugeraho (reba Mat 5:38-48; Luka 10:25-37; Rom 12:9-21; 15:1-3; 2 Kor 8:21; Gal 6:9-10; Kolo 4:5; Tito 2:7-8; Yak 1:27; 1 Pet 2:12).* Muby’ukuri, niba ibyo tuvuga ko twizera bidaherekejwe n’imirimo myiza, kwizera kwacu kuba “gupfuye” (**Yak 2:14-26**).

c. *Guhesha abantu umugisha no kwita kubyo bacyeneye bikingura imiryango y’ivugabutumwa niy’ubuzima bw’umwuka bw’abantu.* “Igikorwa cyo kwita ku bantu inshuro nyinshi kiganisha abantu kwibaza ikibazo ‘Kuki muri gukora ibi?’ kwibaza ikibigutera ni ikintu ugomba kwitegura kumva mu matwi. ‘Ndi uwa Yesu, nkora ibyo kuko nicyo cyamuzanye.’ Iki gisubizo gikingura imiryango wo kuganira iby’umwuka”. (McNeal 2009: 32-33) Ibi byaragaragaye ko ari ukuri mu mateka. Umunyamateka Rodney Stark yerekana ko mu gihe cyambere cy’itorero “abapagani benshi bakururwaga mu kwizera kwa Gikristu kuko itorero ryagiriraga neza abantu ibintu bifatika bitari iby’umwuka abaribamo. Kimwe mubyo ryakoraga gifatika muri iyi si

iburamo gufashanya, Abakristu bari abavandimwe nyakuri. Mu mpera y'ikinyejana cya kabiri, Tertullian yanditse ko mu gihe insengero z'abapagani zitanga ibyo zahawe ku biryo n'ibyo kunywa, Abakristu bo batanga ibyabo mu 'gufasha, gushyingura abantu, gufasha abana b'abakene n'ababyeyi babo, nabakuze baheze mu nzu.' Bisa nkibyo ibaruwa yandikwe umwepisikopi wa Antiyokiya yanditse muri 251, umwepisikopi wa Roma yerekanye ko abapfakazi 1,500 nabandi bababaye abari gufashwa n'itorero ko urukundo rwa Gikristu rwahawe agaciro n'abapagani babireba." (Stark 1998: n.p.)

4. Ibyo dukora muri ubu buzima—byumwihariko uko dufata abantu—nibyo bizaherwaho mu kuducira urubanza rwa nyuma. Ntabwo twakora imirimo yo kutujyana mw'ijuru ariko dukizwa n'ubuntu bw'Imana biciye mu kwizera muri Kristu (**Yoh 3:16-18; 6:28-29; Rom 2:16-17; 10:8-13; Ef 2:8-9; Gal 3:1-14**). Nyamara, "Imirimo ni ikimenyetso cyuko umuntu ameze mu mutima we mu buryo bw'umwuka. Ariko urubanza ni ibi bitabo [mu **Ibyah 20:11-15**] bifite gusa imirimo myiza n'imibi cyangwa ni inyuguti gusa. Gusa urubanza ntirureba imirimo myiza hejuru y'imirimo mibi. Ahubwo imirimo igaragaza ko ikwiriye mu myitwarire y'ukuri ko mu mutima; igaragaza kwizera cyangwa kutizera, ubunyamugayo cyangwa gukunda umugayo. Urubanza ntiruzigera rwerekana niba abantu barubashye Imana n'Umwana w'Intama w'Imana cyangwa barumviye umwanzi." (Ngundu 2006: 1576) Nkuko intumwa Yakobo yavuze, "*Umuntu ashobora kuvuga ngo, 'ufite kwizera nanjye mfite imirimo; nyereka kwizera kwawe kudafite imirimo nanjye ndakwereka kwizera kwanjye mu mirimo yanjye...nkuko umubiri utarimo umwuka uba upfuye niko no kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye.*" (**Yak 2:18, 26**) Uko tubikora, cyane cyane uko dukora—by'umwihariko uko dufata abantu ni isuzuma mu buzima ryemeza ibyo dutekereza by'ukuri ku Mana, iryo suzuma kandi rigaragara mu byanditswe ku byerekeye urubanza rwa nyuma. Ibi bigaragara inshuro nyinshi mu buryo bwinshi muri Bibiliya.

- Haba mu mategeko n'ingeri ziboneka Imana icira abantu n'amahanga urubanza "ikurikije ibyo bakora [cyangwa "uburyo" cyangwa "ibikorwa"]" (**Abac 1:6-7; 9:22-24, 56-57; 2 Sam 12:9-12; 1 Abami 2:32-33; 20:35-42; 21:17-19; 2 Ing 6:23, 30; Yobu 34:11; Zab 18:24; 31:23; 62:12; Imig 24:12; Umubw 12:13-14; Yes 59:18; Yer 17:10; 25:14; 32:19; Ezek 7:3, 8-9, 20, 23-24, 27; 9:10; 11:21; 16:43, 59; 18:30; 22:31; 24:14; 33:20; 35:6, 11, 15; 39:24; Hos 12:2; Yo 3:5-7; Obad 15; Zek 1:6; Mat 16:27; 25:14-30; Luka 12:47-48; Yoh 5:28-29; Rom 2:1-6; 12:19; 1 Kor 3:8, 11-15; 2 Kor 5:10; 11:15; Gal 6:7-8; Ef 6:8; Kol 3:25; 2 Tim 4:14; Heb 10:26-27; 1 Pet 1:17; 2 Pet 2:20-22; Yuda 14-15; Ibyah 2:23; 14:13; 20:11-13; 22:12**).
- Urubanza rwa nyuma rw' "imirimo" twakoze rurimo amagambo (Mat 5:21-22; 12:36-37; Luka 12:2-3; Yuda 14-16), cyo kimwe n'amabanga n'ibyahishwe mu bitekerezo byacu, ibyo twibwira mu mitima, ibyo twifuza, nibyo tugenderaho (**1 Sam 16:7; 1 Ing 28:10; 29:17; 2 Ing 6:30; Imig 21:2; Yes 29:13-14; Yer 17:10; Mat 5:21-22; 6:4, 6, 18; 10:26; Mariko 4:21; Luka 2:34-35; 12:2; Rom 2:16; 1 Kol 4:5; Heb 4:12; Ibyah 2:23**).
- Uko dufata abantu muri ubu buzima bizaba icya mbere mu rubanza tuzacirwa, ibihembo n'ibihano kubera ko bigaragaza ukuri ko mu mitima n'umubano wacu na Yesu (**Mat 6:1-4, 12, 14; 10:42; 24:45-51; 25:31-46; Mariko 9:41-42; Luka 6:35; 12:33, 41-48; 14:13-14; 16:1-9; Rom 2:1-6; 1 Tim 6:18-19; 2 Tim 4:14; Heb 6:10; 1 Pet 5:1-4**).

IX. Ibigaragaza umurimomwiza

A. Kugirango itorero rikore ubumisiyoneri rigomba guhindura imyumvire yaryo

1. Mu mutima w'umurimo w'itorero hari ikibazo shingiro cy'umwuka: Niki Imana idushakaho? Itorero ryose rigomba kwibaza "ikibazo cy'umwuka: 'Imana ishaka iki kw'itorero ryacu? Niki kiri ku mutima wayo?' Ibyo bigomba guhitana bituma wibaza ikibazo cyo gufata ingamba: 'Niki Imana yifuza ko dukora, ku giti cy'umuntu no muri rusange nk'itorero?' ubwo nibwo wakwibaza: 'Ni gute twakubaka umurimo wacu kugirango tugere ku ngamba zacu?'" (Minatrea 2004: xviii) ²⁹ Mu yandi magambo, icya mbere cyo

²⁹ Ibi bishobora kuba urugendo rururere byinshi. Edward Setzer yasabwe kuba umushumba w'itorero ry'abantu 35, impuzandengo y'imyaka yabo ari 68. Itorero ryari riri gusubira inyuma n'abantu bari barahindutse kuko itorero ryari ryarashinzwe mu myaka yo ha mbere. Nyamara, umuyobozi wo hejuru wari yaravuze ngo: "Tuzakora ibishoboka byose kugirango tugere kuri aba bantu" (Setzer na Putman 2006: 41). Setzer avugaga muri raporo ye ngo: "Dukomeje gusengana no gushaka Imana tuyingiranga yigaragaze mu gihe cyamezi atandatu. Muri icyo gihe basengaga, Imana itangira guhindurwebwe abanyetorero. Duhindura ibintu byinshimurira n'ubuzimabw'itorero ariko itorero niryo ryafashe iyi myanzuro." (Ibid.) Itorero ryafashe umwanzuro ko kuri Pasika uzaba umunsi wo kugera kubantu ku bushake. Abagize itorero batumira abana, abuzukuru, abaturanyin'inshuti. Haje

kwitabwaho ni umwuka; nukumenya Imana n'ubushake bwayo kubw' *iri* itorero n' *aba* bantu baririmo n' *aha* hantu n' *ibi* bihe barimo, hamwe n' *ibi* ibibazo biririmo n' *ubu* bushobozi bafite³⁰. Ibi bituma haboneka uburyo bunoze bwo kwitegereza ibikenewe n'abantu aho batuye, *umuryango cyangwa ahantu no kumenya uko hagomba gukorerwa*. Ibyo, nabyo bituma, umuntu yibaza ikibazo: Niki twakora nk'itsinda tudashobora gukora umuntu ku giticye? Kandi dushobora no kwibaza: Nicyo twakora igihe itorero-ryacu ryifataniye nirindi tudashobora gukora twenyine?

Kubera ko Imana ivugira kandi ikorera mu mubiri wayo, itorero, inzira yo kumenya ubushake bw'Imana kw'itorero ryawe nuko abayobozi b'itorero bamenya abo bayoboze neza—inzozi zabo, ibyiringiro byabo, ibyifuzo byabo, ibyo bacyeneye, ubuhanga bwabo n'ubushobozi bwabo. Itorero ryatangiyeye kwimuka rijya mw'ivugabutumwa rigamije iterambere ry'abaturage bigizwemo uruhare n'abayobozi bagirana ibiganiro n'abo bayobora. Ibyo biganirira biri mu buryo butanu (McNeal 2009: 124-26):

- Niki ukunda gukora? Ibyo abantu bakunda gukora bishobora kuba inzira Imana ishaka guha abandi umugisha ibacyiyemo.
- Nihe ubona Imana iri gukora umurimo muri iyi minsi? Imana ihora ikora imirimo buri muni ahantu hose. Iki kibazo gifasha abantu kwiga kureba Imana mu bana babo, abaturanyi, aho bakorera, nibindi
- Niki wifuza ko Imana yakora mu buzima bwawe mu mezi 6-12 ari imbere? Ni gute twagufasha? Ibi bigendana no kwaguka mu myumvire bigafasha abantu kureba ko *bo*, ubwabo, hatarimo ubwinshi bwabo, ibikoreho bifatika bafite n'amafaranga, ari bo bareberwaho itorero n'iterambere ryaryo. Iki kibazo gituma abayobozi bashobora kugeza abantu ku bufasha buturutse hanze y'itorero kandi bakamenya iterambere abantu babo bifuzaga kugeraho bakaba ariryo bategura.
- Ni gute wifuza gufasha abantu? Ni gute twafasha? Abantu benshi bakurira mu murimo. Ibirenze kuri ibyo iki ni igipimo cy'ukuntu Umwuka Wera aba ahamagarira itorero kubaka umuryango ribamo (Niba ufite abantu benshi bashakira kwigisha abana kw'ishuri, gukorana n'impfubyi cyangwa abantu bafite ubwandu bwa ka SIDA, ibyo bikwereka inzira yo kunyuramo ufasha abantu) ibi kandi bikwereka ubwoko bw'amahugurwa akenewe ngo abantu bavemo abakozi beza.
- Niki twagufasha gusengera? Ibi byerekana ko abayobozi bitaye ku bantu babo. Amatsinda yo gusenganayo yatangirira aha.

Kumenya Imana n'umutima wayo, kwitegereza ibidukikije, no kubaza ibibazo biganisha ku *cyerecyezo*. **Imig 29:18** haravugaga ngo, "*Aho guhishurirwa kutari abantu bigira ibigenge.*" Ihishurirwa rituma habaho impango isobanutse, ingamba, ibikorwa n'inzego biganisha ku mpinduka.

- Urugero, William Carey uzwi nk'uwatangije ivugabutumwa rigezweho, yamaze imyaka 41 mu buhinde aho yahinduraga Bibiliya mu ndimi z'ibanze zivugwa mu buhinde, ashingira n'amashuri, akora impinduka zikomeye mu buzima bw'abaturage ("William Carey" 2007: n.p.). Ibyo yakoze byashingiye ku kumenya Imana no kumenya umugambi Imana imufiteho, kugenzura ibimukikije no kwibaza uko ibintu byagenda: "Aho Carey yabonye ubutayu bw'agasi ntabwo yigeze yiganyira ahubwo yatangiye gutera ishyamba. Yize ibiti, arabitera ubundi yigisha ishyamba. Aho yabonye ibyatsi yatekereje ubusitani, arabuhinga, yandika ibitabo ashiraho ihuriro ry'abahinzi b'indabo mu buhinde kugirango bihe imbaraga ibyo yatangiye." (Mangalwadi 1999: 115)
- Bisa nkuko, Isiraheli yubu ifite amashyamba ahantu hahose hari ubutayu. "Hari amayerekwa abiri ubutaka bubonwamo. . . . Abanyasiraheli, bahimbaza Jehova, bizera Imana ibyo yavuze ko ubutaka buzatamba amata n'ubuki. Abanyapalesitine bo batekereza ko Imana yavumye ubutaka. Hari

bantubarenga200,nyumay'imyaka ibiri yakurikiye itorero ryarakuze rigeraga ku mpuzandengo y'abantu bari muni ya 200 gato baza gusenga. Setzer yanzurako umuhamagarari w'itorero wari uwo kuri abo bantu. Iyo itorero ribyutserikabonako abantu bahindutse, bakomeza kubageraho mw'ivugabutumwa, ubutumwa bwiza bukagenda bushingira imizi. icyo gihe itorero ryarahindutse, ubuzimabw'abantu burahinduka." (Ibid.:42) Dushobora gutegereza Imana guhinduramatorero yacu igihe twashatse Imana kandi tukajya kuyibwira abantu tubana nabo.

³⁰ Ni ingirakamaro kumenya ko ibyo wakora bikemera mu bantu runaka bishobora kudakora ahandi. Buri hantu n'abantu bagira umwihariko wabo, ibyobakeneye, ibibazo, amateka, umuco, n'ibindi. Nubwo ubutumwa bwiza budahinduka, uko tubugezaho abantu gushobora guhinduka bitewe n'umwihariko wabo dushakira kubugezaho. Niyo mpamvu Setzer na Putman bemeza ko kugirango umurimo ukorwe neza bitangirira ku muhamagarari w'Imana. Ariko kugirango uwo muhamagarari ugire icyo ugeraho tugomba kwiga abantu, tukiga uko Imana yakoze ahasa naho, tukagaragaza intego y'umwihariko itorero ryacu rishakira noneho tukayihuza naho dushakira kujyana ubutumwa. (Setzer na Putman 2006: 21-28).

ubwoko bubiri bufite iyerekwa ritandukanye ku butaka bumwe.” (Miller 1998: 116) Amayerekwa atandukanye aganisha ku musaruro atandukanye.

- Ku rundi ruhande, “ubutaka bugerwaho gacye n’ivugabutumwa buri mu bukennye. Ibi ntabwo ari impurirane. . . . None ni ukuberiki abantu bashonje kandi bacyennye? Cyeretse habaye ibihe bikomeye nk’intambara, amapfa, imyuzure, naho ubundi ‘ubucyene ntabwo bupfa kubaho gutyo gusa.’ Ni ingaruka z’ukuntu abantu bibona nuko babona isi. . . . Ubucyene bufite imizi mu mitekerereze ijyanye n’ubucyene, ibitecyerezo byafatiriwe bikazana imyitwarire ikennye. Abantu bacyennye mu bitecyerezo babonera isi mu madarubindi y’ubucyene. Barabivuga cyangwa se ibikorwa byabo bikabivuga, ‘ndi umukene’. Nzahora ndi umukene kandi ntacyo nabikoraho’. Cyangwa se nkuko benshi babivuga uyu muni, ‘Ndi umucyene kuberako abandi bangize umucyene. Bagomba gucyemura ikibazo cyanjye, nje sinabishobora,’ . . . Ikibazo kiba kiri buri gihe mu ntekerezo zitinza kandi ntizacyire iteramabere.” (Miller 1998: 65-67)
- “Izi ntekerezo z’ubucyene” zigaragara mu bice byinshi byo muri Afirika nahandi aho haba hari ibirundo by’imyanda, imifuka ya palasitike nindi myanda itabwa aho abantu baba. Ibi byombi bigaragaza kutareba kure no kudaha icyubahiro abantu n’ubuzima bwiza bwabo. Ibimoteri bishyirwamo imyanda byorora imibu itera malariya, udukoko, inzoka nutundi dukoko dutera indwara. Femi Adeleye yerekana imyitwarire itandukanye na Bibiliya muri ibi bibazo: “Nzi inzu y’Abakristu y’icyumba imwe muri kimwe mu bihugu byacu (Afirika), izengurutse n’umwanda. Narebaga ukuntu abantu baturuka muri iyo nzu nabandi bari mu muhanda bajugunya umwanda wabaye ikirundo. Impumuro yari mbi cyane kuburyo yanyuraga mu madirishya ikagera mu byumba. . . . Nashatse kubaza ushinze gutunganya aho hantu ambwirwa ko Leta ariyo igomba kubikora ariko hashize igihe kinini bataza. Iyi myitwarire itizwa umurindi no gushaka gushyiraho itandukaniro hagati y’ikintu cy’idini nikindi gisanzwe cyangwa hagati y’icyo twita icy’isi n’icy’umwuka. Twibwira ko gukuraho umwanda, kwita ku bidukikije no kugenzura neza umutungo wa Leta ari ibintu by’isi, ntitubiyitaho. Ubuzima bwacu no kwitanga kwacu tubiharira ibijyanye n’umwuka n’idini gusa. . . . Tugomba kureba ibintu uko Bibiliya ibivuga, kuri Bibiliya ibintu byose byo mu buzima nibyo kubahwa.” (Adeleye 1999: 127)

Itorero rishobora gukora ibintu by’igicro kinini ryigisha abantu ibyerekeye ibidukikije no gukora isuku aho batuye. Iyo bakoze ibyo, itorero riba riri kubwira abantu riti: “Ubuzima bwanyu, imibereho no kugira ubuzima bwiza nubw’igicro kuri twe. Muri abumumaro kuritwe ntikumwiye kuba muba mwanda. Tubitayeho ndetse n’imibereho yanyu aho mutuye.” Leta y’u Rwanda mw’itegeko ryayo yashyizeho itandukaniro rinini mu bijyanye nibi, isaba abantu gukora isuku aho batuye buri gihe. Umusaruro wavuyemo nuko Urwanda rusukuye kurusha ibindi bihugu byo muri Afirika y’iburasirazuba. Abakristu bagomba kutagendera kuri leta ku bintu bashobora kwikorera ubwabo.

- Mu buryo bumwe, “[Mu mudugudu umwe wo muri Tanzaniya] igiti cyarakuze, umwembe munini ariko gifite amababi menshi namashami manini. Hariho uruziga rw’igicucu muni yacyo, muri icyo gicucu hari abantu mirongo itatu bari kubiyigana ngo bajye mu gicucu, bari kurebwa n’ihene yazahajwe no kuba iziritse ku zuba. Ibyabonekaga nk’umukino w’itisinda byari ibintu bisanzwe byo kwirwanaho biba buri mugoroba. Ikintu cyantangaje nukuntu abatuye umudugudu barwaniraga ku giti cyimwe akaba nta nuwe wagize igitecyerezo cyo gutera ibiti byinshi muri aka gace gashyushye ngo bijye bitanga igicucu. Byari byoroshye gutera igiti kuko icyi barwaniraho gifite ibuto nyinshi ariko ntawigeze atera na kimwe, niba hari nuwabikoze cyaratemwe. Kubona abo banyafurika muri ako gace ka Tanzaniya barwanira kuba mu gicucu byanteye umuhate wo gutegura mbera.” (Theroux 2003: 248)

2. Imyumvire y’itorero kucyo itorero aricyo igomba guhindura. Kwiga ibyo Imana ifite ku mutima kw’itorero ryawe, bizazana impinduka nyinshi ku byitabwaho n’ibishyirwa imbere mu matorero menshi n’uburyo amatorero akoramo. “Kuvuga ubutumwa bwaba misiyoneri bizazana impinduka eshatu, mu mitekerereze no mu myitwarire:

- Kuva ku ntumbero y’imbere mw’itorero ujya inyuma muby’umurimo (umurimo) wibandaho
- Kuva muri gahunda y’iterambere ugana mu guteza abantu imbere nk’igikorwa cy’ibanze
- Kuva ku buyobozi bushingiye–kw’itorero rijya ku buyobozi bushingiye–ku bwami

Izo mpinduka zigaragaraza icyo ubumisiyoneri bivuze.” (McNeal 2009: xvi) McNeal yerekanye neza ibyo yashakaga kuvuga muri izo mpinduka, eshatu mu buryo bukurikira:

- Impinduka ya 1: Kuva ku ntumbero y’imbere mw’itorero ujya inyuma mubyo umurimo

(umurimo) wibandaho. Ikirebwa ntabwo ari ibyo itorero “rijyamo mu gufasha abaturage gusa.” Ahubwo, impinduka ituruka imbere igana inyuma iba irimo guhinduka ku myumvire yicyo itorero aricyo, atari gusa ibyo rikora, nubwo byo bihinduka cyane. Kwerekeza inyuma bisunikira itorero gufata imirimo yashyiraga ku mwanya wa kabiri ikayigira imirimo y’ubuzima. . . . Byasa nko kukosora imyumvire yagaragaye igihe byavumburwaga ko izuba ariryo ryari hagati y’isanzure aho kuba isi. . . . Mu babona isi ishingiyeye ku bwami, intego y’urukundo rw’Imana yo gucungura ni isi, ntabwo ari itorero (kuko Imana yakunze *abari mw’isi* ntabwo Yesu yavuze ngo kuko Imana yakunze *itorero*). . . . Mu buryo bwa kimisiyoneri, uko itorero rikora mw’isi, isi ibona Yesu uba mu mihanda cyangwa aho aba agomba kujya kureba abantu akurikiranye, bisobanura ko buri wese bimureba. . . . Itorero riri ahantu hose hari abakurikira Yesu. Abantu ntabwo bajya kw’itorero, ahubwo bazana itorero ku bantu.” (McNeal 2009: 42, 44-45) Ibi byose bigaragara iyo abayobozi n’abagize itorero basobanukiye ko itorero ari umwe mu miryango micye kw’isi itabereyeho inyungu zabawugize” (Setzer na Putman 2006: 44).

- Impinduka ya kabiri: Kuva muri gahunda y’iterambere ugana mu guteza abantu imbere nk’igikorwa cy’ibanze. Igihe Reggie McNeal yari ari gukora nk’uwashinze itorero, Imana yaramubwiye ngo: “Ese abantu baguwe neza no kuba ari abanyamuryango b’iri torero cyangwa barananiwe kandi baracyennye?” Ikibazo cyaramugoye, yabonaga ko adafite uburyo bwo gupima ubutunzi bw’abantu ku giti cyabo; yumvaga ashoboye gusa gupima ukuntu bitangira itorero. “Nzi inshuro baza mu bikorwa by’urusengeru ariko sinzi ingano y’ubufasha baha abaturanyi babo. Nakurikiranye abaza gusenga buri cyumweru, ariko sinzi ingo zibanye neza ziri gutera imbere. Minsi yibyo: Nshobora kumenya ukuntu abantu baba bahuze iyo baje mu bikorwa by’itorero ariko sinzi uko ubuzima bwabo bumeze.” Ibirenze ibyo, imibereho n’indangaciro z’abagize itorero bigaragaza cyane umuco waryo”, rero igikorwa cy’itorero ntabwo ari ikimenyetso cy’ubuzima bwiza bw’umwuka” (Ibid.: 93).

McNeal yahuye n’Imana bihindura intumbero z’itorero rye. Itorero ryahinduye ingengabihe yaryo, iteganyabikorwa, nibigize umurimo kugirango ribe mpuzamahanga mu guteza imbere abaturage. Iyi mpinduka irakomeye kurusha iya mbere, kandi umusaruro mwiza ntabwo woroshye kuwupima. Ikingenzi nuko guteza imbere abaturage bisaba kubaka imibanire myiza, atari ugutanga ubufasha gusa. (Ibid.: 90). Aha niho amatsinda yo guhindura abantu abigishwa agomba guhurira n’umurimo wo kuvuga ubutumwa.

- Impinduka ya gatatu: Kuva ku buyobozi bushingiye kw’itorero rijya ku buyobozi bushingiye ku bwami. “Guhindura uva kw’itorero riri hagati ugana ku bwami bw’Imana ariryo shingiro ni ibya tewologiya n’imitekerereze ishimangira kuva ku ntumbero y’imbere mw’itorero ujya kuyinyuma. . . . [Abayobozi b’abamisiyoneri] shakisha uburyo bwo kwerekana abantu mwitorero bajyana mubutumwa. Biyemeje kwishimira izo mbaraga kugirango abandi bo mu itorero bagaragare. . . . Mugihe itorero rya kera ryizihiza ibisobanuro byanditse, urugendo rwabamisiyoneri rwifuzaga abanyamakuru bashobora kutubwira icyo Imana igezeho uyu muni. . . . Abayobozi b’abamisiyoneri biboneye ibyo Imana ikora hanyuma babibwire abandi. Muri ubu buryo, bakora nkabanyamakuru kugirango badufashe kubyibonera. Ibi bivuze ko bamarana umwanya n’Imana mumasengesho, bayisaba kubereka ibyo bakora. . . . Kandi bivuze ko bishora mubuzima. . . . Abayobozi b’abamisiyoneri, bavugana n’Imana hamwe n’isi, bavuga bemeza ibyo ubwoko bw’Imana bugomba gukora. Ntuzaba hafi y’abo bayobozi igihe kirekire utize ko umutima wabo urimo gukorwaho no guhura kwabo.” (McNeal 2009: 42, 138, 141, 143)

B. Kugirango itorero rirusheho gukora ubumisiyoneri rigomba guhindura ibyo rifatiraho rireba ko “itorero rihagaze neza”

Muri iyi minsi, amatorero menshi abonwa “nk’ahantu ho kujya ”ndetse nk’“umucuruzi w’ibikorwa by’iyobokamana.” “Abantu batakaje umwuka baba bategereje ko itorero rikora ibyo riyemeje ngo ricyemure ibibazo bafite, ribiteho, ribafate neza. . . . Abantu batakaje umwuka bapimira umusaruro w’umushumba wabo bagendeye ku bipimo by’ubucuruzi: abakirirya benshi, amafaranga menshi, nibindi bigaragarira amaso.” (Hammond na Cronshaw 2014: 33) Mu guhindura uko itorero ribonwa n’abashumba, n’Abakristu, igipimo gishya kirakenewe. “Kuko abantu muri rusange baterwa imbaraga no gukora ibyo bahemberwa, iterambere ry’umurimo wo kwamamaza ubutumwa riteye inkeke. Iryo terambere rizigisha mu kubaho kwaryo rizigisha abantu uburyo bushya, butanga imyitwarire mishya kandi igaragaza kwaguka kw’umurimo wa Gikristo.” (McNeal 2009: 37-38) McNeal agaragaza ko byerekana itorero ryahinduye uburyo rirebamo iterambere:

- “Gushyira abagize umuryango no kubaha inshingano mu rugendo rwo kuwuteza imbere nk’inshingano ya buri buyobozi, by’umwihariko abakozi bahoraho. Izo nshingano zigomba guhabwa abafite impano n’urukundo. Cyeretse abagize itorero babonye ko abayobozi babo babyinjyemo, ntibazigera bemera ko ibyo bishishikaje. . . . Gabanya umubare w’ibiro n’inshingano abayobozi bashobora gufata kugirango babone umwanya uhagije wo kuba abamisiyoneri. . . . Ushake umwanya abakozi n’abayobozi bamara hamwe n’abantu (harimo imibanire nabayobozi b’inzeho z’abaturage) nk’umwe mu bipimo byerekana gukora neza. Wirinde kureba nkuko benshi babibona ko umwanya umuntu amaze ari kumwe n’abaturage mu murimo ari ikintu kiza nyuma. icyo kigumyeho byageraho ibibazo abaturage bafite bigatashwa agaciro ugerananiye nibindi bibazo itorero rifite.” (McNeal 2009: 75, 78)
- “Gushishikaza ko buri shuri ry’abana ryo ku cyumweru, itsinda rito, abaririmbyi nabandi bakora umurimo bagomba kugira ibikorwa bakorera hamwe. Ibyo bahisemo gukora byagombye kuva mu rukundo n’ubushake bw’itsinda.” (McNeal 2009: 75-76). Kuri ibi, Coleman yerekana ko bidahagije gushyira abantu mu bikorwa bihuriweho aho itorero ryigaragaza cyane. Bagomba guhabwa uburyo bwo gushyira mu bikorwa ibyo bize. Cyeretse amahirwe abonetse muri uku kwegera abantu, itsinda rishobora kubyishimira rikaguma aho mu kwishimirwa nabantu.” (Coleman 1964: 120)
- “Kuzana abayobozi b’abaturage mw’itorero kwigisha abayobozi baryo ibikenewe n’abaturage. Ibi bishobora gukorwa mu gihe cyo gusenga n’amahugurwa cyo kimwe no mu biganiriro byateguwe n’inama.” (McNeal 2009: 76)
- “Gushyira ibiro by’abakozi b’itorero ahandi hantu hatari ku rusengero. Ibyo bishobora kuba ingamba zakoreshe mu kugera ku bantu cyangwa kwagura umurimo. . . . No kugeza abayobozi b’itorero ku yindi miryango aho bashobora kugira umumaro. Abakozi b’itorero bashobora kwigisha, guhugura, kuba abajyanama b’ibikorwa biciriritse by’iterambere, guhugura mu by’ubuyobozi, no kwerekera abantu mu bintu byinshi haba iterambere ry’umuntu ku gite cyangwa ry’umuryango.” (McNeal 2009: 76)
- “Gutangiza iteganyabikorwa ry’itorero uri kumwe n’abayobozi b’abaturage” (urugero, igihe amashuri ari mu biruhuko, igihe hari umunsi mukuru wo kwishimira wahuje abaturage batuye aho ukorera), ukamenya neza ko uwo munsi uri ku ngengabihe utari uw’itorero wa buri mwaka” (McNeal 2009: 78). Muri icyo gihe ureba igihe cyakoresheje mu guterana, harimo igihe cyo kuramya, gusenga, ubuhamya, kubaza abayobozi b’abaturage, ” ubundi “ugafasha abagize itorero kureba ibyo bakoze aho baba harimo imirimo ibatunze ifatwa nk’amahirwe ya mbere mu gukora umurimo w’Imana.” (Ibid.: 79)
- “Umuco w’iterambere ry’abantu” mw’itorero uzagaragarira mu bintu nkibi: umubano abantu bagirana ku bushake bwabo; abantu bashyizwe mu mirimo; iterambere ry’umuntu ku giti cye, amafaranga atangwa ku bantu natangwa ku murimo w’ivugabutumwa aho kuba atangwa ku nyubako cyangwa ubuyobozi bw’idini; abakozi b’itorero bari mu bikorwa byo kwigisha abaturage ngo batere imbere bagire ubumenyi bukenewe aho batuye. Ibyo bintu cyo kimwe namasaha yo gukorera ubushake (bifasha uburyo abantu bakurikirana ubwitange bwabo namasaha bakora), amakuru y’ibyo itorero riri gukora n’ingaruka ziri kuzanwa nabyo bigomba kwishimirwa buri cyumweru no mubindi bihe, amakuru yukuntu abantu bari kubera abandi umugisha agomba gushyirwa mu nyigisho (ariko ba nyirabyo babitangiye uburenganzira), kandi bigahemberwa mu buryo bumwe, ku muntu no gushyirwa kuri website niba ihari. Kumenyekana no guhembwa byerekana agaciro nyakuri n’ibiyhutirwa by’itorero kandi byose bitera umwete abandi. (McNeal 2009: 77, 79, 112) McNeal yanzura yigengesereye asaba: “Ibyo ibikorwa rusange by’itorero byashyizwemo imbaraga nkibyo byishimiwe gusa, ntabwo ikingenzi kizaba cyigezweho. Kugirango ugere kucyo wifuje, kora ikintu cyose ushoboye kugirango wishimire ubuzima n’umurimo w’Imana mu bantu mu buzima bwabo bwabo bwa buri munsi aho bakorera, aho baba, jya aho biga wishimane nabo.” (Ibid.: 53)

C. Kugirangobumisiyoneribugerweho, umutungo w’itorerougombagushyirwamubijyanye n’umurimo w’ivugabutumwa mbere ya byose

Amatorero yose afite uburyo bunyuranye abonamo umutungo: ufatika (ubutaka, inyubako, ibikoresho); imari (amafaranga n’ibihembo); abantu (abantu nigihe cyabo, impano n’ibindi). icyambere ni ikigenderwe gishyizwe imbere. Ibyo itorero rikora n’umutungo waryo ugaragaza ibyo riha agaciro, nkuko Yesu yabivuze, “aho ubutunzi buri niho n’umutima wanyu uzaba” (**Mat 6:21; Luka 12:34**). Hano hari ibyerekanwa:

- Umutungo ufatika. Mu murimo wo kwamamaza ivugabutumwa w’itorero, ikibazo cya mbere mu bikenerwa cyaba, ‘Dukeneye gushyira amafaranga kuri iyi nyubako, cyangwa twagombye gushora imari muri ibi bikorwa?’ (McNeal 2009: 79) Dufashe ko umwe ari kubaka inyubako y’urusengero, itorero ryagombye kwibaza, “Ni gute twakubaka inyubako zizabera abaturage umugisha no kumenya uburyo itorero ryazikoresha?” (Ibid.: 80) Ikibazo ku matorero asanzwe afite ibikoresho niki, “Ni gute twakoresha ibyo

dufite ngo bigirire umumaro abaturage? . . . Itorero ryamamaza ubutumwa ryerkana inzira zo gufasha abantu rikoresheje ibyo bafite.” (Ibid.) Itorero rishobora gukoreshwa nk’ahantu ho guhurira ku bandi bantu bafasha abaturage cyangwa imiryango itegamiye kuri leta; rishobora gukorana n’amashuri rigatanga aho gukorera inama, aho abarimu bahugurirwa, aho gukorera ibitaramo, nibindi. Itorero rishobora guha inyubako zaryo andi madini ngo bahasengere cyangwa bahakorere ibikorwa bifasha abaturage. “Urusengeru rumwe rwabonye ko rushobora gutanga ifunguro ry’umugoroba ku bana bataryaga neza no gutanga inyigisho ku babyeyi kubyibanze by’ubuzima, rikaba ryakoresha icyumba gisengerwamo ibandi batari guterana bakora ibikorwa by’itorero. Urundi rusengeru rwahinduye ikibuga cyarwo cya basketball ahantu abantu bahurira baruhuka bafatanyije n’inzeho z’ibanze. Mu buryo bwose, amasengesho akorewe aho aramenyekana biciye mu matangazo atangwa no ku bantu bazaba bahari batanga ubujyanama.” (Ibid.: 81) Urusengeru rumwe rwatanze ibikoresho byarwo ku bantu batanga ubufasha ku baturage ruhinduka urugo rw’abasukuti, aho bigira ibinyabuzima, aho abarwayi ba diyabete baherwa ubufasha, aho bagenzurira ibyaha bikorerwa muri ako gace, naho abapolisi bihugurira. Nubwo abayobozi b’itorero atari abayobozi muri izo nzeho zivuzwe, mu gutanga ubufasha no kwacyira abantu itorero ryamenyekanye nk’ahantu umuturage ashobora kubonera ubufasha.” (Minatrea 2004: 179) Indi nyungu yo gufashisha ibikoresho by’urusengeru ku matsinda y’abaturage abikeneye, byari uko abantu baza gushaka serivise aho bagendaga bagirana umubano mwiza n’abanyetoro. Bamwe batangiyeye kugenda bitabira amataramo batumwemo nabanyetoro.” (Ibid.) Ikindi gisabwa nukureba ibidahari bikenewe bigakodeshwa cyangwa bikagurwa mu gihe byakenerwa kugirango bifashe abaturage. Na none, imikorere y’Imana ntabwo arukuzana abantu mu nyubako z’urusegero (nziza nini nubwo tuzikunda cyane) ahubwo nushyira itorero abantu.

Amatorero menshi agira ubutaka budakoresheya, imbuto cyangwa ibindi bihingwa bishobora guterwa umusaruro ukagurishwa cyangwa ugahabwa abakene. Ubundi buryo ubutaka bwakoresheya, byibuze aho abantu badahingira ubutaka bwabo bwaba gukoresha ubutaka nk’ “ubusitani rusange” aho hagenda hakodeshwa ibibanza cyangwa hagatangwa gukoreshwa nabaturage. Ibi bituma abaturage bagana urusengeru. Guhurira hamwe mu busitani bigomba gutegurwa.

Amatorero menshi mato ahurira mu nsengeru n’ubushyamba cyangwa akodesha, ariko akagira umuziki mwinshi nibikoresho by’indangururamajwi bikomeye bikoreshwa mu mbwiraruhame nubwo aho basengeru ari hato nibyo bikoresho ntibikenewe. Ibirenze kuri ibyo, ibikoresho ndangururamajwi byinshi bikomeye bishobora gutera nyiramubande amajwi ntiyuvikane neza mu cyumba gito. Muri icyo gihe, byaba byiza kuvuga bisanzwe ntabyuma. Ni nabyo byavugwa ku ndangururamajwi nini n’umuziki mwinshi. Ibikoresho bidasakuzwa nibyo birahagije kandi nibyo bihendutse, igisabwa nukoresha neza umutungo. Nubwo abashumba benshi bo muri Afirika y’iburasirazuba bavugaga ko abantu bakunda ibyuma byinshi by’umuziki ntabwo ari byo. Ntabwo biri muri Bibiliya, abantu (cyangwa bagombye) kuzanwa n’imbaraga z’ivugabutumwa. Niba itorero rigamijye by’ukuri byo kwamamaza ubutumwa bwiza mu bikorwa bigera ku baturage rigakora ibikorwa byo guhindura abantu abigishwa abantu bazaza kubera iyo mpamvu yonyine.

- **Imari.** Amatorero yose yagombye kubika inyandiko z’imari no kugira ingengo y’imari yanditse; kugirango habeho kwigenzura bisanzwe no gucunga neza umutungo. Amatorero yo mu karere ashobora gutera intambwe yo kwihaza. Amatorero ashobora gutangira ibikorwa bibayara inyungu kugirango ataguma ategereje impano zituruka mu barigize. Amatorero menshi agira ubutaka ariko ntabworesha mu buryo butanga umusaruro. Amatorero ashobora gushyira ubusitani ku butaka bwayo bakajya bagurisha umusaruro. Amatorero amwe atera ibiti bishobora kugurishwa kuri company zigurisha amashanyarazi cyangwa bigatanga amakara. Urugero, muri Kenya umushumba umwe yerekanye ko hagati y’intururu 200-250 bishobora guterwa kuri ari y’ubutaka. Igihe bimaze gukura kimwe gishobora kugurishwa ku mashiringi 10,000 Ksh umupasiteri w’umugande yavuze ko ibirayi bishobora kugurishwa hagati ya 120,000 Ush ku mufuka. Rero, ari yateweho ibirayi ishobora kugira agaciro kari hagati ya miliyoni 5-10 Ush. Aho (haturuka kandi amafaranga) hahoraho nukuvuga ko namafaranga. Diyoseze imwe yo muri Kenya yatangiye korora ingurube, musenyeri asaba ko buri wese agomba gutunga inka. Amatorero ashobora kwishyura abakoreye umunsi mukuru mu rusengeru n’andi matsinda ashaka guhurira mu nyubako z’urusegero. Andi matorero kandi atekera abantu akagira nibyumba bikoreshwa nk’amacumbi kugirango agire amafaranga. Ahantu hashobora kuva amafaranga ni henshi bitewe n’ibitekerezo by’umuntu nibyakoreshwa mu kuyashaka. Ariko kandi bigomba kwibukwa buri muni ko ubwo bushabitsi bubyara inyungu ari uburyo bubereyeho gufasha kwamamaza ubutumwa no gufasha itorero kugera ku ntego zaryo. Ntabwo byagombye kuba umutwaro cyangwa ngo bibangamire intego nyamukuru y’itorero. Igitabo cya ECLEA cyitwa *Ubusonga bushingiye kuri Bibiliya* (<http://www.eclea.net/courses.html#stewardship>) cyerekana itorero n’imari, ibyabitswe kw’ikoresha ry’amafaranga, ingengo y’imari no kwigira kw’itorero.

Ibyo dukoresha amafaranga yacu byerekana neza kurusha ibindi bice byo mu buzima bwacu ibyo dushyize ibere nibyo duha agaciro, nibyo tubona ko bifite akamaro kurusha ibindi. Ibyo byiyerekana ku matorero nkuko biba ku bantu. McNeal yerekana ko “ijanisha rinini ry’umutungo winjira rijya mw’ivugabutumwa mu bantu kurusha amafaranga akoreshwa imbere mw’itorero” (McNeal 2009: 83). Kugirango ugere kubyo McNeal yerekanye byasaba ko itorero rihindura uko rikora. Milfred Minatrea yavuze ko, “Ku gikorwa cyose, byaba byiza wibajije: ‘Ni gute iki gikorwa cyangwa iyi gahunda byaganisha ku kugera ku ntego cyangwa intumbero yacu?’ ‘Iki gikorwa kigenewe abanyetoro cyangwa kigenewe abatari abanyetoro?’ Niba tudasanze dukora iki gikorwa dushobora kugitangiza kikagendana n’itego n’intumbero y’itorero?’” (Minatrea 2004: 104) Ibyo bibazo bigendana n’ibikorwa n’imirimo rusange y’itorero no mu gihe cyo gukora ingengo y’imari yaryo. Minatrea yerekana ko, “Nta kigo gishobora gukomeza gushora mu bintu bishya kidahagaritse ibindi. . . . Igihe amatorero agamije gushinga izindi nsegero akena ibikorwa byayo agendeye ku ntego afite, agomba kureka ibikorwa bidatuma agera ku ntego.” (Ibid.: 106-07) Ibi bishobora gukomera, kandi bikababaza kubikora ariko ni ngombwa cyane kugira ijisho rireba kure no guhitamo ibikwiriye niba intego y’Imana kw’itorero igomba kugerwaho.

Ibyo McNeal yasabye birashoboka. Urugero rwiza ni itorero rya Antioch Presbyterian Church ryo muri Chonju, Republic of Korea. Igihe itorero ryatangizwaga muri 1983, rimwe mu mahame ryashingiweho ryaruko rizajya ritanga byibura 60% byayo ryinjiza ku murimo wo kwamamaza ubutumwa. “Itorero ryagize akabyiniriro ka ‘Tin Can Church’ kubera abanyeshuri ba Sunday school bavugaga ko rimeze nk’agasanduku kari ahantu ku ruhunde, gatabye igice mu butaka. Mu gutangira, abantu bamwe bumvaga ko iyo gahunda yo gutanga amafaranga izatuma itorero ridakura vuba. Bitandukanye nibyo, Rev. Lee abona ko amafaranga ashowe mu gufasha insengero aho zihereye atabura itorero gukura ahubwo aryongerera ubushobozi bwo kuzuzanya inshingano yo kwamamaza ubutumwa. Iryo torero ubu rifite abantu ibihumbi birenga 4000. Muri 2001, iryo torero ryatanze 75% na 72.3% by’amafaranga ryinjiza. Mu biganiriro byabaye, umwe mu ba pasiteri yemeje iyo mibare arabihamya, ati “Nimubyumve. Muri 2001 na 2003, twatanze gusa 70% na 72.3% ku mafaranga twinjiza mu bikorwa cyo kwamamaza ubutumwa kubera ko twubatswe aho urubuyiruko ruzajya rukorera umwiharereho n’inama muri icyo myaka. Mu gutanga ayo mafaranga yo kwamamaza ubutumwa, Rev. Lee w’itorero rya Chonju Antioch Presbyterian n’abashumba bava mu yandi madini bashinze The Paul Mission in 1986. Muri 2004, abamisiyoneri 248 bari baroherejwe mu bihugu 70. The Paul Mission yashyiraga imbere ivugabutumwa, gushinga amatorero, kwigisha tewologiya, gufasha abari mu nzu z’imbohe, gufasha ababaye, kwigisha abantu kuba abamisiyoneri, kwita ku bana n’urubuyiruko no guha imiryango ubujyanama. Radiyo y’ivugabutumwa muri Thailand nayo yashyizweho na The Paul Mission. . . . Iryo torero ryabonye ko gushyiraho intego zo gukunda abandi ushingiyeye kuri Yesu Kristo bizana gukura kw’itorero no gukomera kwaryo.” (Ronsvalle 2004: “Itorero ryo muri Koreya Church That 60% Mu ivugabutumwa”)

Ibirenze kuri byo, amatorero ashobora kugira imishinga minini yo gufasha abantu cyo kimwe nkuko agira imishinga yo kubaka cyangwa agaha icyacumi cyayo yinjiza ibikorwa bigamije guteza imbere abaturage. McNeal yerekanye izindi nzira zakoresheye mu kongera iyogezabutumwa ry’itorero binyuze mu baturage: “Mutumire abayobozi b’inzeho za leta mu gukora ingengo y’imari yanyu. Mubareke bababwire ibikenewe naho amafaranga yava.” (McNeal 2009: 84); “mutange amahugurwa yo kwiga uko bakora igenamigambi n’ibikorwa byo gufasha abaturage, byumwihariko gufasha abakene kubasha kwipangira ubuzima bw’ejo hazaza” (Ibid.); “Gushyigikira imishinga iciriritse y’iterambere igamije gufasha abaturage kubona ibikorwa bibyara inyungu cyangwa bakagira uruhare mu bukungu bw’igihugu (McNeal 2009: 84); “Gufasha abantu kugenzura ibyo batangaho amafaranga bakabasha kubigabanya. Kwishimira amafaranga bizigamye ku giti cyabo ndetse muri rusange mu murimo w’Imana berekana amafaranga yazigamwe nayashyizwe mu bindi. Nukuzirikana ko ibi bigomba gutangwamo urugero n’abayobozi bitabaye ibyo ntabwo abandi bazigera babihaga agaciro.” (Ibid.: 85); “Guhanga agashya mu gufasha abaturage. Itorero rimwe riyemeje gutanga amafaranga mu gufasha abaturage byibuzangana nayo ryagombye gutanga iyo baba bishyura umusoro w’ubutaka bafite.” (Ibid.) “Gufatanyaga n’andi madini. Mu mibereho isanzwe y’itorero, amadini arahangana. Mw’itorero rigamije kumenyekanisha ubutumwa mwi’isi, ibibazo byigwaho ni binini cyane ku muntu umwe cyangwa itsinda kuburyo batabishobora, bisaba ko amadini akorana.” (Ibid.: 84) Minatrea agera kure abisobanura, “Sinabona uko mbisobanura bihagije: Nta kintu kinini ubwami bwageraho kugeza igihe amadini ahaye agaciro ubwami kurusha ibyo yagezeho yonyine.” (Minatrea 2004: 127).

● **Umutungo w’abantu.** Igika IX.A. **Kugirango itorero rirusheho gukora ubumisiyoneri, rigomba guhindura imyumvire yaryo** n’Igika IX.B. **Kugirango itorero rirusheho gukora ubumisiyoneri rigomba guhindura ibyo rifatiraho rireba “itorero rihagaze neza.”** Hejuru twari twavuze uburyo bunyuranye

abanyetorero n’abayobozi barushaho kujya mu bikorwa by’ubumisiyoneri. Kandi na none, itorero rishobora gukora urutonde rw’ibikenewe muri sosiyete aho riri namahirwe ahari yo gufasha abaturage. Abantu benshi bakwemera gufasha ariko ntibazi ibikenewe nukuntu babigenza. Mu kubikora wanatekereza gushyiramo nabandi baturage no gufatanya nabo bituma bamenyekana, bakagirana umubano n’itorero biboroheye. Bwambere bazabona abanyetorero. Abo bantu bashobora kuba bafite ubumenyi bwabera umamaro uwo murimo wo gufasha abavugabutumwa mu bikorwa, rishobora no kuba ryabakurura ku kwacyira Yesu nk’umwami n’umukiza wabo igihe babwirijwe ubutumwa nyirizina.

D. Ingero z’ivugabutumwa ry’abumisiyoneri

Amahirwe yo gukora ubumisiyoneri ni menshi kandi aratandukanye nkuko abantu ari benshi, ibikenewe, numutungo. Hano hari ingero z’ibikorwa byo gufasha by’ubumisiyoneri amatorero ashobora gukora:

- “Idini riri mu muji urimo inzu y’imbohe nini ryafashe gahunda yo kwita ku bagororwa barekuwe rikabatoza rikanabatera inkunga yo gusubira mu buzima busanzwe mu gihe bavuye munzu y’imbohe” (McNeal 2009: 1).
- “Gushyira abantu ku nyubako, mu nzira aho imodoka zihagarara, aho abantu batuye mu midugugu bakahaba nk’abumisiyoneri. Ubundi bagakora nk’abakorerabushake, batanga amafaranga, nibindi byose byaba bikenewe ariko bakita ku bibazo by’abantu. Ijanisha ry’abantu baturuka mu mazu y’imidudugu minini baza gusenga ni ritoya. Ntacyo biba bibabwiye niyo itorero ryaba riri hakurya y’umuhanda cyangwa ku mu ryango ukurikiye uwo batuyemo. Kubasanga aho bari nibwo buryo bwiza bwo kugera ku bantu igihe ari mu gace gatuwe cyane. Itorero rimwe ryashyigikiye abashyigikiye vuba bakoraga ubumisiyoneri mu nzu yabo, bishyura ibyangombwa abumisiyoneri badashoboye mu gihe bakomeza kwagura ubucuti nabo baturanye muri ako gace katifashije. icyumweru kimwe ishuri ryo ku Cyumweru rigategura ibyo kurya byo ku manywa, indi samedu bagategurira abahaturiyeye; ubundi bagategura aho abaturage bazajya bateranira.” (McNeal 2009: 77)
- Buri mwaka, hari umunsi mukuru muri Madison, Wisconsin, aho Kaminuza ya Wisconsin iherereye. Nyuma y’ibirori, aho hantu haba huzuye ibipapuro, amacupa, n’indi myanda. Ikinyamakuru cyandikirwa aho cyaravuze ngo, “Abanyamuryango ba Blackhawk Church, riri mu burengerazuba bwa Madison, baragaragaye saa 6:00 mu gitondo ku cyumweru bakora isuku mu muhanda, mu mpande zawe no mu tuyira. Iyi ni inshuro ya kabiri ikurikiranye abagize Blackhawk Church bafasha abatariye ako gace gukuraho umwanda. . . . Nubwo Koperative Mifflin Street nayo yateguye isuku yabaturanyi muri iki gitondo . . . kubera ko abayoboke b’itorero bakoze akazi keza, Koperative yasanze isuku y’inyongera idakenewe. [Umukozi wa leta Mike] Verveer yagize ati: ‘Mu gihe benshi muri twe twari tukiri mu buriri, iri tsinda ry’itorero ryakoraga isuku mu mvura.’ (Heidmann 2006: n.p.)
- Itorero ritoya ryakoze gahunda yo gusana amagare ku bantu barwaye rituranye nabo. Ritanga amabwiriza n’ukuntu basana ibyuma by’igare ryapfuye, risana ayapfuye bigenda neza, rinatanga ibyo kunywa no kurya. Iyo gahunda n’ivuriro yakirirwe neza kandi izajya iba mu buryo buhoraho.
- “Abagore bakuze bishyize hamwe buri wa gatatu bajyaga koza no kwita ku bana b’impinja bavutse ari batanu biyongereye kuri babiri bari basanzwe bari muri urwo rugo. Abo babyeyi bakoraga isuku, bagahindurira abana ibyo banduje, bagateka, bagakora igikenewe cyose kandi biyemeje gukomeza kubikora kugeza igihe abana bakuriye bakagera igihe cyo kujya kw’ishuri. Amatsinda amwe ashyira hamwe imbaraga igihe bari kubona abandi bafatanyaga mu muhamagaru wo gukorera Imana” (McNeal 2009: 76)
- “Abakora umurimo w’ubumisiyoneri bese nahuye nabo bagira iminsi bafasha abantu bakabikora nk’igikorwa cyo kuramya Imana. Idini rimwe ryakoreshaga icyumweru kimwe mu kwezi nk’umunsi wo gufasha abantu. Abanyetorero bamaze guterana bagasenga no kubona ibyo bagenderaho barasohokaga bakajya gufasha abantu. Imiryango yose igakorera hamwe umunsi wose. Rimwe na rimwe imbogamizi zigasaba ko abagore bese cyangwa uruburiko rwose bitanga. Nyuma abanyetorero bagaruka ku rusengeru bagasangira bakavuga ubuhumya nibyo bahuye nabyo.” (McNeal 2009: 60-61)
- Gusenga uagenda: “Gusenga uagenda bishobora gukorwa nk’igikorwa cy’itorero mu gihe runaka gikozwe n’abantu mu gihe kibashobokeye. Igikorwa gituma abantu bita kubyo Imana iri gukora cyangwa ishaka gukora ahantu runaka. . . . Birushaho kugira imbaraga iyo abatariye aho babizi kugirango babasangize kubyo babona nk’ibibazo cyangwa ibitameze neza.” (McNeal 2009: 71) Gusenga–uhagaze: “Ibi birimo gusengera ahantu hagaragarira bese hatunganyijwe ngo abantu bajye bahaturira imitwaro yabo basenga. . . . Amadini amwe nakoreyemo apanga amasengesho yo gusenga bahagaze aho batuye hari umunsi mukuru wizihijwe wabaye aho abantu bazana ibyifuzo bakanabasengera igihe babishaka.” (Ibid)
- Kwinjiza abayobozi b’abaturage mu masengesho. “Igitecyerezo aha ni ukuvugana n’abayobozi

b'abaturage mukababwira ko batekerejweho muri gahunda yo gusenga, mukabaha numero bakohereza ibyifuzo bafite. Rimwe na rimwe birabafasha kubabwira ko bashobora gukora urutonde rw'ibibazo bahari ubundi mukabaha icyizere ko muzabisengera ku Mana ikabibafashamo. Abayobozi b'inzego za leta bacyira ibibazo byinshi. Tekereza ukuntu bazacyira amakuru ko hari abantu bari kubibafashamo!" (McNeal 2009: 72)

- "Kwinjiza ishuri. . . . Nta ngamba ikomeye yabaho kurusha guhamagara abantu n'impano zabo mu murimo" (McNeal 2009: 77) Itorero rimwe mu majyaruguru y'iburasisirazuba ya Leta zunze ubumwe z'Amerika ryavuze ko, "Ubufatanye bukomeye intumwa Pawulo afite ari ishuri rya Norwalk International Academy riri muri Brien McMahon High rifasha mu bikenewe n'abanyeshuri b'impunzi baza. Bahunga ingaruka z'ubuzima z'ubucuruzi bw'ibiyobyabwenge, ibihugu byashegeshwe n'intambara nka Guatemala na Honduras, ingimbi n'abangavu twahuye bashyize ubuzima bwabo mu kaga kugirango bagere ahantu hari umutekano. Bamwe babonye ihohoterwa ryinshi abandi barikorera. Abanyamuryango b'umuryango Intumwa Pawulo bakora nk'aberekera bafasha abanyeshuri kwiga icyongereza no kumenya imibare. Abakorerabushake ntabwo bakeneye kuvuga igisipanyoro, kandi ntibacyeneye kuba bafite ubunararibonye mu kwigisha." ("Social Justice & Outreach" n.d.)
- Imana yaremye ibihingwa byinshi bishobora gukiza no kuvura. Dushobora kwigisha mw'itorero no mu baturage ibyerekeye ibyo bihingwa nuko dushobora kubihinga mu busitani bwacu. Iyo dukoresheje iyo miti ya gakondo dushobora gukumira indwara, tukazigama amafaranga menshi kubera kutagura imiti yakorewe mu nganda. Tugomba kubaza umusaruro amashuri yacu, ibigo byegamiye kuri leta, imiryango itegamiye kuri leta, imiryango itanga ubufasha n'amasomero kugirango twongere ubumenyi bwacu kugirango tubashe gukora ibintu birimo ubushishozi n'ubwenge mu buryo bwose bushoboka.
- Ibyavuzwe byose hejuru mu gika cya **VII.C. Umurimo mw'itorero usaba gukorwa mu buryo "bufatika" ndetse no mu buryo bw'umumwuka** bishobora gukorwa n'abantu benshi. Itorero ryagombye kuba ahantu abantu bashobora kwigira iby'ibanze byerekeye ubuzima no kugena ikoresha ry'umutungo. Niba itorero rifite umuforomo cyangwa umuganga, bagombye kujya bafata igihe mu buryo buhoraho bagatanga ubuvuzi ku buntu ku bantu (uwo muforomo cyangwa umuganga yatumira abo bakorana uri icyo gikorwa nubwo baba batari Abakristu). Abakristu b'ababaji cyangwa abacuruzi n'abandi bikorera bashobora gutanga ubumenyi n'ubunararibonye bwabo. Igitabo cya ECLEA, *Ubuasonga bushingiye kuri Bibiliya* (<http://www.ecler.net/courses.html#stewardship>) gitanga ingero nyinshi mu byibanze ku buzima no kw'isuku, itorero rishobora kwigisha no gukoresha, ryanatanga ubumenyi ku gucunga neza umutungo, harimo uko bakora igenamigambi. Mu gika cyacyo ku "gucunga neza umubiri" n' "Uko Bibiliya ibona amafaranga n'ubutunzi."
- Umumaro wo gukorera ibikorwa by'ubumisiyoneri mu baturage ugaragazwa nuko buri wa gatanu buri mugore w'Umusiramu ashya ibiryo abarwayi bo mu bitaro binini bya Dar es Salaam. Nabwiwe ko nta rusengero rwigeze rukora nk'ibyo. Iyo abo barwayi bakize bakava mu bitaro, bagize ikibazo gikeneye ubufasha, ese bajya ku rusengero cyangwa bajya ku musigiti? "Nubwo abashumba bamwe bashobora kuvuga ngo itorero ryanjye ni ritoya kugirango nkore nkibyo Abasiramu bakora, Niba itorero A ryifatanyije n'itorero B, C na D bashobora kugera ku bintu byinshi batageraho buriwese akoze wenyine.

Itorero ryagombye kuba ikigo gikomeye aho rikorera, kandi ryagombye kuba rizwi gutyo mu baturage no mu nzego z'ubuyobozi. Ibyo bizabaho itorero nirigira umwanya wo gukora ibikorwa bigaragara mu baturage.

Amahirwe yo kubikora gutyo ni macye bitewe n'icyerecyezo no kureba hafi by'abayobozi b'itorero n'abarigize.

X. UBUMWE (UBWUZURE)

Intumbero n'itegeho y'itorero iboneka mu kwerekana ubumwe No kuba umwe. "Ubumwe mw'itorero ni ingenzi kuburyo Isezerano Rishya ribugarukaho cyane kurusha uko rigaruka kw'ijuru cyangwa ikuzimu. Imana ishaka ko tugira ubumwe n'ubwumvikane hagati yacu. Ubumwe ni umutima wo kubana neza. Kubwangiza, uzaba wangije umutima w'umubiri wa Kristo. Ni ishingiro, intimatima y'ukuntu Imana idushakaho gusangira ubuzima mw'itorero. Urugero rwo hejuru tureberaho ni ubumwe bw'Ubutatu bwera. Imana Data, Umwana, n'Umwuka Wera byunze ubumwe nk'umuntu umwe. Imana yonyine ni urugero ndashyikirwa rw'urukundo rutangaje, ruca bugufi rutizirikana, kandi rurimo guhuza kuzuye." (Warren 2002: 160) Kwerekana ubumwe no kuzuzanya ni ikimenyetso ko torero rishya Imana mu buryo bukwiriye, riha impanuro abaririmo, kandi riyemeje gukorera Imana mw'isi. Kristo yahamagariye by'umwihariko itorero kwerekana ubumwe mw'isengesho yavuze muri **Yoh 17:18-21**, ¹⁹*Uko wantumye mw'isi nanjye niko mbatumye mu isi, kandi nanjye niyeza kubwabo ngo nabo babe bereshejwe ukuri.* ²⁰*Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira n'abazanyizwa n'ijambo ryabo,* ²¹*ngo bese babe umwe nkuko uri muri njye, Data, nanjye nkaba muri wowe*

ngo nabo babe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye.”

A. *Ubumwe n'ubwuzure w'itorero bituruka ku miterere y'itorero*

1. Kristo yasenze ngo tube umwe nkuko Wowe Data uri muri Njye nanjye nkaba muri Wowe nabo babe muri Twe (Yoh 17:21; reba kandi Yoh 17:11). Pawulo yerekanye ko kuko Yesu adashobora gucikamo ibice (1 Kor 1:11-13). Asaba abizera “*mugende uko bikwiriye ibyo mwahamagariwe, mwicisha bugufi rwose, mufite ubugwaneza bwose no kwihangana, mwihanganira mu rukundo, mugire umwete wo gukorere ubumwe bw'umwuka umurunga w'amahoro . . . kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya umwana w'Iman, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo*” (Ef 4:1-3. 13). Kwerekana ubumwe ni ikimenyetso cy'ubukure mu buzima bw'itorero no kubizera ku giti cyabo, kandi ni ikimenyetso cy'ingenzi ku ntego twese duharanirakugeraho.

2. Ubumwe mw'itorero no hagati y'amadini atandukanye bigendana nuko dufite icyo duhuriyeho twese cy'umumaro. Abakristo bose, amadini yose, amatorero yose basangiye Umwami umwe (Rom 10:12; Ef 4:5), umubiri umwe (Rom 12:4-5; Ef 4:4), intego imwe (1 Kor 1:10; Fil 2:2), umubyeyi umwe (1 Kor 8:6; Ef 4:6), umwuka umwe (1 Kor 12:13; Ef 4:4), ibyiringiro bimwe (Ef 4:4), Kwizera kumwe (Ef 4:5), umubatizo umwe (Ef 4:5), n'urukundo rumwe (Fil 2:2). “Dusangiye kwizera kumwe, ubuzima bumwe, n'iherezo rimwe. Hari byinshi duhuriyeho by'umumaro kurusha ibidutandukanya twabara” (Warren 2002: 161).

Ibi ni ibintu by'“ibanze”. Ibintu by'ibanze biriya bintu byo kwitabwaho byibanze ni bya bindi bishingiye ku kwizera Abakristo bose bagomba kwemeranyaho: Bibiliya Ijambo ry'Imana; Imana ni Ubutatu Bwera; umuntu yaguye mu cyaha ntashobora kwikiza; Yesu ni umuntu wuzuye akaba n'Imana yuzuye; Kristo niwe nzira yonyine yo kugera ku gakiza; dukizwa gusa n'ubuntu bw'Imana binyuze muri Kristo; twahamagariwe kubaho ubuzima bw'urukundo. “Ibyo kwitabwaho ku mwanya wa kabiri” ni ibyo Bibiliya ivugaho ariko ntibinonosore neza. Ibyo ni nkibi: niba abana bagomba kubatizwa? Ni gute ubuyobozi bw'itorero bugomba kuba bumeze? Ese Kristo aba ari mw'igaburo ryera cyangwa ntaba arimo? Ni uwuhe mwanya abagore bakwiye gufata mu murimo w'Imana? “Ibyo kwitabwaho byashyizweho n'abantu” nibya bintu Bibiliya itavugaho ariko abantu bakabishyiriraho amabwiriza cyangwa imigenzo yabo. Ibyo ni nkibi: uburyo bahimbaza; kwambara imyenda idasanzwe; nibihe bikorwa bibereye Abakristo (urugero: umuziki, filime, ibiryo n'ibyo kunywa) ibikwiriye Abakristo. Itandukaniro hagati y'ibyo kwitabwaho ku mwanya wa kabiri n'ibyo kwitabwaho byakozwe n'abantu ntabwo byagombye kugira icyo bitwara agakiza kacu nta nubwo byagombye kugira icyo bitwara umubano wacu. Nyamara, ibice byinshi biri mu madini n'Abakristu bishingiye ku byo kwitabwaho ku mwanya wa kabiri n'ibyo kwitabwaho byakozwe n'abantu. Nukuvuga ibintu bidafite agaciro kanini. Gukomeza gukorana n'abizera ku giti cyabo, amatorero, n'amadini ntibyagombye kugira inkomyi niba bitandukanira ku byo kwitabwaho ku mwanya wa kabiri n'ibyo kwitabwaho byakozwe n'abantu. Turushaho kwishyira hamwe kurusha kwitandukanya. Dukeneye kunga ubumwe dushingiye kubyo kwitabwaho bya mbere tukagira urukundo ku bandi bizera tudahuje ibyo kwitabwaho ku mwanya wa kabiri n'ibyo kwitabwaho byakozwe n'abantu.

3. Isano Bibiliya ikoresha igaragaza itorero ryerekana ko torero rigomba kwerekana ubumwe no kuba umwe.

a. *Itorero ni umubiri wa Kristo*. Itorero ni umubiri umwe n'umutwe umwe (Kristo). Buri wese ni uwumumaro kubera buri muntu ari ururingo rw'umubiri. Niba hari urubabaye, umubiri wose urababara. Abanyetoro bose baracyenewe ngo itorero rikore neza ryuzuye (1 Korinto 12; Rom 12:4-5; Ef 1:22-23; 4:1-6, 11-16; Kol 1:18, 24; 2:19; 3:15).

b. *Itorero ni inyubako cyangwa ingoro y'Imana*. Turi “amabuye mazima” buri wese afite umwanya we ku nyubako. Inyubako itari mu mwanya wayo cyangwa yangiritse bisenya inyubako kandi siko inyubako yagenewe kuba (1 Kor 3:9-17; 2 Kor 6:16; Ef 2:19-22; 1 Pet 1:4-6).

c. *Itorero ni umuryangow'Imana*. Umuryango mwiza ntabwo urangwamo umujinya, ibice cyangwa kurwana. Umuryango mwiza werekana urukundo, kubaha, ibyishimo, ubumwe nibindi byiza. Itorero rikeneye kugaragaza muri ryo no mw'isi nkuko umuryango mwiza ubigaragaza (Mariko 10:29-30; Rom 8:14-17; 2 Kor 6:18; Ef 1:5; 2:19; Gal 3:26-4:7; 1 Tim 3:15; 5:1-2).

B. *Ubumwe n'ubwuzure by'itorero bituru ka kubyo Kristo yakoze*

1. Kristo yatwunze na Data. Rero, dufite umurimo wo kumwunga n'abandi (**Rom 5:10; 2 Kor 5:18-20; Ef 2:16; Kol 1:21-22; Heb 2:17**).
2. Kristo yasenye urukuta rwadutandukanyaga rwari ruriho mw'Isezerano rya Kera (urukuta hagati y'Abayahudi n'Abanyamahanga). Rero, ntudukwiye kwishiriraho inkuta nshyanshya hagati yacu ubwacu (**Yoh 17:11, 20-21; Rom 3:21-22; 1 Kor 12:12-13; Gal 3:26-28; Ef 2:11-3:6; Kol 3:9-11**).
3. Kristo yakoze ibirenze gusenya urukuta rwadutandukanyaga, yaremeye umuntu mushya uvuye mu bantu batandukanye. Rero, tugomba kwerekana ubumwe no kuba mushya muri Kristo (**Ef 2:11-22**).
4. Kristo yacunguye abantu be abakuye mu moko, mu ndimi, mu mahanga, n'ibihugu byo mw'isi. Rero, tugomba gushyira imbere Kristo no kutitandukanya kubera ibara ry'uruho, ubwoko, ururimi cyangwa umuco (**Ibyah 5:9; 7:9**).

C. *Ubumwe no n'ubwuzure by'itorero ni ingenziku buhamya bw'itorero mw'isi*

1. Kristo yarasanze ngo tube umwe “kugirango isi yizere ko yantumwe” (Yoh 17:21). Ubumwe bwacu cyangwa kutagira ubumwe no kuba umwe nk'umubiri, bigira ingaruka z'ukuntu abantu babona Kristo. Muri macye, ikimenyetso kimwe Kristo yaduhaye kubwacyo abantu bosebamenyeraho ko turi abigishwa be *nuko “dukundana” (Yoh 13:34-35)*. Niba dufite byukuri urwo rukundo hagati yacu, tukarwerekana, *tuzagira ubumwe no kuba umwe*.
2. Intumwa zerekanye ubumwe ziduhamagarira kwerekana ubumwe no kuba umwe (**Zab 133:1; Ibyak 1:14; 4:32; Rom 12:16; 15:5-6; 1 Kor 1:10; 12:24-25; 2 Kor 13:11; Ef 4:11-13; Fil 1:27; 2:1-5; Kol 3:14; 1 Pet 3:8**).

D. *Ubumwe n'ubwuzure bigomba kugaragazwa mu nzego zose—ku muntu ku giti cye; mu mibanire mu itorero ryabo; no hagati y'amatorero atandukanye n'amadini*

1. Kuba umwe bitangirira mu muntu. Kristo yacunguye abantu abakuye mu byaha azana gukira (**Mat 1:21; 8:16-17; 1 Pet 2:24**). Yohereje Umwuka Wera ngo agume muri twe abizera (**Yoh 14:16-18**). Atuyobora mu kuri (**Yoh 14:26; 16:13**). Aduha amahoro n'imbuto z'umwuka ngo tugire ubuzima buboneye (**Yoh 14:27; Gal 5:22-23**). Dufite imitekerereze ya Kristo (**1 Kor 2:16**). Yadushyize mu muryango we (**Rom 8:14-17**). Ikirenze kuri ibyo, Yesu yaje kugirango abo bantu “*bagire ubugingo, babugire bwinshi*” (**Yoh 10:10**). Nkuko Kristo akorera mu buzima bwacu, uko twubaha tukamukurikira dusa nawe, buri wese wizera agomba kugaragaza ubuzima bw'imbere bwuzuye.
2. Intumwa zihamagarira abantu kuba umwe zabwiraga cyane amatorero yashingwaga. Intumwa zibandaga ku guhuza no kubaka ubumwe mu mubiri wa Kristo (**Rom 12:16; 15:5-6; 1 Kor 1:10; 12:24-25; 2 Kor 13:11; Ef 4:11-13; Fil 1:27; 2:1-5; 1 Pet 3:8**). Ubwo bumwe buzagaragarira bose igihe itorero ryubashye Yesu “itegeko rishya” yahaye abigishwa be ijoro rya mbere yuko abambwa, “*mukundane nkuko nabakunze*” (**Yoh 13:34-35**) igihe tubona itorero ryacu nk'umuryango, natwe tukibona nk'abavandimwe, twagombye kwerekana urukundo n'ubumwe hagati yacu.
3. Ikindi kintu cy'umumaro k'ubumwe no kuba umwe mw'itorero ni ubumwe hagati y'amatorero n'amadini atari amwe. Amadini atandukanye n'umuco w'amatorero bishobora kuzana ubutunzi mw'itorero, nkuko umuryango wagutse umeze ubwiza bwawo buboneka mu kuba bamwe baba mu mujyi abandi mu byaro, bamwe bacuruza, abandi bahinga; nyamara iyo bahuye bose barishima ko bari mu muryango umwe.
 - a. Nubwo amadini yavutse nyuma yuko Bibiliya yandikwa, isengesho Yesu yasenze muri **Yohana 17** no guhamagarira ubumwe kwe n'ukw'intumwa mw'Isezerano Rishyabiragutse kuburyo harimo ubumwe bw'amatorero atandukanye n'amadini atari amwe.
 - b. Ibindi Yesu yavuze (**Mat 12:25, 30; Mariko 3:24-25; 9:38-40; Luka 9:49-50; 11:17, 23**) na Pawulo (**1 Kor 1:10-15; Fil 1:12-18**) nabyo byarebanaga n'ubumwe hagati y'ibice biba mw'itorero.
 - c. *Ubumwe hagati y'amatorero cyangwa amadini ntabwo bisobanura ko tugomba kureka amahame shingiro cyangwa imigenzo y'ingenzi kuri twe*. Dukeneye gutandukanya ibyo bintu bigize intimatima y'imyizerere n'imigenzo yo kwizera (ni ukuvugo ko, Bibiliya ni Ijambo ry'Imana; kamere y'Imana; kamere muntu yarazwe n'ibyaha kandi ntashobora kwikiza; umuntu n'umurimo wa Yesu Kristo; inzira imwe y'agakiza ku bw'ubuntu binyuze mu kwizera muri Kristo; itegeko ry'urukundo) n'ibindi bitari byo. Ubumwe bugomba kugendera ku byibanze byo kwizera. Tugomba gukora, tugasangira, tukazamura imibanire yacu. Ntitugomba kureka

imyizerere cyangwa imigenzo itari mu ntimatima yo kwizera kwacu idutandukanya. Iyo tubikoze, tuzabona ibyinshi nidutandukanya kurusha ibiduhuzwa. Rick Warren yanzuye ko, “Imana ishaka ubumwe, ntabwo ari ugusa. Ariko kugirango tube umwe ntitugomba kwemera ibyo dutandukaniyeho kudutanya. Tugomba guhora dutumbiriye igifite akamaro kurusha ikindi aricyo kwiga gukundana nkuko Kristo yadukunze, kandi tukuzuza umugambi . . . w’Imana kuri twe n’itorero ryayo.” (Warren 2002: 161-62)

E. *Ubumwe n’ubwuzure mw’itorero bigaragara mu buryo butandukanye*

1. Guteranira hamwe muhimbaza Imana (**Heb10:23-25**).
2. Kujya mu materaniro yo gutanga amasakaramentu bose hamwe (Mat 28:19; Ibyak 2:38; 1 Kor 10:17). Nubwo umubatizo, bitandukanye n’igaburo, ukorwa rimwe gusa, umugenzo mwiza ufasha guhuza umubiri no kwibuka umubatizo wacu inshuro nyinshi. Bumwe mu buryo bwo gukora ibi ni ukugirango abanyetorero bongera gushimangira umubatizo wabo mu gihe hari abari kubatizwa kandi bakiyemeza kujya babasengera.
3. Gusangirira hamwe no gusabana (Ibyak 2:42, 46-47). Ubusabane bw’Abakristu mw’itorero bwerekana n’ijambo ry’ikigereki *koinonian* risobanura “kubana neza birimo inyungu ku mpande zose no gusangira; gushyikirana; kwitwara neza bigaragaza ubushake mu kubana neza.” Uko kubana neza biba ari ubumwe bw’ukuri, urukundo, n’ibyishimo bigaragazwa n’abagize umuryango hagati yabo. Guteranira hamwe kw’abagize iteraniro ryose no guterana mu matsinda mato mw’itorero ni inzira nziza yo guteza imbere kubana neza n’ubusabane.
4. Gufashanya mu bikorwa (Ibyak 2:44-45). Imiryango yitanaho. Gufasha abafite ibibazo byerekana ko turi umuryango nyakuri (reba **Gal 6:10; Yak 2:14-26**).
5. Gukorera hamwe igihe bishoboka. Amatorero n’amadini yose agira ibibazo bimwe cyane cyane ari mu karere kamwe. Abantu batuye ahantu hamwe cyangwa agace kamwe—baba Abakristu cyangwa atari Abakristu—baba bafite ibibazo bisa. Itorero rihagarariye Imana kw’isi no mu bantu. Amatorero n’amadini ashobora gukora impinduka nini mu bantu naho batuye igihe bateye intambwe yo gukorera hamwe ngo barwanye ibibazo bo n’abaturage baho bafite. Uburyo bworoshye bwo gutangiriraho kubikora ni kumenyana kw’amadini n’amatorero, kwigira hamwe ibibazo bafite n’ibibazo abantu bafite, kwiga uburyo n’ingamba zo kubikemura no gukorera hamwe mu gushaka igisubizo. Indi nzira yoroshye ku matorero aturuka mu madini atandukanye ariko ahuriye ku muco w’amatorero ya (Gipantekote, ivugabutumwa, agendera ku mahame yakera) nugukora ibintu bimwe. Ibi ntibivuga ko amatorero agomba gukorera hamwe ibintu byose, ariko bashobora gukora ikintu kimwe bari kumwe. Iyo babikoze babona ko yoroshye kuruta uko babitekerezaga, Imana izabahishurira ibindi bashobora gukorera hamwe babashe kugira ubuzima bushya mu mwuka.

F. *Ubumwe n’ubwuzure bizatanga umusaruro igihe itorero rikora igikwiye gukorwa*

1. Isengesho Yesu yasenze “bose babe umwe” (Yoh 17:21) ni igikorwa ngirirwa. Iki cyerekana ko kuba umwe (ubumwe, kuba umwe) ni *inyungu* cyangwa kubw’-umusaruro w’ikintu runaka, ntabwo ari ikintu ushobora gupfa kugeraho “ako kanya”. Icyo “kintu kindi” kiri mu ntumbero n’itege eshatu z’ibanze z’itorero: guhimbaza, iterambere (imiterere), umurimo (gusohoka hanze).
2. Itorero rizerekana ubumwe no kuba umwe—igihe rigeze aho ryerekana izindi—ntumbero n’itege eshatu za mbere.
 - a. Ntabwo “twuzuye” niba hari imwe mu ntege y’itorero twirengagiza. Icyo gihe ntabwo tuba twuzuzanya.
 - b. Uko itorero rihimbaza Imana “mu mwuka no mu kuri” ntiryabura kugera ku bumwe n’u mwuzuro.
 - c. Igihe itorero rifata abantu baririmo nk’abanyamuryango bakunzwe bo mu muryango, abizera bazagira umwuzuro uko bitabwaho, batere imbere, kandi bubakwe.
 - d. *Uko itorero rikora rikagera ku bantu, abizera mw’itorero bazakoresha impano zabo n’ubushobozi bwabo bahawe*. Bazaba bari kubaka imbaraga zo mu mwuka nkuko imyitozo y’umubiri yubaka imitsi (**1 Tim 4:7-8**).
 - e. *Uko itorero rikora rikagera ku bantu, abatizera bazakizwa baze mw’itorero*. Itorero rizakura.
 - f. *Abizera bashya bazaramya* Uko abizera bashya bigishwa guhinduka abigishwa, bagafashwa, bagahabwa ibyangombwa, bazaba umwe. Bazabasha gukoresha impano zabo n’ubushobozi bafite bagere ku bandi. Icyo gikorwa kizagenda kisubiramo.

XI. Itorero: Umwanzuro

Uko rigaragara mu rwego rwo hasi, itorero ni umuryango. Ariko kandi itorero ni ikigo: ni umubiri, umuryango, umuzabibu, inyubako y'ibuye rizima. Uko abanyetorero bunga ubumwe, bagomba gukoresha impano zabo zose bagakorera hamwe. Nkuko Kristo adacyemo ibice (**1 Kor 1:13**), kubw'iyi mpamvu ntihakwiye kubaho kwirema ibice mu itorero, “*niba urugingo rumwe rubabaye, ingingo zose zibabarana narwo; niba urugingo rumwe rwubashwye, izindi ngingo zose zishimana narwo*” (**1 Kor 12:26**).

Mu buryo bumwe, intego n'intumbero za mbere zose z'itorero zifite aho zihuriye kandi ni ngombwa. Nta ntego nimwe cyangwa intumbero nimwe mu za mbere z'itorero ihagije yonyine. Gukora neza intumbero n'intego eshatu za mbere z'itorero bitanga byombi *ubumwe n'umwuzuro* kandi *bikaganisha ku kwiyongera kw'abahimbaza Imana, iterambere (guhindura abantu abigishwa), no gufasha abantu (ivugabutumwara ry'imirimo)*. Impamvu ni uko itorero riba riri gukora ibyo rigomba gukora. Iyo ni kamere yo guhimbaza; ni kamere y'urukundo. Iyo itorero riri gukora ibyo rigomba gukora, tugomba kugira ikizere “*Kuko Imana ariyo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira*” (**Fil 2:13**), bwa nyuma “*amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora (itorero)*” (**Mat 16:18**), na Kristo azahabwa icyubahiro ubu n'iteka ryose.

IBITABO BYIFASHIJWE

Adeleye, Femi. *Preachers of a Different Gospel*. Kampala, Uganda: International Fellowship of Evangelical Students.

Alexander, T. Desmond. 2008. *From Eden to the New Jerusalem*. Nottingham: Inter-Varsity.

Ambassador Church. 2010a. *Transformational Discipleship-Part 1*. Online: <http://ambassadorchurch.com/wp-content/uploads/2010/01/Discipleship-Workbook.pdf>.

_____. 2010b. *Transformational Discipleship-Part 2*. Online: <http://ambassadorchurch.com/wp-content/uploads/2010/02/Discipleship-Workbook-2.pdf>.

_____. 2010c. *Transformational Discipleship-Part 3*. Online: <http://ambassadorchurch.com/wp-content/uploads/2010/10/Discipleship-Workbook-part-3-Jn.-15-211.pdf>.

Archer, Gleason. 1982. *Encyclopedia of Bible Difficulties*. Grand Rapids: Zondervan. Online: <http://sent2all.com/Archer-Introduction%20to%20Bible%20Difficulties.pdf>.

The Augsburg Confession. 1530. Online: <http://bookofconcord.org/augsburgconfession.php>.

“Baptism.” Not dated. Online: <http://www.growingchristianresources.com/search/label/Baptism>.

Bearing Precious Seed Canada. Not dated. *Bible Basics for the new Believer*. Online: <http://www.bpscanada.org/docs/ADULTDiscipleshipPageStyle.pdf>.

The Belgic Confession. 1561. Online: <http://www.creeds.net/belgic/>.

Billy Graham Evangelistic Association. 1998. *Thirty Discipleship Exercises*. Online: noordwyk.sagemeente.com/Publisher/File.aspx?id=70779.

Blackaby, Henry, and Claude King. 1994. *Experiencing God*. Nashville, TN: Broadman & Holman. 2008 edition preview online: <https://www.google.com/search?tbo=p&tbn=bks&q=isbn:0805447539>.

Bonhoeffer, Dietrich. 1954. *Life Together*. Translated by John Doberstein. New York: Harper & Row. Online: bearsfc.tistory.com/attachment/cfile26.uf@213C214854ADB05A0CCBE3.pdf.

_____. 1963. *The Cost of Discipleship*. New York: Macmillan. Preview of another edition online: <https://books.google.com/books?isbn=0684815001>.

_____. 1971. *Letters and Papers from Prison*, enlarged ed. Edited by Eberhard Bethge. New York: Touchstone. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=1451650531>.

Breen, Mike. 2011. *Building a Discipling Culture*, 2d ed. Pauleys Island, SC: 3 Dimension Ministries.

The Bridge. 2013. *Discipleship Training Manual*. Online: <http://www.thebridgeonline.net/wp-content/uploads/2015/03/Discipleship-Training-Manual-All.pdf>.

- Calvin, John. 1960. *Institutes of the Christian Religion*. Two Volumes. Edited by John McNeill. Translated by Ford Battles. Philadelphia: Westminster. Another edition online: <http://www.ccel.org/ccel/calvin/institutes.i.html>.
- Carson, D. A. 1991. *The Gospel According to John* (PNTC). Leicester, England: Apollos. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0802836836>.
- Carter, Matt, Halim Suh, and Tyler David. 2014. *The Gospel & How the Gospel Relates to Sex, Money, & Work*. Online: <http://my.vergenetwork.org/wp-content/uploads/2014/03/TheGospelAndEbook.pdf>.
- Cheney, Tom, J. David Putnam, and Van Sanders, eds. 2003. *Seven Steps for Planting Churches*. Alpharetta, GA: North American Mission Board. Online: https://swbts.edu/sites/default/files/images/content/docs/Seven_Steps_for_Planting_Churches.pdf.
- Church Planting Movements: Best Practices from Across the Globe. 2015. Online: <http://www.churchplantingmovements.com/>.
- Churches Alive. 1996. *Build a 21st Century Disciplemaking Church*. San Jose, CA: Churches Alive.
- 1 Clement*. 1989. In *The Apostolic Fathers*, 2nd ed., edited and revised by Michael Holmes, translated by J. B. Lightfoot and J. R. Harmer, 28-64. Grand Rapids: Baker. Online (another edition): <http://www.ccel.org/ccel/lightfoot/fathers.ii.i.html>.
- Clowney, Edmund. 1995. *The Church*. Downers Grove, IL: InterVarsity.
- Cole, Neil. 2011. "Can Groups be Missional & Make Disciples?" Online: <http://www.vergenetwork.org/2011/05/24/neil-cole-can-groups-be-missional-make-disciples/>; <http://cole-slaw.blogspot.com/2011/05/hanging-great-weight-on-thin-wires-can.html>.
- Coleman, Robert. 1964. *The Master Plan of Evangelism*. Old Tappan, NJ: Revell. Online: <http://campusministryunited.com/wp-content/uploads/2013/11/MasterPlanOfEvangelism.pdf>.
- Colson, Charles. 1992. *The Body*. Dallas: Word. Preview online: <https://www.google.com/search?tbo=p&tbm=bks&q=isbn:1418514586> (later edition).
- Core Discipleship. 2003. *Core Discipleship Group Workbook*. Online: <http://www.corediscipleship.com/Downloads/Core/coreworkbook2.pdf>.
- _____. Not dated. "Core 3 Strand Discipleship." Online: <http://www.corediscipleship.com/core-3-strand-discipleship/>.
- Daniel, C. J. 2010. "Meeting the Saviour Through the Quran." In *Where There Was No Church*, ed. E. J. Martin, 31-47. Learning Together.
- Danker, Frederick, ed. 2000. *A Greek-English Lexicon of the New Testament and Other Early Christian Literature*. Chicago: The University of Chicago Press.
- Demarest, Bruce. 1997. *The Cross and Salvation*. Wheaton, IL: Crossway. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=1433519577>.
- The Didache*. 1989. In *The Apostolic Fathers*, 2nd ed., edited and revised by Michael Holmes, translated by J. B. Lightfoot and J. R. Harmer, 145-58. Grand Rapids: Baker. Online (another edition): <http://www.ccel.org/ccel/lightfoot/fathers.ii.xii.html>.
- Disciple Nations Alliance. 2009. *Lifework Bible Study*. Online: <http://www.disciplenations.org/media/Lifework-Small-Group-Bible-Study.pdf>.
- Discipleship Course. 2016. "The Lessons of the Discipleship Course." Online: <http://www.discipleshipcourse.org/material.html>.
- Discipleship Evangelism. Not dated. "Discipleship Evangelism 48-Lesson Condensed Version." Online: http://delessons.org/tools/de_program_condensed/index.jsp.

- Discipleship Ministries. 2017. "Church Planting Strategies." Online: <https://www.umcdiscipleship.org/new-church-starts/strategies>.
- Dodson, Jonathan. 2012. *Gospel-Centered Discipleship*. Wheaton, IL: Crossway. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=1433530244>.
- e3 Partners Ministry. 2011. *First Steps: Mobilize your Church into God's Harvest Fields*. Plano, TX: e3 Partners Ministry. Online: <https://www.cmresources.org/files/FirstSteps2011-e3PartnersCSergaent.pdf>.
- Earle, Ralph. 1978. "1 Timothy." In *Expositor's Bible Commentary*, vol.11, ed. Frank Gaebelin, 341-90. Grand Rapids, MI: Zondervan.
- The Epistle of Barnabas*. 1989. In *The Apostolic Fathers*, 2nd ed., edited and revised by Michael Holmes, translated by J. B. Lightfoot and J. R. Harmer, 162-88. Grand Rapids: Baker. Online (another edition): <http://www.ccel.org/ccel/lightfoot/fathers.ii.xiii.html>.
- Equip Disciples. 2007-2008. *Worldview Discipleship: Pictures*. Online: <http://equipdisciples.org/Theological/Worldviewpicsv2-English.pdf>.
- _____. 2007-2009a. *Inyigisho za Bibiliya zifasha Abantu Gukura mu Gakiza* [course]. Online: http://equipdisciples.org/Theological/TheologicalDiscipleship_Kinyarwanda.pdf.
- _____. 2007-2009b. *Inyigisho z'Imana zo Gufasha Abantu Gukura mu Gakiza* [pictures]. Online: http://equipdisciples.org/Theological/TheologicalDiscipleshipPictures_Kinyarwanda.pdf.
- _____. 2007-2009c. *Uanafunzi Unaozingatia Theologia* [course]. Online: http://equipdisciples.org/Theological/TheologicalDiscipleship_Kiswahili.pdf.
- _____. 2007-2009d. *Uanafunzi Unaozingatia Theologia* [pictures]. Online: http://equipdisciples.org/Theological/TheologicalDiscipleshipPictures_Kiswahili.pdf.
- _____. 2007-2010. *Theological Discipleship*. Online: http://equipdisciples.org/theological/TheologicalDiscipleship_English.pdf.
- Erickson, Millard. 1998. *Christian Theology*, 2nd ed. Grand Rapids: Baker. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0801021820>. First edition online: <http://media.sabda.org/alkitab-2/PDF%20Books/00031%20Erickson%20Christian%20Theology%20Part%201.pdf> (Part 1); <http://media.sabda.org/alkitab-2/PDF%20Books/00031%20Erickson%20Christian%20Theology%20Part%202.pdf> (Part 2); <http://media.sabda.org/alkitab-2/PDF%20Books/00031%20Erickson%20Christian%20Theology%20Part%203.pdf> (Part 3).
- "Eucharist in Lutheranism." 2017. *Wikipedia*. Online: https://en.wikipedia.org/wiki/Eucharist_in_Lutheranism.
- Exponential.org. 2017. "Resources." Online: <https://exponential.org/>.
- Followers. 2010. "Real-Life Discipleship: Building Churches That Make Disciples" chart. Online: <http://followers.org.nz/wordpress/wp-content/uploads/2012/11/App-A-Putman-RLD.pdf>.
- Garrison, David. 1999. *Church Planting Movements*. Richmond, VA: International Mission Board. Online: http://www.churchplantingmovements.com/images/stories/CPM_Profiles/cpm_booklet_standard_english.pdf.
- _____. 2004. *Church Planting Movements: How God is Redeeming a Lost World*. Midlothian, VA: WIGTake Resources. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0974756202>.
- _____. 2010. "Discipleship in Church Planting Movements." Online: <http://www.churchplantingmovements.com/index.php/vert5parts/vertdiscipleship/61-discipleship-in-church-planting-movements>.
- _____. Not dated. *Summary of Church Planting Movements*. Online: <http://christfellowshipslc.com/wp-content/uploads/2014/11/CF-church-planting-movement.pdf>.

- George, Timothy. 1998. "What I'd Like to Tell the Pope About the Church. *Christianity Today* (June 15): 41-44. Online: <http://www.christianitytoday.com/ct/1998/june15/8t7041.html>.
- Global University. 2008a. *21st Century Discipleship (Book 1): Getting Started*. Springfield, MO: Global University. Online: http://www.globalreach.org/english/images/da2101en_entire.pdf.
- _____. 2008b. *21st Century Discipleship (Book 2): Facing Issues*. Springfield, MO: Global University. Online: http://www.globalreach.org/english/images/da2102en_entire.pdf.
- _____. 2008c. *21st Century Discipleship (Book 3): Making a Difference*. Springfield, MO: Global University. Online: http://www.globalreach.org/english/images/DA2103EN_Entire.pdf.
- Green, Joel, and Scot McKnight, eds. 1992. *Dictionary of Jesus and the Gospels*. Downers Grove: InterVarsity. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0830817778>.
- Grudem, Wayne. 1994. *Systematic Theology*. Grand Rapids: Zondervan. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0310286700>.
- Guthrie, Donald. 1990 (reprinted 2000). *The Pastoral Epistles*, rev. ed. (TNTC). Leicester, England: Inter-Varsity.
- Hammond, Kim, and Darren Cronshaw. 2014. *Sentness*. Downers Grove, IL: IVP Books. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0830884068>.
- Harrington, Bobby, and Josh Patrick. 2014. *Discipleship Handbook: The Six Elements of a Personal Discipleship Lifestyle*. Online: <http://discipleship.org/wp-content/uploads/2014/06/Discipleship-Handbook-Final-REVISED-AND-REDUCED-PDF.pdf>.
- Heidmann, Lynn. 2006. "Mifflin volunteers aid quick cleanup." *The Badger Herald*. Online: <https://badgerherald.com/news/2006/05/01/mifflin-volunteers-a/>.
- Henrichsen, Walter. 1988. *Disciples are Made not Born*. Wheaton, IL: Victor. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=1434704718>.
- Hodge, Charles. 1993 (reprint of 1886 edition). *Commentary on the Epistle to the Romans*. Grand Rapids: Eerdmans. Another edition online: <https://archive.org/details/commentaryon1873hodg>.
- Holmes, Michael, ed. *The Apostolic Fathers*, 2nd ed. Translated by J. B. Lightfoot and J. R. Harmer. Grand Rapids: Baker. Preview of third edition online: <https://books.google.com/books?isbn=0801031087>.
- Hunt, Dave. 1995. "Baptismal regeneration?" Online: <https://www.thebereancall.org/content/baptismal-regeneration>.
- Ignatius. 1989. "To the Smyrnaeans." In *The Apostolic Fathers*, 2nd ed., edited and revised by Michael Holmes, translated by J. B. Lightfoot and J. R. Harmer, 110-15. Grand Rapids: Baker. Online (another edition): <http://www.ccel.org/ccel/lightfoot/fathers.ii.viii.html>.
- Jadeed, Iskander. 1996-2015. *Did God Appear in the Flesh?* Rikon, Switzerland: The Good Way. Online: <http://www.the-good-way.com/eng/books>.
- Johnson, Dennis. 2007. *Him We Proclaim: Preaching Christ from All the Scriptures*. Phillipsburg, NJ: P&R.
- Johnson, Jeremiah. 2016. "Does Baptism Save You? (1 Peter 3:21; Acts 2:38)." Online: <https://www.gty.org/library/blog/B160815>.
- Justin Martyr. 1885. *First Apology*. In *The Ante-Nicene Fathers*, vol. 1, edited by Alexander Roberts and James Donaldson, revised by A. Cleveland Coxe, 159-87. New York: Christian Literature Publishing Company. Reprint, Peabody, MA: Hendrickson, 1994. Online (another edition): <http://www.ccel.org/ccel/schaff/anf01.viii.ii.html>.
- Kalinowski, Caesar, and Seth McBee. 2013. *Be the Church: Discipleship and Mission Made Simple*. Online: http://my.vergenetwork.org/wp-content/uploads/2014/03/0e916875_bethechurchpdf-1.pdf.
- Kell, J. Garrett. 2006. "Prophets on Trial: Judging 'Words from God' Today with the Model Found in 1 Corinthians 14:29-

33.” Master’s thesis, Dallas Theological Seminary. Online: <http://grahambible.org/wp-content/uploads/2010/09/Garretts-Thesis-Final-Prophets-on-Trial-Judging-Words-From-God-Today-1-Cor-14.29-33.pdf>.

Keller, Timothy. 2000. “The Centrality of the Gospel.” Online:

http://download.redeemer.com/pdf/learn/resources/Centrality_of_the_Gospel-Keller.pdf.

_____. 2002. “Why Plant Churches?” Online: http://download.redeemer.com/pdf/learn/resources/Why_Plant_Churches-Keller.pdf.

_____. 2008. *The Reason for God: Belief in an Age of Skepticism*. New York: Dutton. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0525950494>.

_____. Not dated. “The Gospel—Key to Change.” Online:

https://www.cru.org/content/dam/cru/legacy/2013/01/Gospel_KeytoChange_TimKeller.pdf.

Köstenberger, Andreas. 2006. “Baptism in the Gospels.” In *Believer’s Baptism: Sign of the New Covenant in Christ*, ed. Thomas Schreiner and Shawn Wright, 11-34. Nashville: B & H. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0805432493>.

_____. 2006-2015. “Believer’s Baptism and the New Covenant.” Online: <http://www.biblicalfoundations.org/believers-baptism-and-the-new-covenant/>.

Ladd, George Eldon. 1972. *A Commentary on the Revelation of John*. Grand Rapids: Eerdmans. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0802816843>.

Lakein, Alan. 1989. *How to Get Control of Your Time and Your Life*. New York: Signet. Online: <http://credu.bookzip.co.kr/resource/englishbook/pdf/ae30183.pdf>.

“The Lausanne Covenant.” 1974. The Lausanne Congress on World Evangelization. Online: <https://www.lausanne.org/content/covenant/lausanne-covenant>.

Leithart, Peter. 2012. “Sacraments are Rituals.” *Credenda/Agenda* 16:1: no pages. Online: <http://www.credenda.org/archive/issues/16-1liturgia.php>.

Lewis, Dhati. 2015. “The Church Is Not Like A Family.” Online: http://www.vergenetwork.org/2017/03/14/the-church-is-not-like-family/?inf_contact_key=563a07f48051945f93bdc050b4bbef102519cd85d688856b793a9898205d2ff9.

Liefeld, Walter. 1999. *1 and 2 Timothy/Titus* (NIVAC). Grand Rapids: Zondervan. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=0310871190>.

Lord’s Supper in Reformed theology.” 2017. *Wikipedia*. Online: https://en.wikipedia.org/wiki/Lord%27s_Supper_in_Reformed_theology.

MacDonald, William. 1975. *True Discipleship*. Kansas City, KS: Walterick. Online: <http://www.plymouthbrethren.org/article/4000>.

Mangalwadi, Vishal, and Ruth Mangalwadi. 1999. *The Legacy of William Carey: A Model for the Transformation of a Culture*. Wheaton, IL: Crossway. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=1433517019>.

McNeal, Reggie. 2009. *Missional Renaissance*. San Francisco: Jossey-Bass. Preview online: <https://www.google.com/search?tbo=p&tbn=bks&q=isbn:0470243449>.

“Memorialism.” 2016. *Wikipedia*. Online: <https://en.wikipedia.org/wiki/Memorialism>.

Menn, Jonathan. 2009-2016. *Biblical Theology*. Online: <http://www.elea.net/courses.html#theology>.

Miller, Darrow. 2001. *Discipling Nations*, 2nd ed. Seattle: YWAM Publishing. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=1576582485>.

_____. 2002. *LifeWork: Developing a Biblical Theology of Vocation*. Phoenix: Disciple Nations Alliance. Online: <http://www.disciplenations.org/media/LifeWork-Biblical-Theology-of-Vocation.pdf>.

- Minatrea, Milfred. 2004. *Shaped By God's Heart*. San Francisco: Jossey-Bass. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=1118429419>.
- Mosaic. 2016. "Discipleship Guide & Toolkit." Online: <http://thisismosaic.org/wp-content/uploads/2016/08/Discipleship-Guide.pdf>.
- Moyise, Steve. 2010. *Jesus and Scripture*. Grand Rapids: Baker Academic. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=1441237496>.
- Navigators. 2004. "The Word Hand." Online: <https://www.navigators.org/Tools/Discipleship%20Resources/Tools/The%20Word%20Hand>.
- _____. 2006. "The Wheel." Online: <http://www.navigators.org/Tools/Discipleship%20Resources/Tools/The%20Wheel>.
- _____. 2011a. *Discipling by God's Design*. Online: http://www.disciplingfordevelopment.org/www_disciplingfordevelopment_org/media/Documents/Discipling-by-Gods-Design-Whole-Life-Discipling.pdf?ext=.pdf.
- _____. 2011b. *Responding Biblically to Poverty, Corruption, and Injustice*. Online: <http://www.respondingtopci.com/Resources/Documents/PCIBibleStudy4OnLine-6-10-11>.
- _____. 2016a. "Design for Discipleship." Online: <http://www.navigatorchurchministries.org/Resources/Bible-Studies/PageItems/Design-for-Discipleship-Series>.
- _____. 2016b. "Resources." Online: <http://www.respondingtopci.com/Resources>.
- _____. 2016c. "Tools." Online: <http://www.navigators.org/tools>.
- Ngundu, Onesimus. 2006. "Revelation." In *Africa Bible Commentary*, ed. Tokunboh Adeyemo, 1543-79. Nairobi: WordAlive. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=031087128X>.
- Ogden, Greg. 1998. *Discipleship Essentials*. Downers Grove, IL: InterVarsity. Preview online: <https://www.google.com/search?tbo=p&tbm=bks&q=isbn:0830811699>.
- _____. 2007. "Making Disciples Jesus Way: A Few at a Time." Online: <http://gregogden.com/PDFs/TransformingDiscipleshipSummary.pdf>.
- Ouedraogo, Adama. 2006. "Prophets and Apostles." In *Africa Bible Commentary*, ed. Tokunboh Adeyemo, 1434. Nairobi, Kenya: WordAlive. Preview online: <https://books.google.com/books?isbn=031087128X>.
- "Paedobaptism—Covenant Infant Baptism." 2013. Online: <https://www.monergism.com/topics/baptism/paedobaptism-covenant-infant-baptism>.
- Pipa, Joseph. 2003. "The Mode of Baptism." In *The Case for Covenantal Infant Baptism*, ed. Greg Strawbridge, 112-26. Phillipsburg, NJ: P & R.
- Piper, John. 2003. *Desiring God*. Colorado Springs: Multnomah. Preview of another edition online: <https://books.google.com/books?isbn=1601423918>.
- _____. 2009. *Finally Alive*. Geanies House, Fearn, Ross-shire, Scotland: Christian Focus. Online: <http://www.desiringgod.org/books/finally-alive>.
